

MELODY MASON

Imfunguzo Mvazuru z'Isengesho Risubizwa

GUTINYUKA

GUSABA

IBIRENZE



MELODY MASON

Imjunguzo mvajuru z'isengesho risubizwa

GUTINIVUKA

GUSABA

IBIRENZE



Pacific Press

Publishing Association

Nampa, Idaho/ Oshawa, Ontario, Canada

www.pacificpress.com

Iki gitabo ntigicuruzwa, ntigicapwa n'udahawe uburenganzira

Muvandimwe, Mushiki wanjye ufite iyi nyandiko mu ntoki zawe,

Igihe turimo gisaba kuba maso no gusenga, bimwe Yesu yasabye abigishwa be muri ka gashyamba ka Getsemane, ariko imiruhu ikanga igatuma bo bisinzirira! Biratangaje kubona ko Yesu ariwe wari uri ku mavi, mu gihe abo yari yaratoje kurwana intambara ikomeye hamwe na we kandi aribo arwanirira bahunikira bikabije, ubwo kandi barimo bategura gutsindwa kwabo kugeza ubwo habaho no kwihakana Umwami wabo igihe nyacyo yari abakeneye, bavuga gusa ko bamukunda. Umukiza yari yakomeje kubaburira ati *"Mube maso musenge, mutajya mu moshya"*. Impamvu zose baba bari bafite, bari bakwiye kuba maso, bagasenga bitaba ibyo umwanzi wabo udahunikira akabigarurira!

Aka gatabo, ni ibyigisho bikuwe mu gitabo cya Melody Mason, ibice byacyo bibanza 16. Nabiteguye ngo bidufashe kwiga kubana n'Imana no gushakira insinzi yose kuri Yo, mu bihe by'amasengesho y'iminsi 40 muri **"Cyangu Mission Station"**, amatorero yayo yose kuva 21/10 – 1/12/2018. Igitabo ubwacyo cyitwa "Daring to Ask for More": "Gutinyuka Gusaba Ibirenze". Muzabona uko uyu muntu w'Imana adufasha kubona neza uko twivukije: imigisha myinshi, insinzi kubera gusa kwiha gukora byinshi tutari kumwe n'Imana kandi ariyo ishobora byose, kutarambura amaboko yo kwizera ngo twakire ibyatugenewe kuba ibyacu, uburangare no guhunikira biranga Laodokiya biduheza mu bupfunya bwo mu kwizera, ubundi tukanezezwa no kuba gusa ibiti by'ibibabi gusa! Ubukritso butagira uwo buzana kuri Kristo! Kubwo gufashwa n'Imana, biteganijwe ko igitabo cyose cyazasohoka mu Kinyarwanda, ibikwiye byose bimaze gutunganwa. Ubu mwihanganire ibitanoze neza. Ndashima ababimfashijemo bese. Muzirikane ibi: *"Mu gihe dusenga tuba tugaragariza Imana ko ari Yo itubeshejeho mu buryo bwuzuye kandi tukayirekera umudendeze wo kwinjira mu mibereho yacu ikadutabara. Uko turushaho gusenga, niko turushaho kuyigaragariza ko ari Yo itubeshejeho muri byose. Igihe dusenga, Mwuka wayo Muziranenge ategura imitima yacu kwakira ibintu byinshi bituruka ku Mana. Uko turushaho gusenga, niko turushaho kwemerera Mwuka Muziranenge kubamba ibyifuzo bya kamere yacu. Mu ntambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi, amasengesho yacu ashoboza Imana kurushaho gukora ibitangaza bikomeye mu mibereho yacu."* Mark Finely, **Ibyigisho bya SS, 3/2013, p.22**

Pr Jean Baptiste NIYONZIMA, CMS Director

Ibiri muri iki gitabo

Umugabane wa 1—Imbaraga n'Amahirwe Biva Mu Gusenga

Igice cya 1—Isanzure si umupaka

Kongerera ubushobozi bwacu bwo kwizera

Igice cya 2—Impinduka ikomeye y'uburyo bw'imikorere

Kwiga gusenga nk'uko abagabo n'abagore bo mu gihe cya kera

Igice cya 3—Kugendana n'Imana mu masengesho

Icyo kuba inshuti bisobanuye

Igice cya 4—Kuva muri Lawodokiya ukajya mu mibereho isenderejwe

Inkuru yanjye : Kugenda werekeye Igihugu cy'Isezerano

Igice cya 5—Ahantu h'ibanga ho gusengera

Imbaraga zo kwiyegeye Imana k'umuntu ku giti cye

Igice cya 6—Maze abantu banjye nibasenga

Imbaraga z'iteraniro risenga

Igice cya 7—N'uyu munsu Imana iracyakora ibitangaza

Imbaraga z'amasengesho asengewe hamwe

Igice cya 8—Gutinyuka gusaba ibirenze

Ubutwari bwo kwizera kwiyoroheje

Umugabane wa 2—Imfunguzo Mvajuru z'Isengesho Risubizwa

Igice cya 9—Kunesha amayobera y'ibirangaza

Gushyira ibyihutirwa byo mu buzima mu mwanya ubikwiriye

Igice cya 10—Kubungabunga igihe twashyize ku ruhande

Gufata iby'ibanze ukabigira nyambere

Igice cya 11—Gukuraho ukwishushanya kose

Ivugururwa ry'umutima rihereye imbere

Igice cya 12—Akaga ko kugoreka ukuri

Ijambo ry'Imana: Igipimo nyakuri cy'imico

Igice cya 13—Gushakisha ibyaho mu bya Mwuka

Gutahura amayeri umwanzi akoresha ku rugamba

Igice cya 14—Kuzamura inkuta

Intambwe zifatika zo gukomeza ibya Mwuka: umugabane wa 1

Igice cya 15—Kwambara intwari zose z'Imana

Intambwe zifatika zo gukomeza ibya Mwuka: umugabane wa 2

Igice cya 16—Kugereranya iby'ukuri n'ibyo umuntu yiyumvamo

Iriburiro

Mbese ndamutse mbabwiye yuko hariho urufunguzo rwavuye mu ijuru rugeza umuntu ku nsinzi mu buzima no mu murimo mwajya kurushaka? Mbese ye, ndamutse mbabwiye yuko uru rufunguzo rurusha agaciro ubukungu bw'abategetsi n'abami mwakwifuza kurugira? Mbese byagenda bite ndamutse mbabwiye yuko urwo rufunguzo rwafungura isi nshya y'ubugingo n'ubushobozi butagira iherezo? Mbese aho mwabitega amatwi?

Igitangaje rero, urwo rufunguzo rwavuye mu ijuru ruri mu biganza byacu. Mu by'ukuri, rwabaye mu biganza byacu uherye mu itangiriro. Ikibazo ni iki, mu gihe turuvugaho kenshi, benshi muri twe ntibari batahura imbaraga zarwo. Kugira ngo ngaragaze icyo ndi kuvuga aha, mureke mbambwire inkuru y'umwami wabayeho mu bihe bya kera.

Alegizanderi (Alexander) ukomeye yari umurwanyari w'umunyambaraga ndetse akaba n'umwami, kandi nubwo yabayeho mbere cyane yuko Kristo avukira mu isi (ahagana mu mwaka wa 300 mbere ya Kristo), imirimo ye iracyavugwa na bugingo n'ubu. Nk'uko amateka abitubwira, yabashije kwigarurira "isi yari izwi muri icyo gihe". Mu by'ukuri, bivugwa ko igihe yari ageze muri Aziya, yabonye yuko nta bindi bihugu yari ashigaje kurwana na byo maze ararira.

Hejuru yo kuba umurwanyari ukomeye, yari umuyobozi ubasha kubabarana n'abandi.

Uko umwaka utashye, yatoranyaga umunsi umwe akawugira umwihariko akawita "Umunsi wo kubabarana n'abandi"

Inkuru ikomeza itubwira yuko, kuri uwo munsi udasanzwe ngarukamwaka, yatoranyaga abantu mu bwami bwe hose ntacyo ashingiyeho maze akabemerera kuza bakagira ibyo basaba mu buryo budasanzwe. Bashoboraga gusaba icyo bashatse cyose cyangwa se icyo bakeneye. Kandi yabahaga ibyo basabye. Abenshi basabaga amafaranga, imyenda, amafaranga yo kwivuza n'ibindi. Nyamara umwaka umwe, hari umugabo watinyutse gusaba ibirenze! Abinyujije ku muntu wasemuriraga umwami, uyu muntu yabashije kuvuga icyifuzo cye.

"Mbese washobora kumbwirira umwami ko nshaka inzu z'ibwami ziri ahantu hanini? Kandi ndashaka..." Nyamara mbere yuko akomeza, umusemuzi w'umwami yamuciye mu ijamba arakaye aramubwira ati:

"Ibyo usabye ntibifututse! Ntabwo ureba aba bantu bose bari gusaba ibyo kurya bagasaba n'amafaranga yo kwivuza? Nonese utinyuka ute gusaba umwami inzu z'ibwami!"

Nyamara uwo muntu yakomeje kuvuga ashyizeho umwete ati: "Ndashaka inzu z'ibwami zifite amazu manini yo gukorera ibirori bikomeye kugira ngo mbashe kuhakorera ibirori nakiriremo abantu benshi kuko mfite inshuti nyinshi. Kandi ndashaka yuko ayo mazu aba arimbishijwe, kandi ndashaka yukoATEGURA n'amafunguro meza cyane". Nyamara umusemuzi w'umwami yarongeye amuca mu ijamba kuko yari yarushijeho kurakara maze aravuga ati: "Ibyo sindibubisabe umwami! Iki ni ikintu kidashoboka mu byo nigeze numvisha amatwi!"

Nyamara igihe barimo baharira, umwami Alegizanderi yabonye ko batari kumvikana maze abaza umusemuzi we ati: "Mbese uwo muntu arifuza iki?"

Umusemuzi w'umwami yahindukiye ashidikanya agenda yerekeye aho umwami ari avuga asa n'uwiyongorera ku buryo umwami wenyine ari we washoboraga kumva ibyo avuga gusa. Aramubwira ati, Nyagasani, mfite ubwoba bwo kubikubwira. Sinabasha kwemera uburyo uyu muntu avuze ibintu bitarimo ubwenge, kandi nzi yuko birakubabaza. icyakora arashaka amazu y'ibwami. Ntabwo afite ubutwari bwo gusaba ingoro ya cyami gusa, ahubwo aranashaka yuko umushyiriramo n'inzu nini yo gukorera ibirori kuko bigaragara ko afite inshuti nyinshi. Kandi ashaka ko iyo ngoro yose iba irimbishijwe kandi hakaba huzuyemo ibyokurya. Birambabaje. Nzi yuko iki ari ikintu kitatekerejweho kandi nagerageje kumubwira gusaba ikindi kintu gifite ishingiro, nyamara yakomeje gutsindagira icyo yavuze.

Umwami Alegizanderi yacecetse akanya gato, maze ahindukirira uwasabaga agaragaza kumwenyura cyane mu maso he, maze asubiza yishimye ati: "Ibyo usabye urabyemerewe".

Nuko umusemuzi w'umwami areba umwami atangaye maze amubaza ababaye ati: "Mbese ushobora kwemera ute guha umuntu ikintu nka kiriya kidashoboka?"

Umwami amusubiza amwenyura ati: “Urabona aba bantu bose, bari gusaba ibiryo, imiti ndetse n’ibindi bintu bidashishikaje. Batekereza ko ari byo bintu nshoboye gukora gusa. Nyamara ntibakeneye umwami kugira ngo babibone. Buri muntu wese ufite umutungo urenze uwo akeneye, ashobora kubikora. Nyamara uyu muntu...UYU MUNTU...ni we muntu wenyine utumye mu by’ukuri niyumvamo ko ndi umwami koko. Kubera ko ari jye jyeneyine ushobora gusubiza icyifuzo cye nk’iki!”

Bibiliya itubwira ngo: “Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba ndetse n’ibyo twibwira nk’uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo.”(Abefeso 3:20; hariho gushimangira). Ni ukubera iki iyo dusaba tugarukira ku migisha yoroheje kandi dukorera Umwami w’ijuru n’isi? Ni iyihe mpamvu dushaka kugira imibereho idashyitse, tugakena mu bya Mwuka kandi Imana yifuza kuduha ibirenzeho?

Turiho mu minsi iheruka amateka y’isi, kandi niba ubutumwa bwiza bugomba guhetura isi maze Yesu akagaruka, ibintu ntibishobora gukomeza kuguma uko bisanzwe biri. Dukeneye kwimbika mu bya Mwuka kurenza uko dutekereza ko bishoboka. Dukeneye kugira imibereho yo gusenga kwimbitse. Dukeneye kugira kwizera kwimbitse mu Ijambo ry’Imana. Ukuri ni uko dushaka kubaho turi ibikuri mu bya Mwuka mu gihe Imana iduhamagara, twebwe Abisrayeli bo muri iki gihe, iduhamagarira kuba abantu hafite igihagararo gishyitse mu bya Mwuka kugira ngo tuzibe icyuho kandi dusabire abazimiye.

Kubw’amahirwe make, Satani azi imbaraga ziboneka mu Ijambo ry’Imana. Azi imbaraga ziboneka igihe dusenga.. Mu kuri, arusha abakristo benshi gusobanukirwa ibishobora gukorwa mu by’umwuka bitagira umupaka dushobora gushyikira turamutse duhanze Imana amaso dufite kwizera. Kubera iyi mpamvu, azakora ibishoboka byose kugira ngo atubuze gusenga kuzuye kwizera nyakuri! Tubwirwa yuko “ingabo zose za Satani zihinda-umushyitsi”¹ iyo zumvise ijwi ry’umuntu usenga ashikamye. Zihinda umushyitsi kuko zizi yuko ziributsindwe.

Kubera urwango Satani yanga ijambo ry’Imana n’amasengesho nyayo ashimikiriye, yashyizeho inzira nyinshi z’ibinyoma ziteza urujijo kugira ngo arwanye Ijambo ry’Imana kandi koko yabashije kugera ku ntego. Tuzafata umwanya muri iki gitabo tuvuge kuri bimwe muri ibi binyoma byihishe byiganje mu bukristo bwo muri iyi minsi n’uburyo dushobora kubyirinda.

Na none kandi nzavuga ku cyo kugira kwizera bisobanuye n'uburyo dushobora gushinga imizi mu Ijambo ry'Imana ku buryo nta muraba wadutembana; n'uburyo dushobora gusengana gushira amanga kandi dufite ikizere tuzi yuko Imana itwumva kandi izasubiza amasengesho yacu.

Ndasaba Imana nkomeje ngo iki gitabo kizatangize urugendo rukomeye ruruta iza wigeze gukora zose—rukwerekeza ku nkengero z'ibishoboka byinshi bya Mwuka, iby'Imana imaze igihe itegereje kugukorera. Ndagushishikariza kugumisha Bibiliya hafi yawe kugira ngo ubashe kureba ku mirongo imwe yifashishijwe. Iri Jambo ni ryo rizatubera urufatiro, urufunguzo, n'amavuta y'ikinyabiziga yo kudufasha mu rugendo rutwerekeje ku masengesho asubizwa no mu murimo. Nk'uko mbyiringiye ntashidikanya, uzatahura yuko Imana yifuza gusuka Mwuka Wera kandi ko yifuza kubikora cyane mu bugingo bwawe kurenza uko wigeze gutekereza ko bishoboka kugira ngo uyiheshe icyubahiro. Kandi urufunguzo rufungura inzu irimo uku gushoboka kose ruri aho ushobora kurushyikira. Ni amasengesho, amasengesho asenganywe umuhati kandi yuzuye kwizera kubera tubwirwa yuko "gusenga no kwizera bizakora ibyo imbaraga zo ku isi zitazigera zibasha gusohozza."²

Nuko rero fata Bibiliya mu ntoki, maze wemere dutangire urugendo rwacu turi ku mavi—urugendo rwo kwizera—mu gihe twicisha bugufi kandi tukagira ubutwari bwo gutinyuka gusaba ibirenze.

Umugabane wa 1

**Imbaraga n'amahirwe
Biva mu gusenga**

Isanzure si Umupaka

Kongerera ubushobozi bwacu buwa kwizera

“Erega ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanjye!’ Ni ko Uwiteka avuga. Nk’uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n’ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira.” -- Yesaya 55:8,9

Igihe nari nkiri umwana, kimwe mu bintu nakundaga gukora cyane ni ukuba mu mahema hanze y’imuhira ndi kumwe na babyara banjye. Aho twabashaga kubona inyenyeri mu kirere hejuru yacu. Jye sinashakaga gusinzira kuko nakundaga kureba inyenyeri, kandi no kugeza uyu munsu ndacyakunda kuzireba.

Iyo ndebye ku nyenyeri uburyo ziba zaka mu kirere cya nijoro, sinshobora kwibuza gutangazwa n’uburyo ikirere ari kinini cyane ku buryo amaso y’umuntu adashobora kukireba ngo agiheze. Nzi yuko atari jye jyeneyine utangazwa kandi nkumva numiwe kubw’ibyo, kuko abantu bo mu bisekuru byinshi byo mu mateka yabayeho barebye hejuru bagarageza gusobanukirwa n’ubugari bw’ikirere cyuzuye inyenyeri. Izuba n’imibumbe irigaragiye ni akantu gato mu ruhurirane rw’andi matsinda y’inyenyeri nyinshi ziri mu kirere, zigaragara nk’inyanja y’utudomo twinshi; abahanga bagareranya ko zibarirwa muri miliyari maganane. Kandi ikirere ubwacyo kikwirakwijwemo amatsinda y’inyenyeri abarirwa mu ma miliyari!¹

Mu by’ukuri koko, ijuru rivuga icyubahiro cy’Imana, kandi ikirere kikerekana umurimo w’intoki zayo! Kugira ngo agaragaze icyubahiro cy’Imana, umuhanuzi Yesaya yatweretse gato icyo Imana iri cyo ugereranyije n’icyo twebwe turi cyo muri aya magambo: “Nk’uko ijuru risumba isi, ni ko inzira zanjye zisumba izanyu, n’ibyo nibwira bisumba ibyo mwibwira.” (Yesaya 55:9)

Ariko ujya ureba ukuntu ijuru riri kure cyane hejuru y’Isi? Mbese wigeze uhagarara maze ngo ubitekerezeho? Mu gihe ubushobozi bw’Imana

budashobora kugerwa n'ibipimo by'abantu, mureke duhagarareho gatoya. Nk'uko tubizi, urugero rwo hasi rw'ibipimo bipima ikirere rwitwa "light-year"[igipimo gishingiye ku muvuduko w'umucyo mu gihe kingana n'umwaka]. Kugira ngo dusobanukirwe n'icyo urwo rugero rungana na cyo, mureke dukoreshe imibare yoroshye.

Ubushakashatsi bw'abahanga bwerekanye ko umucyo uagenda ku muvuduko utangaje ungana na kilometer 299.274 (zingana na 186,000 miles) mu isagonda. Dukurikije uko NASA abivuga, umucyo wihuta kurusha uko umuntu avuza inoni akoresheje intoki ze. Bavuga yuko ushobora kurangiza kuvuza inoni, umucyo umaze kuzenguruka isi inshuro ndwi"² Uko ni ukwihuta gukomeye, nyamara ibi ni intangiriro!

Mu munota umwe, umucyo uagenda intera iri hejuru ya kilometero 17.699.000. Ibi tubikubye n'iminota 1.440 (ari yo ihwanye n'iminota iboneka mu masaha 24 agize umunsi) twabona yuko umucyo uagenda intera iri hejuru ya miliyari 25.486.560.000; ibi na byo tubikubye n'iminsi 365 igize umwaka, dusanga ko umucyo uagenda intera igera ku kilometero 9.302.594.400.000. Kandi nshuti zanjye, iyi ntera ingana n'inshuro imwe y'urwo rugero bapimisha rwitwa "light-year".

Dukurikije imibare y'abahanga rero, igice cy'ikirere kibasha kugaragara inyuma gifite intera iri hagati y'inshuro miliyoni 46 na miliyoni 47 za cya gipimo kitwa "light-year"³. Ni intera nini cyane ku buryo tudashobora kuyisobanukirwa. Nyamara n'umuntu urusha abandi imibare ntabasha no kwegera ubushobozi bwo gupima ukwaguka kw'ikirere cy'Imana, kandi ari gito ukigereranyije n'urukundo rwayo rutabasha kugerwa. Ibyahumetswe biratubwira biti: "Abanyabwenge bakomeye kurusha abandi bose bo ku isi ntibashobora gusobanukirwa Imana iyo ari Yo. Abantu bashobora gushakashaka, bakiga cyane nyamara bakaba bagifite byinshi batariga bitagira iherezo."⁴

Igihe Aburahamu yatangiraga urugendo rwe rwo kwizera, atazi iyo ajya akiri no kwibaza niba azigera abyara umwana, Imana yamusohoye hanze y'ihema rye nijoro maze imubaza niba ashobora kubara inyenyeri. Iramubwira ati: "Rarama urebe ijuru, ubare inyenyeri niba wabasha kuzibara." Iti: "Urubyaro rwawe ni ko ruzangana." (Itangiriro 15:5). Icyo Aburahamu yashoboraga gukora ni ukuzunguza umutwe yumiwe kandi atangaye, nk'uko natwe tubikora uyu munsi. Nyamara Bibiliya itubwira

yuko usibye no kumenya umubare w'inyenyeri, Imana inazihamagara mu mazina yazo. (Zaburi 147:4)

Mu gihe Aburahamu atari ashoboye gusobanukirwa n'isezerano ry'Imana, yizeye ijamba ryayo. Ibyavuye muri uko kwizera ni ibi: "Ni na cyo cyatumye umuntu umwe (kandi uwo yari ameze nk'intumbi), akomokwaho n'abangana n'inyenyeri zo ku ijuru kuba benshi, kandi bangana n'umusenyi uri mu kibaya cy'inyanja utabarika. (Abaheburayo 11:12) Igitangaje ni uko na n'uyu muni Imana ikirimo gusohozza isezerano yahaye Aburahamu.

Iyo dutangiye gusobanukirwa n'uburyo Imana dukorera ikomeye, dushobora gusubiramo amagambo Dawidi yavuze atangaye tuti: "Iyo nitegereje ijuru, umurimo w'intoki zawe, n'ukwezi n'inyenyeri, ibyo waremye, umuntu ni iki ko umwibuka, cyangwa umwana w'umuntu ko umugenderera? (Zaburi 8:3,4)

Birakomeye gusobanukirwa Imana yacu yaremye ijuru ikoresheje imbaraga zayo, nyamara iratuzirikana. Ntabwo itwibuka gusa, ahubwo yaranaturemye iradutuma ibinyujije mu muhamagaro ukomeye! Dukwiriye kuba abafatanije na Yo. Dukwiriye kuba umucyo ku banyamahanga, tugahumura impumyi, tukabohora abari mu mwijima (Yesaya 42:5-7).

Nta kintu cyahesha Imana icyubahiro mu buryo buhagije nk'igihe dufite kwizera kugira ngo turangize umurimo, ukwizera kureba kure hirya y'aho ubushobozi bwacu bugera maze tugasingira ubutunzi bwe butagira akagero—kubera ko tubwirwa yuko ntakinanira Imana (Yeremiya 32:17). Ibyahumetswe biratubwira bita: "Itegeko ry'Imana ririmo imbaraga itagira umupaka."⁵

Zitagira umupaka? Mbese dusobanukiwe icyo ibi bivuze? Ku Mana, ikirere ntigishobora kuba umupaka; ikirere si umupaka. Nta mipaka ihari—ukwizera kwacu ni ko gushobora kugira imipaka. "Dufite kwizera guke cyane. Uwera wa Isirayeli tumushyiriraho imipaka. Dukwiriye gushimira Imana yuko yicishiriza bugufi kudukoresha nk'ibikoresho byayo. Buri kintu cyose dusabanye umwete kandi twizeye, tuzagihabwa. Ibyo dusabye dushobora kubihabwa mu buryo bunyuranye n'ubwo twari tubyitezemo; ariko tuzabihabwa—wenda mu buryo tutabishakagamo;

ariko bizaza mu gihe tubikeneye cyane.”⁶ Iyaba twari dusobanukiwe n’uburyo Imana yacu ikomeye, twabasha kugira kwizera kw’inshi biruseho igihe dusenga.

Reka mbabwire ubuhamya bw’umuntu woroheje witwa Golden. Iyi nkuru y’igitangaza gikomeje kubaho muri iki gihe cyacu, cyarankanguye kandi kinyungura ubwenge.

Ibidashoboka bihinduka ibishoboka

Golden Lapini yakuze ari Umusilamu ubushikamyemo mu gihugu cya Malawi, ku mugabane wa Afrika. Nyuma yo kurwara maze akoherezwa imuhira ngo ajye gutegererezayo igihe cyo gupfa kwe, igihe yarimo yitegura iherezwa rye, yagize inzozo z’uburyo butatu. Muri buri nzozo yabonaga Yesu kandi akabwirwa mu buryo busobanutse aya magambo: “Niba ushaka gukizwa indwara, hinduka umukristo.”

Nuko atangira kwiga Bibiliya kandi bidatinze ahinduka umukristo w’Umudventisiti w’umunsi wa karindwi. Ntiyakijijwe indwara ye gusa, ahubwo ubutumwa bwiza bwahinduye imibereho ye! Yatangiye kubwirizanya umwete ibya Kristo aho yajyaga hose kandi benshi bahindukiriye Imana. Uyu ntiwari umurimo woroshye kubera yuko abahoze ari inshuti ze, mu kwibwira ko yari yahakanye imyizerere ye, bageragaeje inshuro nyinshi kumwica. Nyamara Imana yaramurokoraga buri gihe. Amaze kwiyemeza kwegurira Imana igihe cyo cyose, yaretse umurimo we wo kuba mwarimu w’isomo ry’ibinyabuzima maze atangira gukora umurimo w’ubuhinzi kugira ngo ajye abona igihe kinini cyo kubwiriza.

Tugarutse na none muri Malawi, mu gukora no kubwiriza nk’umukorerabushake, yabashije kugarurira Kristo abantu babarirwa nibura mu bihumbi umunani (8000) kandi mirongo itanu ku ijana (50%) byabo bakomokaga mu Basilamu. No mu yindi mirimo naho yagiye agira imigisha isa n’iyo. Benshi batekerezaga ko bidashoboka ko muri ako gace hakorerwa ivugabutumwa kuko hari hari abakristo mirongo inani gusa b’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi kandi hakaba hari hashize igihe kinini nta mubatizo uhabereye. Mu muhati mwinshi ufite intego, yatangiye gusenga no gukora.

Amaze nk'ibyumweru bitanu abwiriza, abantu hafi ibihumbi bitanu barabatiye. Mu gihe kitageze ku mezi atatu, ibitangaza bisimburana byatangiye kuba! Mu myaka 27 (makumyabiri n'irindwi), Golden yazanye benshi kuri Kristo.

Mu gitabo cyuzuye imbaraga cyitwa *Umurimo wa Gikristo* (Christian Service), Ellen White yaranditse ati: "Umwami Yesu ni imbaraga zacu muri byose; Mwuka we ni we ukwiye kuduhumekera; kandi igihe twishyize mu biganza bye kugira ngo tube imiyoboro y'umucyo, ubushobozi bwacu bwo gukora ibyiza *ntibuzigera bushira*. Dushobora kwegera ukuzura kwe maze tugahabwa *ubuntu butagira umupaka*.

"Iyo twiyeguriye Imana tutiziganye, maze mu murimo wacu tugakurikiza amabwiriza Iduha, Yo ubwayo yiyemeza ko gusohozwa k'uwo murimo ariyo ubwayo bireba."⁷

Mbega isezerano rizamura kwizera—kumenya ko icyo tugendeye mu bushake bw'Imana, tuba dushobora kugera ku bubiko *budashobora gushiramo ibyadukemura*, kandi tukaba tubasha kugera ku buntu *butagira umupaka*! Ariko si ibyo gusa, *We ubwe* azishyiraho inshingano zo kurangizwa k'umurimo. Nta wundi atuma ngo abimukorere! Mbese aha turabona impano twahawe kugira ngo umurimo w'Imana urangire muri iki gihe?

Golden ni ubuhamya bukomeye bw'ubuntu bw'Imana busaze ubwiza, *ubuntu budafite imipaka*! Kuri twe abari mu gice cy'uburengerazuba bw'Isi dushobora kuvuga tuti: "Ni uko ari muri Afrika! Mbese buri gihe muri Afrika umurimo w'ibwirizabutumwa ntukwirakwira nk'inkongi y'umuriro ifashe ishyamba hatitawe k'uwo ari we?" Oya si ko biri! Mu bice bimwe aho Golden yakoreye umurimo hari hagoye ku buryo hari hashize imyaka myinshi itorero ridakura rwose. Ikindi kandi, ntabwo Golden asunikira abantu bisha na bisha muri Yordani. Abo yemerera kubatizwa ni abamaze gushinga imizi mu kuri kuko aba ashaka ko uko guhindukirira Imana kw'abantu kwaba ukuzaramba.

Dukurikije urugero rwe, ibanga ryo kugera ku ntogo kwe riroroshye. Ni ukwiga Bibiliya, kwiyiriza ubusa no gusenga cyane! Ibihe byinshi abyuka kare mbere y'uko bucya agasenga kandi rimwe na rimwe amara amasaha arindwi asenga mu munsu umwe!

Tekereza kuri gahunda zose, ibitabo bikoreshwa mu mahugurwa, ibyigisho bitangwa hakoreshejwe itangazamakuru, n'ubundi buryo bwose bukoreshwa mu ivugabutumwa iyo bigaragaye ko ari ngombwa tugira ngo tugarure imitima kuri Kristo. Nyamara nubwo bimeze bityo, turacyananiirwa gukora iby'umuntu umwe abasha gukora akoresheje isengesho, no kugira kwizera nk'uk'umwana muto no kwizera ijambo Imana yivugiye! Ibyo bitabo bikoreshwa mu guhugura abantu ndetse n'ubundi buryo ni byiza; turamutse tubifite, ni byiza ko tubikoresha. Nyamara ntidushobora kubyiringiramo insinzi. "Amategeko y'ubwami bwa Kristo aroroshye, ni magufi nyamara arashyitse ku buryo umuntu nagira icyo yongeraho, bizatera urujijo. Natwe uko tuzarushaho koroshya imigambi yacu cyangwa se uburyo dukoramo umurimo w'Imana, ni ko tuzarushaho kugera kuri byinshi."⁸

Igishishikaje Imana si uko tuba twarize cyane uburyo bwo gukora ibintu. Ishaka kuba umuyobozi w'abagabo n'abagore. Igihe izaba imaze kwigarurira umutima, ikirere ntikizabasha kuba umupaka w'ibyo izakoresha imibereho y'umuntu umwe wayiyeguriye burundu. Nta mupaka uri ku kuba ingirakamaro k'umuntu washyize inariye ku ruhanda, agaha Mwuka Wera umwanya mu mutima we ngo amukoreshe, kandi akagira imibereho yiyeguriye imana burundu."⁹

Birashoboka ko twese tutahamagarirwa kuba abigisha cyangwa ababwirizabutumwa bwiza, nyamara twese twarahamagawe kugira ngo tumenyeshe abantu ubutumwa bwiza. Imana itegereje ko abantu bayo basobanukirwa n'ubukene bwabo mu bya Mwuka maze bagakanguka mu buryo bushoboka kugira ngo ishobore kugira icyo ikora—icyo ikora kiruta cyane icyakozwe ku munsu wa Pentekoti—ikintu kiruta cyane icyo yakoreye itsinda rya mbere ryatangije umurimo w'Abadiventisti, ndetse ikintu kiruta cyane ibyo turi kubona uyu munsu. Bibiliya iratubwira iti: "Ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana si ko biri kuko byose bishobokera Imana." (Mariko 10:27).

Mbese turiteguye? Mbese turi gusenga? Mbese mu by'ukuri dushishikariye kwakira imbaraga ya Mwuka Wera izatubashisha kurangiza umurimo wayo?

Hakurikijwe ubushobozi bwacu bwo kwizera

Mu gitabo cyitwa Uwifuzwa Ibihe Byose tubwirwa aya magambo akurikira: “Abategereza Imana bicishije bugufi, bakaba maso bashaka ubuyobozi n’ubuntu bwayo nibo bonyine bahabwa Mwuka Wera. Imbaraga y’Imana itegereje abayisaba kugira ngo bayihabwe. Uyu mugisha wasezeranywe kandi ugasabwa binyuze mu kwizera, uzana n’indi migisha ifitanye isano na wo. Itangwa hakurikijwe ubutunzi bw’ubuntu bwa Kristo, kandi yiteguye kuwuha buri mutima wose akurikije ubushobozi bwa buri wese bwo kwakira.”¹⁰ Iri ni ryo banga ryo kwakira amavuta ya Mwuka Wera nk’igisubizo cy’isengesho. Atangwa hakurikijwe imbaraga za buri wese zo *kumwakira*. Na none kandi atangwa hakurikijwe ubushobozi bwacu *bwo kwizera*. “Niba wizeye, byose bishobokera uwizeye.” (Mariko 9:23)

Ntidusobanukirwa Imana ikomeye dukorera kubera ko twamaze kuba abakristo b’abanyamurengwe kandi bumva ko bihagije. Twarangije kumva ko tunyuzwe no kwiga Bibiliya kwacu kw’amajyejuru, kuramya kw’amajyejuru, no gusenga by’amajyejuru. Twarangije kunyurwa n’umushyikirano w’amajyejuru tugirana n’Umwami w’abami. Nk’ingaruka y’ibyo, twumva tunyuzwe n’ibisubizo by’amajyejuru ndetse n’imigisha y’amajyejuru.

Imana ishaka kutwihishurira, ishaka kudukorera ibirenze, nyamara ntishobora kubikora kubera yuko tutarushaho kuyizera. Ellen White abivugana umubabaro muri aya magambo: “Igihe cyose itorero rizumva ko rinyuzwe n’utuntu duto, ntirizashobora kwakira ibintu bikomeye Imana itanga.”¹¹ Aho kunyurwa n’aho duhagaze mu by’umwuka, mureke dutangire kumusaba ibirenze tubinyujije mu isengesho! Mutyo dutangire kumwizera kugira ngo duhabwe ibirenze ku bwo kwizera! Mutyo dutangire kumushaka biruseho tumushakira mu Ijambo rye! Nk’uko tuzabibona muri Bibiliya, *ikirere si umupaka* ku cyo Imana iri cyo cyangwa se ku cyo ishobora gukora.

Ku bw’ibyo, nimureke tujye mbere muri uru rugendo rukomeye rwo kwizera! Mutyo dutangire *gutinyuka gusaba ibirenze* !

Igice cya 2

Impinduka Ikomeye y'Uburyo bw'Imikorere

*Kwiga gusenga nk'uko abagabo n'abagore ba mu gihe cya
kera basengaga*

Uwiteka aravuga atya ati : « Nimuhagarare mu nzira murebe kandi
mubaririze inzira za kera, aho inzira nziza iri aho ari yo munyuramo, ni
ho muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu. » Yeremiya 6 : 16

Muri Bibiliya yose tugenda tubonamo inkuru zitangaje zigenda
zikurikirana. Bibiliya yuzuyemo ibitangaza bitera gutekereza
cyane ku buryo abanyamashuri n'intiti zo muri iyi minsi ya
none babiseka ntibizere ko ari iby'ukuri. Mbese ni ryari twigeze tubona
manu igwa ivuye mu ijuru cyangwa tugahura n'indogobe ivuga ? Mbese
twigeze dukirana na marayika ? Twaba se twarigeze kubona ishoka
ireremba hejuru y'amazi y'umugezi ? cyangwa se tukabona umuntu
wapfuye azuka ? Mbese ni ryari twigeze kubona abagaragu b'Imana
bajyanwa mu magare y'umuriro ?

Nidufata igihe tugasoma amasengesho aboneka muri Bibiliya,
tuzasangamo urugero rutangaje. Igihe abantu b'Imana babaga basenze,
bisa n'aho Imana yasubizaga buri gihe yego. Ni inshuro nke cyane
yasubije oya. Mu itorero ryo muri iyi minsi, bisa n'aho gusubirisha yego
kw'Imana ari ikintu kidasanzwe ndetse bikaba atari ihame. Igihe Imana
isubirishije isengesho yego, turishima cyane ku buryo dukomeza
kubisubiramo ibyumweru n'amezi bigashira kubera ko bibaho inshuro
nkeya kandi bikaba ari ibintu bidasanzwe. Ko mu bihe bya Bibiliya
Imana yakundaga gusubiza amasengesho ikoresheje yego, ni iki cyaba
cyarahindutse muri iyi minsi yacu ?

Umugabane umwe w'ikibazo dufite uyu muni wa none ni uko tujya mu
Ijambo ry'Imana dufite gushidikanya. Dushobora kuba turi gutekereza
tuti : « Ntidushobora gufata ibi bitekerezeho dukomeje kubera ko nyine ibi

ari ibyo mu bihe bya Bibiliya kandi bikaba bitandukanye n'iby'iki gihe. Imana ntishobora gukora nka biriya muri iki gihe. Nuko tugafata ijambo ry'Imana tukarikosora kandi tukariyungurura dukoresheje imitekerereze yacu yo muri iki gihe. Ariko se, Imana yaba yarahindutse? Oya rwose! Ntabwo ihinduka. Ijambo ryayo riracyari ukuri nk'uko ryari riri muri icyo gihe ibitangaza byakorwaga. Yari Imana isubiza amasengesho mu bihe bya Bibiliya, kandi n'uyu munsu iracyari uko yahoze!

Bibiliya ivuga yeruye ko dukorera Imana yumva amasengesho yacu. Ibi bikwiriye kuduha icyizere gikomeye mu masengesho yacu. Nubwo bimeze bityo, inshuro nyinshi cyane turashidikanya. Kandi iki ni ikibazo kubera yuko kugira icyizere yuko Imana yumva kandi igasubiza amasengesho yacu ni ikintu cy'ingenzi kugira ngo tugere ku nsinzi mu bya Mwuka muri kino gihe. Umwe mu mirongo nkunda cyane ni uri mu 1Yohana 5:14,15, ahavugaga hati: "Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka. Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe icyo dusabye."

Muri uyu murongo, tubonamo urufunguzo rw'isengesho risubizwa: gusenga nk'uko Imana ishaka. Ariko se ibi bisobanuye iki mu by'ukuri? Tugendeye kuri uyu murongo, Ellen White yaranditse ati: "...Tugomba gusaba ibyo yasezeranye, kandi ibyo duhawe byose tukabikoresha mu buryo buhura n'ibyo ishaka. Iyo dukoze ibisabwa, isezerano [ry'isengesho risubizwa] riba risobanutse nta rujijo."¹

Iyo usomye Bibiliya, nturamara umwanya utarabona urugero. Imana ni urukundo. Ishaka gukiza ubugingo bw'abantu. Ishaka gushyiraho no kubaka ubwami bwayo bw'iteka, ahatazaba icyaha ntihabe n'agahinda. Ntishimishwa no gushyeshyenga kamere yacu cyangwa kuduha umutuzo ngo twibikire agakiza kacu aho abandi badashobora kumenya ibyako. Ibi byaba binyuranye na kamere yayo yo kugira ubuntu. Nyamara niba dusenga dukurikije ubushake bwayo, no kugira ngo ihabwe ikuzo, ibyo dukora bishobora kugaragarira abandi kandi benshi bagakizwa, dushobora gusenga dushize amanga kandi tugasengana icyizere bona nubwo imbere y'amaso y'abantu byaba bigaragara nk'ibidashoboka. Ibi biroroshye cyane! Nubwo bimeze bityo, mureke dusuzumeho gato iki kintu.

*Ubwirya bushya bwa gusobanukirwa amasengesho ashingiye kuri
"Niba ari ko ubishaka"*

Ni ikintu rusange ko dusoza amasengesho yacu tuvuga tuti: "Kandi ibi tubisabye nk'uko ushaka. Amen" Ibi bimeze nk'uko bikwiriye kugenda kuko tudashobora gutegeka Imana gukora ikintu icyo ari cyo cyose. Tugomba iteka gusenga twicishije bugufi kandi tukumvira ubushake bwayo. "Mutyo abantu basenge biyambuye inariye kandi babe bahuje n'ab'ijuru. Abantu nibasenge bati: 'Bye kuba uko nshaka, Data, ahubwo bibe uko ushaka'. Mutyo abantu bazirikane yuko inzira z'Imana zitandukanye n'izabo, kandi ko ibyo yibwira atari byo bibwira."²

Ariko se, ibi bishatse kuvuga yuko tudasobanukiwe neza icyo Imana yifuza kutwigisha iyo ituririka muri aya magambo ngo "Musenge mukurikije ubushake bwanjye, igisubizo cyanjye kizaba yego"? Mbese bishatse kuvuga ko amagambo ngo "Niba ari ko ubishaka" ari umurongo dupfa kwivugira igihe dusoza amasengesho yacu kugira ngo twirinde ingorane igihe ibintu byaba bitagenze nk'uko twari tubyiteze?

Bibiliya itubwira iby'isengesho rya Yosua igihe yategekaga izuba guhagarara, agira ati: "Zuba, hagarara kuri Gibeyoni, nawe Kwezi, hagarara mu gikombe cyo kuri Ayaloni" (Yosua 10:12) Mbese ntiyari kuba umunyabwenge iyo asoza isengesho rye ryarimo ubushizi bw'amanga avuga ati: "Niba ubishaka, Mana"? Ubwo buryo bwari kumurinda guhura n'ingorane iyo izuba ritamwumvira. Nyamara ku bw'impamvu runaka, ntabwo yasenze atyo.

Igihe Yosua yasengaga ngo Izuba rihagarare, yari azi neza yuko iryo sengesho rihuje n'ubushake bw'Imana kuko Imana yari yamusezeranije yuko ababisha be bari butindwe. Nyamara na none, aho urufunguzo rw'iki kintu ruri, ni uko yari yamaze igihe gihagije ashaka mbere na mbere kumenya ubushake bw'Imana kugira ngo abashe gusabana gushira amanga ikintu nka kiriya. Nuko, aho kugira ngo yicare yituriye muri uko kunyurwa n'uko ibintu biri bugende no gutegereza yuko Imana iribuze kubatabara, yarahagurutse ajya ku murimo, kandi uko yakoraga ni ko yasengaga. "Yakoze ibishoboka nk'iby'imbaraga za muntu zakora, nuko azamurira ijwi mu kwizera asaba gutabarwa. Ianga ryo gutsinda ni uguhuza imbaraga z'Imana n'imbaraga za muntu. Umuntu wategetse ati

“Zuba, hagarara kuri Gibeyoni; nawe Kwezi hagarara mu gikombe cya Ayaloni”, ni umuntu wari wamaze amasaha apfukamye hasi asengera i Gilugali. Abantu basenga ni abantu b’abanyambaraga.”³

Kugira ngo dusengane ubutwari no kwizera nk’ibya Yosua, tugomba kumenya ubushake bw’Imana. Kandi uburyo rukumbi bwo kumenya ubushake bw’Imana ni ukwiga kumenya Uwo iri Yo *umuntu ku giti cye binyuze mu Ijambo ryayo*.

Ibi ntabwo ari ugusenga utabitekerejeho, ahubwo ni ugushora imizi muri Bibiliya ikakubera urufatiro rukomeye. Ibi bisobanuye gusenga duhuje n’ubushake bw’Imana nk’uko bugaragara mu ijambo ryayo.

Ellen White atubwira atya ati:

“Umuntu ukora ahuje n’ubushake bw’Imana azasenga atya ati: ‘Uyu munsi bimenyekane mu murimo nkorera gufasha abantu bari mu kaga ko muri Isirayeli hari Imana, kandi ko ndi umugaragu wawe. Reka bigaragare ko ndi gukora iby’Ijambo ryawe rishaka, atari ibinjemo gusa cyangwa iby’ubwenge bwanyije.”

Iyo umuntu ahagaze mu mwanya nk’uyu, kandi agasobanukirwa yuko ari gusohozza umugambi w’imana, kandi Imana ikaba iri gusohoreza imigambi yayo muri we, azaba afite imbaraga z’Imana zizira gutsindwa. Imbaraga zikorera kumurwanya zose zizaba zimeze nk’umurama w’aho baturira ingano.”⁴

E.M. Bounds, ni umuntu wamenyekanye biturutse ku mibereho ye yo gusenga ikubiyemo ibyigisho byinshi, ndetse akaba yari n’umuntu ushyira mu bikorwa ibyo yigisha; akagira isengesho nyambere muri byose mu mibereho ye aho yaheraga saa kumi za nijoro akageza sa moya z’igitondo asenga kandi ibyo akaba yaramaze imyaka myinshi abikora. “Nk’uko guhumeka ari ihame ry’ukuri mu mibereho yacu y’ibigaragara, ni ko no gusenga byari ihame ry’ukuri mu mibereho ya Bounds.”⁵ Yanditse ibitabo byinshi ku byerekeye isengesho, byagiriye benshi umumaro kandi bihindura imibereho y’abantu ibihumbi byinshi. Atanga ubuhamya muri aya magambo:

Igihe kinini namaranaga n’Imana mu masengesho ni cyo banga ryo kugera ku nsinzi mu masengesho. Isengesho ryumvikana nk’imbaraga ikomeye ni ingaruka y’ako kanya cyangwa se itinzeho bukeya y’igihe kinini umuntu aba amaranye n’Imana. Amasengesho yacu magufi agira agaciro n’umumaro bitewe n’andi yayabanjirije mbere hose.

Amasengesho magufi ahoraho ntabwo yasengwa n'umuntu utarigeze amarana n'Imana igihe kirekire akirana mu mbaraga nyinshi. Kwizera kwa Yakobo ntikwari gutsinda iyo atamara ijoro ryose akirana. Kumenya Imana ntibiva ku kuyambaza by'akanya gato. Imana ntitanga impano zayo ku bantu biyiziye bisanzwe bakongera bagahita bigendera. Kumarana n'Imana igihe kirekire ni byo banga ryo kuyimenya kandi ni byo biyitera kugira icyo ikora. Yumvira kwizera k'umuntu ushikamye kandi uyizi. Iha impano zihebuje abavuga ko bifuza kandi bakishimira izo mpano binyuze mu gukoresha igihe bafite badatezuka kandi bashikamye.”⁶

Mbese dufite uko kwizera gushikamye kandi kurimo gushira amanga gukomoka mu kumenya Imana umuntu ku giti cye nka Yosuwa n'abandi? Mbese ibi si urugero rw'imibereho isenga kuri twe? Niba atari ko bimeze kuri twe, birakwiriye ko dusaba Imana ngo idushoboze gutera intambwe tujya imbere.

Impinduka ikomeye y'uburyo bw'imikorere

Uburyo bw'imikorere ni imyumvire y'ibanze, uburyo bw'imitekerereze, ndetse n'uburyo bw'imikorere y'itsinda. Nk'Abadiventisti, dufite uburyo bw'imikorere ku bijyanye no kwizera, ubutumwa bwiza, inyigisho za Bibiliya, ivugabutumwa, n'uburyo bw'imibereho—kandi ibi tubishingira ku ijamba ry'Imana. Ariko se, uburyo dufatamo Bibiliya twabuhuje n'imibereho yacu muri iki gihe?

Twatakaje inyinshi mu mbaraga abizera bo hambere bari bafite bitewe n'uko uburyo bw'imikorere bwacu twabuhinduye bikomeye tukabutandukanya n'urufatiro rwa Bibiliya maze tugakurikiza gushidikanya, maze benshi mu bo muri iki gihe bihitiramo kutizera. Nuko rero, niba imibereho yacu n'imirimo dukora bigiye guhinduka kugira ngo bizane ibyiza, dukeneye cyane “impinduka ikomeye mu buryo bw'imikorere” mu rugendo no kwizera byacu mu bya Mwuka.

Ijambo “ubusazi” risobanurwa nko gukomeza gukora ikintu kimiwe kandi ugategereza kubona ibisubizo bitandukanye. Niba dushaka kubona imbinduka mu bisubizo, niba dushaka kubona ubwami bw'iyi si bunyeganyaga nk'ibyabaye ku munsu wa Pentekoti, niba dushaka ko imvura y'itumba ivomera imibereho yacu n'imirimo dukora, niba dushaka ko ubutumwa bwiza buhetura Isi maze tugataha iwacu, hari

igikwiriye guhinduka mu mibereho yacu no mu buryo dukoramo umurimo. Icyo kintu kandi ni twe—uburyo tubaho n'uburyo dusenga! Itorero ryo muri iyi minsi risobanukiwe yuko hari ikintu gikwiriye guhinduka. Nyamara impinduka rishaka zose si ko zishyigikiwe n'ijambo ry'Imana. Ibisubizo dushaka kubona ntibiboneka mu buryo bw'ivugurura rikomeye kandi rya vuba, muri gahunda runaka, cyangwa mu buryo runaka bw'amasengesho adasanzwe. Oya rwose, ibisubizo dukeneye biboneka mu ngero z'abagabo n'abagore bo mu bihe bya kera. Bibiliya iratubwira iti: “Uwiteka aravuga atya ati ‘Nimuhagarare mu nzira murebe kandi mubaririze inzira za kera, aho inzira nziza iri aho ari yo munyuramo ni ho muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu’”(Yeremiya 6:16).

Dutangiye kubona icyatumye amasengesho y'abantu b'Imana bo mu gihe cya Bibiliya agira imbaraga cyane. Tuzakomeza kwiga iyi nsanganyamatsiko mu cyigisho gikurikira. Ariko mureke tube tugarukiye aha uyu munsu, tujye ku mavi dusabe Imana ngo iduhe uburyo bushya bwo gusenga—uburyo bwayo. Mutyo tuyisabe iduhindure abagabo n'abagore bafite kwizera, basengana kwizera n'ubushizi bw'amanga kandi bakurikije ubushake bw'Imana kuko twafashe umwanya tukiga ubushake bwayo ubwo ari bwo. Mureke dusengere kugira ngo ubwami bw'isi bunyeganyege ku bw'icyubahiro cy'Imana.

Dushobora kuba turi abantu bakomeye mu by'urugamba rw'amasengesho cyangwa se tukaba turi abana mu byo kwizera, uko bisa kose, nimureke dutinyuke gusaba ibirenze.

Igice cya 3

Kugendana n'Imana mu Masengesho

Icyo kuba inshuti bisobanuye

Ni cyo cyatumye ibyanditswe bisohora, bya bindi bivuga ngo "Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka, yitwa inshuti y'Imana." Yakobo 2:23

Jyewe n'inshuti yanjye Valeriya twabaye inshuti guhera dufite imyaka irindwi. Ntabwo twakuriye hamwe dukina nk'abana gusa, ahubwo no mu gihe twari tumaze gukura twarabanaga, tugatemberana, tugakorera umurimo w'ivugabutumwa hamwe, twasengeraga hamwe, ndetse tugakorera n'ibindi byinshi hamwe. Twaje kumenyana cyane bihagije. Iyo Valeriya andebye, akenshi nshobora gukeka icyo ari gutekereza. Kandi na we ni ko bigenda iyo murebye.

Muri iki gihe, hari intera ndende hagati y'aho ari n'aho ndi, nyamara ubucuti bwacu buracyakomeye. Turavugana kenshi hafi ya buri muni, kandi nyine si ngombwa ko tubanza kwibwirana. Buri wese ahita amenya ijwi ry'undi nuko tugahita dutangira kubwirana ibituri ku mitima, tugasubukurira aho twari twasubikiye mu kiganiro twari duherutse kugirana. Iyo hari urugamba turiho, tubwirana iby'umubabaro wa buri wese muri twe, kandi twaba twishimye tugasangira ibyo byishimo. Hashize igihe kinini turi inshuti mu byoroheje no mu bikomeye kandi sinjya mpagarikwa umutima n'uko Valeriya azacana umubano nanjye nindamuka muvuzeho cyangwa nkamukorera ikintu kitari cyo.

Uku ni ko isano dufitanye n'Imana ikwiriye kuba imeze. Ishaka gutura muri twe binyuze muri Mwuka Wera. Ishaka guhinduka umugabane w'imibereho yacu! Nituyimenya by'ukuri, ntituzakenera kuyibwira abo turi bo mu gihe dutangiye gusenga. Izahita imenya amajwi yacu kandi natwe tuzahita tumenya ijwi ryayo. Tuzatangira kuganira ibituri ku mitima, duheraye aho twari twasubikiye ubushize. Niba duhagaritse imitima, tuzayibwira ibidushavuje. Niba hari ibyo tutumvikanagaho na

Yo ku kintu runaka, tuzakiganiraho. Niba tubabaye, tuzaririra ku rutugu rwayo. Nta kaga kariho yuko Imana izadusiga ikigendera!

Mbese nk'inshuti magara, dushobora kuba hafi y'Imana ku buryo dushobora kureba mu maso hayo igihe icyo ari cyo cyose mu mibereho yacu ya buri munsu. Muri Zaburi 32:8 haravugaga hati: "Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho." Igihe turi ku nzu ibikwamo ibicuruzwa, dushobora kugura icyo tutari dukwiriye kugura. Icyo gihe ntabwo tuba turi ku mavi dusenga, nyamara igihe dufata igihe buri munsu tukaba mu ijamba ry'Imana, tuzahita tubona mu maso he ko atabyishimiye avugaga ati: "Icyo ntukigira. Kiriya ntugikeneye!" Cyangwa igihe tubonye umuntu ukeneye ubufasha runaka tukabona mu maso hayo itubwira iti: "Yego! Akeneye ijamba ryo kumukomeza! Genda uvugane na we."

Imana ntabwo ari nk'umuntu w'umunyabubasha uri iyo mu kirere dushyikiriza urutonde rw'ibyo dushaka guhahira mu ijuru, cyangwa umuntu twiyambaza iyo ibintu byakomeye. Ikwiriye kuba inshuti yacu igendana natwe kandi ikavugana natwe umunsu ku munsu. Kandi aho twaba turi hose cyangwa icyo twaba turi gukora cyose, imitima yacu ikwiriye kuba iri kumwe na Yo buri mwanya.

Mu gitabo cyitwa Kugana Yesu haravugaga hati: "Isengesho ni ukugururira Imana umutima nk'uko umuntu aganira n'inshuti. Ibyo ntibiterwa n'uko ari ngombwa ko tuyimenyesha abo turi bo, ahubwo ni ukugira ngo tubashishwe kuyakira. Isengesho ntiritumanurira Imana, ahubwo riraturamurira rikayitugezaho."¹

Ntituvugana n'Imana nk'abaganira n'inshuti gusa, ahubwo uko turushaho kuvugana na Yo, ni ko na Yo izarushaho kutumenyesha ibiri mu mutima wayo.

Niduhora dushyize Imana imbere, tugakundira imitima yacu kugaragariza abandi ishimwe no guhimbaza Imana, tuzakomeza kugaragaza itoto mu mibereho yacu y'iby'iyobokamana. Amasengesho yacu azagira isura nk'iy'ikiganiro tugirana n'Imana, mbese nk'uko twaba tunganira n'inshuti. Izatubwira ibiyoberana byayo buri wese ku giti cye. Ibihe byinshi tuzumva twishimiye ko ubwiza bwa Yesu buri kumwe natwe. Ibihe byinshi imitima yacu tuzumva igurumana igihe azajya aba atwegereye ngo dushyikirane nk'uko yashyikiranaga na Enoki. Igihe ibi bizahinduka ukuri mu mibereho y'umukristo, mu mibereho ye

hazagaragara kwicisha bugufi, kwiyoroshya, ubugwaneza, kwiyoroshya mu mutima bibasha kwereka abo ahura nabo ko yahoranye na Yesu kandi akaba yamwigiyeho.⁴

Dukeneye uku kwiyoroshya kuvuguruwe mu rugendo rwacu tugendanamo n'Imana. Igihe dufite ingorane cyangwa duhanganye n'ibigeragezo, aho kubaza inshuti zacu dutekereza ko ziruta izindi, dukwiriye kwirukira ku Mana yacu tukayishyira ibituremereye. Ni we Nshuti ihebuje izindi zose dushobora kugira!

Icyo kuba inshuti y'Imana bisobanuye

Kuvuga ko Imana ari inshuti yacu ni ikintu kimwe. Nyamara na none ni ikindi kintu kuri Yo kuba yavuga ko turi inshuti zayo. Nituba inshuti zayo, bizaba bisobanuye yuko izi yuko tuyikunda kandi ko ishobora kutwiringira n'umutima wayo wose.

Uku ni ko byari biri kuri Aburahamu. Aburahamu ntiyari afitanye n'Imana isano ituje kandi itazwi n'abandi bantu. Yari azwi mu gihugu hose ko ari inshuti y'Imana. Bibiliya ivuga ibi nk'umurage wasizwe n'imibereho ya Aburahamu : « Ni cyo cyatumye ibyanditswe bisohora, bya bindi bivuga ngo : 'Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka' yitwa inshuti y'Imana. » (Yakobo 2 :23). Kuri jye, icyo gito kiruta cyane indi mirimo yose umuntu yakora.

Imana na Aburahamu bari bafitanye ubucuti bukomeye ku buryo Imana yemereraga Aburahamu kuyigira inama ku bijyanye n'imigambi yayo. Reka dufate urugero kuri iki kiganiro kiri mu Itangiriro 18 :20-33 cyerekeye no kurimbuka kwa Sodomu na Gomora kwari kwegereje. Mbese hari ubwo waba warigeze utekereza uko byari kugenda iyo Aburahamu akomeza gusaba akarenza aho yagarukiye ? Mbese Imana iba yararetse kurimbura iriya midugudu kubw'umuntu umwe cyangwa babiri bakiranuka ? Birashoboka ko urugi rw'imbabazi za Sodomu na Gomora rwari kongerwaho iminsi mbere yuko rukingwa ku bwo gusaba kw'inshuti y'Imana Abrahamu.

Aburahamu si we muntu wenyine wagiranye n'Imana ubucuti bwimbitse ku buryo yari kugira Imana inama. Mose yagendanaga n'Imana kandi akaganira na Yo. Mu gitabo cyo Kuva 33 :11 hatubwira aya magambo ngo « Uwiteka akavugana na Mose barebana nk'uko Umuntu avugana n'inshuti ye. »

Igihe kimwe ubwo barimo baganira, Imana yararakaye kubera ko hasi mu kibaya abana ba Isirayeli bari bikoreye igishushanyo cy'inyana muri zahabu kugira ngo bakiranye. Hejuru y'ibyo Imana yari yabakoreye byose, hejuru y'inshuro zose yari yabarokoye, hejuru yo kubashakira inzira mu mazi no kubagaburira manu mu buryo bw'igitangaza, bari bagishidikanya yuko ishobora kubayobora ikabageza mu gihugu cy'isezerano. Nuko bahindukirira indi mana.

Mu gukora inyana ya zahabu, Abisirayeli bari bakuyeho isezerano bari baragiranye n'Imana. icyaha cyabo cyatumye bibuza kugirirwa impuhwe n'Imana. Maze Imana ibwira Mose iti : « None nyihorera, uburakari bwange bubagurumanire mbarimbure, nzaguhindura ubwoko bukomeye » (Kuva 32 :10).

Mose arahakana, atangira kwinginga Imana. "Mana, ibi bisa n'aho bitavuzwe nawe! Mbese ugiye kurimbura ubwoko bwawe hejuru y'ibyo wabakoreye byose kugeza magingo aya? Abanzi bawe bazavuga bati 'Yemwe, iyi Mana yakuye ubwoko bwayo muri Egipta, none aho kugira ngo ibahe umugisha mu buryo bukomeye irabarimbure.' Mana, bizatuma abanzi bawe bananirwa gusobanukirwa n'uwo uri we. Uyu ntabwo waba ari umugambi mwiza. Ndakwinginze ntubikore!"³

Igitangaje, Mose yagaragaje icyifuzo cye cyo kwanga umugambi w'Imana ayisaba guhindukira! "Ibuze uburakari bwawe bukaze, maze ureke kugirira nabi ubwoko bwawe" (umurongo wa 12). Mbese Imana yashubije ite icyo inshuti yayo yari isabanye ubutwari? "Nuko Uwiteka yibuza inabi yavuze ko agiye kugirira ubwoko bwe." (umurongo wa 14) Reba ibyanditswe kuri iki gitekerezo mu gitabo cy'Abahanuzi n'Abami: "Niba Imana yari yagambiriye kurimbura Isirayeli, ni nde wari kubasabira imbabazi? Ni bangahe batari kureka abanyabyaha bagakanirwa urubakwiye? Ni bangahe batari kunezezwa no gukira uwo muruho n'umutwari, ndetse no kwitanga byituwe kutanyurwa no kwivovota, maze bagashyirwa mu mwanya utuje kandi w'icyubahiro, mu gihe Imana ubwayeho ariyo yari ivuze ko igiye kumuruhura?

Nyamara Mose yaritegereje abona ko ahari ugucika intege n'umujinya hashobora kuboneka ibyiringiro. Amagambo y'Imana ngo, "nyihorera" ntiyayumvise nk'umubuza, ahubwo yayumvise ko kwari ukumushishikariza kubavuganira, byerekana ko nti kindi gishobora

gukiza Abisraeli uretse amasengesho ya Mose, ariko ko niba ayitakambiye atyo, Imana yajyaga kureka ubwoko bwayo".⁴ Iki gitekerezo, ntabwo ari urugero rw'uburyo Imana irakara n'uburyo Mose yashize amanga bihagije agasaba Imana kureka uburakari bwayo maze nayo ikareka imigambi yari ifite, ahubwo ni urugero rw'uko Imana yararikiye Mose gusabira Isirayeli kugira ngo igire icyo ibakorera. Ubutabera kwasabaga ko Abisirayeli barimbuka. Amasengesho y'umuntu usabira abandi gusa ni yo yari kuba uburyo butuma Imana ibagirira impuhwe ikabakiza. Imana yari ibizi. Yashoboraga kwiringira Mose kuri iyo nshingano, maze nk'inshuti yayo imubwira ibyo yendaga gukora. Nuko Mose, nk'inshuti y'Imana yari isobanukiwe neza Imana iyo ari yo, akora icyo iryo rarika ryamusabaga.

Imana ishaka kugirana natwe isano nk'iriya uyu muni. Irashaka abavugira/abitambikira abandi nka Aburahamu na Mose bazahagarara mu cyuho bakavugira ubwoko bwayo kugira ngo itarimbura igihugu. Imana irashaka abantu bazifuza kuyimenya byimbitse ku buryo ishobora kubita inshuti zayo ikabiringira n'umutima wayo wose maze ikabararikira gusaba ibintu yifuza ko bisohozwa. Mbese dufite ubushake bwo kuba inshuti nk'izi ku Mana?

Amenshi mu masengesho yacu muri iki gihe, aho kugira ngo abe agizwe no kwingingira ubwoko bw'Imana ngo bukizwe cyangwa se ngo asabire amahanga yazimiye ngo akizwe, arafunganye kandi yuzuyemo kwikunda. Amenshi mu masengesho yacu ameze nk'imikino y'"Ubuhendwabana". Umwanditsi witwa Eric Ludy asobanura amasengesho nk'aya mu magambo akurikira:

Mu bya Mwuka amasengesho y'"Ubuhendwabana" aba ashyira ku kwirebaho/inarijye n'ibimeze nk'urwenya, gusaba guhumurizwa no kurindwa, kurangiza inshingano ku gihe gisabwa n'amategeko, kuyobora ibiganza by'abakora umurimo wo kubaga abantu, gutsinda ibizami, no guha umugisha ifunguro. Aba buri gihe atwerekeyeho. Kandi nubwo gusengera ibyo dukeneye atari bibi, isengesho—isengesho ry'amateka y'imibereho—ni isengesho ry'Umwuka kandi ryubakiye ku ihame ryo kwiyibagirwa...

Isengesho ry'ukuri, isengesho ririmo guhumekerwa n'ijuru, isengesho rikuraho imisozi rigaturisha imiraba—si ikintu itorero ryo muri iki gihe rimenyereye.⁵

Ni byo rwosee, Imana yita kuri buri kantu kose kaboneka mu mibereho yacu. Ishaka ko tuyibwira ibi bintu nk'uko twabibwira inshuti yacu iruta izindi. Nyamara ntishaka yuko tugarukira aho.

Abaturanyi bacu batuzengurutse ntibari bagira amahirwe yo kumenya Kristo nkatwe. Miliyoni nyinshi z'abantu ku isi basanzeye agakiza. Mu gihe turi kuja impaka ku nyigisho z'idini no guteranya inama nini z'amakomite kugira ngo tuganire uko amatorero yacu yakura, abizera bari mu bihugu nka Irani na Koreya y'amajyaruguru bari kwicwa bazira kwizera kwabo. Mbese ibyo turabizi? Mbese ibi tujya tubisengera? Mbese nibura tubyitayeho?

Igihe twizirikana twenyine mu masengesho, biba bigaragara ko tudasobanukiwe rwose uko umutima w'Imana umeze; ntitubona amarira n'agahinda iterwa n'abababazwa n'abari kuzimira. Nidusobanukirwa n'uko umutima wayo umeze ku bw'abari mu mwijima, tuzahinduka abafatanyabikorwa na yo mu murimo. Tuzarira igihe na Yo irize, kandi tuzasengera umutwaro ifite, ntabwo ari iyacu mitwaro tuzasengera. Tuzaba rwose *inshuti zayo*. Kandi ubu ni bwo tuzaba dutangiye gukora ku nkengero z'imipaka izira iherezo y'ibishoboka byo mu mibereho yo kwizera! Ubu ni bwo, nk'inshuti y'Imana, tuzatangira kwiga gusenga amasengesho y' amateka, amasengesho agamije guhindura isi nk'uko abagabo n'abagore bo mu bihe bya kera basengaga.

Gusenga uhumekekewe na Mwuka Wera

Mu gihe dusoma ibitekerezo byerekeye amasengesho asubizwa biboneka mu Byanditswe byera, ibikora ku ntekerezo cyane ni iby'abagiye batsinda ku rugamba, iby'ibihugu bagiye bigarurira, abantu bagiye bavanwa mu bubata no mu mwijima, n'imirimo y'Imana yagiye yigaragaza mu mbaraga n'ubushobozi byinshi. Iki cyari icy'ibanze Imana yari ifite mu bihe bya Bibiliya, kandi kiracyari icyifuzo cyayo n'uyu munsu. Bityo rero, rumwe mu mfunguzo z'ingenzi zo kwakira isengesho risubizwa nk'abagabo n'abagore bo mu bihe bya kera ni ukwiga gusenga dukurikije ibyifuzo by'Imana.

Tubona ibyifuzo by'Imana bihishurwa bwa mbere kandi mu buryo burushije ubundi gukomera mu Ijambo ryayo. Itwihishurira binyuze mu Ijambo ryayo, ni mu Ijambo ryayo ivuganira natwe, kandi Ijambo ryayo ni ryo riha urufatiro amasengesho yacu. Tubona umutekano binyuze mu

gushora imizi mu Ijambo ryayo, kandi Mwuka We Wera ashobora kutwigisha gusa igihe dushoye imizi mu Ijambo ryayo.

Ibyahumetswe biratubwira biti: “Nitwegera Imana na Yo izatwegera, kandi icyubahiro cye kizaba kiri imbere yacu. Izumva⁶ kwinginga kwacu, itwigishe gusaba ibyo yarahiriye kuduha.”⁷

Kenshi cyane twagiye dusengana kwikunda tugasaba ibidahuje n’ubushake bw’Imana. Aho gusaba ibyo Mwuka Wera yakwifuza ko dusaba, twagiye dusaba dukurikije ibyo kamere yacu ishaka. Nk’uko Yakobo 4:3 habivuga hati: “Murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi, mushaka kubyayisha irari ryanyu ribi”.

Dushime Imana, “Kuko n’Umwuka adufasha mu ntege nke zacu kuko tutazi uko dukwiriye gusenga, ariko Umwuka ubwe ni we udusabira aniha iminiho itavugwa, kandi irondora imitima izi iby’Umwuka atekereza, kuko Umwuka asabira abera nk’uko Imana ishaka”(Abaroma 8:26,27). Mu gihe dusenze tubikuye ku mutima, nubwo twaba twihenda, Imana izahindura amasengesho yacu yo kwikunda kugira ngo atuzanire ibyiza kandi ayiheshe icyubahiro. Kandi mu buryo bwagutse, iki ni cyo dukeneye.

Ikirenze guhindura amasengesho yacu hagati y’isi n’ijuru, dushaka yuko iduhindura ubwacu kandi ikatwigisha uko dukwiriye gusenga. Dushaka yuko ibyifuzo byayo bihinduka ibyifuzo byacu kandi ibyifuzo byacu bigahinduka ibyayo. Kandi ibi birashoboka! “Nitubyemera, Imana irashaka kandi ibifitiye ubushobozi muri ubwo buryo kudusanisha na Yo ubwayo, izahindura ibitekerezo n’imigambi byacu, ku buryo kumvira ubushake bwa Yo bitazaba bikidusaba imbaraga ahubwo ari ugusohoza ikiturimo. Bityo rero, ntituzifuza gukora ibyifuzo binyuranye n’ubukristo; ahubwo tuzaba tugurumana ubushake butagamburuzwa bwo gusohoza imigambi y’Imana.”⁸

Ibi ni byo byiza biva mu kwiga gusenga duhumekekemo na Mwuka. Kubera amaraso ya Kristo, amasengesho ye yo gukiranuka atwikira ayacu, dushobora rero kugira icyizere cy’uko amasengesho yacu agera ku ntebe y’ubwami mu cyumba cyo mu ijuru kuko yatubwiye ati, “Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data

yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye, nzagikora.” (Yohana 14:13,14).

Mu gihe benshi bavuga ko bizera isengesho, umugabo cyangwa umugore ugirana na Kristo isano yihariye kandi yimbitse ni we wenyine uzajya mu isengesho ryo mu rwiherero, aho nta jisho ry’undi muntu rishobora kumureba, agakinga urugi—agakirana hamwe na Yakobo, Yosuwa, na Mose avuga ati: “Sinkurekura utampaye umugisha. Mfite ubushake bwo gukirana ijoro ryose niba guhabwa umugisha ari cyo bisaba. Nzi yuko wita ku bugingo. Wansabye kubyitaho. Sinzarekeraho gusenga kugeza igihe uzagira icyo ukora!”

Abagabo n’abagore nk’aba bashobora gukirana kandi bagasengana umwete kubera ko buri wese muri bo azi umutima w’Imana ku giti cye kandi akaba yarizeye ijambo rye mu mutima we kandi ku buryo butajejega. Kubera ko bayizi buri wese ku giti cye, Mwuka Wera ahumekera amasengesho yabo.

Kumenya Imana ku giti cyawe

Abizera benshi muri iki gihe bazi Imana y’ababyeyi babo cyangwa Imana y’itorero ryabo. Bityo rero, bakomeza gusubira mu bintu bimwe, bakurikiza iby’ababazengurutse bakora, nyamara ntibigera bamenya Imana nk’inshuti yabo ubwabo. Ni byo koko twizera ko Imana ari Imana y’itorero kandi koko ikwiriye kuba Imana y’imiryango yacu. Ariko icy’ibanze kandi cy’ingenzi, Igomba kuba Imana yacu.

Nshuti yanjye, uzi Imana ya Aburahamu, Isaka na Yakobo ku giti cyawe? Mbese iyo ni Yo Mana yawe uyu munsu? Mbese wizera amaraso yayo kugira ngo akwezeho ibyaha byawe cyangwa wiringira gukizwa no kwizera k’undi muntu? Ntabwo tuzakizwa n’uko ababyeyi bacu bagendanye n’Imana. Ntabwo tuzakirizwa mu matsinda nk’imiryango. Ntabwo tuzakizwa n’uko amazina yacu yanditswe mu bitabo by’itorero cyangwa ngo dukizwe n’uko turi mu myanya y’ubuyobozi muri uyu murimo. Nta nakimwe muri ibi kizagira umumaro niba buri wese ku giti cye atareguriye Yesu umutima we. Dukwiriye gusenga tuti: “Mwami, fata umutima wanjye kuko jyewe ubwanjye ntashoboye kuwuguha. Ni uwawe. Wukomereze mu kwera kuko jyewe ntashobora kuwukurindira ngo utungane. Nkiza aho kugira ngo nikize, kiza kamere yanjye”

y'inyantega nke kandi itarangwamo ubukristo. Mpindura, ntunganya. Nzamuna maze ungeze mu mwuka wo gutungana no kwera aho imbaraga ikomeye y'urukundo rwawe ishobora gutembera mu bugingo bwanjye.”⁹

Ishengesho ryo kwitanga kwacu ntirangirana no kwitanga kwacu ku nshuro ya mbere. Rigomba gukomeza uko bukeye n'uko bwije. “Si mu ntangiriro z'urugendo rwa gikristo gusa uku kwizinukwa kugomba kubaho. Kugomba kuvugururwa kuri buri ntambwe yose dutera twerekera mu ijuru. Imirimo myiza yose dukora ituruka ku mbaraga iya hanze yacu. Ni yo mpamvu umutima ugomba gukomeza gushaka Imana ubudatuza kandi ushyizeho umwete, kwaturana icyaha umutima umenetse no gucishwa bugufi kw'imitima yacu imbere yayo. Dushobora kuba amahoro gusa igihe turanzwe no kwiya guhoraho kandi tukishingikiriza kuri Kristo.

Mutyo twiyambure kwikunda kwacu maze tube ari Yo dushaka mbere ya byose uyu muni—kugira ngo ubushake bwe busohozwe muri twe kandi izina rye ryererezwe mu bugingo bwacu. Mureke dutinyuke kugenda, kubaho no gusenga mu buryo butandukanye n'ubwo dusanzwe tubikoramo—kubera ko mu by'ukuri [Yesu]ari Umukiza wa buri wese muri twe ku giti cye. Mutyo tumuhe imitima yacu. Bityo, kimwe n'abagabo n'abagore bo mu bihe bya kera, dushobore gutera intambwe tuyajya mbere, dusabe dufite ubushizi bw'amanga mu gihe dutinyuka gusaba ibirenze. Kuko atari uwo ari we wese tubwira; ahubwo turi kuvugana n'Umwami—Umwami akaba n'inshuti yacu kandi ni inshuti ihebuje izindi!

Igice cya 4

Kuva muri Lawodokiya Ukajya mu Mibereho Isendererejwe

Inkuru yanjye : Kugenda werekeye Igihugu cy'Isezerano

Ariko jyweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi. Yohana 10:10

Ntangiye gukura, nifuje kugira ubushyuhe mu bya Mwuka, umwete no guhirwa, ibyo nabonana abahindukiriraga Imana bavuye mu bupagani. Iyo nasomaga inkuru zabo, nashoboraga kwibaza nti: “Kuki tudashobora gutwarwa mu kwishimira iby’Imana cyane n’ ukuri kwayo?”

Doug Batchelor yigeze kuzimira abaho nta ntego. Mu gihe yakuraga, abasha kubona icyo ari cyo cyose akeneye amafaranga ashobora kugura kandi akabasha gukora icyo ashaka cyose, yagiye kubona yisanga mu buvumo bwo mu misozi aho yavumburiye ukuri kwa Bibiliya kwamukongejeho umuriro. Nuko atangira umurimo wakoze ku mitima ya miliyoni nyinshi z’abantu.

David Asscherick yari umufana w’umukino wo gutsukira ku tubaho dufite utuziga dutoya, akaba nta kintu cyerekeye Imana yajyaga yitaho. Nyuma yo gusoma igitabo cyitwa Intambara Ikomeye, imibereho ye yahindutse ubudasubirwaho kuko yari amaze kumenya ko Imana yamuremye ku bw’intego isobanutse. Kuva ubwo ashyira imbaraga ze n’ubushobozi bwe mu murimo w’ivugabutumwa maze ahindurira abantu batagira ingano ku Mwami Imana.

Uwitwa Cheri Peters yigeze kuba imbata y’ibiyobyabwenge yasaga n’itagifite igaruriro, yirirwaga azerera mu mihanda yo mu majyepfo ya Leta ya California. Nyuma yo kumenya urukundo rw’Imana, yavuye mu muhanda ajya kuri televiziyo aho kuri ubu amara iminsi aganiriza abantu ku mbaraga y’Ubutumwa Bwiza, agafasha abandi kumenya uburyo bakizwa bakabaturwa binyuze muri gahunda ye yo kuri televiziyo.

yigishiriza ku murongo witwa Umurongo Abamalayika Bavugiraho (Angels Broadcasting Network).

Ivor Myers yari umuhanzi wirirwaga afata amajwi y'indirimbo z'injyana yitwa Hip-hop, kuri ubu amaze kugarurira Imana abantu babarirwa hafi mu mamiliyoni guhera igihe Imana yamuhamagariraga kuva mu ruganda rw'imiziki akajya gusangira n'abandi ubutumwa bwiza. Muri iki gihe ni umupastoro kandi ni umubwiriza ushakwa na benshi ku rwego rw'isi kandi Imana iri kumukoresha kugira ngo ahindure ubuzima bw'abantu benshi ku isi. Gahunda yitwa "Gutegurira abatuye isi kugwa kw'Imvura" (Operation Global Rain) yabayeho biturutse ku gitekerezo cye; ni nayo mpamvu buri mwaka tugira gahunda yitwa "Iminsi icumi y'amasengesho" ikaba mu itorero ryacu ku rwego rw'isi. Mbega impinduka iyi gahunda yazanye mu buzima bwa benshi!

Bumwe mu buhamya nkunda cyane ni ubw'inshuti yanjye ndetse akaba n'umwigisha muri uyu murimo Pastoro Paul Ratsara. Pastoro Ratsara yakuze ari umupagani usenga ibigirwamana mu gihugu cya Madagasikari. We n'umuryango we bahoranaga umutima uhagaze wo kugusha neza imyuka y'abakurambere babo bapfuye, kandi yarimo gutorezwa kuzaba umupfumu igihe Imana yamuhamagaraga ikamuvana mu mwijima. Ntabwo Imana yamukijije mu buryo bwa Mwuka no kumuyobora ngo abe umugabura w'Umudiventisti gusa, ahubwo yamukijije no mu buzima bw'ibigaragara ibihe byinshi. Bimwe mu byo yamukijije birimo gukizwa uburozi yari yaroze n'abaturanyi be b'abanyeshyari, abasirikari bigometse ku butegetsi bigeze bamurasaho Imana iramurokora, ibindi biri mu gitabo gifite umutwe uvuga ngo *Kidnapped*[Yarashimuswe]!²

Mu gihe iyi nyandiko yandikwaga, Pastoro Ratsara yari umuyobozi wa Diviziyo y'amajyepfo ihuza Afrika n'ibirwa byo mu Nyanja y'Ubuhandi; asobanukiwe neza icyo twahawe mu butumwa bwiza n'uburyo kuba Umudiventisti w'umunsi wa karindwi bifite ubusobanuro bukomeye muri iyi minsi. Nk'ingaruka y'ibyo, kwizera kwe n'umwete we mu murimo byahinduye imibereho y'abantu ibihumbi byinshi mu itorero ku isi yose. Kandi na none biturutse kuri we no guterwa umwete na we, ndimo kwandika iki gitabo muri iyi minsi. Nta cyantera akanyabugabo nk'ibitekerezo bye kimwe n'iby'abandi bantu nka we. Bituma nifuza kuba umwiringirwa kurushaho bikomotse mu kunyereka Imana yo kwiringirwa dukorera.

Ugereranyije n'ubuhamya tumaze kubona aha, ubuhamya bwanjye wasanga nta murongo bufite. Sinakuze nkora iby'imikino, sinigeze mba inzererezi, sinabaye mu buvumo cyangwa ngo mbe umunywi w'ibiyobyabwenge. Ntabwo nigeze mpagarikwa umutima n'ibyo kugusha neza imyuka y'abakurambere banjye bapfuye, yemwe nta n'ubwo nigeze ngira abaturanyi ngo bandoge bitewe n'ishyari. Aho kumara imyaka yanjye y'ubuto nsimbuka amasasu cyangwa ndokoka abahiga ubuzima bwanjye ngo banyice, nakuriye mu kazuyaze k'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi ryo muri iki gihe cy'amajyambere mu burengerazuba bw'isi; rikungahaye kandi rigwiza ibyiza byinshi, aho tudatekereza yuko hari icyo dukennye nyamara mu by'ukuri turi abatindi, impumyi ndetse twambaye ubusa.

Mu gihe imizi yanjye y'ubudiventisiti igenda ikagera mu myaka magana atanu ishize, kubera ukudakunda iby'umwuka nakuze mbona mu mabyiruka yanjye, kuba umudiventisti w'umunsi wa karindwi ntibyigeze biba ikintu kinshishikaje. Yego nizeraga inyigisho z'idini, nubahirizaga Isabato, nakundaga kuramya twagiriraga mu muryango buri munsi aho data yadusomeraga Bibiliya, nyamara mu by'ukuri sinigeze nishimira kuja mu rusengero. Ariko nubwo bimeze bityo, sinigeze nta itorero, kuko hari ikintu cyari kiri mu mutima wanjye kimbwira ko Imana yifuriza ibiruseho abantu bayo, ndetse ikanabinyifuriza nanjye ubwanjye.

Bitewe n'amasengesho y'ababyeyi banjye bakomeje gushikama ku kwizera kwabo, nemejwe n'umutima wanjye kwiye gurira Imana nkiri muto, kandi guhera ubwo menya yuko Imana yarimo impamagarira kuyikorera. Nyamara ibyo ntibyabaye mbere hose kugeza ubwo nari ngeze mu myaka yo kuja mu ishuri ryisumbuye, kure y'imuhira ahari ishuri rito ryitwa Oklahoma Academy, ni bwo numvise nshishikajwe no kuba umukiristo w'umudiventisti w'umunsi wa karindwi. Aho niho natangiriye kumva ko isengesho rimpindukiye ikintu cy'ukuri kandi cyanjye bwite, kandi aho ni ho natangiriye kubaka urufatiro rwo kwizera kwanjye.

Icyavuye mu cyifuzo cyanjye cyagendaga gikura cyo gukorera Umwami igihe cyose nari ndi ku ishuri ryisumbuye gukomeza ndetse ukageza no mu ishuri rikuru, ni uko ninjiye muri buri kintu cyose natekerezaga ko cyari gukuza kugendana n'Imana kwanjye. Nari umuntu ugaragara mu mirimo mu matsinda y'abasore bamaze gukura, nabaye

umukorerabushake mu mirimo myinshi, ninjiye muri gahunda zo kwiga ibyanditswe byera, nandika inkuru zimwe mu binyamakuru, nkunda umurimo w'ibwirizabutumwa, aho nagendagenda hirya no hino ku isi. Nakundaga ingendo, kandi icyabivuyemo, ni uko nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye naje kwisanga muri Noruveje mu Ishuri ryigisha Bibiliya, yemwe nza no kwisanga ndi mu misozi yo muri Amerika y'amajyepfo, aho namaze amezi make nigisha Bibiliya nk'umunyeshuri w'umubwirizabutumwa.

Mu myaka yose namaze mu ishuri rikuru, umushyikirano wanjye n'Imana wakomeje gukura kandi nkomeza gutera intambwe, nkomeza guhangana n'ubuzima n'amasomo yanjye mbikunze kandi mfite umwete mwinshi. Nize iby'ubuforomo mu ishuri rikuru ry'Abadiventisti riri mu majyepfo, kandi nubwo gahunda y'amasomo yari inkomereye (natakaje ukwezi kose ntiga igihe nari ndwaye bitewe no gukoresha ingufu nyinshi mu masomo), Imana yakomeje kumpira maze nza kurangiza amasomo mfite amanota meza cyane yo ku rwego rwo hejuru.

Nyuma yo kurangiza amasomo yanjye, natangiye gukora nk'umuforomokazi wemewe ahantu hatari kure y'umuryango wanjye. Igihe cyose nabaga mbonye amahirwe, nakomeje kujya ngendagenda nkora umurimo w'ivugabutumwa. Nayoboye amateraniro y'ivugabutumwa muri Kenya, nkora imirimo y'ubuvuzi mu Misiri, nigisha icyongereza abanyeshuri b'abatangizi muri Koreya y'Amajyepfo, nuko ibintu bikomeza bityo. Mu gihe nakomezaga gushaka gukorera Imana mbikuye ku mutima mu nzira ziruhije zagiye zituma kwizera kwanjye kugeragezwa, Imana yatangiye buhoro buhoro gufungura amaso yanjye maze ntangira kubona yuko nkeneye kugirana na *Yo isano irushijeho kuba yimbitse*.

Muri Mutarama 2007, nagize amahirwe yo kujya mu mwiherero w'itsinda ry'abigishwa ryari rigizwe n'abasore cumi na batanu. icyari kigamijwe cyane ni ukurushaho kumenyera Kristo mu Ijambo rye, nuko tumarana iminsi isoza icyumweru. Hejuru yo kuba twaramaraga umunsi wose twiga Bibiliya, twamaraga amasaha y'ikigoroba dusengera hamwe. Twarasengaga bigatinda tukageza nijoro dusengana n'inshuti dusaba gutsinda mu by'umwuka, tugasaba gusobanukirwa ijambo ry'Imana mu buryo bwimbitse, kandi ikiruta ibyo byose, twasabaga gusukwa kwa

Mwuka Wera mu bugingo bwacu. Kimwe mubyo nasabiraga mu isengesho ryanjye ry'umwihariko cyari ugusaba gusobanukirwa byimbitse kandi ngaha agaciro umusaraba. Ibi bishobora kugaragara nk'ikintu kidasanzwe, cyane ko nari maze igihe kirerire ndi umukristo; nyamara umutima wanjye wari umeze nk'uwaguye ikinya ku byo kumenya icyo Kristo yakozwe I Kaluvari. Ntabwo byari byarakoze ku mutima wanjye! Uko twarushagaho gusenga no kwiga Bibiliya muri iyo minsi isoza icyumweru, kwizera kwanjye kwarakuze buhoro buhoro noneho ntangira kumva nkunze Umukiza wanjye kurenza mbere hose.

Ngarutse imuhira, nakomeje kwinjira mu Ijambo ry'Imana kandi nkamara igihe kinini nsengana umwete. Ni muri iki gihe natangiye mu by'ukuri gutinyuka gusaba Imana ibirenze byo mu buryo bwa Mwuka. Ariko ntibyabuze gutwara igihe kingana n'umwaka kugira ngo Imana igire icyo ikora. Bwa mbere na mbere, yabanje kunyereka uburyo nari nyikeneye mu buryo bukomeye.

Kuvumbura imbaraga ziri mu butumwa bwiza

Nyuma yo kurangiza imirimo yo kwitegura urugendo rwanjye rw'ivugabutumwa rujya muri Peru, inshuti yanjye yitwa Pawulo yiga mu ishuri ryigisha ibyo kuvura amenyo riri muri Kaminiza y'I Loma Linda yambajije niba nakwishimira kujoyana n'itsinda ry'abaganga mu rugendo rw'ivugabutumwa muri Bangaladeshi. Yari amahirwe yo ku munota wa nyuma nari mpawe kuko hari hasigaye ibyumweru bibiri ngo bagende, nyamara kandi bari bagikeneye abandi baforomo kandi nyine nari umuforomokazi. Buri gihe nabaga niteguye kugenda; bityo rero nahise njya mu mubare w'abagenda.

Ibyumweru bibiri byakurikiyeho, nisanze ndi kumwe na bagenzi banjye twari dusangiye insinda mu modoka yihuta cyane yuzuye abantu mu mihanda irimo ubushyuhe n'ivumbi ryinshi yo muri Dhaka, umurwa mukuru wa Bangaladeshi—igihugu gituwe n'abaturage barenga miliyoni 170 kikaba ari igihugu nari nziho ibintu bike.

Nubwo nagiye mu bihugu byinshi biri mu nzira y'amajyambere, imibabaro narebesheje amaso yanjye yampindishije umushyitsi mu buryo bukomeye. Uwo munsu wa mbere, narebye mu maso y'imbaga

y'abantu benshi badafite ibyiringiro, kandi uko nabonaga ugucika intege ahantu hose, umutima wanjye wifuje kugira icyo ukora—nyamara se icyo gukora cyari ikihe? Nubwo jye n'inshuti zanjye twigomwe amwe mu mafunguro kugira ngo tubashe gusangira n'abashonje (igiciro cy'ifunguro ryacu nk'Abanyamerika cyashoboraga kubona ibiryo bisangiwe n'abantu mirongo itatu bo ku muhanda), twabonye neza ko bisa n'aho nta cyo twakoze. Mbese umuntu umwe cyangwa babiri babasha gukorera iki umujyi wose uko wakabaye n'igihugu kigoswe n'ubukene, inzara no kubura ibyiringiro?

Igitondo cyakurikiyeho ubwo nari ndi jyeneyine nsabana n'Imana, Imana yavugishije umutima wanjye kandi ni bwo bwabaye ubwa mbere mbonye by'ukuri yuko nkeneye cyane umusaraba.

Mbese murabibona? Igihe cyose nari narabayeho ndi umwana mwiza. Nari narabaye mu muryango utajyana n'ibyaduka w'Abadiventisti aho tutashoboraga gukora ibintu bibi abandi bantu bo mu isi bakoraga. Sinigeze nywa inzoga, sinigeze nywa itabi cyangwa ngo nkoreshe ibiyobyabwenge. Yego nagiye nkora amafuti kandi hari n'ibyaha bitobito nahoraga ndwana na byo—ariko ntabwo byari nk'ibyaha abantu benshi bakora! (Ariko uko ni ko nabitekerezaga muri icyo gihe!)

Nyamara mu buryo butunguranye, Imana inyereka uko umutima wanjye wari umeze mu by'ukuri. Wari wanduye, mbese umeze nk'iyi mihanda yo mu mujyi wa Dhaka. Nari ntewe ishema no gusohoka imwe mu mirimo no kwibonaho ubwiza bw'umutima. Numvaga hari ibyo ndusha abandi kubera yuko ibyaha byanjye bitagaragaraga ko ari bibi cyane, kandi ikirenze kuri ibyo, nakomokaga mu gisekuru cy'Abadiventisti b'umunsi wa karindwi. (ndetse nyogokuruza yari inshuti ya Ellen White!) Ikindi kandi, nari naragiye nishimagiza kenshi ku bw'impano n'ubushobozi nari mfite kandi nanone abakuze n'abasore bakaba baranshakaga nk'umuyobozi mu by'umwuka. Imibereho yanjye nari narayeguriye gukora umurimo w'Imana (kandi rwose nabikoranaga umutima ukunze), nyamara mu buryo butunguranye, nasobanukiwe yuko umugabane munini w'umurimo w'ivugabutumwa nakoreye hakurya y'inyanja nawukoreye kunezeza ibyifuzo bya kamere yanjye aho guhimba Imana bitewe n'uko n'ubundi nikundiraga guhora mu ngendo. Nari mfite impuhwe za kimuntu nyamara ntizari impuhwe z'Imana. Aho kugira ngo nite by'ukuri ku gakiza k'abazimiye, nitaga

cyane ku gufata amafoto kugira ngo nzayereke inshuti zanjye ngarutse imuhira.

Ni byo rwose, habayeho igihe numva ko imibereho yanjye nta byiringiro ifite. Habayeho igihe numva ko ibyaha byanjye binteye ubwoba mu buryo butavugwa kandi nashoboraga kwikubita hasi mbabaye nkaborogera ku birenge bya Yesu, nibaza niba yashobora kunkiza. Muri ibi bihe, nashoboraga kumwiyegurira maze amahoro ye akanyuzura. Nyamara icyo umusaraba usobanuye kuri jye cyakomeje kutumvikana neza mu bwenge bwanjye kandi nkumva bindi kure. Byakomeje bityo, rimwe na rimwe mu buryo ntasobanukiwe nkumva nongeye kwifata nkishyira mu mutekano uturuka mu gukiranuka nihangiyeye n'ukuva ku mirimo myiza kugeza ubwo numva nongeye kugwa. Kubera iyi mpamvu, urugendo rwanjye rw'ibya Mwuka rwabaye intambara ni hasi-ni hejuru.

Ibyahumetswe biratubwira bita, "Igiterekerezo cy'uko tubarwaho gukiranuka kwa Kristo, bidatewe n'ibyo twakoze byiza, ahubwo biturutse ku ubuntu bw'Imana, ni igitekerekerezo cy'agaciro gakomeye. Umwanzi w'Imana n'abantu [Satani] ntiyifuzaga yuko ukuri nk'uku kwakwigishwa, kubera yuko azi neza ko abantu baramutse bakwakiriye rwose, imbaraga ze zamenagurika. Aramutse ashoboye kwigarurira intekerekerezo z'abantu agatera gushidikanya, kutizera n'umwijima mu mibereho y'abavugaga ko ari abana b'Imana, ashobora kubatsindisha ibishuko bye."³

Ngana ku musozo rero, icyo gitondo cyo muri Bangladesh, nasobanukiwe neza ko nta buryo na bumwe nakoresha ngo mbashe kwihindura uwemewe n'Imana. Nabonye ko kugerageza guhindura umutima wanjye nkoresheje imbaraga zanjye bitashobokaga kimwe n'uko bitanshobokera kugaburira abantu miliyoni nyinshi zo mu mujyi wa Dhaka! Ni byo koko nashoboraga kugerageza gufasha abantu bake gusa, nk'uko nashoboraga kugira ibintu bike mpindura mu mutima wanjye, nkagerageza no kubaho imibereho itunganye. Nyamara nabonye neza yuko ntashobora kugera ku rugero rukwiriye nubwo nabaga nakoresheje imbaraga nyinshi kubera ko *mu by'ukuri nari umunyabyaha ukeneye Umukiza*. "Kuko twese twahindutse abanduye, kandi ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara bufite ibizinda; twese

turaba nk'ibibabi kandi gukiranirwa kwacu kudutwara nk'umuyaga" (Yesaya 64:6).

Nyamara mureke dushime Imana, kuko iyo ifunguye amaso yacu tukabona uko imitima yacu imeze, iduha ibyiringiro. "Nimuze tujye inama, ni ko Uwiteka avuga, 'Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera" (Yesaya 1:18).

Igihe nari nicaye mfite Bibiliya yanjye nitegereza iyi mirongo yari ifite amajwi asakuza nk'amahoni y'imodoka, amajwi y'inkoko zasakuzaga, ay'abana baririraga hirya no hino mu mihanda yaracecetse igihe nari ndimo nitegereza kurenza uko byigeze kumbaho mbere hose urukundo Umukiza yankunze. Amarira yatangiye gushoka ku matama yanjye ubwo ubusobanuro bw'icyo Kristo yankoreye ubwanjye i Kaluvari cyinjiraga mu bwenge bwanjye.

Igihe nasobanukirwaga n'icyo yankoreye kera i Kaluvari, umurimo Imana yonyine itameze nk'abantu yashoboraga gukora, mbega ukuntu nari inzimizi iteye agahinda, mpagaze nanduye kandi ntafite ikanzu yo gukiranuka kwe—impano ntashoboraga gukorera ngo nyibone—umutima wanjye wamenaguwe no kunyurwa n'urukundo ntashoboraga gusobanura. Nararize ndongera ndarira muri icyo gitondo igihe namubwiraga nsikimba aya magambo nti "Ndagushimye, ndagushimye, ndagushimira ko wamanutse ukaza kunshaka nanjye." Igihe narimo ndira, amahoro n'ibyishimo bidasanze nyamara bitangaje byasabye umutima wanjye mu buryo burenze ubwo nigeze menya mbere hose. Uwo munsu ni bwo imbaraga n'ubwiza bw'ubutumwa bwiza byakoze kuri jye mu buryo butangaje kandi burampindura bidasubirwaho.

Ellen White yanditse muri kimwe mu bitabo nkunda cyane cyitwa Uwifuzwa ibihe byose amagambo agira ati: "Umutima w'ubwibone ukora uko ushoboye kugira ngo uhabwe agakiza nk'igihembo; nyamara kwemererwa kuba mu ijuru kwacu no gutunganirizwa kubayo kwacu biboneka gusa mu gukiranuka kwa Kristo. Imana ntacyo ishobora gukora ngo ikize uwazimiye kugeza ubwo asobanukiwe n'integenke ze, akiyambura ukumva yihagiye kwe, maze akiyegurira kugengwa n'Imana"⁴

Nubwo muri iki gihe abakristo benshi bumvise inkuru y'ubutumwa bwiza inshuro nyinshi, nk'uko byari byarangendekeye, benshi ntibarumva neza ubusobanuro bwabwo mu buryo bwuzuye. Nubwo tubwiriza ubutumwa bwiza, duhakana imbaraga zabwo. Nubwo tugerageza kubuganiraho n'abandi, imibereho yacu ntirahindurwa na bwo.

Hudson Taylor, umwe mu bavugabutumwa ba mbere mu bice byo hagati mu Bushinwa, yamaze imyaka myinshi akora umurimo w'Umwami mbere yuko asobanukirwa ku giti cye icyo ubutumwa bwiza mu buryo bwuzuye ari cyo. Atentebutse kubera uburemere bw'ibyaha bye no kutagera ku byo agamije neza, yifuje amahoro, nyamara abona umwijima. Muri icyo gihe, yibajije niba bishoboka ko Kristo yabasha kumukiza.

Umunsi umwe, ubutumwa bwiza bwatashye mu mutima we, maze asobanukirwa mu buryo bwuzuye icyo Kristo yaje amuzaniye. Mu ibaruwa yandikiye mushiki we, yasobanuye ugukanguka kwamubayeho n'ingaruka kwazanye mu bugingo bwe. Yaragize ati:

“Ni mu buhe buryo ukwizera k'umuntu kwakomera? Ntabwo byanyura mu gukoresha ingufu nyinshi ngo wizere, ahubwo biva mu kwishingikiriza ku uwo kwizerwa’...

“...Naruhijwe n'ubusa igihe nageragezaga kurwana ngo nduhukire muri we. Sinzongera kwirushya ntyo. Mbese ntiyasezeranye kugumana nanjye—ko atazansiga kandi ko atazampana?

“Umugabane mwiza kurusha iyindi—niba umuntu yashobora kuvuga ko umugabane umwe uruta uwundi—ni uburuhukiro buzanwa no kwiyinga na Kristo. Nta kintu kikimpagarika umutima igihe cyose nsobanukiwe n'ibi; kuko nzi yuko ashoboye gusohoka ubushake bwe, kandi ubushake bwe ni ubwanjye. Aho abasha kunshyira hose n'uburyo abasha kuhanshyiramo bwo nta cyo buntwaye...Mu mwanya woroheje hanyuma y'iyindi yose, ampa ubuntu bwe; kandi no mu mwanya ukomeye cyane ubuntu bwe burahagije.”⁵

Ababonye guhinduka kwabayeho mu mibereho ya Hudson Taylor nyuma yaho baje kumutangaho ubuhamya muri aya magambo akurikira: “Yari icyigisho gituje. Mu bubiko bwo mu ijuru ni ho yakuraga buri gace k'ibyo yunguka buri munsi—“Amahoro yanjye ndayabahaye.” Ikitarigeze gihungabanya Umukiza cyangwa ngo kinyeganye umutima we, nticyashoboraga kumuhungabanya...Nta kintu na kimwe

cyashoboraga kumukoresha hutihuti cyangwa ngo gitume ashiguka, atengurwa, cyangwa se ngo ahungabane mu ntekerezo. Yari azi yuko hari amahoro arenze ugusobanukirwa k'ubwenge bw'abantu kandi ko Atari kugira icyo akora kiri hanze yayo.”⁶

Kimwe na Hudson Taylor, nifuza gusingira vuba bidatinze imbaraga y'ubutumwa bwiza aho gutegereza igihe kirekire kandi nararangije kwegurira Kristo ubugingo bwanjye. Nyamara inshuro nyinshi, igihe twakuriraga mu itorero dufite ubutunzi bw'ukuri imbere yacu, ntitwigeze dusobanukirwa n'ibyo Imana yadukoreye—icyo yadukijije, cyangwa icyo tugomba guhinduka cyo ku bw'imbaraga yaduhaye.

Kugenda werekeye Igihugu cy'Isezerana

Hashize imyaka mike gusa uhereye igihe natangiraga uru rugendo rutangaje, kandi nyine buri munsu wose uje uba ari umugabane wo gukura k'umuntu muri uru rugendo. Ndacyafite urugamba nk'uko undi uwo ari we wese arufite—kandi rimwe na rimwe ndagwa. Natahuye yuko mfite ibyaha birushijeho kuba byinshi kuruta uko nabitekerezaga! Ariko na none navumbuye ko Imana ishobora kumpa kunesha ndamutse ngundiriye sindekure.

Kugendana n'Imana umunsi ku munsu no kumenya umunezero uzanwa no gushyikirana na Yo umuntu ku giti cye, byambereye amahirwe akomeye. Ntabwo ari Umukiza n'Umwami wanjye gusa, cyangwa ngo abe uwo kwizerwa utamenera amabanga n'inshuti yanjye gusa, ahubwo yampindukiye *inshuti nyanshuti yavuye mu ijuru!*

Ntekereza yuko ubu ari bwo mpugijwe no gukorera Umwami cyane kurenza mbere hose. Nyamara hari ibintu byahindutse. Ibyo nashyiraga imbere kurusha ibindi bitandukanye n'ibyo nshyira imbere ubu! Nasobanukiwe ko Imana yampaye imyaka mike gusa kugira ngo nyikorere. Aho gukora ingendo ngamije kureba isi, ubu nzikora ngira ngo ngarure imitima mu bwami bw'Imana—naba ndi imuhira cyangwa mu bihugu bya kure. Nifuza kubona imitima y'abantu ihinduka ngo izaragwe iby'iteka ryose. Aho kujya ku rusengero njyanywe no kugira ibyo nironkera ku giti cyanjye, njyayo kugira ngo ngire icyo ntanga kandi mbere abandi umugisha. Aho kujyayo kugira ngo nezeze

amarangamutima yanjye nk'uko najyaga mbikora mu myaka yo hambere, nize gushingira kwizera kwanjye ku ijamba ry'Imana ridahinduka. Aho guterwa ishema n'ubushobozi mfite bwo kugira ibyo nkora no gusohozza zimwe mu nshingano zerekeye iby'umwuka, ubu nsobanukiwe n'intege nke zanjye kandi nishingikiriza ku mbaraga zayo.

Kugerageza gukorera Imana kwanjye kwarushijeho kumbera igitangaza. Nubwo naretse akazi gatanga umutekano w'uko kari akazi gahoraho ngira ngo niyegurire burundu gukora umurimo w'Imana, ntabwo mpagarikwa umutima no kubona ubwishyu cyangwa kwibaza uko ejo bizamera. Kimwe na Hudson Taylor, nsobanukiwe n'uko mu mwanya woroheje hanyuma y'iyindi yose, angenera ubuntu bwe; kandi no mu mwanya ukomeye cyane ubuntu bwe buhagije.

Nubwo uyu muni nibona nk'umuvugabutumwa aho ndi hose, Bangladesh yankoze ku mutima mu by'ukuri kuri urya muni ubwo nayisuraga ku nshuro ya mbere. Ubu maze kujyayo inshuro nyinshi, kandi ndatekereza gusubirayo bidatinze. icyo gihugu kiracyari ahantu hababaje kandi hagoye kurusha ahandi hose nigeze kugera; nubwo bimeze bityo numva hari imbaraga inkururira kwegera abantu baho, by'umwihariko abana.

Kuri irya nshuro ya mbere njyayo, nakunze ikigo cyita ku mfubyi kiri mu majyaruguru ya Dhaka hafi y'umupaka utandukanya icyo gihugu n'Ubuhande, ahari intera y'urugendo rungana n'amasaha umunani uvuye i Dhaka. Ubwo nasuraga icyo kigo cyita ku mfubyi cyitwa Bangla Hope (Ibyiringiro by'Abanyabangladesh), abadiventisti b'umunsi wa karindwi b'Abanyamerika bitwa Dave na Beverly Waid⁷ ari na bo bagishinze, bitaga ku bana bangana na 68. Uwo mubare waje kwiyongera maze bagera ku bana 133 na bo bakomeje kwiyongera. Birumvikana rwose ko uwo mubare w'abana bitabwaho ari nk'igitonganga cy'amazi mu ndobo uwugereranyije n'igihugu cyuzuye amamiliyoni y'abantu bakeneye ubufasha. Ariko n'iyi bwaba ubugingo bw'umuntu umwe bukijijwe mu gihe runaka, baba bazanye itandukaniro mu murage w'iteka kandi nize yuko iki ari cyo Imana iri kudusaba gukora—gukomeza gukora ku bukingo bw'umuntu umwe mu gihe runaka.

Kimwe n'abo bana bo mu kigo cya Bangla Hope, natwe turi imfubyi Imana yarokoye imibereho y'icyaha. Nyamara ntiyadukirije kugira ngo twigumanire iyo migisha twenyine. Yadukirije kugira ngo tuyifashe kugera ku bandi. Bamwe muri twe yadukijije ibyaha bya Egiputa kugira ngo dufatanye gukiza abagisaye muri Egiputa. Bamwe muri twe yabarokoye ubutayu bw'iby'umwuka bwa Lawodokiya kugira ngo turokore abandi banyalawodokiya. Nyamara ku iherezo ry'ibyo byose, Irashaka kutugeza mu Gihugu cy'Isezerano.

Benshi cyane mu bakristo bo muri iyi minsi, nubwo batewe ishema n'uko bateye intambwe bagasohoka muri Egiputa y'iby'isi, bageze mu butayu barahagarara, ntibakomeza urugendo. Bubatse ingo n'amatorero mu butayu, barema ibyiciro mu butayu, maze kwizera kwabo kuruma ntikwera imbuto mbese nk'uko byagendekeye imyaka ihinze ahabazengurutse ho mu kidaturwa.

Nyamara Imana ntiyaduhamagaye ngo tuve muri Egiputa y'ububata bw'ibya Mwuka ituzaniye kugira ngo dushinge amahema mu butayu bwo kuteri imbuto mu bya Mwuka. Ntiyatwambukije inyanja itukura mu buryo bw'igitangaza igira ngo itwitegereze twubaka amazu asekeje mu mucanga wo mu kidaturwa. icyo yashakaga ni ukutugeza bidatinze mu gihugu gitemba amata n'ubuki. Uyu ni wo mugambi yari ifitiye Isirayeli kandi ni wo mugambi idufitiye natwe uyu munsu. Mutyo twe kuzarira muri ubu butayu bw'iby'Umwuka bwa Lawodokiya inyuzwe n'uko imeze cyangwa ishishikajwe no kwihangira gukiranuka mu gihe Imana ishaka kutujyana i Kanani!

Ndashaka gusoza iki gice n'indirimo ivuga muri make ibyo Imana yakoze mu buzima bwanjye. Igihe nariho ntinyuka gusaba ibirenze, ntabwo nasogongeye cyangwa ngo ndabukwe gusa yuko Imana ari nziza, ahubwo yampaye no kurabukwa Igihugu cy'Isezerano cyuzuye ibishoboka byinshi, kandi ibyo ishobora kubigukorera nawe.

Hari ubwo nabonaga imigisha, none ubu mbona Imana

Hari ubwo nishimiraga amarangamutima, none ubu nishimira Ijambo ryayo;

Hari ubwo nashakaga impano, none ubu bwo ndashaka Utanga impano

Hari ubwo nashakaga gukizwa indwara, none ubu nifuza Umukiza wenyine.

*Hari ubwo nageragezaga bingoye, none ubu mfite kwizera gutunganye;
Hari ubwo nari nkijijwe by'igice, none ubu ndakijijwe rwose;
Hari ubwo nagundiraga ubutarekura, none ubu arankomeje cyane;
Hari ubwo natembanwaga ubudasiba, none inkomangiro yanjye irakomeye.*

*Hari ubwo nahugiraga mu kunoza gahunda, none ubu ndasenga nkizera;
Hari ubwo nahagarikwaga umutima n'inshingano, none ubu ni We unyitaho;
Hari ubwo nashakashakaga, none ubu nkunda ibyo Yesu ashaka;
Hari ubwo nahoraga nsaba, none ubu mpora nshima.*

*Hari ubwo nishingikirizaga ku mirimo, none ubu ni bibe uko ushaka ;
Hari ubwo nageragezaga kumukoresha, none ubu arankoresha;
Hari ubwo nashakaga imbaraga, none ubu nshaka Ishobora byose;
Hari ubwo nakoreraga kamere, none ubu ni We nkorera gusa.*

Igice cya 5

Ibiva Ahantu h'Ibanga ho Gusengera

Imbaraga zo kwiyegegurira Imana k'umuntu

ku giti cye

Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye. Nuko So ureba ibyiherereye azakugororera—Matayo 6 :6

Rimwe nigeze kumva umubwiriza avuga ko amenshi mu masengesho yacu aheruka gusubizwa vuba, ari ubuhamya bw'uko Imana iri hafi yacu tubana na Yo. Niba tutari kubona ibisubizo by'amasengesho yacu buri munsu, birashoboka ko twaba tutari kuboneka buri munsu imbere y'Imana. Sinzi niba ibi byakwemerwa mu masomo y'abahanga mu by'iyobokamana, ariko mu gihe tukizirikana ibi, mureke ngire icyo mbabwira ku uwitwa « Umunyamasengesho Hyde »

Yohani Hyde, uzwi na none nk' « Umunyamasengesho Hyde » yari umuvugabutumwa mu gihugu cy'Ubuhandi ahagana mu 1900 kandi yari aremerewe n'umutwaro wo kumenyesha abandi iby'agakiza ku buryo atarekeraga aho gusenga kugeza ubwo Imana yabaga izanye undi muntu, akamenya ukuri kandi ikongeraho n'undi. Umunsu umwe, yumvise yemezwa mu mutima we ko akeneye gusengera nibura umuntu umwe ku munsu, mu mwaka wari ugiye gukurikiraho. Yari intego yo gusenga idasanzwe, kandi bamwe basekaga iyi ntego bavuga ko itatekerezweho neza kandi ko yuzuye ubwirasi. Nyamara we yari afite amahoro ku Mana, bityo ashishikarira gusenga—kandi Imana yaramushubije.

Nta gushidikanya ntabwo byari byoroshye gusenga ayo majoro yose no kwiwiriza ubusa iminsi myinshi, nyamara yarashikamye Imana imuha kunesha. Kandi mu mpera z'umwaka, abantu barenga magana ane bari bamaze kwiyegegurira Imana binyuze mu muhati mwinshi yagize.

Ubwo inshuti ye yitwa E.G. Carré yatekerezaga kuri uyu mwaka wa mbere, yaranditse ati: "Mbese yumvise anyuzwe [amaze kubona ko ibyo kubona umuntu umwe ku munsu biciyemo]? Oya rwose. Mbese

bishoboka bite ko yari kurambirwa kandi Umwami we we atarambiwe? Mbese Umwami wacu we yari kumva anyuzwe ate igihe cyose akizi neza yuko hanze y'urugo hakiri indi ntama?"¹

Umwaka wakurikiyeho, Hyde yasabye Uwiteka kumuha imigisha isumbye. Noneho ubu bwo yasabye Imana kumuha abantu babiri buri muni! Na none Imana yaramushubije, kandi abantu barenga Magana inani barahindutse! Kugeza n'icyo gihe, ntabwo arakanyurwa, umutwaro we no kuririra imitima byarushijeho kuremera, kandi kubera yuko yari azi ko Kristo akwiriye kugarurirwa ubugingo bw'abo yapfiriye gukiza, umwaka ukurikiraho, yagundiriye Imana ahagaritse umutima ku bw'impamvu yera, ayingingira kumuha abantu bane buri muni. Byamusabye kumara ibyumweru asenga, amara ibyumweru arira, amara ibyumweru akirana n'Imana mbere yuko agira icyizere gihamye cy'uko Imana yamwumvise kandi ko yari kumusubiza. Kandi koko Imana yarabikoze!

"Byasaga n'aho buri gihe Yohani Hyde aba ari kumva ijwi ry'Umwungeri Mwiza rimuhamagara riti: 'Mfite n'izindi ntama—mfite n'izindi ntama.' Yahoraga ashakana urukundo imitima yazimiye ku buryo atanyurwaga n'ababonetse yaba umwe, babiri cyangwa se bane ku muni."²

Insinzi ikomeye yakurikiye amasengesho ya Yohani Hyde, ntiyabonetse hadatanze ikiguzi. Kandi ni ikiguzi ahari bake gusa muri twe bakwemera gutanga. Kubera umutwaro wo gusenga ashishikaye no guhangayikira imitima y'abantu yari yikoreye, kandi kubera imbaraga byasabaga umubiri we kuko yamaraga iminsi n'amajoro asenga ndetse rimwe na rimwe akamara ibyumweru mu masengesho, umutima we wavuye mu ruhande rw'igituza usanzwe ubamo ujya mu rundi. Nyuma y'imyaka mike akirana bikomeye mu masengesho, yicwa n'indwara y'umutima akiri muto—umutima uturika kubwo gushaka abazimiye.

Mbega ukuntu imitima yacu itentebuka uyigereraniye n'uw'uyu mwigishwa! Nyamara se na none iki gitekerezo ntigikwiriye kudukangurira gutinyuka gusaba Imana ibirenze!

Amwe mu magambo nkunda cyane ni amagambo aboneka mu Mwuka w'Ubuhanzu agira ati: «Ni amahirwe ya buri mukristo wese kudategereza kugaruka k'Umwami Yesu Kristo gusa, ahubwo ni

n'amahirwe ye yo kumutebutsa (2Petero 3 :12). Iyaba abitirirwaga izina rye bose beraga imbuto zimuhesha ikuzo, mbega ukuntu abatuye isi yose babibwamo imbuto z'ubutumwa bwiza mu buryo bwihuse ! Kandi bidatinze umusaruro ukomeye uheruka wahita wera kandi Kristo yaza guteranya umusaruro w'ingano z'agaciro gakomeye »³

Nkunda kuganiriza abantu iby' « Umunyamasengesho Hyde » kubera ko ubuhamya bwe bwanyeretse ko mfite ikibazo mu mibereho yanjye yo gusenga kurenza ubundi buhamya ubwo ari bwo bwose. Nshobora kuba nta bihumbi by'abantu ndi kuzanira Kristo nk'uko abandi bavugabutumwa n'abayobozi bari kubikora. Nta gushidikanya kandi siniyumvamo ko ndi ku rwego rw'aho nshobora gusaba Imana kumpa umuntu umwe ku munsu wihana mfite icyizere kidashidikanya ko mubona. Nubwo bimeze bityo, mu gihe gishize Imana yankozeho ku buryo nashoboraga gusaba nibura *kunsubiriza isengesho rimwe ku munsu*. Kandi igihe natangiraga kwandika no kubika ibisubizo nahabwaga buri munsu guhera mu myaka ibiri ishize, nta munsu n'umwe wiraga ntabonye nibura igisubizo cy'isengesho rimwe. Hariho iminsi imwe nabonaga ibisubizo bine cyangwa bitanu ku masengesho nabaga nasenze, ndetse umunsu umwe muri ibi byumweru bishize nabonye ibisubizo birindwi !

Mpereye ku buryo mbona Imana igarura isano yangiritse ku buryo abashaka nye bendaga gutandukana, nkabona ukuntu igarura mu kuri abantu bari barazimiye mu buryo bw'umwihariko, nkabona agakiza ko mu by'umwuka n'iby'umubiri abantu bari kwakira, nkabona ukuntu inzitizi zidashoboka zikurwaho imbere yanjye, nkabona ibyo nari nkeneye bisubizwa mu gihe nta wundi wari ubizi keretse Imana, nkabona ibibuye bikurwa mu nzira nyuramo (ni byo, n'amabuye nk'ayo Imana iyakuraho na yo), nkabona ukuntu impa ubwenge kandi mu buryo butangaje ikankingurira imiryango muri uyu murimo—ibisubizo bikomeza kuza byiyungikanya. Biragaragara ko ntashoboye kubona umwanya uhagije wo kubasangiza ibitangaza bibera hirya no hino. Ariko rero, koko nabonye Imana isubiza amasengesho yanjye buri munsu, rimwe na rimwe mu buryo bukomeye, ubundi bikaba mu buryo bworoheje, nyamara buri gihe byabaga mu buryo busobanutse, ukwizera kwanjye kwagiye kurushaho gukura.

Nizera n'umutima wanjye ko Imana yifuza ko twitegura kubona ibirenze, tugasengera ibirenze, kandi mu kwizera tugasaba ibirenze. Kandi byose bitangirira muri ya masengesho yo kwitanga umuntu akajya mu rwiherero ku giti cyeye. Ntidushobora kurota cyane niba tubaho kandi tugakora dukurikije ubushake bwayo. Ibi ntaho bihuriye n'impano zacu n'ubushobozi dufite. Birarebana n'ubushobozi bwayo. Dusengera kugira ngo imigambi yayo aho ari yo isohozwa.

Ibyahumetswe bitwibutsa bitya : « Si ngombwa yuko mujya ku mpera z'isi kugira ngo mubone ubwenge, kubera yuko Imana iri hafi. Si ubushobozi mufite uyu munsu cyangwa ubwo muzagira buzabahashe insinzi. Ni ibyo Imana ishobora gukora. Dukeneye kugira icyizere gike mu byo umuntu abasha gukora maze tukagira icyizere cyinshi cyane mu byo Imana ibasha gukorera buri mutima wose wizeye. Imana yifuza ko uyikurikira mu kwizera. Yifuza ko wiringira kuyibonaho ibikomeye birenze. »⁴

Nubwo gusengera hamwe n'abandi bizana imigisha ikomeye, gusenga uri wenyine mu isengesho ryo mu rwiherero ni amahirwe adasanzwe adashobora gusimburwa no gusengera hamwe n'abandi. Kumenya Kristo ku giti cyawe no kumenya uburyo bwo gukirana uri wenyine ni iby'agaciro gakomeye kugira ngo tubashe gutsinda mu bya Mwuka, byaba ku giti cy'umuntu cyangwa se ku itsinda ry'abantu benshi.

Ibikomoka ahaherereye ho gusengera

Mu bitabo byinshi bya Ellen White, afite byinshi avuga ku mumaro w'isengesho ryo mu rwiherero. Arandika ati : « Hejuru y'ibindi byose, ntidukwiriye kwirengagiza isengesho ryo mu rwiherero, kuko ari ryo bugingo bw'umutima. Ntibishoboka ko umutima wagubwa neza mu gihe isengesho ryirengagijwe. Isengesho ryo mumuryango cyangwa iryo mu iteraniro ntirihagije. Mu rwiherero, nimureke umutima ukingurirwe ijisho ry'Imana rigenzura byose. »⁵

Birashoboka yuko umwe mu bagorozi b'abakristo bazwi cyane babayeho mu myaka magana atanu ishize, ari Maritini Luther, umuyobozi w'icyaje kwitwa Ubugorozi bwa giporotestani. Amaze gukomezwa no kwiga Ijambo ry'Imana no kumara amasaha menshi asenga, yarwanyije

amakosa n'inyigisho z'ibinyoma by'ubupapa byari byarahejeje abizera benshi mu mwijima igihe kirekire. Yahagaze mu kuri kw'Ijambo ry'Imana ritunganye kandi ahabwa imbaraga binyuze mu mugisha uva kuri Mwuka Wera maze azana impinduka yanyeganyeye ubukristo ku isi yose kandi na n'ubu ikaba ikibunyeganyeza. Yahisemo guhagarara ashikamye maze ahangana n'ibyasaga n'ibidashoboka, nuko abayobozi b'ubupapa bamwohereza aho yagombaga kwicirwa (nk'uko bagiye babikorera abandi mu bihe byari byarabanjirije icyo gihe), nyamara arashikama, ntiyakurwa mu byimbo bye n'izo mbaraga z'umwijima zari zahagurukiye kumurimbura. Abandi babonye umwete we udacogora kandi bakemezwa mu mitima yabo n'ukuri yigishaga, bahitamo guhagarara na we mu ruhande yari arimo.

Mbese ibanga rye ryari irihe ? Ni gute yashoboraga guhagarara afite ubutwari agahangana n'imbaraga z'ubuyobozi bw'idini bufite ububasha no guhindura intekerezo z'abantu mu isi kandi ntahungabane ? Igisubizo ni *isengesho*. Imbaraga ze zavaga mu *masengesho yo mu rwiherero*.

Mwite kuri ubu buhamya bwa Maritini Luther n'uburyo yizeraga imbaraga z'isengesho—*ntabwo ari imbaraga z'ubushobozi bwe*—zamuhashaga kunesha :

Igihe abanzi bakomeye barimo bahuza imbaraga kugira ngo batembagaze kwizera kwa kigorozi, kandi inkota nyinshi zisa n'izivanywe mu rwubati ngo zimusogote, Luther yaranditse ati : « Satani ari kongera umujinya we ; abayobozi bakuru b'idini baraducira igico kandi dusumbirijwe n'intambara. Mwinginge abantu guhagarara bafite ubutwari imbere y'intebe y'Imana bizeye kandi basenga kugira ngo abanzi bacu batsindwe na Mwuka w'Imana maze abantu benshi bayoborwe ku kubona amahoro. Imbaraga iyobora ubushake bwacu ndetse n'umurimo wacu ni isengesho ; mumenyeshe abantu bacu ko inkota zibabanguriwe, kandi umujinya wa Satani ubahagurukiye maze basenge...

Ku bw'amasengesho yacu tuzakora byinshi biruta iby'abanzi bacu babasha kugeraho binyuze mu bwirasi bwabo »⁶

Nubwo ibikorwa by'abantu byari urucantege kandi bikagaragaza ko hari akaga kari imbere, Maritini Luther yari azi ko akorera Imana idashobora gukumirwa cyangwa ngo itegekwe n'imigambi y'abantu babi, kandi

Imana yagororeye kwizera kwe. Mu rwiherero haturutse imbaraga zanyeganyeje isi mu gihe cy'ubugorozi bukomeye.

Aya ni amagambo yanditswe kuri Maritini Luther muri icyo gihe cy'urugamba rukomeye :

« Ntiyashoboraga kumara umunsi nibura adafashe amasaha atatu ngo asenge kandi ayo masaha yayafataga muri cya gihe cyiza kiberanye no kwiga. » Mu rwiherero rwo mu cyumba cye, yumvikanaga asuka ibiri ku mutima we imbere y'Imana mu magambo yuzuye urukundo, kubaha n'ibyiringiro, mbese nk'igihe umuntu avugana n'inshuti ye. Yavugaga amagambo nk'aya ngo 'Ndabizi yuko uri Data ukaba n'Imana yacu, kandi ushaka gutatanya imbaraga z'akarengane gakorerwa abana bawe kubera ko uri kumwe natwe mu kaga turimo. Iki kibazo cyose ni icyawe kandi ukuboko kwawe ni ko kwaduhatiye kugira icyo tugikoraho. Turengere rero, Data ! »⁷

None se igisubizo cy'Imana cyabaye ikihe muri ibi bibazo ? Ibyahumetswe bitanga igisubizo : « Imana yumvise gutaka kw'abagaragu bayo. Yahaye ibikomangoma n'abagabura ubuntu n'ubutwari byo gukomeza ukuri aho bari bahanganye n'abateguka b'umwijima w'iyi si....Abagorozi b'Abaprotestanti bari barubatse kuri Kristo, kandi amarembo y'ikuzimu ntiyashoboraga kubatsinda. »⁸

Isengesho, impano ikomeye kuruta izindi zose

Mu gitabo cyitwa *Mu Bikari byo mu Ijuru* (*In Heavenly Places*) duhamirizwa dutya ngo: "Kwinginga ijuru k'umukiranutsi woroheje nyuma y'abandi bose gutera Satani ubwoba kurusha amateguko-teka atanzwe n'abayobozi bakomeye cyangwa iteka riciwe n'abami."⁹

Mbese dusobanukiwe neza n'icyo ibi bivuze? Binyuze mu mpano y'ijuru yo gusenga, Imana yaduhaye ububasha bwo gukora ku mitima abami n'abatware b'iyi si badashobora kugira! Ibi birakomeye kubisobanukirwa. Nyamara dushishikarizwa inshuro nyinshi muri aya magambo ngo: "Musabe muzahabwa; mushake muzabona." (Matayo 7:7), "nyamara ntimuhabwa kuko mudasaba" (Yakobo 4:2), "Kugeza none ntacyo mwasabye mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa ngo umunezero wanyu ube wuzuye. (Yohana 16:24). "Dushobora kwitegura

guhabwa ibintu bikomeye, birimo no kugerwaho na Mwuka w'Imana mu buryo bukomeye igihe tuzaba twizeye amasezerano ye."¹⁰

Imana uko yari iri ejo, ni ko iri n'uyu munsu kandi ni ko izahora. Ntiyigeze ihinduka. Itegereje kwerekana gukomera kwayo mu cyimbo cyacu. Nyamara ntabwo ifungurira inzu y'imigisha yo mu ijuru ba bandi biyizira hutihuti bagahita bongera bakigendera. Ishaka ukuri ko mu mutima; ishaka ko umuntu ayiyegurira ku giti cye kandi igashaka ba bandi bararamye bareba ijuru bayifuza kurushaho. Itegereje ba bandi bashaka kuyimenya buri muntu ku giti cye.

Nyamara ikibabaje, hari amasengesho rwose bisa n'aho atazigera asubizwa muri iki gihe—ya masengesho tudatinyuka gusenga. Mu rugendo tugendanamo n'Imana tujya mu ijuru, hari bimwe tudashobora kubona; ibyo ni bya bindi tubamo abanyantegenke ntitubisabe mu kwizera.

Igihe Imana igerageza kutwerekana ibishoboka byinshi biri imbere yacu, iratubwira iti: "Ntabaza ndagutabara nkwereke ibikomeye biruhije utamenya. Nshobora gukora byinshi cyane birenze ibyo wigeze utekereza cyangwa ngo ubirote! Ijuru si umupaka w'ibyo nshoboye gukora! Nyamara mukwiriye gusaba! Mukwiriye kwizera! Kandi ikiruta ibindi, mukwiriye kunshaka!"¹¹ Mbese tuzizera amasezerano ye? Mbese tuzamushaka kurushaho? Mbese tuzashikama mu Ijambo rye bona nubwo imiraba yaba ishegera ahatuzengurutse?

Imana irashaka abagabo n'abagore biyoroheje bazamara igihe bari ku mavi ahantu hiherereye, bagakirana ijoro ryose niba ari cyo kintu gikenewe kugira ngo ukuri kubwirizwe kandi imitima igarurirwe ubwami bw'imana. Imana irashaka abagabo n'abagore bahagaze mu ijambo ryayo bafite kwizera kandi bagasenga bagakesha ijoro. Mbese tuzaba aba bagabo n'aba bagore?

Maze Abantu Banjye Nibasenga

Imbaraga iwa Mu Gusengerera Hamwe nk' Itorero

« Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu. » 2 Ngoma 7:14

Nk'uko isengesho ryo mu ruhamwe ritasimbura iryo mu rwiherero, ni ko n'isengesho ryo mu rwiherero ritasimbura isengesho rikozwe n'imbaga y'itorero ryishyizehamwe. Yombi akwiriye kugendana !

Mu gitabo cye *Icyo Abadiventiste bakeneye kurusha ibindi (Adventism's Greatest Need)*, Pasitoro Ron Clouzer avuga uburyo yabonye ko isengesho risengewe hamwe rigira imbaraga ikomeye ku iteraniro ry'abizera ku buryo byatumye atangira umurimo w'ubugabura. Nkunda ubuhamya bwe kubera ko bunyereka yuko umurimo ukorwa n'isengesho ry'umuntu ku giti cye mu rwiherero ubasha gukura ugahinduka munini ku buryo ugera no ku iteraniro ryose—ndetse no kurenzaho!

Nubwo urusengeru rwe rwashoboraga kwicarwamo n'abantu magana ane, abantu ijana gusa ni bo bahateraniraga buri Sabato mu gitondo baje kuramya Imana, kandi na bo ntibahagerere igihe. Ariko yizeraga ko Imana ishobora gukora, nuko atangira kujya amara amasaha runaka yiga ukuri kw'Ibyanditswe byera ashaka gusobanukirwa biruseho uburyo bwo kubwiriza abandi Ubutumwa bwiza. Yamaraga igihe kinini yiga ku buryo yasigaranaga igihe gito cyo gutegura ibibwirizwa. Noneho rero, ubwo yari amaze kumenya ko Mwuka Wera ari we wenyine ushobora kwemeza imitima kandi agatunganya muri we ahari hari intege nke, nuko atangira kujya abyuka kare buri gitondo cyo ku Isabato agasengana umwete asaba ko Mwuka w'Imana asukwa ku iteraniro ry'abizera ashinzwe. Imana yatangiye kugira icyo ikora ku masengesho ye yo mu

rwiherero, kandi icyavuye muri ibyo, ni uko abantu benshi batangiye kwitabira amateraniro yo ku rusengero. Mbere yuko arangiza umwaka wa mbere, umubare w'abitabiraga amateraniro yo ku isabato wari umaze kwikuba inshuro eshatu. Nyamara iyi yari intangiriro gusa !

Ubwo yendaga kumara amezi cumi n'atanu ayobora iryo torero, yafashe icyemezo cyo gukora urwunge rw'amasengesho. Aganiriza abantu uburyo ibi byagize ingaruka nziza kuri we muri aya magambo : « Isi nshya uko yakabaye yarankingukiye. Gusenga no gushyikirana n'Imana byarushijeho kumera ikintu cy'ukuri kandi gifatika. Isano ngirana na Yesu yarushijeho gukomera. Naje kugeraho nsobanukirwa n'uburyo benshi muri twe tubaho imibereho iri mu kaga : tumenya yuko twenda kurengerwa n'amazi nyamara tukibwira ko icyo ari ikintu twategekewe kidahinduka, bitewe no kutamenya ko hejuru yacu hari indi si nshya. »¹

Ibyakomotse muri uru rwunge rw'amasengesho, ni uko Mwuka Wera yatangiye kugendagenda hejuru y'abagize itorero, ndetse ku buryo bufite imbaraga, maze abagize itorero batangira gusenga mu by'ukuri. Ntabwo bazaga mu materaniro yo hagati mu mibyizi gusa, ahubwo batangiye no kujya bakoresha amasaha y'ikigoroba kuri buri sabato bagasengera hamwe kugira ngo bakoreshe igihe cyabo neza. Bishyiriyeho igihe kidahinduka cya buri wa gatandatu w'Isabato bagahura ikigoroba bagasenga. Nyamara ibi ntibyari bihagije. Amaze kubona yuko bamwe mu bizera b'itorero rye bagira ikibazo cyo guterwa n'abadayimoni, Pasitoro Clouzer yararikiye abakuru b'itorero gufatanya na we mu masengesho ya saa kumi n'imwe z'igitondo ku munsu runaka bagasabira by'umwihariko abafite icyo kibazo. Barindwi mu bakuru b'itorero icumi bari mu itorero rye baraje, kandi icyo gihe cy'amasengesho cyagize imbaraga nyinshi ku buryo biyemeje kujya bahura buri cyumweru bagasengera hamwe. Byaje kugeraho biyongeye iminsi yo ku wa gatandatu, nuko baza no kongeraho ibitondo byo ku Isabato no ku wa mbere w'isabato. Nyuma abadiyakoni baza gusaba ko na bo bakwifatanya na bo mu masengesho y'ibitondo. Nyuma abizera baza gusaba na bo kwifatanya na bo gusenga, hanyuma ubwo iryo tsinda ryakuraga cyane ritangira kujya risenga buri gitondo mu minsi igize icyumweru.

Uko Mwuka Wera yasukwaga, Pasitoro Clouzer yabonaga ko abizera bagenda barushaho gutsinda mu bya Mwuka. Abakuru b'itorero

batarangwaga no gukunda gusenga mbere y'icyo gihe, noneho ubu ntibashakaga no gukererwa mu nama kubera ko inama zabanzirizwaga n'iminota mirongo itatu yo gusenga. icyavuye muri iyo migisha ya Mwuka Wera, ivugabutumwa riratangira, maze icyumba baturiragamo gihinduka ahantu hazwi ku izina rya Better Living Center (Ihuriro ry'imibereho Irushijeho kuba myiza), aho amahugurwa menshi y'ibyerekereye ubuzima, ibaruramutungo, ubuzima bw'umuryango yakorerwaga kugira ngo bifashe umuryango mugari w'abantu. icyavuye muri ibyo, ni uko abantu benshi babatijwe.

Mu mwaka wa kabiri, Pasitoro Clouzer yemejwe mu mutima we ko akwiriye gukora urwunge rw'amasengesho agasaba Mwuka Wera, kandi imigisha ya Mwuka Wera yaje yisukiranywa. Hagiye hirema amatsinda mato menshi, hatangizwa n'irindi shami ry'itorero. Kubera ko imbaraga y'Imana yari iri guhindura imibereho y'abantu benshi bagize itorero, bongereye « igihe cyo gutanga ubuhamya » ku gihe cyabo gisanzwe cyo kuramya Imana ku Isabato kugira ngo abantu babashe kuganira. Pastoro Clouzer avugaga ko hari abantu benshi bagombaga gukora urugendo rw'amasaha menshi mu modoka baje ku rusengero, kugira ngo bashobore kumva ibyo Imana yari iri gukora mu buzima bwa bagenzi babo basangiye itorero.

Igihe ndimo ntekereza kuri ubu buhamya, nibuka amagambo Ellen White yigeze kwandika avugaga ati : « Kuza kwa Mwuka Wera asutswe ku itorero gutegerezwa nk'igikorwa gishyize kera, nyamara ni amahirwe itorero rifite guhabwa uyu munsu wa none. Mumushake, musengere kumuhabwa, mwizere kugira ngo mumuhabwe. Tugomba kumugira, kandi ijuru ritegereje kumutanga. »²

Biragoye gutanga ubuhamya bwa Pastoro Clouzer mu nshamake kubera ko Imana yakomeje kumuha imigisha yiyungikanywa. Mu gihe cy'imyaka itanu yamanywe n'iryo teraniro ry'abizera, imigabane ya kimwe mu icumi yari imaze kwikuba inshuro enye, kandi amaturo y'ivugabutumwa yarazamutse cyane agera ku bihumbi bitanu ku ijana (5.000%) ! Abizera banditswe mu gitabo cy'itorero bikubye inshuro eshatu kandi benshi muri bo binjiye mu murimo mu buryo bumwe cyangwa ubundi, ntibari bakiri indorerezi mu Itorero. Abantu hafi magana abiri barabatijwe. Nk'uko abyivugira ubwe agira ati : « Iki kibasha kutumvikana nk'ikintu

kidasanzwe ahantu hamwe na hamwe ku isi,»³ ariko ino aha mu burengerazuba bw'isi aho abantu bibereye mu mutekano wa Lawodokiya, iki ni igikorwa nyakuri cy'Imana.

Mutyo twe kwibagirwa ko icyo Imana yakorereye iri Torero ryose ry'abizera cyakomotse ku muntu umwe wari ufite ubushake bwo gukiranira n'Imana mu cyumba cye cy'amasengesho ahantu hiherereye. Aho ni ho umurimo nyakuri watangiriye, kandi aha ni ho na none umurimo utangirira kuri twe ! Ibyahumetswe birabihamya : « Insinzi zikomeye z'itorero rya Kristo cyangwa z'umukristo ku giti cye ntiziboneka bitewe n'impano, amashuri, ubutunzi cyangwa ku kurebwa neza n'abantu bakakugirira neza. Insinzi nk'izo zikomoka mu cyumba tuvuganiramo n'Imana, igihe kwizera gushikamye kandi kunihira Imana kugundiriye ukuboko kw'Ishoborabyose kandi gufite ububasha. »⁴

Nubwo ibintu byatangira ari bitoya, dukwiriye gukomeza gusenga. Nta kabuza abandi bazifatanya natwe kandi umurimo uzatera imbere. Ibyo Imana yakoreye Pastoro Clouzer n'itorero rye, ishobora kubikorera n'undi uwo ari we wese cyangwa irindi torero iryo ari ryo ryose ryifuza gufata ritajenjetse amasezerano yayo n'imbaraga z'isengesho.

Imigisha iwa mu isengesho rihuriweho n'abantu benshi

Mu gitabo cy'umuhanuzi Yoweli, tubonamo ishyanga ryari rihangayitse mu bya Mwuka. Icyavuye muri uko guhangayika, abayobozi baryo b'iby'umwuka bategetswe guteraniriza hamwe iteraniro, bagahuriza hamwe abantu ngo biyirize ubusa kandi basenge. « Abatambyi bakorera Uwiteka nibaririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro maze bavuge bati : 'Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, ntureka ab'umwandu wawe bashinyagurirwa, kandi ngo bategekwe n'abanyamahanga. (Yoweli 2 :17)

Mbese ni iki cyari gukurikira iki gihe cyo kwiwiriza ubusa no kwinginga no gusabira abantu gukorewe hamwe ? Umuhanuzi Yoweli arakomeza : « Maze Uwiteka agirira igihugu cye ishyaka, ababarira ubwoko bwe. Nuko Uwiteka asubiza ubwoko bwe ati : 'Dore ngiye kuboherereza ingano na vino n'amavuta ya Elayo bibahaze, kandi sinzongera kubakoza isoni muri abo banyamahanga...Nzabashumbusha imyaka inzige zariye, n'iyariwe n'uburima n'ubuzikira na kagungu, za ngabo zanjye zikomeye

nabateje. Kandi muzarya muhage, muhimbaze izina ry'Uwiteka Imana yanyu kuko yabakoreye ibitangaza, kandi ubwoko bwanjye ntibuzongera gukorwa n'isoni ukundi (imirongo ya 18,19,25,26).

Nyamara ibyo si byo byonyine byagomaba kubaho. Imirongo mike ikurikiraho itubwira gusukwa gukomeye kwa Mwuka kwari gukurikiraho. «Hanyuma y'ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n'abasore banyu bazerekwa. Ndetse n'abagaragu banjye n'abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye muri iyo minsi (imirongo ya 28,29).

Hari icyo Ellen White avuga kuri aya magambo : « Niba ubu buhanuzi bwa Yoweli bwarasohoye igice mu gihe cy'intumwa, turi kubaho mu gihe buzigaragaza mu buryo bukomeye ku bwoko bw'Imana. Izaha Mwuka wayo ubwoko bwayo ku buryo buzahinduka umucyo hagati y'umwijima w'ibijyanye n'imico-mbonera ; kandi umucyo ukomeye uzamurika mu bice bitandukanye by'isi. icyampa ukwizera kwacu kukiyongera, maze Uwiteka agakorera imirimo ikomeye ubwoko bwe. »⁵

Pasitoro Mark Finley atubwira ukuntu we n'umugore we batangaye mu myaka mike ishize ubwo bari bageze mu itorero ry'ahitwa Shenyang ho mu Bushinwa riri mu majyaruguru ya Koreya y'amajyaruguru. Iri torero riri mu matorero manini y'abadiventisti ku isi muri iki gihe, ribarirwamo abizera barenga ibihumbi bitandatu (6,000). Iri torero ryatangiriye ku bizera umunani none ubu rimaze kubyara andi mashami arenga magana atatu agiye agizwe n'abizera mirongo itanu kugeza ku bizera amagana muri buri shami.

Igihe Pastor Mark Finley yabazaga pastoro ibanga ryatumye habaho gukura gutangaje gutyo, yabwiwe ko byatewe no gusenga! « Twahuraga buri gitondo guhera saa kumi n'igice (4:30 tukageza saa 6:00 tugasenga, kandi abizera bageze ku 150 kuzamura bazaga buri munsu. Ibi bihe byo gusenga byatumye imbaraga z'Imana zizana ububyutse no gukura kw'itorero.

« Noneho Mark Finley abaza impamvu bazaga butaracya bene ako kageni--(saa 4:30)! Pastoro yamushubije ko byaterwaga n'uko abantu benshi bafite imirimo ibatwara umwanya baba bakeneye kujya ku kazi, ababyeyi bafite abana bagomba kwitaho, n'abanyeshuri baba bagomba

kujya ku ishuri.” Bityo bakaza gusenga mbere yuko batangira gukora inshingano zabo za buri munsi.⁶

Umunyamateka ku rwego rw’isi ku byerekeranye n’ububyutse witwa J.Edwin Orr yigeze kwandika ati: “ Nta gukanguka gukomeye mu by’Umwuka kwigeze kubaho aho ari ho hose ku isi kutabanjirijwe n’amasengesho ahuriweho na benshi—abakristo bashikamye bagasengera kubona ububyutse.”⁷ Mutyo dukoreshe aya mahirwe y’impano twahawe, amahirwe yo gusenga turi mu rwiherero no gusengera hamwe n’abandi. Dufite iri sezerano ngo “Igihe inzira ya Mwuka w’Imana izaba imaze gutegurwa, umugisha uzatuzaho. Satani ntiyaba agishoboye kubuza imvura y’umugisha kumanukira ku bwoko bw’Imana, kimwe n’uko adashobora gukinga amadirishya y’ijuru kugira ngo abuze imvura kugwa ku isi.

Kubura icyizere cy’uko Imana ibasha gukora

Benshi muri twe bashobora kwigira amasomo y’ingenzi ku byerekeye gusenga bayigiye kuri aba benedata na bashiki bacu bo mu Bushinwa. Bakwiriye kudutera umwete wo kubaza tuti: “Mbese nta cyizere dufite cyo kubona Mwuka Wera asukwa mu mibereho yacu no mu mirimo dukora? Mbese nta cyizere dufite cyo kubona ububyutse bwa buri wese ku giti cye? Mbese nta cyizere dufite cyo gutera intambwe ngo tuve mu kamenyero kacu kugira ngo twifatanye na benedata na bashiki bacu mu masengesho?”

Umunsi umwe nigeze kumva iby’umuntu wabajije pasitoro we icyo byamusaba kugira ngo abone ihembura rya Mwuka Wera rimuzaho ndetse rikaza no mu murimo we akorera Imana. Pasitoro we yamubwiye ko agomba kubanza kumubatiza kugira ngo abimwereke. Uwo muntu yatekereje yuko icyo ari ikintu kidasanzwe, ariko arabyemera. Ubwo bari bageze muri yorodani yo kubatirizwamo, pasitoro yapfutse amazuru y’uwo muntu maze amumanurira buhoro mu mazi. Nyamara aho kugira ngo yungere kumuzamura ngo amuvane mu mazi, pastoro yamugumishije mu mazi. Uwo muntu utari uzi ikigiye gukurikiraho, yatangiye kugerageza kwirwanaho, nyamara pasitoro amutsindagira mu mazi. Hashize akanya, uwo muntu atahwa n’ubwoba, atangira gutekereza yuko pasitoro ari kugerageza kumuroha mu mazi, maze

atangira gusanza amaboko n'amaguru akoresheje imbaraga nyinshi, agerageza kwikiza. Bigeze aho, pasitoro aramuzamura ava mu mazi.

Uko byagaragaraga, uwo muntu yari yahungabanye kandi ariho ahumeka insigane, maze atera hejuru ati: "Mbese uri kugerageza gukora iki muri iyi si? Urashaka kundoha? Pasitoro amusubiza atuje ati: "Igihe uzageza ubwo utentebuka kubera imbaraga n'umurava washyize mu gushaka ububutse, mbese nk'uko wakoze ushaaka guhumeka, ni bwo Uwiteka azohereza ububutse."

Tugira umwete mwinshi iyo bigeze ku byo dushaka kugeraho cyangwa icyubahiro mu by'iyi si. Abarushanwa bakomerwa amashyi ku bw'imbaraga bagaragaza n'abanyacyubahiro bagahabwa agaciro bitewe no kwihangana kwabo n'ubwitange bagaragaje. Nyamara se dushikama bingana iki igihe dushaka ibuye ry'igiciro cyinshi? Mbese tugira umwete ungana iki igihe dushaka ubutunzi bwo mu ijuru?

Kwifuza ubutungane no kwera ni byiza; nyamara iyo bikomeje bigungiriye aho, ntacyo biba bimaze. Imigambi y'Imana iratunganye, nyamara ntacyo yatumarira keretse gusa nishyirwa mu bikorwa hatabayeho kujenjeka....

...Benshi mu bavuga ko ari abakristo ntibasobanukiwe n'imbaraga ya Mwuka bashobora guhabwa baramutse bashatse kuronka kumenya iby'Imana bafite umwete, ubushake no gushikama nk'uko babigenza igihe bashakira ibintu bidafite agaciro kandi bishira byo muri ubu bugingo. *Abantu benshi cyane bavuga ko ari abakristo banyuzwe no kuba ibikuri mu bya Mwuka....*⁹

[Bityo rero] benshi bazarimbuka bacyiringira kandi bacyifuza kuba abakristo; nyamara nta mwete bashyizeho, ku bw'ibyo rero, bazashyirwa ku minzani maze basangwe ko badashyitse.¹⁰

Mureke twe gupimwa ku minzani ngo dusangwe tudashyitse. Dukurikije amagambo ya Dwight Nelson, umupastoro uyobora Itorero ry'Urwibutso rw'Abatangije umurimo (Pioneer Memorial Church), amasengesho yacu yagombye kurangwa no kwitakariza icyizere, gutitiriza no kwitega guhabwa ibyo dusabye.¹¹ Imana yishimira gusubiza amasengesho y'abacitse intege, by'umwihariko igihe basabira hamwe bafitanye ubumwe bagashikama ku ijamba ryayo bafite kwizera. Nibyo, ijuru riranyeganyega igihe ubwoko bw'Imana busenze!

Igice cya 7

Na n'uyu Munsu Imana Iracyakora Ibitangaza

Imbaraga z'amasengesho asengewe hamwe

Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru. —Matayo 18:19

Ntabwo nzigera nibagirwa umunsi inshuti yanjye Julia yampamagaye kuri telefoni. Se umubyara, utari wareguriye Kristo imibereho ye, yendaga gupfa yishwe n'indwara itunguranye. «Ndakwinginze mfasha dusenge kugira ngo Imana ikore igitangaza mu mutima we igihe kitararenga!», nguko uko yavuze antakambira.

Mu bihe byashize, ahari nari gufatanyaga n'inshuti yanjye gusenga turi kuri telefoni gusa, nyuma nkisubira ku kazi. Ikindi kandi, N'ubundi muri byose umpangayikishije ni Julia, kuko jye ubwanjye se uwo ntamuzi. Nyamara uwo munsi Imana yakanguriye ubwenge bwanjye gukora ibirenze. Yakanguriye guhagararana na Julia mu cyaho igihe yanyerekaga ko buri mutima wose ari uw'agaciro katarondorwa kuri Yo—naba mbazi cyangwa se ntabazi. Nuko nyuma yo gusengera kuri telefoni, numvise nemejwe mu mutima yuko Imana yarimo kunsaba gukomeza kwiwiriza ubusa ngasengana na Julia kugeza ubwo tubonye igisubizo cyo mu buryo bwa Mwuka.

Nari mfite akazi kenshi mu by'ukuri, nyamara nagashyize ku ruhande maze ntangira gusenga. Nyamara ntabwo nakomeje gusenga muri iryo joro rya mbere kubera amasezerano nari mfitanye n'abampaye akazi yanzitiye. Bwa mbere nabanje kujya impaka n'Imana mvuga nti : « Ibi nta bwanjye bubirimo, iki ni ikintu gito ! Sinakwibuza gukora akazi. » Nyamara naje kumva Mwuka We yemeza umutima wanjye ati : « Mbese ako kazi gafite agaciro kurusha ubugingo napfiriye ? » Numvise nkozwe n'isoni, maze ndeka icyaha cyanjye cyo kudasohozza ibyo Imana ishaka,

kandi igihe nagenzaga ntyo, numvise imbaraga nshya iri mu amasengesho yanjye.

Ijoro ryakurikiyeho kimwe n'indi minsi yakurikiyeho, nasenganye na Julia ubutadohoka—bisa n'aho tutigeze duhagarara—turimo gusaba iki gitangaza. Rwari urugamba rukomeye rw'iby'Umwuka kandi hari aho byageze jyewe na Julia ducika intege twumva dushaka kurekera aho. Nyamara Imana yumvise amasengesho yacu n'uburyo twari duhuje intego, ku iherezo icyubahiro kiba icy'Imana—insinzi yo mu by'Umwuka twasengeraga twiyiriza ubusa iraboneka, mbere yuko se apfa.

Imana iraturarikira twese guhuza umugambi wo gusenga twimbitse kandi dushikamye. Ntiturarikira gusengera ikintu runaka gusa, ahubwo iradusaba gusenga *mpaka*. Twese dusobanukiwe n'icyo gusengera ikintu runaka bisobanuye; dusengera ibyo kurya, dusengera kuba amahoro igihe turi mu mihanda, dusengera amasomo cyangwa inama, dusengera inshuti zacu n'abo dukunda, kandi tunasengera ibindi bintu amaso yacu abona byihitira ku nzira—kandi nyine bigenda uko byakagenze n'ubundi. Nyamara gusenga *mpaka* bisobanuye bitya: « Niyemeje gusenga no gutitiriza mu kwizera kugeza ubwo nzahabwa kunesha cyangwa kugeza ubwo nzabona igisubizo kije » Gusenga *mpaka* ntibyoroshye kubera ko tugomba kwiyeze guhatana igihe kirekire—igihe gishobora kungana n'imyaka runaka. Kandi tugomba no kuba twiteguye kureka icyaha cyose tuzi cyatubera inkomyi. Nyamara igihe dufite ubushake bwo gusenga *mpaka*, tukaba dufite umutima witanze rwose. Imana izaduha igisubizo !

Ibyahumetswe bidutera umwete muri aya magambo : « Isengesho ryose risenganywe umutima utarimo uburyarya rizabona igisubizo. Gishobora kuza mu buryo bunyuranye n'uko ubyifuza, cyangwa mu gihe kinyuranaye n'icyo wifuzaga, nyamara kizaza mu buryo ndetse n'igihe bikwiriye ku buryo kizahura n'igihe ugikeneyemo. »¹ Uwitwa Wesley Duewel yaranditse ati :

Mbese abigishwa bagombaga gutinda muri Yerusaremu igihe kingana iki ? « Ni ukugeza igihe bari kuba bambitswe imbaraga ziturutse mu ijuru »(Luka 24 :49). Mbese Mose yamaze igihe kingana iki azamuye amaboko ayerekeje ku Mana asenga ? Yagejeje igihe Abamaleki bari bamaze gutsindwa rwose (Kuva 17:13). Mbese Yosua yamaze igihe kingana iki atunze icumu kuri Ayi mu gihe ingabo zari zihateye?

Yagejeje igihe Yeriko yari irimbuwe rwose (Yosuwa 8:26). Mbese Eliya yamaze igihe kingana iki apfukamye asengana umwete nyuma y'amapfa y'imyaka itatu n'igice? Yagejeje igihe ibicu byari bimaze kwirema mu kirere (1 Abami 18:44). Mbese Yesu yamaze igihe kingana iki asengera i Getsemani? Yagejeje igihe Satani yari amaze gutsindwa. Mbese abigishwa bamaze igihe kingana iki basengera mu cyumba cyo hejuru? Bagejeje igihe Mwuka Wera yari abajeho. Hatitawe ku cyo dusaba icyo ari cyo, mbese tuzaba tugomba kumara igihe kingana iki dusenga, niba Imana ari yo yatuyoboye ku gusaba icyo dukeneye gihuje n'ubushake bwayo? Dukwiriye gusenga kugeza igihe igisubizo kibonekeye.

Gusenga *mpaka* gushobora kugera ku ntego gusa igihe dushinze imizi mu Ijambo ry'Imana. Ibi ntibisobanuye ko intego yacu isumba iy'Imana. Oya rwose, ahubwo ni icyizere dufite mu budahemuka bwayo. "Ntidukwiiye gushyira Imana ubukene bwacu tugira ngo turebe niba izasohozza ijambo ryayo, ahubwo tuyibushyira kubera ko izarisohozza; si ukugira ngo turebe ko idukunda, ahubwo ni ukubera yuko idukunda."³

Imana iracyakora ibitangaza kugeza n'uyu muni!

Iyo ubuzima bwacu tubuhaye Kristo, duhinduka umugabane w'abagize umuryango mugari w'abantu. Imana ntiyigeze iteganya yuko tuba amatsinda y'abantu batagira aho baturira n'abandi. Tugomba kuba ihuriro ry'abantu rigizwe n'abantu benshi bakorera mu bumwe kugira ngo bahendahende, batere umwete, kandi bakwirakwize ubutumwa bwiza. Iri huriro rigomba na none guhindura uburyo bw'imisengere dusanganywe.

Igihe Ellen White yandikiraga mwenedata na mushiki wacu Farnsworth ku byerekeye insanganyamatsiko yo gusengera hamwe, yaranditse ati: Dushishikarizwa gusengera kugera ku nsinzi, kandi dufite icyizere kivuye ku Mana yuko amasengesho yacu azumvirwa kandi agasubizwa. "Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru. Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye, nanjye mba ndi hagati yabo." (Matayo 18:18,19)...

Isezerano ritangwa ariko risaba yuko amasengesho aba ahuriweho n'abagize itorero, kandi mu gisubizo cy'amasengesho nk'aya, hashobora

kwitegwa imbaraga ikomeye kuruta ya yindi iza mu gisubizo cy'isengesho ry'umuntu umwe wiherereye. Imbaraga izatangwa izaba ingana n'ubumwe bw'abagize itsinda, n'urukundo bakunda Imana n'urwo bakundana hagati yabo.⁴

Na none agendeye ku byanditswe muri Matayo 18:19,20, Ellen White yanditse atangara ati: "Mbega isezerano rihebuje! Mbese turaryizera? Mbega ukuntu ibisubizo by'amasengesho nk'aya yazamurwa n'abibumbiwe hamwe byaba ari byiza igihe yaba azamuwe ku Mana mu kwizera kuzima!"⁵

Mureke mbabwire inkuru itangaje y'ibyabereye muri Vietnam mu bihe bitari ibya kera.

Nyuma y'uko bakiriye ibyishimo biva ku Mana mu mibereho yabo, umupasitoro w'umukorerabushake Hanh⁶ n'abagize itorero rye ryo mu rugo bemejwe mu mitima yabo ko bakwiriye kwiwiriza ubusa bagasenga kubw'ibirorero byari bitaragerwamo n'ubutumwa bwiza aho muri Vietnam. Batangiye gusenga bibanda ku kiororero cyari kiri mu bilometero hafi 241, ikiyororero kitabagamo n'umukristo n'umwe. Bahisemo icyo kiororero kubera ko wari umujyi ukomokwamo n'umwe mu miryango yari igize iryo tsinda. Uwo muriyango wa Wins⁷ wari ufite bene wabo bose batahindutse, bakaba barifuzaga kukiriza Umwami Imana. Nuko pasitoro Hans, umuryango we n'uwa Wins n'abagize itorero ryo mu rugo bandi batangira gusenga.

Ntihasize igihe kirekire, maze nyirasenge wa Wins—umukobwa witwaga Yen wababazwaga na kanseri yo ku nkondo y'igifu—aza mu mujyi wabo azanywe no kwivuza. Mwishywa we witwa Bwana Win ararikira Yen kuza mu itorero rya Pastoro Hans ryo mu rugo, aho baturiraga buri Sabato. Yaraje maze ahumvira ibya Yesu Kristo maze banamuha Bibiliya ye bwite. Yen yashimishijwe no kwakira Kristo nk'Umukiza we bwite kandi buri wese yarishimye—by'umwihariko bwana Win na madamu we. Nyamara kubera ko Yen yari ageze ku rwego rwa nyuma ngo kanseri imuhitane, muganga ntacyo yabashije kumukorera; ibyiringiro bye rukumbi byari bishingiye ku Muganga Mukuru. Nuko abagize iryo torero ryo mu rugo bagira umwete mwinshi wo gusenga basaba gukorerwa igitangaza.

Kanseri yatumye Yani aba atagishobora kurya, nyamara kwifuza kurya Ijambo ry'Imana ubudatuza byamuhaye gukomera. Amaze ibyumweru bibiri muri uwo muji, yasubiye mu muryango we mu kirorero cy'iwabo. Nyamara yarushijeho kuremba. Nyuma hafi y'ukwezi kumwe, muramukazi wa Yen yahamagaye pasitoro Hanh amubwira inkuru ibabaje yuko Yen yendaga gupfa.

Umuryango wa Wins, ufatanyije n'itorero ryabo ryo mu rugo bari barakomeje gusengera Yen n'abo mu kirorero cy'iwabo, nyamara igihe bari bamaze kumva iyi nkuru, bahise bateranira gusengana umwete batitiriza basaba Imana ngo itabare. Basenganye umwete mu gihe cy'amasaha abiri, basaba gusohorezwa Zaburi ya 30 ku bw'ubugingo bwe. Bagiye inama n'Imana, bayibaza bati: "Mbese nureka Yen agapfa, ninde uzaguhimbaza muri uyu mudugudu?" Ku iherezo ry'isengesho ryabo, biyumvisemo amahoro n'ibyiringiro ko Imana iribumukize.

Nyuma yuko bafashe undi mwanya wo gusengera hamwe ku munsu wakurikiyeho, pasitoro Hanh yahamagaye kuri telefoni agira ngo amenye niba Yen ari korohereye. Yatahuye ko yataye ubwenge ari muri koma akaba ari mu marembera. Igihe yavuganaga na muramukazi wa Yen utari umwizera, yaramwinginze cyane ati: "Mbese ukunda Yen? Niba umukunda, ntega amatwi! Yavuze akomeje ati: "Tumaze igihe dusenga dusaba Imana ngo imukize." Ni Yo yonyine ibasha kumufasha muri uyu mwanya! Ndakwinginze genda ufate igitabo cya Yen cyitwa Bibiliya, rambura muri Zaburi ya 30, pfukama iruhande rwa Yen maze usome ayo magambo, ugende ushyira izina rya Yen muri icyo mirongo. Avuga ashimangira yuko Imana ishobora kumukiza no kumugarurira ubuzima. Ku rundi ruhande rwa telefoni habaye guceceka. Igihe pasitoro Hanh yarambikaga telefoni, ntiyari azi neza niba muramukazi wa Yen agiye gukora ibyo yari amusabye; nyamara abagize iryo tsinda bakomeje guhurira hamwe bagasenga biringiye Uwiteka.

Iminsi mike nyuma yaho, pasitoro Hanh aherekejwe n'umuryango wa Wins bagiye gusura cya kirorero[umuryango wa Wins ukomokamo]. Basanganiwe n'urusaku rw'ibyishimo rw'abantu barimo na Yen wari warakize icyo gihe, muramukazi we, n'abandi bantu benshi bahoze batari abizera, bese basingiza Imana.

Nuko Muramukazi wa Yen atangira kuvuga ati: "Hashize umwanya muto pasitoro Hanh ahamagaye, Yen yarekeye aho guhumeka. Nari narangije kumwuhagira, ndimo gutegura ikanzu yo kumushyingurana ngo nyimwambike maze nibuka amagambo pasitoro Hanh yari yambwiye kuri telefoni. Maze ahindukirira Pasitoro Hanh amubwira afite ibyishimo byinshi ati: "Nta byiringiro nari nsigaranye uretse gukora ibyo wari wagambiriye. Nyuma yo gukora ibyo wari wambwiye, Yen yatangiye kwikuraho uburingiti yari azingiyemo abushyira ku ruhande. Namwitegereje ntangaye kandi mfite ubwoba ubwo nabonaga atera uburingiti imigeri afite ingufu agira ngo abwikize. Nuko areguka aricara. Sinashoboraga kubyumva kuko yari amaze ibyumweru bibiri ateguka aho aryamye! Asaba ko bamuha ibyo kurya, nuko ararya. Ni igitangaza nyakuri!"

Ntabwo Yen yazutse gusa, ahubwo yanakijijwe indwara ye rwose. Bahereye kuri uru rugi rushya rwari rubakingukiye, Pasitoro Hanh n'umuryango wa Wins, bafatanyije n'itorero ryo mu rugo batangiye kwigisha icyo kirorero, bababwira iby'Umutangabugingo ubakunda n'amagambo ye afite imbaraga aboneka muri Bibiliya. Abantu barenga mirongo itanu bakiriye Kristo, kandi amakuru y'icyo gitangaza n'urukundo rw'Imana ubu biri gukwirakwira no mu bindi birorero byo muri ako karere.⁹

Mbese ye, iki gitangaza cyari gukorwa iyo abizera bo muri ririya torero rito ryo mu rugo muri uriya muji batagira ubushake bwo kwiwiriza no gusengera kiriya kirorero? Mbese byagenda bite turamutse dukurikije urugero rw'aba benedata na bashiki bacu bo muri Vietnam tugasengera abantu batari bagerwaho [n'ubutumwa bwiza] bo mu muryango mugari w'aho dutuye n'ahandi tubasha kugera?

Kugaruka ku by'ibanze

Nubwo nakuriye ahantu nabashaga gusoma inkuru z'uburyo Abadiventisti batangiye umurimo n'uburyo bakundaga gusenga no kwiga Bibiliya bagakesha amajoro, ntibibujije ko mu minsi mike gusa ishize ari bwo natangiye kumva uburyohe bw'uko iyo minsi itangaje igomba kuba yari imeze.

Mu 2009, Imana yaduhuriye hamwe nk'itsinda ry'abantu bari bafite ubwuzu bwo gufasha ubwoko bw'Imana kumenya icyo ububutse nyakuri bw'umuntu ku giti cye mu bya Bibiliya ari cyo. Tuyobowe na Pastoro Ivor Myers,¹⁰ afatanije n'abandi bapasitoro benshi n'abigisha ba Bibiliya baturutse impande zose mu isi, intego yacu yari iyo guhuriza abantu hamwe tukabahugura no kubaha uburyo bufatika bwabafasha kwimbika mu ijamba ry'Imana umuntu ku giti cye

.Nyuma y'amezi atandatu dutangiye kungurana ibitekerezo, twakiriye abantu ku nshuro ya mbere ngo tubahugurire ahantu hitwa I Soquel muri Leta ya California hagati. Kubera ko aya yari amahugurwa ya mbere, kandi benshi muri twe tukaba tutari abagabura b'abanyamwuga muri byo (usibye Pasitoro Myers wenda n'undi muntu umwe cyangwa se babiri), twari twateguye kwakira abantu magana abiri kugeza kuri magana atatu gusa.

Ntitwari tuzi neza uko byari kugenda, nyamara Imana yaduhaye umugisha mwinshi ku rwego rukomeye kurenza uko twabitekerezaga. Iyi nshuro ya mbere gusa twakiriye abantu barenga maganatatu na mirongo itanu (350). Kandi nubwo twari twatangiye dufute ibibazo bijyanye n'amafaranga ndetse tukaba twari twahisemo korohereza abantu ku byo basabwaga ngo babashe kwitabira ayo mahugurwa (kuko tutifuzaga kugira uwo dusubiza inyuma ashaka kumenya uburyo biga Bibiliya), aho kugira ngo tubone amadolari ibihumbi icumi twari twasenze dusaba ngo aboneke mu maturo agakoreshwa mpaka amateraniro arangiye, Imana yaduhaye hafi amadolari ibihumbi 35 yakomotse mu mpano z'ubushake. Ntitwashoboraga kubyiyumvisha! Twamenye tudashidikanya yuko Imana iri kuduha imigisha kandi ko yashakaga ko dukomeza uwo murimo, kandi tugatinyuka gusaba imigisha irenze no gukizwa kw'imitima kurenzeho.

Kubw'umugisha w'Imana uwo murimo waragutse. Abantu bitabiraga buri giterane, kandi byasaga naho muri buri mahugurwa Mwuka Wera yasukwaga cyane kurusha ku nshuro yabanjirije iyo. Uko igihe cyarushagaho kujya mbere, twagiye twakira ubuhamya bwinshi bw'ibyo Imana yari iri kugenda ikorera mu mibereho y'abantu bitabiraga ayo mahugurwa uko bagendaga bashyira mu bikorwa ibyo bize iyo babaga

bageze mu ngo zabo. Kandi uko imibereho yabo yagendaga ihinduka, niko n'iyacu yahindukaga.

Ubu hamaze gushira imyaka itanu uhereye igihe iyo gahunda y'Icyiciro cy'Ingando ya Bibiliya izwi ku izina rya ARME¹¹ itangiye, kandi vuba aha, twarangije amahugurwa yo kwiga Bibiliya ku nshuro ya 20.

Igitangaje, muri iyi myaka mike ishize, twabashije kubona Imana ikora ku buzima bw'abantu ibihumbi byinshi bitabiraga amahugurwa b'ahantu hatandukanye nko muri Leta Zunze ubumwe za Amerika, mu Bwongereza, muri Indoneziya, Afrika, Aziya, mu Burayi, muri Aziya yo hagati, no mu mijyi nka Dubai n'ahandi. Ntabwo twabonye abantu begurira Kristo imibereho yabo gusa, ahubwo twabonye urubyiruko rwinshi rutajyaga rwita ku bya Mwuka; none ubu rukaba rwarakunze Ijambo ry'Imana n'imbaraga yo gusenga. Twabonye abashakanye bendaga gutandukana basubira kuba umwe. Twabonye imiryango yiyunga. Twabonye abayobozi b'itorero basubizwamo ububyutse.

Twabonye amashuri anyeganyega bitewe n'abanyeshuri bayagarutsemo bavuye mu miryango yabo buzuye urukundo rwo kwiga Bibiliya no gusenga. Twabonye imisozi yo mu bya Mwuka ikurwaho. Twabonye abantu bakizwa indwara mu buryo bw'igitangaza. Nyamara ikiruta ibyo byose, twabonye abagize itorero ry'Imana ryasigaye bagarurirwa ubugingo kurenza uko twigeze kubibona mbere hose. Mbese ni ukubera iki Imana yatanze umugisha mu buryo busendereye? Ndaza kubaha ikintu kimwe kibafasha kubyumva. *Bifite icyo bihuriyeho n'isengesho rihuriweho na benshi.*

Muri rwa rugaga ruzwi ku izina rya ARME, buri gitondo cy'ibihe by'amateraniro yacu gitangirana n'amasengesho amara nibura iminota 30, mu isengesho ry'urunana —kandi ntibivuze ko ari abantu nka 12 cyangwa barenzeho gato bahura bagasengera hamwe batyo. Oya. Akenshi, abantu barenga ijana baza kwifatanya natwe muri iki gihe cy'amasengesho cya buri munsu. Noneho kandi, tukagira n'icyitwa iteraniro ry'amasengesho amara umunsu wose mu bihe by'ayo materaniro. Ubu ho rero abitabiriye ya mahugurwa bahura umunsu wose bagasengera abari abigisha, bagasengerana hagati yabo, kandi bagasabira no gusukirwa Mwuka Wera ku rwegu ruhebuje.

Twahise ndetse dutangira na gahunda y'isengesho rikesha ijoro ryose muri buri gihe cy'amahugurwa, kandi abenshi mu bitabiraga

amahugurwa bazaga kwifatanya natwe. Muri iri teraniro, twingingiraga Imana gusukira Itorero ryacu Mwuka Wera ku rugero ruhanitse, na none kandi tugafataga igihe tugashyira ibyifuzo bya bamwe bo mu abitabiriye uwo mwiherero dushyira imbere y'Imana. Muri Yakobo 5:16 haratubwira hati: "Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane kugira ngo mukizwe. Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete."

Benshi bagiye batanga ubuhamya yuko iki gihe cy'amasengesho ya nijoro, ari umwe mu migabane y'amahugurwa yagiye igira umumaro ukomeye cyane kubera gukizwa mu bya Mwuka bagiye bahabonera, urukundo n'ubumwe bagiye bahaboneye kandi batari barigeze babibona mu bizera.

Twatahuye ko Imana itazitirwa n'uko ari nta bushobozi buhari, nta bafite impano, cyangwa ko nta bafite uburambe bwo gukora umurimo. Igiteye ikibazo kuri Yo, ni imitima yacu. Mbese twaritanze? Mbese turayumvira tugakora ibyo ishaka? Mbese dukurikiza Ijambo ryayo?

Pasitoro Paul Ratsara, umuyobozi wa Diviziyo y'amajyepfo ihuza Afrika n'ibirwa byo mu Nyanja y'Ubuhandi, yakunze kuboneka mu materaniro y'urugaga rwacu ARME, kandi we ubwe yagiye afata igihe agahugura itsinda ryacu. Aherutse kumbwira aya magambo ngo: "Ntekereza ko dukunda kwirushya muri iyi minsi dushyiraho gahunda z'uburyo ibintu bikwiriye gukorwa kugira ngo tugere ku ntego, nyamara gahunda nyazo zanditswe muri Bibiliya no mu buhamya bw'abahanuzi b'Imana. Si ngombwa ko dushyiraho uburyo bushya cyangwa gahunda nshya. Mwuka Wera yemeje uburyo na gahunda Imana yaduhaye. icyo dukwiriye gukora ni ukubikurikiza. Dukwiriye gusubira ku by'ibanze. Nitubikora, tuzabona Pentekoti yongeye kubaho."

Ibyahumetswe biratubwira bita: "Imana igira icyo ikora bitewe namwe, abantu nk'ibikoresho byayo, nimusohozza inshingano mukoresheje uko mushoboye kose, Yo ubwayo izishingira kongera umusaruro. Abantu nk'ibikoresho by'Imana baramutse bemeye kuba abafatanyaga n'ubwenge bw'Imana, ibihumbi byinshi by'abantu byabasha kurokoka"¹²

Tugomba kwibuka yuko ari imbaraga ya Mwuka Wera ibasha kwemeza abantu mu buryo bwuzuye no kuzana impinduka mu mibereho y'abantu. Uyu si umurimo wacu! Uyu ni umurimo w'Imana! Nyamara iyo Mwuka Wera ahari, kandi igihe duhuriye hamwe kwiga Bibiliya n'igihe kinini

cyo gusenga, bisa no gukongeza umuriro ku rutambi [imbaraga zikomeye zisandaza ibitare binini by'amabuye]—*urutambi rwa Mwuka Wera!* Kandi ikizava muri ibyo, ni uko hazabaho benshi bazafatwa n'ububutse, imibereho y'abantu benshi ikorweho kandi ihinduke.

Ni byo rwose, ibyo twiboneye ubwacu ni ukurabukwa gusa ibyo Imana iri gukora ku isi yose. *Nyamara yifuza gukora ibirenzeho!* Nizera yuko ibyo turi kubona biba muri iyi minsi ari akantu gato cyane wagereranya n'isonga y'urubuye runini rwiremye mu rubura rwafatanye rureremba hejuru y'inyanja ubisanishije n'ibyo ishaka gukora. Ishaka kubona isi yubama, nk'uko byari bimeze mu minsi ya Pentekoti. Kandi urufunguzo rwabyo ruboneke mu kugaruka ku by'ibanze—mu gusubira ku kwiga Bibiliya dushimikiriye, tugakomeza tujya mbere mu bumwe buhebuje ubwabaye binyuze mu masengesho. Mbese turemerera Imana ngo ihe ishusho nshya icyerekezo cy'umurimo wacu muri iki gihe, nubwo byaba bisobanuye gutera intambwe tugasohoka mu buryo bw'imikorere yacu isanzwe itworoheye cyangwa koroshya uburyo bwacu bw'imikorere? Mbese hacura iki niba uburyo Imana iri guha itorero ryacu umugisha bibaye ari intangiriro yo gukingura urujyi rutugeza ku migisha irushijeho kuba myinshi cyane?

Ibitangaza twabonye bikomoka mu masengesho ahurijwe hamwe ni nko kurabukwa gusa ku byo Imana imaze igihe ikorera mu isi yose mu binyejana byinshi bishize, binyuze mu bagabo n'abagore b'Imana bo mu Isezerano rya Kera, no mu ntumwa zo mu gihe cy'itorero rya mbere.

Ndatekereza ku buryo Mose na Aroni bahuriye hamwe amasengesho yabo bagasabira Abisirayeli n'umurimo Imana yakoze nk'igisubizo cy'ayo masengesho. Ndatekereza ku bubyutse bwabayeho mu gihe cya Ezira na Nehemiya igihe ubwoko bw'Imana bwahuriraga hamwe bugasenga kandi bukihana ibyaha byabo. Ndatekereza gutabarwa Imana yazaniye Abayuda igihe Esiteri yabahamagariraga guhurira hamwe bagasenga kandi bakiyiriza ubusa. Ndatekereza kuri Pentekoti n'ibyabereye mu cyumba cyo hejuru, kandi nyuma yaho bikaba ku isi yose igihe abagabo n'abagore b'Imana baturizaga hamwe amasengesho, bakicisha bugufi imbere y'intebe yayo ya cyami.

Ndatekereza uburyo Imana yihutishije ubugorizi mu myaka yo mu 1500 binyuze mu isengesho runana rw'amasengesho (united prayer). Ntekereza kuri Count Zinzendorf na gahunda yiswe Iteraniro ry'amasengesho y'imyaka ijana yatangijwe n'Abamoraviani mu 1700 bitewe no gusukwa kwa Mwuka Wera kwaje ari igisubizo cy'isengesho rihuriweho na benshi. Ntekereza ku bubyutse bwabaye mu Bwongereza n'ubundi bubyutse bwinshi bwabayeho mu myaka 200 ishize bitewe no guhurira hamwe kw'abantu bagafatanyaga gusenga, aho abantu babaga bashakira ko imibereho yabo iba ifitanye amahoro n'Imana. Ntekereza ku Badiventisti batangiye umurimo bari bafite akamenyero ko guhura bagasengana amarira ijoro ryose, bakingingira Imana kubongerera Mwuka Wera.

Ibihe bitandukanye, nagiye mbona ukuntu amasengesho ahuriweho n'abantu yagiye atuma habaho itandukaniro igihe abagize imiryango, amatorero, za Konferansi, za Yunyoni ndetse n'ama Diviziyo baturiraga hamwe bakagira isengesho nyambere. Amasengesho ari guhindura itorero ryacu uhuriraho imbere uya inyuma. Ndetse nzi neza ko benshi mu bayobozi b'itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa karindwi ku rwego rw'isi babashyirahamye nanjye kuri ibi, kubera ko kenshi numva ubuhamya bwabo ku byo Imana iri gukora hirya no hino ku isi, bikaba bibaho ari igisubizo cy'amasengesho ahurijwe hamwe. Ubwo buhamya bwerekuye ku bumwe bukomeye bugenda bugaragara mu materaniro ya za komite; guhirwa mu mirimo y'ivugabutumwa; kwiyongera kw'icyacumi n'amaturu, no kwitabira gusenga kw'abizera; ububyutse mu matorero no mu mashuri ku isi yose. Isengesho, by'umwihariko isengesho rya benshi bashyize hamwe [isengesho ry'urunana], ni ryo ryihishe inyuma y'imigisha twabonye nk'itorero.

Ariko se tuziyicarira, maze twishimire gusa ibyo twagezeho? Oya rwose! Kugeza ubwo umurimo uzaba urangiye, tugomba gukomeza kuja mbere duhaye hamwe, kandi tugomba gukomeza gutinyuka gusaba ibirenze! Kubera ko ibyo twabonye ari intangiriro gusa y'ibyo Imana yiteguye gukora!

Gutinyuka Gusaba Ibirenze

Ubutwari buwa kwizera kwiyorohereje

Nuko ibasha gukora cyane ibiruta ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo.—Abefeso 3:20

Bumwe mu buhamya nkunda cyane bw'isengesho ryuzuye ubutwari no kwizera, ni ubw'inshuti yanjye Pasitoro Jerry na Janet Page, hamwe n'itsinda bafatanyaga gusenga ryo muri Konferansi ya Kalifornia yo Hagati.

Dusubiye inyuma gato mu mwaka wa 1995, igihe Pasitoro Page yatorerwaga kuyobora Konferansi ya Kalifornia yo Hagati, we n'umugore we Janet batorewe uwo murimo mu gihe Konferansi yari ihanganye n'ibibazo by'ubukungu. Ishuri rya Monterey Bay [soma Moneri Beyi] ryari ririmo umwenda wenda kungana na miliyoni ebyiri z'amadolari, kandi ubuyobozi bwa Konferansi bwatekerezaga gusozamateraniro makuru asozamwaka ya Soquel [Sokwe], ikintu benshi mu bizera bo bifuzaga ko cyakomeza.

Igihe Pasitoro Page yaganiraga n'umugore we Janet ku bibazo bikeneye ibisubizo, umugore we yamwunguye igitekerezo cyo gusaba abizera bo muri Konferansi bakitabira kuba bamwe mu bagize itsinda ry'urunana mu masengesho bagasabira Konferansi yo hagati muri California. Yarabikoze, kandi hejuru y'abantu 300 baritabiriye. Na none kandi yashishikariye komite zigize Konferansi gutegura amateraniro makuru ya Soquel kugira ngo babashe kurebera hamwe uko ibintu bihagaze, no kugira ngo bamenye ubushake bw'Imana kuby'ahazaza. Nuko pasitoro yohereza inzandiko zikubiyemo amakuru y'ibyagezweho ku bagize ihuriro ryabo ryo gusenga ryagutse abasaba gusenga bashyizeho umwete bagasabira ayo materaniro makuru yendaga kubaho. Abagize ayo matsinda yo gusenga basabwe gusenga kugira ngo abazitabira ayo materaniro bazabe benshi kandi Imana ubwayo

izigaragaze ko iri mu ayo materaniro kandi ko ubushake bwayo ari ko ayo materaniro koko yagombaga gukomeza.

Janet, nk'umuntu wizera rwose imbaraga z'amasengesho, yari ayobowe rwose n'imbaraga y'Imana mu gushakisha abantu baza ngo bafatanye mu masengesho aho ku biro bya Konferansi bahyira imbere y'Imana ubukene n'ibibazo byayo. Mbere y'uko amateraniro y'uwo mwaka atangira, Janet n'abo bafatanyaga gusenga batangiye kujya bazenguruka mu busitani amateraniro yari kuberamo aho I Soquel.

Ntibyatinze, ibintu bitangaje byatangiye kuba. Abashoferi bajyaga bazana ubukode bw'amamodoka manini atwara imizigo, batangiye kujya batanga ubuhamya ko iyo binjiye aho hantu utangira kumva ko hari ikidasanzwe cy'aho.

Igihe amateraniro makuru yo muri uwo mwaka yatangiraga, imigisha y'Imana yagaragaye mu buryo bushya kandi bufite imbaraga. Umuntu wese winjiraga yasabirwaga umugisha ageze mu marembo. Benshi mu bahaje bavugaga ko batari barigeze kumva Imana iri kumwe na bo ku rwego rukomeye gutyo mbere y'icyo gihe. Abasore bavugaga yuko biyumvagamwo imbaraga ibahatira kuza mu materaniro, kandi ibyo ni byo ba bandi bahuriye mu runana rw'amasengesho basabiraga mbere hose.

Ibibwirizwa byari bifite imbaraga cyane ku buryo abantu benshi bazaga imbere bakegurira Imana imibereho yabo. Ikiyongera kuri ibyo, amaturo y'ivugabutumwa yari asanzwe aba make mbere y'icyo gihe, noneho yari yazamutse agera ku rugero, aba ibihumbi ijana by'amadolari. Abantu ntibashoboraga kubyiyumvisha. Nyamara ibi byari intangiriro gusa.

Muri icyo gihe cy'amateraniro, umuryango wa Page wasohoye udupapuro two gutumira abantu ngo baze kwifatanya n'abanyamasengesho bo muri Konferansi. Abandi barenga 300 baje kwifatanya n'itsinda ry'amasengesho.

Kugira ngo bakomeze bamenyeshe abantu ibyagombaga gusengerwa, batangiye kujya bakwirakwiza mu bantu udupapuro biriho muri buri herezo ry'igihembwe. Ibyo abasenga bagombaga gusabira byari byinshi nyamara ku isonga ryabyo hariho gusabira Ishuri rya Monterey Bay ngo ribashe kwishyura umwenda no kugira ngo imigisha y'Imana izarusheho kwigaragaza mu mbaraga nyinshi cyane mu materaniro makuru y'umwaka aho i Soquel.

Imana yashubuje ayo masengesho yombi mu buryo butangaje. Mu gihe cy'imyaka itarenze ibiri, Ishuri rya Monterey Bay ryari rirangije kwishyura wa mwenda wose, kandi ibitangaza byariyongereye muri ayo materaniro i Soquel.

Janet na bagenzi be bafatanyaga gusenga bakomeje kujya bahurira ku biro bya Konferansi bagasenga buri cyumweru. Bitewe n'amasengesho yose yari yashubijwe mu myaka ibiri ibanza, bemejwe mu mitima yabo ko abantu benshi kurutaho bari bakeneye kubona imbaraga z'amasengesho. Nuko batangira gusenga basaba Imana kubaha « ikimenyetso kidasanzwe »--ikintu bashoboraga kwereka abagize Konferansi bakemera ko hari imbaraga mu masengesho y'abantu benshi bishyize hamwe. Kandi rwose, umutwaro wari ubaremereye kurusha indi yose ni uko Imana yari guhindura imibereho y'abazaga mu masengesho. Bashakaga ko abantu bahanganye n'ikibazo cy'ingo zabo bamenya ko atari ngombwa gutandukana, ko abana basubiye inyuma bashobora gukizwa bakava mu mwijima, kandi ko umurimo w'Imana ushobora gukomeza gutera imbere, bona nubwo ibiriho kuba byaba ari urucantege kandi ibihe bikaba bigoye ku byerekeranye n'uko ubukungu bwifashe.

Nyuma y'ibyumweru byinshi basengera kubona iki « kimenyetso kidasanzwe », itsinda ryabo ritoya riyumvisemo ko rikwiriye gusengera yuko rya turo ry'ivugabutumwa riturwa mu materaniro makuru, ubutaha ritaba gusa amadorari ibihumbi 100 ko ahubwo ryagera ku bihumbi 125 by'amadolari. Bari bazi yuko iki cyaba igihamya gikomeye ku bagize Konferansi cy'uko Imana ishobora gukora ibintu birushijeho gukomera abantu baramutse bahuriye hamwe bagasenga bafite kwizera. Igihe amateraniro makuru yatangiraga, Janet yasabye itsinda risengera amateraniro makuru naryogusabira icyo cyifuzo na cyo.

Umwaka wakurikiyeho, Imana yashubije ayo masengesho yabo ahurijwe hamwe ku buryo amaturo y'ivugabutumwa yazamutse cyane maze agera ku bihumbi ijana na mirongo itatu n'umunani (138,000) by'amadolari, birenze rero ibyo bari basabiye! Bamenye badashidikanya ko rwose Imana yibereye ku murimo.

Igihe abagize Konferansi batahuraga ko abagize itsinda ry'amasengesho bari bamaze igihe basengera kubona uwi mugisha nk'ikimenyetso cy'imbaraga z'Imana, benshi muri bo batangiye kurira. Bakanguwe n'icyo kintu, abandi bo muri Konferansi batangiye nabo gusenga, kandi

icyabivuyemo ni uko hari n'abandi bakiriye ububutse, imibereho yabo igahinduka.

Umwaka wakurikiyeho, nyuma yo gutega amatwi Imana mu masengesho ashikamye no kwitanga gukomeye, urugero rw'amaturu y'ivugabutumwa rwageze ku bihumbi magana abiri na mirongo itanu by'amadolari.

Igihe abagize komite ishinze ivugabutumwa barimo bashidikanya gushyiraho urugero rusumbye, itsinda ry'abanyamasengesho ryakomeje gusengana umwete, bamwe ntibasabaga Imana kongera amaturu gusa, ahubwo banayisabaga kumenya umubare w'amadolari bakwiriye gusa. Igihe Imana yabakuriraga gusa umubare runaka w'amadolari, batangiye kuwusengera bashyizeho umwete, kandi bari bazi yuko imibereho ya benshi ikomeje guhindurwa n'ibirimo bibera muri ayo materanira y'I Soquel.

Mbere y'uko umwaka wa kane urangira, umubare w'amaturu y'ivugabutumwa wari umaze kugera ku madolari ibihumbi Magana atanu. Na none kandi ibi byongereye mu bantu gutanga no gusenga biruseho.

Binyuze muri ayo masengesho y'urunana rwa benshi bishyize hamwe, Konferansi yo hagati muri California [Kaliforniya] yatangiye gutera imbere cyane. Konferansi yongereye umubare w'abakora imirimo ifitanye isano no kwigisha Bibiliya, ihanga andi matorero n'inteko kandi ishyira abasore benshi mu mirimo inyuranye, inongerera imirimo amatsinda y'ivugabutumwa mu buryo bakora igihe cyose. Imana yakoze ibitangaza mu mibereho y'abagize konferansi binyuze mu guhuza imiryango y'abari baratandukanye, kugarura abana bazimiye mu itorero, no gushoboza abantu gutsinda urugamba rw'ibya Mwuka.

Nyuma y'ibihe byo gusenga, benshi, barimo Pasitiro Page n'umugore we, bagiye basezerana gushyigikira mu kwizera umurimo w'ivugabutumwe wa buri mwaka, ndetse ku rugero rurenze amafanga binjiza. Nubwo byari bimeze bityo, buri mwaka bitegerezaga batangaye cyane uburyo Imana yatangaga ibikenewe. Buri muntu mu bagize Konferansi yatangaga ubuhamya bujyanye n'uburyo Imana yamuboneraga amafanga yabaga yarasezeranye gutanga kugira ngo ashigikire umurimo wayo.

Bisa n'aho Imana yabaga iri kubibutsa amasezerano yayo ngo: "Mutange namwe muzahabwa. Urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye ni rwo muzagererwa, kuko urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe."(Luka 6:38)

Nyuma y'imyaka umunani uru rugendo rushimishije rwo gusenga rutangiye, Imana yahiriye konferansi mu buryo utabasha gutekereza. Amaturo y'ivugabutumwa yageze kuri miliyoni y'amadolari. Burimuntu wese yahimbazaga Imana. Umwaka wakurikiyeho, iki gitangaza cyarongeye kiraba! Nyamara itsinda ry'amasengesho ntiranyuzwe ngo rirekere aho, ahubwo bakomeje gusenga basaba Imana kubamenyesha icyo bagombaga gusengera ubukurikiyeho.

Umwaka wa cumi, bake bo mu itsinda batangiye gusenga basaba Imana ko yakuba amaturo y'ivugabutumwa *inshuro ebyiri* akaba miliyoni ebyiri. Bamwe mu bayobozi ba konferansi batekereje ko ibyo bidashoboka, nyamara abagize iryo tsinda batangiye gusenga.

Ku isabato imwe nijoro, mu iherezo ry'icyumweru gisoza amateraniro makuru y'uwo mwaka, igihe Pasitoro yendaga guhaguruka ngo atangire kubwiriza, umuntu yarahagurutse aza kubaza uburyo ituro ry'ivugabutumwa riri gutangwa, Pasitoro yamusubije yuko bimeze neza, bashobora kongera kugera kuri miliyoni y'amadolari, amwongorera gahoro ko hari bake mu bagize itsinda ry'abasenga basaga n'abari gukora iby'ubusazi bumvise bahatirwa gusengera ko amaturo yagera ku madolari miliyoni ebyiri. Uwo muntu yakanuye amaso cyane, maze abaza atangaye ati: "Ni byo se koko?", Uramfata nk'aho ndi umwana? Itsinda ry'abanyamasengesho ngo riri gusengera miliyoni ebyiri?"

Pasitoro Page aramusubiza ati: "Yego, ni byo!"

Uwo muntu atangira gutanga ubuhamya uko we n'umuvandimwe we bari biyemeje gusaba Imana kubamenyesha icyo bakwiriye gukora kugira ngo bunganire amaturo y'ivugabutumwa y'uwo mwaka. Bwa mbere, bo ubwabo bari batekereje gutanga inkunga y'ibihumbi ijana by'amadolari, ariko igihe baganiraga, Imana yakoze ku ntekerezo zabo ngo batange miliyoni y'amadolari, bakayongera ku yo abandi bari kuba batanze. Ubwo noneho Pasitoro Page aba ari we utangira gukanura amaso cyane atangaye. Imana yongeye kumva amasengesho kandi irayasubiza!

Nyuma y'imyaka cumi n'itanu bakorera muri iyi Konferansi ya California yo Hagati, Pasitoro Jerry Page n'umugore we Janet bahamagariwe gukorera Itorero ry'Abadventisti b'umunsi wa karindwi ku rwego rw'isi ku cyicaro kiri ahitwa i Maryland.¹ Nyamara na nyuma y'uko bagenda, amaturu y'ivugabutumwa muri iyi Konferansi yakomeje kuguma hejuru ya miliyoni y'amadolari buri mwaka. Biragaragara cyane ko Imana yakomeje gukora mu buryo bufite imbaraga muri Konferansi igihe cyose abagize itsinda ryo gusenga bakomezaga gusengana umwete, bafite ubutwari kandi amasengesho yabo yuzuye kwizera.

Mu gihe tudakwiriye kuba nk'abasabiriza cyangwa ngo tube nk'abatega Imana imitego twigerezaho, nizera yuko Imana ishima ko tuyisaba ibintu bikomeye, ndetse tukabisabana ubutwari, by'umwihariko igihe amasengesho yacu azaba ari ayo guhesha icyubahiro izina ryayo. Ni byo rwose, nk'uko byagenze ku bagize itsinda ry'amasengesho bo muri Konferansi ya California yo Hagati, ni ingenzi ko tubanza gusanga Imana tukayibaza icyo dukwiriye gusengera. Nitubanza gushaka guhuza n'ubushake bw'Imana, noneho tuzabasha gusenga dushize amanga kandi dufite ubutwari, kubera yuko tuzaba tuzi yuko Mwuka Wera ari we uyoboye amasengesho yacu. Muri Yohana 15:7 haratubwira hati: "Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa."

Nimutekereze ibyo Imana yakora turamutse duteze amatwi ijwi ryayo, tukiga kuba muri Yo, maze tugatanga n'igihe gifatika cyo gusenga aho kugerageza gukora umurimo wose mu mbaraga zacu bwite!

Ibyahumetswe biratubwira biti: "Umukiza ubabarana n'abantu aracyariho na n'uyu munsi, kandi afite ubushake bwo gutega amatwi amasengesho asenganywe kwizera nk'uko yabikoraga igihe yabaga agendana n'abantu bamureba imbonankubone. Umuntu usanzwe afatanye n'ububasha ndengakamere. Kuduha ibyo dusabye, ni umugabane umwe muri gahunda y'Imana igihe isubiza isengesho risenganywe kwizera, ibyo itajyaga kuduha iyo tudasenga."²

Iyo usomye ubuhamya bw'umuryango wa Page, bamwe bashobora kuzunguza umutwe, maze mu kutizera kwabo bagatangira gutekereza bati: "*Birakomeye koko kuba Imana yarakoreye Konferansi ibintu nka biriya! Ariko buriya abantu baho bari muri icyo gikorwa babarirwaga*

mu magana niba batari mu bihumbi. None se byagenda bite mu itorero ryanjye ritoya? Ntabwo dufite abizera bahagije ku buryo twakora imirimo ikomeye, kandi tubasha gusonzoranya amadolari 200 gusa mu kwezi. Ni mu buhe buryo se twakorera Imana ikintu gikomeye? Mbese ni gute twatinyuka gusaba Imana ibirenze? Turi abantu bake gusa! Yee! Mureke mbabwira igitekerezo kimwe.

Itorera rita ryashoboye kugira icyo rikora!

Ishami rivuga icyongereza ryo mu Itorero ry'Abadiventisti b'umunsi wa Karindwi ry'Ibanze ry'Abakoreya riri muri Leta ya Washington ryabashije kubona mu buryo bufite imbaraga nyinshi ukuntu Imana isubiza isengesho iyo buri wese ateye intambwe afatanije n'abandi mu kwizera, kandi akaba yiteze guhabwa ibikomeye.

Marin Kim, umupasitoro akaba n'umunyamasengesho w'umubwirizabutumwa, aratubwira iyo nkuru mu magambo ye bwite:

Mu kwezi k'Ukuboza, mu itorero ryacu, twemejwe mu mitima yacu ko dukeneye kugira imbaraga tukagira uruhare muri gahunda yo kurangiza Umurimo Ukomeye no gufasha mu ivugabutumwa, nuko dutangira guteranya amaturo yo gushyigikira umurimo mu mahanga. Amaturo yatangwaga buri kwezi yanganaga n'amadolari 200. Ntabwo yari menshi, ariko twari tuzi yuko ayo mafaranga azakora urugendo rurerure akajya kugaburira abantu bashonje mu by'umubiri no mu bya Mwuka bishwe n'indyo mbi hakurya y'amazi.

Nyuma yo gukusanya bwa kabiri amadolari 200 y'ukwezi kwa Mutarama, nateze amatwi ubutumwa bukomeye bwatangwaga n'umuvugabutumwa ukorera hakurya y'amazi, warimo aganiriza abantu uburyo Imana yatanze ubufasha maze umurimo wayo ukajya-mbere. Numvise ngize ikibazo igihe uwo muvugabutumwa yabazaga ikibazo niba tuzigera tubona amafaranga ahagije yo kurangiza umurimo. Oya! Oya rwose! Nta nubwo miliyoni 10 cyangwa se miliyoni 100 z'amadolari zaba zihagije; ku bw'ibyo rero, dukwiriye kujya mbere mu kwizera, tukiringira yuko Imana ifite ubutunzi buzira iherezo izatanda ibikenewe.

Maze kwemeranya n'ayo magambo,, namenye ko iyo tudateye intambwe mu kwizera ngo tujye imbere twiringiye yuko Imana izakora ibyo

ishobora gukora, ntitwajya kuzigera na rimwe turangiza umurimo. Ikindi kandi, umugezi wa Yordani ntiwigeze wigabanyamo kugeza igihe umutambyi wa mbere yakandagizaga ibirenge bye mu mazi. Buri gihe Imana ishaka yuko ubwoko bwayo bugenda mu kwizera.

Nuko ntangira gusenga nti: “Mana, ndashaka kugenda mu kwizera. Ndashaka kukubona ukora iby’uriya muvugabutumwa ari kuvuga. Uwiteka, ni iki ushaka ko dukora mu itorero ryacu rito?”

Natangiye gutekereza ku maturo yacu adasanzwe yo gushyigikira umurimo w’ivugabutumwa mu mahanga. Mu ntangiriro, nashatse kubwira itorero ryacu ngo risabire kubona amaturo angana n’amadolari 500, ariko nza gufata icyemezo cy’uko gusaba amadolari 500 bitasaba kwizera kwinshi. Nyuma yo gusenga cyane no gutekereza, nanzuye ko gusaba Imana kuduha amaturo angana n’amadolari 1000 ari byo byari gusaba kwizera kwinshi.

Kubera ko amaturo twari duherutse gusonzoranya mu kwezi kwa Mutarama yari yoherejwe kugurira Abantu bo muri Vietnam umuceri, itsinda ryacu riyemeje kubonera Bibiliya abantu bo muri Vietnam mu kwezi kwa Gashyantare. Nuko ku Isabato yakurikiyeho, nabwiye abo dusengana icyo kibazo, mbasaba gusengera kubona amaturo angana n’amadolari 1000 kugira ngo tubashe kubonera abantu bo muri Vietnam Bibiliya 200.

Buri Sabato, ndetse no mu matangazo yo mu minsi y’imibyizi yanyuraga mu buryo bw’ubutumwa bugufi bwo ku ikoranabuhanga, abizera bacu bibutswaga gusengera iyi mpano idasanzwe. Nabibukije yuko igihe dusenga, Imana itembera kandi igakora icyo ishobora gukora. Twanateraga umwete abizera bacu dukoresheje amasezerano ari mu ijamba ry’Imana.

{ Ellen White yaranditse ati: “Benshi mu bo Imana yahaye ubushobozi bwo gukora umurimo ukomeye, bakora umurimo muto gusa, kubera yuko bagarageza bike gusa. Benshi babaho bakarangiza ubuzima bwabo bisa n’aho nta umurimo bafite wo gukora, bisa nk’aho nta rugero runaka bakwiriye kugeraho. Abo bazabona ibihembo bihwanye n’imirimo yabo.”³ }

Ku rundi ruhande, abigishwa ba Kristo “bitegaga kubona byinshi, bityo rero nabo bageragezaga byinshi.”⁴ Abigishwa be batanga icyitegererezo dukwiriye gukurikiza muri iki gihe.

Mu kwezi kwa Gashyantare, Uwiteka yaduhaye umugisha, utari uw’amadolari 1,000 gusa, ahubwo amadolari 4,382! Aho kugira ngo duhe abanyavietinamu Bibiliya 200, twashoboye kubaha Bibiliya 876!⁵ Mbese ukora iki iyo ubonye imbaraga z’isengesho kandi ukabona Imana ikora mu buryo burimo imbaraga? Twemeje yuko gusenga usaba umubare ungana n’uwa mbere nta kwizera byaba byerekana. Twafashe icyemezo cyo gufata umubare twari duherutse gusaba tukawuburungushura. Twasabye Imana kuduha amaturo angana noneho n’amadolari 4,500 mu kwezi kwa Werurwe. Kuri iyi nshuro noneho twashakaga kubaka insengero zikozwe mu migano mu gihugu cya Kambodiya (Cambodia). Igihe twari kuba tubonye amadolari 4,500, twari kubaka insengero nibura umunani.

Mu kwezi kwa Werurwe, Uwiteka yaduhaye umugisha maze tubona amaturo angana n’amadolari 6,684! Aho kubaka insengero umunani, twashoboye kubaka insengero cumi n’ebyiri!⁶ Na none twari twabonye imbaraga z’Imana n’ubuntu bwayo.

Kugira ngo tubashe guhina iyi nkuru ndende, buri kwezi twakomeje kujya dutinyuka gusaba ibirenze, kandi uwo mwaka wose twabonye itorero ryacu ritanga 120,000 by’amadolari—kandi ayo yari amaturo yo gufasha umurimo mu mahanga gusa. Byasaga n’aho bitasobanukira intekerezo z’umuntu, *keretse gusa umuntu yari ahibereye akareba ukuntu ibyo byagendaga biba buri kwezi*. Mbese ushobora kumbwira ko Imana idasubiza amasengesho asenganywe ubutwari? Ntabwo iyasubiza gusa, ahubwo ihora ishaka *kuducunshumuriraho imigisha yayo mu buryo busendereye cyane* kurenza uko tubitekereza!

Isengesho si umugabane umwe w’umurimo, ahubwo ni wo murimo ukomeye kuruta iyindi yose. “Iyo turi gukora, turakora nyine; ariko iyo dusenze, Imana irakora.”⁷ Mbega ukuntu ibi ari ukuri!

Gusengera ibohorwa ry'amahanga

Rees Howells, umuvugabutumwa wo mu kinyejana cya 20 muri Afrika, nyuma waje kujya mu Burayi, yatinyutse gusaba ibirenze. We ntiyasabye amafaranga yo gukoresha umurimo w'Imana n'abantu bo kwinjira mu bwami bw'Imana gusa, ahubwo yasabye no gutabarwa kw'amahanga kugira ngo umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ubashe kujya mbere nta nkomyi.

Uyu muntu w'ububyutse w'umunyambara akaba n'umuvugizi yubatswe ishuri rya Bibiliya ahantu hitwa I Wales (mu Bwongereza) imyaka mike mbere y'intambara ya kabiri y'isi yose. Igihe intambara yatangiraga, mu kuzirikana iterabwoba ry'ingoma ya Hitileri ku bijyanye no kwamamaza ubutumwa bwiza, yahuriye hamwe abakozi n'abanyeshuri be—bageraga ku ijana—kugira ngo batangire gusenga kugira ngo Imana ibashe kurogoya umurimo wa Hitileri n'umwanzi w'imitima.⁸

Mu gihe cyose cy'intambara, abakozi n'abanyeshuri bo muri iryo shuri ry'i Wales bari bariyemeje gusenga bahereye saa 7:00 z'umugoroba bakageza nijoro mu gicuku, bakabikora buri joro. Ibi byiyongeraga ku materaniro yo gusenga yamaraga isaha yose bagiraga mu gitondo na saa sita. Mu bihe bikomeye by'urugamba, inshuro nyinshi bafataga igihe cyo kwiwiriza ubusa bagasenga umunsi wose, ndetse kenshi na kenshi bagakesha ijoro.

Igihe ishyaka ry'Abanazi rya Hitileri ryayogozaga ibintu kandi rikarimbura miliyoni nyinshi z'abantu, Howells n'abanyeshuri be basenze amasengesho y'uburyo bune kandi basabira uburyo bune intambara yigaragazagamo.

Isengesho rya mbere ryari iryo gusaba ngo Hitileri ye kuzahirwa no gutera Ubwongereza. Nk'uko amateka abitubwira, ntabwo Ubwongeraza bwigeze bugwa mu maboko y'Abanazi, ariko iyo Abadage bakomeza kurasa ibisasu byabo bya rutura kuri urya munsi wa nyuma wari wuzuyemo amakuba indi minota itanu gusa, u Bwongereza bwari kugwa mu maboko yabo.⁹ Isengesho rya kabiri ryari iryo gusaba ko Hitileri atari gutera Misiri maze ngo afate umujyi wa Alexandria. Isengesho rya

gatatu ryari iryo gusaba ko atatembagaza umujyi wa Moscow. Isengesho rya kane ryari iryo gusaba ko batahirwa no gufata umujyi wa Stalingrad.

Intambara yenda kurangira, umujenerali witwa J.R.C Fuller, umuhanga mu gutanga amakuru ku basirikari, yatangaje inyandiko yari ifite umutwe uvuga ngo "Amakosa ane ya Hitleri", akora urutonde rw'impamvu enye zo kurimbuka kwari gutegereje Hitleri n'Abanazi. Iya mbere, Hitleri yananiwe gutera u Bwongereza. Iya kabiri, ntiyateye Misiri ngo afate Alexandria. Iya gatatu ntiyakoresheje neza amahirwe yari afite yo gutera Moscow ngo ayihirike. Iya kane, yatsinzwe urugamba igihe yateraga umujyi wa Stalingrad.¹⁰

Mbese aya makosa ane ya Hitleri yari ugutsindwa kwe gusa? Cyangwa byabayeho kubera ko Imana yumvise amasengesho y'itsinda ry'Abongereza bari bahangayitse basaba gutabarwa kugira ngo ubutumwa bwiza bwe kugira inkomyi? Nubwo benshi bashobora kuvuga ibyo babonye bashakisha, nizera ko iki gisubizo cya nyuma ari cyo cy'ukuri.

Urugamba rw'amasengesho rwa nyuma rwa Howells n'iryo tsinda ry'abasabira abandi mu ishuri rya Bibiliya ry'i Wales, rwari urwo gutangira urugamba kw'ibihugu byibumbiye hamwe by'uburengerazuba. Nyuma y'amezi menshi yo gukirana mu isengesho basabira Ingabo z'Abibumbye, mu kwezi kwa Gicurasi 1944, Imana yabahaye igihamba cy'uko yari igiye kujya imbere y'izo ngabo z'Abibumbye kandi ko zitari gusubira inyuma na rimwe.

Nyuma y'ukwezi kumwe gusa, ku itariki ya 6 Kamena 1944, Ingabo z'Abibumbye zabashije kugera ku nkengeri z'igihugu cya Normandy mu Bufaransa nta nkomyi ibonetse. Ni cyo gitero cya mbere gikomeye cyo ku butaka no ku nyanja cyari kibaye mu mateka y'isi; cyari kirimo abasirikari 175,000 bari bazanywe n'amato 5,000 n'indege 11,000 byaje mu ijoro rimwe. Kugeza ubu, iyo tariki yamenyekanye nk'umunsi ingoma zahinduriye imirishyo mu rugamba rwo kurwanya Hitleri. Tuzi neza ko iryo joro ari ryo joro ryonyine ryo muri icyo ntambara amato y'intambara y'Abadage atabashije kugenzura inzira Abongereza banyuragamo.¹¹

Mbese ni iki cyari kuba iyo Rees Howells n'abanyeshuri be bari ku ishuri rya Bibiliya ry'i Wales bataba bari gusenga? Ibyahumetswe biratubwira bita: "Gutsinda urugamba ntibiterwa n'umubare munini w'ingabo. Imana ishobora gukirisha benshi kimwe n'uko yakirisha bake. Ntireshwa icyubahiro n'umubare munini w'abantu nk'uko yaheshwa icyubahiro n'imico y'abayikorera."¹²

Ngaho bitekerezeho!

Ubuhamya bwa Rees Howells bukwiriye kutwigisha kandi bukemeza imitima yacu uyu muni. Mbese byagenda bite ubwoko bw'Imana buhagurukiye hamwe bugasenga bushikamye busabira amahanga azitiwe n'umwijima? Mbese hacura iki turamutse twiyirije ubusa tugasenga kandi tugakomeza gutinyuka gusaba gutabarwa kw'abavandimwe bacu na bashiki bacu batari bamenya Kristo? Aya ni amasengesho asaba ibintu bikomeye, ariko se ntidukorera Imana ikomeye?

Nimutekereze uko byagenda twongeye gufata Ijambo ry'Imana tutajenjetse, tugakuraho ibidutandukanya, tukicisha bugufi mu mitima yacu maze tugasenga duhuje umutima dusabira umurimo ngo ujye mbere—kugeza igihe Imana idusubirije! Byagenda bite turamutse dufashe igihe tugasahirana—bona n'ubwo byaba gukesha ijoro, aho gufata igihe tunganira kuri bagenzi bacu, maze tukareba ukuntu Imana ituzanira agakiza kayo no kunesha? Ngaho nimutekereze ibitangaza twabona bikoreka mu mibereho yacu uyu muni wa none!

Mu gitabo cyitwa *Mu Bikari byo mu Ijuru*, Ellen White atanga inama muri aya magambo: "Isengesho ni uburyo Imana yatoranije bwo kugeza abantu ku nsinzi. Guhendahenda, gusaba, kwinginga hagati y'umuntu n'undi, bituma abantu bahaguruka kandi bakagira icyo bakora kugira ngo imirimo y'ibihugu byabo igende neza. Nyamara isengesho ryo rituma ijuru rihaguruka."¹³

Imana irashaka abahaguruka bagasabira abandi. Irashaka abagabo n'abagore bazatinyuka gusaba ibirenze, bazatinyuka gusabira igihugu cyabo (Ezekiyeli 22 :33). Ashobora kuba umuntu umwe cyangwa se

babiri, nyamara buri wese muri twe agasengera umugabane w'ingenzi muri uyu murimo ukomeye wo gusabira abandi.

E.M. Bounds yaranditse ati:

Turi mu ihubi ridatuza ryo gushyiraho uburyo bushya, igenamigambi rishya, gahunda nshya byo guteza imbere itorero ndetse bigatuma habaho kwagura imbago no kugera ku ntego kw'ivugabutumwa. Iki cyerekezo dufite uyu munsu kiraganisha ku gutuma umuntu azimira cyangwa arohama mu igenamigambi cyangwa mu gushyiraho gahunda. Umugambi w'Imana ni uwo guhindura umuntu, akaba ingirakamaro kurenza ikindi kintu icyo ari cyo cyose. Abantu niba buriyo bwo gukora kw'Imana. Itorero riri gushakisha uburyo bwo gukora burushijeho kuba bwiza; Imana yo irashaka abantu barushijeho kuba beza....

Icyo itorero rikeneye none si uburyo bwinshi cyangwa bwiza bw'imikorere, si na gahunda ziteguye neza cyangwa se uburyo bwo gukora ibintu bwinshi cyangwa bushya; ahubwo ~~rikwiriye gushaka abantu bashobora gukoreshwa na Mwuka Wera—abantu basenga, abantu b'abanyambaraga mu gusenga.~~¹⁴

Dukeneye kugira imirebere yagutse ku bijyanye n'isengesho. Dukeneye kugira imirebere nk'iy'Imana! Mutyo dukomeze gusenga no gutinyuka gusaba ibirenze—kubw'icyubahiro cy'Imana, kugira ngo ubutumwa bwiza bugere mu isi yose, mu mahanga yose, bityo Yesu agaruke!

Umugabane wa 2

**Imfunguzo Mvajuru
z'Isengesho Risubizwa**

Igice cya 9

Kunesha Amayobera y'Ibirangaza

*Gushyira ibyihutirwa byo mu buzima mu
muwanya ubikwiriye*

Marita, Marita uriganyira wirushya muri byinshi ariko ngombwa ni kimwe, kandi Mariya ahisemo umugabane mwiza atazakwa. —Luka 10:41,42

Hafi y'abantu bose muri iki gihe bari gushakisha urufunguzo rukora ibitangaza – urufunguzo rukingura imiryango iganisha ku nsinzi, ku cyubahiro, no ku mahirwe; urufunguzo ruhesha ku kubona uwo muzabana ukwiriye, imfunguzo zo kubaho mu munezero nyuma yo gushaka, imfunguzo zo kubyara abana beza, imfunguzo zo kudasaza kandi ukagumya kuba mwiza, n'ibindi n'ibindi. Nubwo bamwe basa n'abashyikiriye ikigaragara nk'urufunguzo rukora ibitangaza, nibaba badafite inkomangiro n'intego muri Kristo, bazakomeza batembanwe n'umuraba wo muri ubu buzima, be kumenya icyerekezo barimo.

Nubwo ubusobanuro ijuru riha ijamba "insinzi" butandukanye n'ubwo isi iriha, Imana yaduhaye imfunguzo zitugeza ku nsinzi. Mu by'ukuri, imfunguzo zose dukeneye kugira ngo duhirwe mu mibanire yacu n'abandi, mu miryango yacu, mu mirimo dukora, mu masengesho yacu, yemwe no kugirango tugire amagara mazima, yaziduhereye mu Ijambo rya Yo. Dufite inkomangiro!

Nyamara, nubwo Imana yaduhaye imfunguzo zose dukeneye kugira ngo tubashe kubaho imibereho ya gikristo itsinda, izi funguzo nta cyo zizatumarira nituramuka tutazikoresheje. Inyinshi mu mfunguzo z'ijuru zigumira ku mbaho tuzimanikaho zikuzuraho ivumbi kubera ko duhuze tukaba tutabona igihe cyo kuzifata. Kugira ngo mbereke uko ibyo bintu bimeze, reka mbabwire iyi nkuru nubwo ari impimbano.

Mbese mwigeze mutekereza uko byamera kwicara mu nama itegura igenamigambi, aho Satani n'ingabo ze barimo bungurana ibitekerezo by'uburyo barogoya imibereho y'abana b'Imana?

Umunsi umwe Satani yatumiye inama yo ku rwego rw'isi agira ngo bungurane ibitekerezo by'uburyo babuza abakristo kugendana na Kristo mu buryo bushikamye kandi bufite imbaraga. Iteraniro ryose riraceceka igihe [Satani] yari ahagurutse ngo afate ijambo.

Aratangira ati: "Ntidushobora kubuza abakristo kuja mu rusengero. Ntitwababuza gusoma Bibiliya zabo no kumenya ukuri. Ntitwababuza gukomeza indangagaciro zabo, ariko hari icyo twakora." Akaba arekeye aho kuvuga gatoya. Buri wese mu bari aho agatega amatwi. Akongera ati: "Dushobora kubabuza kugirana na Kristo umubano wimbitse no kuguma muri We. Kuko nibaba bunze ubumwe na We, imbaraga zacu zizamenagurika. Bityo rero, nimubareke bajye mu nsengero, mubareke bakomeze imebereho yuzuye indangagaciro zabo, ariko mubariganye igihe kugira ngo be kubona uko bashyikirana na Yesu. Ibi ni byo nshaka ko mukora. Mubazanire ibibarangaza be kubasha kugundira Umukiza wabo kandi be komatana na We umunsi wose!"

"Ibyo tuzabigeraho dute?" Niko abamalayika be bahise babaza baranguruye.

"Ibyo biroroshye!. Niko yahise asubiza. Nimubahugenze, mubahuzahuze, bahugire mu bitari ingenzi byo muri ubu buzima, kandi muhimbahimbe gahunda nyinshi zibatwara igihe cyabo no guhuguka bari kugira kose. Mubashukishe gutagaguza amafaranga kandi baguzaguze amafaranga [bagire imyenda myinshi]. Mubabuze guhura n'abana babo. Mwemeze imitima y'abagore kuja ku kazi, ndetse n'abagabo nabo bagende bamare iminsi itandatu, ndetse irindwi y'icyumweru, amasaha icumi cyangwa se cumi n'abiri y'umunsi kugira ngo babashe gushyikira urwego rw'ubuzima bifuza kubaho. Mubumvishe ko ibyo bari gukora bari kubikora ku nyungu z'abana babo. Yego! Ibyo bifite umumaro cyane! Igihe imiryango yabo izaba imaze gutatana, bidatinze ntizongera kuba ahantu ho kuruhukira umunaniro utewe n'akazi kenshi, kandi bazakomeza kurushaho gushaka gukora cyane". Nuko Satani arongera aruhukaho gato.

"Nyamara iki ni ikintu cy'ingenzi cyane. Mukangure ubwenge bwabo bikabije ku buryo batazashobora kuba bacyumva ijwi rito kandi rituje ry'Imana. Mubashishikarize gufungura radiyo cyangwa imiziki igihe

cyose batwaye imodoka cyangwa bari kuruhuka. Mubashishikarize iteka gufungura amaradiyo, amateleviziyo, amatelefoni, ama DVDs, MP3s n'ibindi bizana urusaku rubasha kurangaza abantu, maze bihore bicurangira mu mazu yabo. Uru rusaku n'imirimo bidatuzabizateza urudubi mu ntakerezo zabo ku buryo bizaburizamo ubumwe bari bafitanye n'Imana.

Mwuzuze ibinyamakuru n'izindi nyandiko z'ibitekerezo mu mazu yabo. Mwuzuze intekerezo zabo urusaku rw'amakuru amasaha 24 y'umunsi ashire. Muvangire intekerezo zabo mukoresheje amatangazo yo kwamamaza igihe batwaye imodoka. Mwuzuze imbuga-ankoranyambaga bakoresha ubutumwa badakeneye, amatangazo y'urusimbi [tombora], ubwoko bwose bw'amakuru na za poromosiyo, ibicuruzwa by'ubuntu, amaserivisi y'ubuntu, n'ibyiringiro by'imfabusa. Mubahuzahuze mukoresheje urusaku rudatuzabizateza, ubutumwa bugufi bwo ku matelefoni na mudasobwa, ababahamagara kuri telefoni igihe bicuye bwa mbere bavugane na bo kugeza mu gicuku baguye agacuho.

Yemwe n'igihe bari kuruhuka, mubatere kuruhuka by'agakabyo. Ntimubakundire kujya hanze ngo bishimire umunezero uboneka mu byaremwe. Ahubwo mubohereze mu myidagaduro, ahabera imyitoto ngororamubiri, mu bitaramo no kureba amashusho.

« Igihe bagiye mu materaniro y'ibya Mwuka, mubateze guhugira mu mazimwe n'ibiganiro kugira ngo baze gutahana imitima iremerewe kandi babuze amahoro mu mitima. Ntimubakundire gukomezanya cyangwa ngo baterane umwete. Abafite impano yo gukomeza abandi, mubateze guhugirana cyane n'umunaniro mwinshi ! »

« Kandi ikirenze ibyo byose, igihe bateraniye hamwe, mubabuze gusabirana. Nibiba ngombwa ko bahura, mubatere guhugira mu murimo. Mwuzuze imibereho yabo impamvu nyinshi nziza zibabuze kubona igihe cyo gushaka imbaraga bahabwa na Kristo. Bidatinze bazaba bakoresha imbaraga zabo bwite, bahara ubuzima bwabo, ndetse bakanahara ubumwe bw'imiryango yabo ku mpamvu bibwira ko ari nziza ! »

Yari inama nyunguranabitekerezo yo mu minsi iheruka. Kandi abamarayika babi bahagurukanye umwete wo gusohozza imirimo bahawe gukora, bagerageza gutera abakristo aho bari hose guhugirana, bagahuga, bagahuga, kandi bagakubita hirya no hino.¹

Niba Satani koko afite gahunda y'uburyo abasha kuturangaza, bigaragara ko yaba yarageze ku ntego ye bihagije, mbese si byo? Iyo tugerageje gusuzuma umuryango mugari w'abantu n'uburyo bw'imiberaho bya benshi mu bakristo bo muri iki gihe, by'umwihariko muri iki gihe cy'amajyambere, dusanga ibi ari ko kuri dusohoyemo. *Turahugiranye, turahugiranye, turahugiranye!* Satani ntacyo byaba himutwaye kuba duhugiye mu murimo w'Imana (mbese nka Marita), igihe cyose tudafite akanya ko kwicara tugaturiza ku birenge bya Yesu. Ntahagarikwa umutima n'uko tugenda tukajya kwigisha no kubwiriza, ndetse no gukora umurimo w'Umwami, igihe cyose tutagira igihe cyacu twihariye ngo tukimarane n'Umwami w'uwo murimo. Hejuru y'ibyo kandi, aramutse ashoboye kutubuza kuguma muri Kristo, We muzabibu w'ukuri, imirimo yacu nta mbuto izera (Yohana 15:5)

Kugira nyambere igihe dusabaniramo n'Imana

Mu myaka mike ishize, ubuzima n'umurimo bisa n'ibyantwaye igihe kinini cyane. Umunsi ntufite amasaha ahagije yo kurangizamo ibikwiriye gukorwa byose. Ariko nubwo bimeze bityo, nize kudafata igihe cyiza mbonaniramo n'Imana ngo ngikoremo ikindi kintu kiri mu zindi gahunda zanjye z'umunsi, kubera ko nkeneye imbaraga zayo n'ubuyobozi bwayo kugira ngo mbashe kugenda amahoro.

Gutegura igihe cyo gusabaniramo n'Imana ntabwo ari umurimo tujya dukora, nimutyo dusuzume neza uburyo dukora gahunda z'umunsi. Duteguye icyo gihe, dushobora kumenya Umukiza wacu ndetse akaba n'Umwami wacu. Iyo ukunda umuntu, ntushobora kubaza uti: « Mbese nzajya marana na we igihe kingana iki? » ahubwo ushobora kwibaza uti: « Ubu ni mu buhe buryo nasubira kuri gahunda zanjye n'uburyo mbaho maze nkarushaho kubona igihe gihagije cyo kubana na we? » Nubwo ntizera yuko Imana ishaka ko tuba abagengwa n'amasaha, uko tuzarushaho kuyimenya, ni ko tuzarushaho gushaka kumara igihe kinini turi imbere yayo.

Bamwe bashobora gufata igihe kinini abandi bagafata kigufi, ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi ni uko tumarana na Yo igihe gihagije buri munsi kugira ngo tumenye yuko ibana natwe kandi ko yiteguye

kugendana natwe. Ellen White yaranditse ati : « Ntuzigere uva mu cyumba usabaniramo n'Imana kugeza igihe uzumva ufite imbaraga muri Yo. »² Ntitugomba kureka igihe cyacu dushyikiraniramo n'Imana, kugeza tubonye aya mahoro. Ibi ntibisobanuye ko tuyiha umwanya muri gahunda dufite, ahubwo ni ugushaka uburyo twabwewe tuboneka muri gahunda Yo ifite.

Ellen White yarongeye arandika ati :

Benshi bananirwa kwakira imigisha, yemwe no mu gihe cyo gushyikiraniramo n'Imana. Baba bafite ihubi ryinshi cyane. Baba batera intambwe ndende bihuta, maze bakarenga uruziga rw'aho ubwiza bwuzuye urukundo rwa Kristo buri, wenda bagahagarara akanya gato inyuma y'uruziga, ariko ntibategereze kumva inama bagirwa. Ntibafite umwanya wo kugumana n'Umwigisha wavuye mu ijuru. Basubira ku mirimo yabo bacyikoreye imitwaro yabo.

Aba bakozi ntibashobora kugera ku nsinzi ihebuje mu murimo wabo kugeza igihe bazamenyera ibanga ry'imbaraga. Bagomba kwiha igihe cyo gutekereza, igihe cyo gusenga, igihe cyo gutekereza Imana kugira ngo ibahe imbaraga nshya z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'Umwuka. Bakeneye imbaraga ya Mwuka Wera kugira ngo ibahagurutse. Nibamara kuyihabwa, bazaterwa umwete n'ubugingo buvugururwe. Ubwenge butentebutse n'ubwonko bunaniwe bizasubizwamo intege, umutima uremerewe uzoroherwa.³

Inshuti yanjye yitwa Pavel Goia, igitekerezo cy'imibereho ye kiboneka mu gitabo cyitwa *Igitangaza gikurikirwa n'Ikindi* [*One Miracle after another*]⁴ avuga uburyo igihe yahindukaga bwa mbere aba mu gihugu cya Romania y'abakomunisti[abahanamana], yagiranye umuhigo n'Imana yuko atazigera na rimwe aha aho asengera kandi akaharamiriza Imana mu gitondo kubw'impamvu iyo ari yo yose kugeza igihe amenyeye yuko Imana iri kumwe na we kandi ko iribugendane nawe umunsi wose. Yakomeje iryo sezerano, bona n'igihe yari yagize ingorane agatwarwa n'igitotsi; kandi yari azi ko uko kwari gusiba isomo mu ishuri yigishwagamo n'umwarimu w'umunyamahane w'umukomunisiti urusha ububi mubo yigeze abona. Nubwo yahindiraga umushyitsi ingaruka zari kumubaho zitewe n'uko yasibye isomo, yarakomeje afata igihe yari akeneye kumarana n'Imana (nk'amasaha abiri). Igihe yageraga ku ishuri, yasanze rya somo yasibye ritabayeho kubera ko mwarimu yari yarwaye.

Ikindi gihe, Pavel yagize ingorane yongerwa gutwarwa n'igitotsi atinda kubyuka. Kuri iyi nshuro noneho, yari afitanye inama y'ingenzi n'ushinzwe imyubakire mu gice cy'icyaro, aho yari yarimwe igihembo cye n'umukoresha w'intavumera. Abonye ko asigaranye iminota cumi n'itanu gusa, yasingiriye imyenda; igihe yiteguraga guhita agenda Imana imwibutsa ko batari bafata wa mwanya ngo baganire. Pavel yumvaga yuko ibiribube biteye ubwoba kubera kubura muri icyo gahunda y'ingenzi yari afitanye n'umuyobozi mukuru, kandi ko akazi ke gashobora kuba kageze ku iherezaho; nyamara na none yibuka yuko gahunda afitanye n'Imana irusha icyo yindi kuba icy'ingenzi. Nuko arekeraho aratuzaza maze yicara asoma Bibiliya ye kandi asenga.

Nyuma y'amasaha abiri, yerekeje aho ya gahunda yari yabuzemo yari kubera, atazi neza icyo aribuboneyo, icyakora ntiyashidikanyaga yuko Imana iri kumwe na we. Igihe yari ageze, yashimishijwe no gutahura ko uwo muntu ushinze imyubakire yari yazitiwe n'inama nyinshi yari yagize muri icyo gitondo, bityo [Pavel] na we akaba atahombye gahunda yari afitanye na we. Nyamara muri uwo mwanya, uwo muntu yahise akingura urugi rw'ibiro bye, ahita aza ku ntebe y'umunyamabanga we aho Pavel yari ategerereje. Pavel yashoboye kumubwira ikibazo cye kandi gihita kibonerwa umuti byihuse.

Uko ibihe byagiye bisimburana mu mibereho ye, yemwe n'igihe yakoreraga igisirikari cyo muri Romaniya y'abakomunisiti, Imana yakoreye Pavel ibitangaza bisimburana n'ibindi kuko igihe cye cyo kubana n'Imana yakigiraga nyambere.

Ellen White na we ubwe yamenyekanye ku bw'amasaha ye yamaranaga n'Imana asenga kandi yiga Ijambo ryayo. Ibihe byinshi yabyukaga saa munani (2:00 am) cyangwa saa cyenda (3:00 am) z'ijoro, yashoboraga kumara amasaha aganira n'Imana ayisaba ubwenge no kuyoborwa na Yo. Kumara ijoro ryose asenga byari ibintu bisanzwe kuri we. Nubwo yari umunyantega nke ku by'umubiri mu bigaragara mu gihe cy'ubuzima bwe, imbaraga yaziboneraga mu gusenga. Kandi biragaragara ko Imana yamuhaye umugisha, imibereho ye yuzuye Mwuka Wera yafashije abantu za miliyoni nyinshi kugeza na n'uyu muni.

Yohana Wesley yigeze kwandika ati: “Mfite byinshi byo gukora ku buryo mara amasaha menshi nsenga mbere y’uko mbashishwa kubikora.”⁵ Maritini Luther nawe ahamya atya: “Iyo ntashoboye kumara amasaha abiri nsenga buri gitondo, umwanzi aransinda muri uwo munsu wose.”⁶ S.D. Gordon yaranditse ati: “Abantu b’abanyambaraga mu isi yo muri iki gihe ni abantu basenga! Abo mvuga aha si abantu baganira ku masengesho; nta n’ubwo ari ba bandi bizera amasengesho; si na ba bandi basobanura iby’amasengesho; ahubwo ndavugaga abantu bafata igihe bagasenga. Nta gihe bafite. Igihe bagishakisha bakivanye ku kindi kintu. Icyo kintu kindi na cyo ni ingenzi, ingenzi cyane kandi kirihutirwa; nyamara n’ubwo bimeze bityo, gihinduka icy’ingenzi buhoro kandi kikihutirwa buhoro imbere y’isengesho. Hari abantu bagira isengesho nyambere, maze ibindi bintu byo mu buzima bakabibumbira hamwe bikaza nyuma y’isengesho. Aba nibwo bantu muri iki gihe bari gukorera Imana ibintu bikomeye bakagarura imitima, bagakemura ibibazo, kandi bagakangura amatorero.”⁷

Tukivugaga ku bantu b’abanyambaraga mu masengesho, sintekereza ko twabona urugero ruruta na hato urw’Umwami wacu akaba n’Umukiza wacu Yesu Kristo. Ntabwo byari bimworoheye na rimwe kujya ahantu agasenga kurusha uko bitumereye muri iki gihe.

Nta buzima bwigeze bwuzura imirimo n’inshingano nk’ubwa Yesu; ariko se ni kenshi bingana iki yabaga asenga! Mbega ukuntu yasengaga mu buryo buhoraho! Inshuro nyinshi mu mateka y’ubuzima bwe hano mu isi, dukunda kubona amagambo yanditswe kuri we ngo: “Nuko mu museke arabyuka, arasohoka ajya mu butayu asengerayo.” “...iteraniryo ry’abantu benshi riteranira kumwumva no gukizwa indwara zabo, ariko we abavamo yiherera mu butayu asenga.” “Nuko muri iyo minsi avayeho ajya ku musozi gusenga, akesha ijoro asenga Imana.” Mariko 1:35; Luka 5:15,16; 6:12.⁸

Dushobora kugira akazi kenshi—tukaba duhuze cyane—nyamara urwo si urwitwazo rwo guhusha ku gihe cyiza kiberanye no gusabana n’Imana. Ntabwo dufite imirimo myinshi kuruta iyo Yesu yabaga afite, nta n’ubwo tuzigera tugira nk’iye. Yesu yagiraga imirimo myinshi cyane ku buryo kenshi yaburaga n’akanya ko kurya bitewe no gushaka gukemura ibibazo by’ababaga babyiganira ahamuzengurutse. Nyamara akenshi mu

bihe nk'ibi ubwo yabaga afite byinshi byo gukora, ni bwo yamaraga amajoro asenga. Ingaruka yabyo kandi, ni uko yagarukaga ku murimo we yavuguruwe kandi afite imbaraga. Dufite byinshi twakwigira ku rugero rwe.

Kwizera guke dufite ku bijyanye n'agaciro n'imbaraga by'isengesho, bigaragarira mu buryo bubabaje mu gahe gato turiha mu mibereho yacu ya buri munsu. Turamutse dusobanukiwe by'ukuri impano Imana yaduhereye mu gutoranywa n'Imana kw'isengesho, ntitwakongera kuba dushakira isengesho umwanya muri gahunda z'ibyo dukora buri munsu, ibiri amambu ibyo dukora nibyo byashakishirizwa umwanya nyuma mu masengesho yacu. Twajya dusenga mu masaha yose ya buri munsu, kandi buri cyemezo cyose dusabwa gufata, aho kurushya no kunaniza ubwonko bwacu, twajya duhita twumva ko duhamagariwe gusenga.

Karoli Spurgeon, umuntu w'ububyutse w'icyamamare wamenyekanye bitewe no guhirwa mu murimo we biturutse ku isengesho, yaravuze ati: "Rimwe na rimwe dutekereza yuko dufite imirimo myinshi ku buryo tutasenga. Uko ni ukwibeshya gukomeye, kuko gusenga ari uburyo bwo kwizigamira igihe."⁹

Niba Imana ikwiye guhabwa umwanya wo gukorana imbaraga mu mibereho yacu—hari ikintu kigomba guhinduka—kandi icyo kintu ni bya bindi tugira nyambere.

Ijuru n'ibyiza byaryo biri imbere yawe, icyubahiro cyinshi cy'iteka ryose ushobora guhomba cyangwa ukakibona. Mbese bizakugendekera bite? Imibereho yawe n'imico yawe bizerekana icyo wahisemo. Mpagarikwa umutima cyane no kubona benshi nta cyo bitayeho ku birebana n'iby'igiciro kitarondoreka. Hirya no hino bahugiraniye mu bintu by'agaciro gake, kandi ikintu kimwe cy'ingenzi gishyirwa kure y'ibitekerezo byabo. Nta gihe bafite cyo gusenga, nta gihe bafite cyo kureba, nta gihe bafite cyo kurondora mu Byanditswe. Bose uko bakabaye barahugiranye cyane ku buryo badashobora kugira imyiteguro ikenewe y'ubugingo bwo mu gihe kizaza. Ntibashobora gutanga igihe ngo batunganye imico ya gikristo kandi ngo bashakane ubwitonzi uburenganzira bwo kuba mu ijuru.¹⁰

Mu gice gikurikira, nzabaha inama zifatika z'uburyo, tubyihitiyemo, dushobora gusubira kuri gahunda z'ibyo tugira nyambere ku buryo dushobora kugira igihe kidahungabana cyo kubana n'Imana buri muni.

Muri iki gihe, dushobora kugira byinshi byo gukora, nyamara ntidukwiriye kwemera ko duhugirana ku buryo tudashobora gusenga cyangwa ngo tumare umwanya turi mu Ijambo ry'Imana. Ubugingo bwacu n'umurage wacu w'iteka ushingiyeye kuri ibi bintu. Imana ntidusaba byinshi, nyamara niba tugiye gutinyuka gusaba ibirenze, na Yo iradusaba gukora ibirenze!

Igice cya 10

Gukomera ku Gihe Twashyize ku Ruhande

Gufata iby'ibanze ukabigira nyambere

Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa.—Matayo 6:33

Umwari mukazi yakuruye igicupa kinini gikozwe mu kirahuri [kibonerana] cyuzuye amabuye agiye angana n'igipfunsi. Nuko abaza abanyeshuri be niba icyo gicupa cyuzuye.

Bose barashubije bati: “Yego”. Noneho akurura indobo yuzuye utubuye duto tungana n'amashaza adusuka muri cya gicupa kirimo ya mabuye angana n'igipfunsi noneho aragicugusa utubuye duto tukajya tumanuka hagati ya ya mabuye manini. Arongerabaza abanyeshuri ati: “Mbese noneho iki gicupa kiruzuye?” Barasubije bati: “Birashoboka ko cyaba kituzuye.” Nuko azana ikindi kintu kirimo umusenyi, awusuka muri cya gicupa. Umucanga uragenda ukwirakwira hagati ya ya mabuye manini na twa tubuye duto. Nuko arababaza ati: “Ubu noneho murabivugaho iki?” Basubiza bakomeje bati: “Oya, na n'ubu ntikiruzura.” Mwarimu aramwenyura. Aravugaga ati: “Ibyo muvugaga ni ukuri.” Nuko akurura icupa ry'amazi ayasuka muri cya gicupa kinini. Amazi yaramanutse yinjira mu musenyi no hagati y'amabuye. Mwarimu atera intambwe asubira inyuma amwenyura, arababaza ati: “Mbese ubu ni iki ndi kugerageza kubigisha nkoresheje iyi mfashanyigisho?”

Umunyeshuri atangira kuvugaga ati: “Uri kutubwira yuko nubwo twaba dufite ibintu byinshi cyane byo gukora, dushobora buri gihe gutsindagiramo ibindi bintu tubasha gukora.” Buri wese yasetse. Nyamara mwari mukazi we yanyeganyeye umutwe aravugaga ati: “Nimwige kubanza amabuye manini mu gicupa, nyuma ibindi mugende mubyuzuzaga hagati y'ayo mabuye manini! Mugomba umwanya ibyo

mugira nyambere mumaze kubitekerezaho neza, nibitagenda bityo, ubucogocogo bwo muri ubu buzima—umusenyi n’utubuye duto—bizabatwara igihe cyanyu.”

Uko ni ko bimeze no mu mibereho yacu. Haba mu by’umwuka, ibigaragara, iby’ubukungu, n’iby’amarangamutima, dukeneye kwiga kubanza iby’ingenzi maze tukabanza amabuye manini mu gicupa—ibintu by’ingenzi cyane mu buzima—mbere yuko bibangamirwa n’ubucogocogo budafite agaciro bwo mu buzima.

Kuri bamwe mu bo dufatanije umurimo, dukunda kwishuka tukibwira yuko gukorera Imana bingana no kuyimenya. Nyamara si ko biri. Imana iraturarikira kubana na Yo, tukayimenya mbere yuko tujya kuyikorera (reba Mariko 3:14). Ntidushobora guha abandi icyo twebwe ubwacu tutahawe twicaye ku birenge byayo. Nta kintu cy’agaciro cyane mu mibereho yacu ku buryo twakigundira kikatuvutsa ubugingo bwacu.

{Ellen White atwihanangiriza agira ati: “Mwirinde kwirengagiza isengesho ryo mu rwiherero no kwiga Ijambo ry’Imana. Izi ni zo ntwaro zibashoboza guhangana n’ushaka kubabuza gukomeza urugendo rwo kujya mu ijuru. Kwirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya ku nshuro ya mbere, bigutegurira kubyirengagiza ku nshuro ya kabiri.”¹

Igihe twiga kugira nyambere igihe tubonaniramo n’Imana (nubwo byadusaba kwirengagiza bimwe mu bitotsi cyangwa kugira ikindi kintu tugabanyaho), tuzatahura yuko ikindi kintu cyo mu buzima kizatangira kugenda neza. Aho gufata umunsi wose kugira ngo turangize umushinga runaka, bizatwara amasaha make gusa kubera yuko tuzaba turi gukorana n’imbaraga n’ububasha ndengakamere. Aho kumva duhangayitse kandi turushye, nubwo ibintu byinshi bisaba ko duhuguka, tuzagira amahoro atagira kiogoya kubera ko Imana ari Yo izaba iyoboye ibintu byose. Nubwo buri gihe bisa n’ibidafututse ubishyize ku bipimo by’abantu, igihe cyose tugize icyo duha Imana, iteka ryose Yo iduha ibirenzeho cyane.

Kubungabunga igihe twashyize ku ruhando

Noneho ubwo twiyemeje kugira Imana nyambere, ni mu buhe buryo twita kandi tukabungabunga igihe tubonanimamo na Yo buri munsu? Izi nama zikurikira zishobora kuba iz'umuntu ku giti cyo.

1. *Shaka ahantu hawe hiherereye uhurira n'Imana.* Muri Mariko 1:35 tubwirwa ngo: "Nuko mu museke [Kristo] arabyuka, arasohoka ajya mu butayu asengerayo."

Birafasha kugira ahantu hawe bwite hiherereye, aho ushyikirana n'Imana buri munsu. Hashobora kuba ya ntebe ukunda cyane iri mu nguni mu cyumba cyawe, cyangwa mu cyumba cyawe cy'urwiherero aho ijisho ry'umunyamatsiko ritareba. Umuryango wanjye ufite abantu b'inshuti bo mu muryango wa Champman, bafite abana umunani bakiri mu rugo. Nk'uko ushobora kubitekereza, baba bafite imirimo myinshi y'ubuzima bwa buri munsu n'amasomo abana bafatira mu rugo. Kugira ngo babungabunge igihe cyabo cyo gushyikirana n'Imana, hari ahantu bubatse akumba gato ku nzu yabo—ni akazu gato kameze nk'ako kubikamo ibikoreshe—bagateganyiriza ababyeyi n'abandi bana bakuru kugira ngo bajye bagakurakuranwamo basengera ahiherereye uko buri wese ashatse gusenga no kwiga Ijambo ry'Imana nta bimurangaza. Nta muntu nari narigeze kubona akora ibisa n'ibyo. Urwo ni urugero rubasha kutwigisha kugira ibintu nyambere babungabunga aho hantu bihererana n'Imana. Nihaba hariho ubushake bwo kumarana igihe n'Imana, hazaboneka uburyo bwo kubigeraho!

Ni byo rwose, nta bitangaza bidasanzwe biri mu kugira *ahantu runaka*. Ikindi kandi, Imana ntizirikiwe mu nzu cyangwa ahantu runaka. Igendana natwe aho tujya hose binyuze muri Mwuka Wera. Ikigamijwe ni iki: iyo ufite ahantu hazwi ufitanye gahunda n'Imana ko muzajye muhahurira, birakorohera kwirinda ibirangaza igihe uri kumwe n'Imana kuruta igihe udafite gahunda, ugenda uzenguruka inzu ushakisha mu ruvange rw'ibintu byinshi byo muri ubu buzima.

2. *Imenyereze umuco wo kujya kuryama ku isaha ikwiriye.* Ntabwo ndibwinjire mu nyungu ziboneka ku buzima bw'umuntu usinzira bihagije, cyangwa se ku byo Ellen White yigeze kuvuga igihe yavugaga ko ibitotsi dusinziriye mbere ya saa sita z'ijoro bifite

akamaro kangana n'inkubwe ebyiri z'akamaro k'ibitotsi dusinziriye nyuma y'icyo gihe.”²

Nubwo bimeze bityo, nitudakora gahunda mbere y'igihe, nko mu ijoro ribanziriza iryo, bizadukomerera kubyuka ngo tumare igihe turi kumwe n'Imana igitondo gikurikiraho kubera yuko tuzaba twagiye kuryama dukererewe. Hari impamvu zumvikana zishobora gutuma umuntu ajya kuryama akererewe (nko kwita ku bana barwaye no kurangiza imirimo ituma uhuza n'igihe cyateganyijwe ngo ibe irangiye), ibi byari bikwiriye kuba ikintu kitari kitezwe aho kuba nk'itegeko.

Igihe duhisemo gukora ibintu byacu tukageza nijoro, tuba twarangije guhitamo gushyira Imana ku ntebe y'inyuma ku munsu ukurikiraho. Niba imibereho yacu igiye guhinduka, ubu buryo bw'imikorere na bwo bukwiriye guhinduka. Mu bushake bwacu, hari ibintu tugomba kubwira tuti “oya” kugira ngo tubone uko tubwira Imana mu gitondo gikurikiraho tuti “yego”.

3. *Imenyereze umuco wo kubyuka kare.* E.M. Bounds yaranditse ati: “Abantu bakoreye Imana ibintu bikomeye muri iyi si, bagiye baba abantu bazindukiraga ku mavi yabo basenga. Abapfusha ubusa amasaha yabo y'igitondo, bagapfusha ubusa amahirwe n'imbaraga ziboneka muri cyo bikurikiraniye izindi nyungu [cyangwa bisinziriye] aho gushaka Imana, nta ntambwe nzima bazabasha gutera bayishaka mu yandi masaha asigaye y'umunsu. Niba tutagize Imana nyambere mu ntekerezo zacu no mu imbaraga zacu mu gitondo, izaba iya nyuma mu masaha yandi asigaye y'umunsu.”³

Robert M'Cheyne, umukozi w'Imana mu myaka ya 1800, yarwanye urugamba rwo kugira akamentero amasengesho ya mu gitondo butaracya, nyamara yashoboraga kumva itandukaniro muri we iyo yabaga yananiwe kubikora. Ahari benshi muri twe, bashobora kwisanisha n'ibi bitekerezo bye:

Nagombaga gusenga mbere yuko mbona undi muntu uwo ari we wese. Akenshi iyo nasinziraga cyane, cyangwa ngahura n'abandi bantu butaracya, nka saa kumi n'imwe cyangwa sa kumi n'ebyi z'igitondo mbere yuko nsenga isengesho ryanjye ryo mu rwiherero, uwo munsu wamberaga mubi. Ibyo ntibyabaga bihuje n'Ibyanditswe byera. Kristo yabyukaga butaracya akajya mu butayu. Dawidi aravuga ati: “Mu gitondo cya kare nzajya ngushaka”, “Uzajya wumva ijwi ryanjye kare mu gitondo.” Isengesho ry'umuryango ritakaza imbaraga zaryo

n'uburyohe bwaryo kandi nta kintu kiza nshobora gukorera abaza kunshakaho ubufasha. Niyumvamo igishinja mu mutima wanjye, numva ubugingo butigeze bufata icyo kurya, nkumva itabaza ritigeze ricanwa. Bityo rero, igihe umutima udahugutse binyuze mu isengesho ryo mu rwiherero, numva byambere byiza cyane gutangirana n'Imana—nkareba mu maso hayo, umutima wanjye nkawuzana hafi yayo mbere yuko uba hafi y'undi muntu uwo ari we wese."⁴

Birumvikana rwose ko bamwe mu basoma iki gitabo bashobora kuba bakora imirimo ya nijoro cyangwa bakagira akamenyero ko gusinzira ku masaha atandukanye. Igihe cyose umunsi wawe utangiye, gerageza kubyuka mbere maze umarane n'Imana icyo gihe kitarimo ibirangaza mbere yuko utangira inshingano zawe z'umunsi (cyangwa z'ijoro). Kandi niba utekereza ko udashobora kubyuka—saba Imana kugukangura. Izabigukorerera nuramuka uyihaye uruhushya.

Yohana Bunyan, umwanditsi w'igitabo cyitwa *Umugenzi* yigeze kuvuga ati: "Umuntu uhunga Imana mu gitondo, bizamugora cyane kuyihona mu masaha asigaye y'umunsi."⁵ Birashoboka ko ubu bwaba ari bwo buhamya bwacu!

4. *Ntukemere ko hari ibikurangaza igihe ubyutse!* Ellen White atanga inama mu magambo akurikira: "Iyegurire Imana mu gitondo; ba ari byo ugira umurimo wawe wa mbere."⁶

Mu gitondo igihe ubyutse, ni byiza cyane kwirinda gufungura radiyo, amakuru ya televiziyo, cyangwa urundi rusaku urwo ari rwo rwose rubasha kukurangaza ku buryo rwavana ibitekerezo byawe ku Mana. Na none kandi, wirinde kureba muri telefoni cyangwa mudasobwa ubutumwa bwaba burimo, ibitangazamakuru cyangwa ibindi bintu bitangazwa n'ikoranabuhanga.

Telefoni zigendanwa—by'umwihariko simatifoni (smart phones)—zishobora kuba ari zo za mbere zirangaza abantu iyo umuntu akangutse bwa mbere. Kubera iyi mpamvu, jyewe iyanjye nyishyira muri bwa buryo zishyirwamo mu ndege (airplane mode). Icyo ukora cyose, shaka uburyo wakwirinda ibiganiro bitihutirwa byo kuri telefoni cyangwa gusubiza ubutumwa bwo kuri telefoni bitihutirwa mbere yuko umarana n'Imana cya gihe cyera. Ibi byaba byiza, ariko jyewe ho nabonye ibi Bizana itandukaniro rikomeyembu buryo bwo kwiye gurira Imana kwacu kubera ko Imana izi yuko ari yo tuba twagize *nyambere* kandi Ikaba ari Yo iza ari iya mbere mu buzima bwacu.

Nubona ko igihe cyawe cyo gushyikirana n'Imana gitangiye kurogowa n'ibitekerezo by'ibintu byinshi ushaka kuza gukora cyangwa se iby'ibintu bidahura n'uwo mwanya winjiyemo, aho kugira ngo uze kwicuza [ko wabyibagiwe], fata akanya gato ubyandike ku gapapuro gatandukanye n'izo uri gusoma kugira ngo uze kubyibuka nurangiza kuganira n'Imana yawe.

Birashoboka cyane, yuko ku bafite utwana tukiri dutoya, kubona igihe cyiza biherereye usanga iteka ari urugamba rukomeye. Niba udashobora kubyuka kare cyane mbere yuko abana babyuka, cyangwa se ngo uwo mwashakanye agufashe ubone akanya katarimo ibyo birangaza, wagerageza gukora uko ushoboye ugakoresha agahe ubasha kubona. Birashoboka ko bitaba ari byo byifuzwa, ariko wibuke ko Imana iha agaciro *umuhati wacu uvuye ku mutima*. Nubwo wafata utunota duke mu bihe bigiye bitandukanye, ishobora gutubura imigisha yayo nk'uko yatuburaga imigati n'amafi.

Ku rundi ruhande kandi, niba kubura igihe cyiza kwacu cyo gushyikirana n'Imana bituruka ku bunebwe cyangwa kudashyira ku mwanya ukwiriye iby'ingenzi kurusha ibindi, ntitugomba kwitega ko Imana yazana itandukaniro mu mibereho yacu. Iradusaba kuyigira nyambere, bitari mu magambo gusa, ahubwo ibe nyambere mu bikorwa. Igihe tuzaba dutangiye kugenza dutyo, ibindi bintu dukora mu munsu bizagenda neza na byo!

5. *Kora gahunda kandi uyubahirize!* Nubwo dukeneye iteka kwiyegegurira ubuyobozi bwa Mwuka Wera, ni ingenzi ko buri munsu tugerageza gukora gahunda y'uburyo turibumarane igihe cyacu n'Imana. Muri ubwo buryo, ntituzarangazwa no kugerageza gutekereza kucyo turi bwige nidukanguka.

Nta buryo bwiza cyangwa bubi bwo gushyikana n'Imana. icy'ingenzi ni uko, tugira ubwo buryo! Nyamara kandi, ni byiza cyane ko dushaka igihe cyo kwiga Bibiliya no gusenga. Ntitugomba kwirengagiza kimwe muri ibyo byombi kugira ngo ikindi gikorwe—byombi birajyana.

Kenshi na kenshi ntangira ibihe byo gushyikirana n'Imana mfata umwanya ngasenga, bisa n'aho byahindutse kamere yanjye gutangira umunsu nganira n'Imana. Na none kandi, mba nshaka guhabwa umugisha wa Mwuka Wera mbere yuko ntangira gusoma Ijambo rya Yo.

Kubera ko hari ibintu byinshi ndetse n'abantu benshi ngomba gusengera buri munsu, nakoze udukarita ngenda nandikaho ibyifuzo byo gusengera, maze ku rundi ruhande nkandikaho isomo ryo muri Bibiliya. Nuko ngafata utwo dukarita nkadushyira ku mukufi w'imfunguzo nkatugendana aho njya hose. Igihe icyifuzo runaka gisubijwe, agakarita cyari kiriho ngakura kuri wa mukufi, nkagahina maze ngagashyira mu gicupa kiri mu kabati kanjye k'ibitabo. Kureba ukuntu igicupa cyuzura ibyifuzo byashubijwe, byagiye bikomeza kwizera kwanjye!

Ibice nkunda cyane by'isengesho ryanjye, ni igice cyo guhimbaza no kuramya Imana. Igihe cyose nzabona ko nta kibazo mfite cyo kugira uwo mbangamira, nzajya ndirimba mu gihe cyanjye cyo gusenga. Ibyahumetswe biratubwira bita: "...Kuririmba ni umugabane wo kuramya ku rwego rumwe no gusenga. Mu by'ukuri, kuririmba cyane ni ugusenga."⁷

Undi mugabane w'isengesho nkunda cyane, ni ugusenga [ukoresheje] Ijambo [ry'Imana]. Ibi sinabisobanura cyane ku buryo buhagije! Ntekereza ko abantu benshi bahombera mu kuba batabasha kumenya isano iri hagati y'Ijambo ry'Imana n'imibereho yabo yo gusenga. Bibiliya ntigenewe gusomwa gusa umuntu yihitira; igenewe no kuyisengeshya.

Ijambo ry'Imana rikubiyemo amasezerano ibihumbi. Igihe dutangiye kugundira amasezerano aboneka mu Byanditswe, nta na rimwe tuzabura ibyo dusengera mu mibereho yacu yo gusenga.

Nyuma yo gufata igihe ngasenga, nzajye mfata igihe cyo kwiga Bibiliya nshikamye. Nziga insanganyamatsiko runaka cyangwa ibitekerezo biboneka muri Bibiliya, cyangwa nkurikire gahunda iriho yo kwiga Bibiliya nka « Gahunda yitwa Kubyutswa n'Ijambo Rye »⁸.

Jyewe nkunda gusoma amagambo aboneka hasi kuri buri rupapuro rwa Bibiliya [afasha umusomyi kubona andi makuru ku kintu runaka cyavuzwe ku murongo runaka wa Bibiliya], cyangwa kureba ubusobanuro [bw'amagambo ari mu mirongo ya Bibiliya] mu rurimi rw'umwimerere nk'Igiheburayo cyangwa Ikigiriki kugira ngo nsobanukirwe kurushaho imirongo ya Bibiliya. Ibi bigira imbaraga cyane! Nyamara kandi, nubwo twaba abanyeshuri beza kurenza abandi bose ku isi ariko ntitwemerere Bibiliya guhindura imitima yacu n'imibereho yacu, mbese ni iki ibyo byaba bitwunguye? Bityo rero, igihe niga kandi ngasoma Ijambo ry'Imana, mba ndikwibaza ubudatuzant : « Ibi nabihuzantse n'imibereho yanjye muri iki gihe? Mbese Imana

iri kugerageza kunyigisha iki uyu muni binyuze muri uyu murongo?
Ni mu buhe buryo narushaho kumera nka-Yo?

Na none nkunda gusoma ibindi bitabo bijyanye na Bibiliya biboneka mu ruhererekane rw'ibitabo byitwa « Intambara imaze igihe kinini » cyangwa ibindi bitabo by'Umwuka w'ubuhanuzi. Gusoma ibingibi ubibangikanyije na Bibiliya byanshoboje gusobanukirwa n'Ijambo ry'Imana ubwaryo no kurikunda. Nubwo nabyirutse mbona ibi bitabo hafi yanjye, hashize imyaka mike gusa ntahuye ko twebwe Abadiventisti twahawe iki « kirombe cya zahabu » binyuze mu nyandiko za Ellen White. Biragoye kubyumva!

Ni byo rwose, nta kintu kibasha gusimbura imbaraga ziri mu Ijambo ry'Imana ubwaryo. Nubwo hanze aha hari uburyo bwo gusengamo Imana bwinshi bukunzwe n'abantu, ni ingenzi ko twirinda gutwarwa n'iyi misengere yo muri iki gihe—bona nubwo byaba umwuka w'ubuhanuzi cyangwa ibindi bijyanye no gusenga—imbaraga byaba bifite izo ari zo zose, ntidukwiye kwemera gutwarwa na byo ngo bituvane mu Ijambo ry'Imana nyirizina. Nta kintu kibasha gusimbura Ijambo ry'Imana!

Nta kintu na kimwe kibasha kongerera ubwenge imbaraga nko kwiga Ibyanditswe byera. Nta kindi gitabo gifite imbaraga zo kuzamura ibitekerezo no guha imbaraga ubushobozi bw'intekerezo z'umuntu nk'ukuri kwagutse kandi gusubiza umuntu agaciro kuboneka muri Bibiliya. Iyaba Ijambo ry'Imana ryigwaga nk'uko bikwiriye, abantu bagira ubwenge bwagutse, imico myiza, intego zidatezuka kandi ibi ntibigikunze kuboneka muri ibi bihe.¹⁰

Nk'inama ku buryo bwo kwiga Bibiliya, zikubiyemo kwimbika mu buryo bwo kwiga, shakisha ukoresheje ikorana buhanga rya mudasobwa, udutabo jyewe na Armando Miranda, Umuyobozi wungirije w'Inteko Nkuru Rusange, duherutse gusohora twitwa *Kubyutswa n'Ijambo ry'Imana: Agatabo gato gafasha kwiga Bibiliya. (Revived by God's Word: A Handbook for Bible study)*¹¹

Na none kandi, icy'ingenzi si uko ukurikiza gahunda cyangwa uburyo runaka buri muni, ahubwo ikigamijwe ni uko ufata igihe kidahinduka buri muni, kandi muri icyo gihe, ugaha umwanya w'ibanze gusenga no kwiga Bibiliya, kandi umutima wawe ukaba ukinguriwe kumva icyo Imana igerageza kukwigisha.

6. *Erekana kubaha Imana nk'Umwami, nk'uko iri koko!*
Ibyahumetswe bitwibutsa bitya biti: "Dukwiriye kuza imbere y'[Imana] dufite kuyubaha ikwiye. Abamarayika bitwikira mu maso iyo bari imbere yayo. Abakerubi n'Abaserafi bafite kwera no kurabagirana begera intebe yayo bafite kuyubaha gutangaje. Mbega uburyo twebwe abantu bapfa b'abanyabyaha twari dukwiriye kuza imbere y'Imana Umuremyi dufite kuyubaha gutangaje!"¹²

Abantu benshi bifuzaga kubonana n'umwami wo bu bwoko bw'Abazulu bo muri Afrika y'Epfo nyamara ni bake gusa babibona. Mu myaka mike ishize, Imana yahaye umwe mu nshuti zanjye amahirwe yo kumarana na we umunsi umwe, maze bahinduka inshuti. Nyuma yaho, igihe umukobwa w'uwo mwami yashyingirwaga, iyo nshuti yanjye yatumiwe muri ibyo birori.

Ushobora gutekereza icyubahiro inshuti yanjye yerekaga uwo mwami igihe yabaga amuri imbere. Ntibashoboraga kuba bari kuvugana ngo arogoye ikiganiro yitaba telefoni cyangwa asubiza ubutumwa bugufi bwo kuri telefoni. Nta n'ubwo yasohokaga yiruka ngo aje gukora umwe muri iyo mirimo. Yagumye imbere y'umwami maze yishimira kugumana na we uwo munsi baganira kandi barushaho kumenyana.

Niba tubasha guha abanyacyubahiro b'iyi si icyubahiro kingana gitya, ntidukwiriye kwereka icyubahiro nk'icyo Uwiteka Imana yacu kandi ikaba Umwami w'ijuru n'isi igihe duhuye na We?

Inshuti yanjye Leslie Ludy atubwira igitekerezo cy'umugorizi ukomeye witwa Yohana Wesley. Yigeze gutumirwa kumarana ikigoroba kimwe n'igikomangoma cyitwa Byron, umuntu wari ukomeye cyane mu gihugu cy'u Bwongereza. Iki cyari icyubahiro gikomeye kubera yuko abantu bamaraga amezi n'amezi bategereje guhabwa uburenganzira bwo kubonana na we. Nyamara mbere yuko icyo kigoroba kirangira, Yohana Wesley yarahagurutse amumenyesha ko akeneye kugenda.

Icyo gikomangoma Byron cyumvise gisa n'aho gisuzuguwe. Cyaramubajije kiti: "Kubera iki ugiye kandi hakiri kare? Ntubona yuko ndi umuntu ukomeye kandi abantu benshi bifuzaga kumarana nanjye umwanya bari ku meza yanjye? Nuko Wesley aramusubiza ati: "Nyakubahwa, ntabwo nashakaga kukubabaza, kandi numvaga ari iby'icyubahiro kuba ndi kumwe nawe. Nyamara hari gahunda mfite yo guhura n'Umwami w'ijuru n'isi, kandi sinjya ntinyuka kumubwira yuko naniwe cyangwa ngo nkererwe."

Jya uvuga ku ngero z'ibigaragara mu mibereho yawe n'uburyo ushaka kubahiriza ibyo ugira nyambere udukebakaba! Ushobora kuba uri gutekereza uti: *"Ni byo, ariko byarashobokaga ko kiriya gihe yari gukora ibinyuranye n'ibyo yakoze kuko cyari igihe kidasanze, si byo se? Ikirenze ibyo kandi, Wesley yari kumwe n'umunyacyubahiro ukomeye cyane. N'ubundi yashoboraga iteka kubana n'Imana mu gihe cyari gukurikiraho. Imana yashoboraga rwose kubyumva!*

Imana irabyumva cyane. Isobanukiwe neza ko turi abanyanteye nke, badashoboye kandi dukeneye cyane kubana na Yo buri gihe—ukubana na Yo gufite imbaraga kurusha ibitubohera hano ku isi kandi kw'ingenzi cyane kurusha icyubahiro gitangwa n'isi. Ikirenze ibyo kandi, ni Umwami w'abami, umutware utwara abatware. Isengesho ni gahunda y'Imana tugomba guhuriramo na Yo—ni gahunda irenze izindi zose. Iyo tuyibuzemo, tuba twishyize mu ruhande rw'umwanzi.

Ibyahumetswe biratubwira biti: *"Umwijima w'umubi ugota abirengagiza gusenga. Ibyongorero by'ibishuko by'umwanzi bibasunikira mu cyaha; kandi ibyo byose biterwa n'uko badakoresha neza amahirwe Imana yabahaye babonera muri gahunda yo gusabana na Yo ari yo sengesho."*¹³

7. *Reka Imana ikomeze kubana nawe mubyo urimo byose uwo muni. Ndetse na nyuma yo kwiyegeye Imana mu gitondo, Imana igomba kujyana natwe, ikagumana na twe kandi ikaba muri twe. Nk'uko byagenze kuri Enoki, dukwiriye kwiga kugendana n'Imana buri muni. Igihe ibibazo bije, kandi tukaba dukeneye ubwenge, tugomba gusenga. Mu by'ukuri, "Dushobora kuguma hafi y'Imana ku buryo muri buri kigeragezo cyose tutari twiteze, ibitekerezo byacu bizahita byerekera kuri Yo nta mbaraga dukoresheje nk'uko indabyo zihindukirira Izuba."*¹⁴

Igihe Ellen White yabwiraga abagabura n'abakuru b'Itorero, yashimangiye aya magambo ati: *"Ntihakwiriye kuba n'umwe utekereza yuko afite imirimo myinshi ku buryo adashobora gusenga, ngo akaba afite akazi kenshi cyane ku buryo atagenda ashakisha akanya k'iminota cumi n'itanu kugira ngo ashake inama ku Mana. Benedata, Imana ari Yo mutezeho byose yonyine [umunsi wose]. Igihe mukoze ibitari ibyo, muje muhita muhagararira aho. Musigeho kandi muhite muhindura uburyo muri gukoramo."*¹⁵

Dushobora kugira imigambi myiza (kandi ni ko bigenda kuri benshi muri twe), ariko igihe iyo migambi myiza idasohozza ku kuba umwigishwa mwiza, kenshi na kenshi biba bitewe no kutagira umugambi uhamye kwacu. Mureke rero tugire umugambi!

Kugirana n'Imana umushyikirano wa bugufi kandi wimbitse ntabwo bizaza ari impanuka cyangwa ngo bizanwe no gusurana bitagambiriwe. Tugomba gufata igihe tukawubagarira tubigambiriye. Tugomba gukomera ku gihe twashyize ku ruhande ngo tubane n'Imana nk'icyera, kuko ari icy'Imana nk'uko kimwe mu icumi ari icyayo. Mwibuke yuko Daniyeli yabonye ko igihe cye cyo kuramya no gusenga Imana cyari gikomeye ku buryo yari yiteguye no kujya mu rwobo rw'intare aho kugira ngo agihare! Mbese twitanze mu buryo nk'ubu muri iki gihe? Uko tugana imbere, mutyo dutinyuke kugira Imana nyambere buri muni! Kandi ikirenze ibyo, ntabwo Imana ari nk'umuntu ubonetse uwo ari we wese. Ni Umukiza wacu ikaba n'Umwami wacu!

Gukuraho Ukwishushanya Kose

Ivugururwa ry'umutima rihereye imbere

*Kuko ugaragara ko ari [umukristo] atari we. [mukristo] nyakuri,...ahubwo [umukristo] wo mu mutima ni we [mukristo].—
Abaroma 2:28,29*

Kumwe mu kuri kubabaje k'ubukristo bwo muri iyi minsi, ni uko hariho abakristo benshi nyamara hakaba hariho abigishwa bake. Hariho abizera bemejwe mu buryo bw'ubwenge, nyamara bake niba bahindutse. Benshi hari ibyo bazi ku Mana, nyamara benshi ntibamuzi mu mibereho yabo. Benshi bafite imfunguzo z'iby'Umwuka mu butunzi bwabo, nyamara izo mfunguzo ntacyo zihindura ku mibereho yabo. Ingaruka ibabaje y'ibyo, ni uko Imana idashobora gukora nk'uko ibishaka. Kandi koko mu by'ukuri, kwishushanya kwacu mu bya Mwuka kutajyana no guhinduka k'umutima, kuri kubuza imigisha y'ijuru kutugeraho.

Mu myaka ishize mu gihugu cya Kongo, hari umuririmbyi w'ikimenyabose mu njyana yitwa "pop" wari ukunzwe n'abantu benshi. Imana yakoze ku mutima we maze yegurira Kristo ubugingo bwe. Yatekereje ko aramutse yinjiye mu itorero, yaba ahunze isi. Aho kumubera bityo, yasanze isi yibereye mu itorero.

Igiteye agahinda, ni uko ibi ari byo tubona byiganje muri iki gihe. Benshi mu biyita abakristo muri iki gihe, ni abantu b'inyanagamugayo gusa. Banze kwakira impano rukumbi ibashoboza guhesha Kristo ikuzo binyuze mu kumuhagararira neza mu batuye isi. Umurimo wa Mwuka Wera ni inzaduka kuri bo. Si abantu bakora iby'Ijambo ribabwira. Amahame y'ijuru atandukanya abafitanye ubumwe na Kristo n'abafitanye ubumwe n'isi ntakigaragaza itandukaniro. Abavuga ko ari abigishwa ba Kristo ntibakiri abantu badasanze kandi b'umwihariko. Umurongo ubatandukanya n'abandi ntukigaragara. Abantu bari kwisanisha n'isi, n'imirimo yayo, n'imico yayo, no kwikunda kwayo. Itorero ryifatanyije n'isi mu kugomera amategeko mu gihe isi yakabaye

ari yo yifatanya n'itorero mu kubaha ayo mategeko. Uko bukeye n'uko bwije, itorero riri guhindurwa n'isi.¹

Ahagana mu myaka ya 1800, Ellen White abwira itorero, yavuze amagambo ababaje ko mu bantu makumyabiri bafite amazina yabo mu bitabo by'itorero, nta n'umwe muri bo witeguye gusoza neza amateka ye yo mu isi. Yakomeje avuga ko ibintu nibikomeza gutyo, benshi bazisanga nta byiringiro, nta n'Imana bafite, kimwe n'abandi banyabyaha bose.² Mbese niba ibintu byari bimeze gutya muri kiriya gihe, twebwewe uyu munsu bimeze bite?

Igiteye agahinda rero, ibintu ntabwo birushaho kuba byiza. Iyobokamana rikunzwe na benshi muri iki gihe ni rya rindi ryo kugaragaza *"ishusho yo kwera"*. Abakristo benshi banyuzwe no kugira *"ishusho yo kwera"* gusa nyamara badafite imbaraga yo kubaha Imana nyakuri (2Timoteyo 3:5). Idini yabo nta kindi iri cyo usibye kwishushanya; *bagerageza kwigira icyo batari cyo*.

Igihe mbwiriza, nkunda kubaza iteraniro ry'abizera nti: "Mbese byagenda bite icyuma kigaragaza amashusho y'ibikorwa by'abagize itorero bose, kiramutse cyerekanye ibikorwa bya buri wese muri iki cyumweru gishize? Mbese wabona iki ku birebana n'uko wabayeho imibereho yawe, uburyo wavuganye n'abagize umuryango wawe, uburyo waganiriye n'abo mukorana, ibyo wateze amatwi uri mu modoka, ibyo warebye kuri mudasobwa, ibyo watekereje ku bantu bakuzengurutse? Mbese wakumva uguwe neza icyo cyuma kiramutse cyerekanye amashusho yacu twese tukayareba?"

Ikintu cy'ingenzi aha, si ibyo bagenzi bacu bo mu itorero babona rwose. Ahubwo ni ibyo Imana ibona! Bibiliya iratubwira iti: "...kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima." (1Samweli 16:7) Imana ishishikajwe n'imitima yacu. Ni ibiki byinjira mu ntekerezo zacu? Mbese dukunda gukora iki iyo nta muntu utureba? Mbese ni iki kidutera gutekereza uko dutekereza cyangwa gukora ibyo dukora? Mbese ni Imana dushaka koko, cyangwa ni ukugira ngo abantu baturebe neza?

Niba hariho ikintu Uwiteka atemera, ni abantu bishushanya. Irindi jambo risobanura kimwe no *kwishushanya* ni *uburyarya*. Mu by'ukuri

[uburyarya] butuma Mwuka wayo n'imigisha yayo itatugeraho. Ibyahumetswe bitubwira mu buryo bworoheje bita : « Imbaraga abagize itorero bakwiriye gutinya cyane kurushaho, ntabwo ari za zindi z'abarirwanya ku mugaragaro, iz'abapagani n'abatuka Imana, ahubwo ni za zindi z'abiyitirira Kristo bahindagurika. Aba ni bo babuza umugisha w'Imana ya Isirayeli kugera ku bwoko bwayo kandi bakabuzanamo intege nke. »³

Ntihakwiriye kubaho kwishushanya mu mibereho y'abafite ubutumwa bwera kandi bukomeye nk'ubwo twahamagariwe gutwara. Ab'isi bariho bitegereza Abadiventisti b'umunsi wa karindwi kuko hari icyo bazi ku buhamya bwo kwizera kwabo, n'urugero rwabo ruhanitse rw'imibereho ; kandi iyo bagize abo babona badafite imibereho ihura n'ibyo bahamya ko bizera, babatunga intoki babasuzuguye. »⁴

Mbese ubuhamya bwacu bwahindutse kwishushanya gusa ? Nubwo rimwe na rimwe dushobora kwishuka, ndetse inshuro nyinshi tugashobora gushuka abandi, mwibuke ko nta na rimwe dushobora gushuka Imana. Niba mu by'ukuri dushaka yuko amasengesho yacu yumvirwa kandi umurimo wacu ukagira umusaruro—tutavuze ndetse no kuba twiteguye gusanganira Yesu—ubukristo bwacu bwo kwishushanya bugomba guhagarara. Ni ibyo, nta kindi !

Ivugururwa ry'umutima rihera imbere rikagaragarira inyuma

Mu gihugu cya Zambia, hari umugezi rukumbi witwa Luapula. Izina Luapula risobanura «Kwahuranya». Impamvu uyu mugezi wahawe iri zina, ni uko wahuranya ikiyaga, ukahuranya imisozi n'ibibaya, ugakomeza ukahuranya ikindi kiyaga, ukahuranya n'ibindi bibaya, hanyuma ukahuranya ikiyaga cya gatatu, ku iherezo ukagera mu nyanja. Igituma uyu mugezi uba umwe rukumbi, ni ukubera ko wahuranya ibiyaga bitatu, ntuhindura umuvuduko wawo, kandi nta nubwo amazi yawo yivanga n'amazi y'ibiyaga unyuramo. Ukomeza kuguma uko wari umeze. Abarobyi bavuga ko amafi yo muri uwo mugezi atandukanye n'amafi yo muri ibyo biyaga. Kandi nanone bavuga ko amazi yo muri ibyo biyaga ataryoha kimwe n'ayo muri uwo mugezi.

Twebwe nk'ubwoko bw'Imana dukwiriye kuba nk'uyu mugezi. Turi mu nzira tujya mu ijuru. Muri uru rugendo, twambukiranye imisozi myinshi

ndetse n'ibibaya byinshi. Twahuranya isi (bya biyaga bitatu), nyamara ntidukwiriye guhinduka nk'ab'isi. Dukwiriye gupfa ku by'isi—ntidutakaze uburyohe, tukitandukanya na yo, kandi tukaba abantu b'umwihariko.

Igihe cyose twakomeza kuba twitandukanyije n'isi tukaba abantu b'umwihariko, twabasha gukururira ab'isi kuri Kristo dukorera, tukabatera no kugira imibereho nk'iyacu. Kimwe n'uko imbaraga z'umugezi wa Luapula zibasha gukururira abantu muri wo ukabatembana, ni ko dukwiriye kuba abanyambaraga mu Mwami, ku buryo abantu bazakururwa n'imbaraga ze. Nyamara kandi, nituramuka twemeye kumirwa n'isi, ntituzatakaza gusa kuba abo turi bo nk'abizera, ahubwo ntituzanabasha kugira abantu tujyana na bo mu ijuru. Kubera iyi mpamvu nyine, Imana iratubwira iti : « Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose (Abaroma 12 :2).

Uku guhinduka k'umutima n'ubwenge kubasha gusohozwa n'Imana gusa igihe tuyiyeguriye rwose. Uko twaba dutekereza iyi kamere nziza y'ubumana ya Kristo kose, ntidushobora kuyiremera mu bugingo bwacu dukoresheje imbaraga zacu. Ni cyo gituma tugirwa inama ngo : « Dukeneye guhinduka buri muni. Amasengesho yacu akwiriye gushikama; ni bwo azabasha kugira umusaruro. Kwizera kwacu gukwiriye kurushaho kugira imbaraga, tukiringira yuko Mwuka w'Imana azabana natwe, akaduhindura abaziranenge n'abera, tukaba dutunganye kandi dufite impumuro nk'iy'imyerezi y'i Lebanoni. »⁵ Ntibyoroshye gupfa kuri kamere buri muni, ariko nitwegurira Kristo imitima yacu n'ubushake bwacu, nituramuka tumwemereye gukora uwo murimo, azabidukorera. Ellen White yaranditse ati :

Benshi barabaza bati : « Mbese nakwiyegurira Imana nte ? Wifuza kwiyegurira Imana, ariko uri umunyantegenke ku by'imbaraga z'imicombonera, uri mu bubata bwo gushidikanya kandi utegekwa n'akamenyero k'imibereho y'icyaha. Amasezerano utanga n'imyanzuro ufata, byose bimeze nk'umurunga uboshye mu musenyi. Ntubasha gutegeka ibitekerezo byawe, imbaraga zawe ndetse n'iby'ukunda. Kumenya ko wica amasezerano n'indahiro uba warahiye bigwabiza icyizere cyawe cy'uko uba wabikoranye umutima utarimo uburyarya, bigatuma utekereza yuko Imana itakwemera; ariko ntukwiriye gucika

integere. icyo ukeneye kumenya ni imbaraga nyakuri z'ubushake. Iyi ni yo mbaraga iyobora kamere-muntu, imbaraga zo gufata icyemezo, cyangwa se imbaraga zo guhitamo. Buri kintu cyose gishingiye ku mikoreshereze ikwiye y'ubushake. Imbaraga zo guhitamo Imana yazihaye abantu; ni umurimo wabo kuzikoresha. Ntushobora guhindura umutima wawe, mu mbaraga zawe bwite, ntushobora guha Imana urukundo rwawo; nyamara ushobora guhitamo kuyikorera. Ushobora kuyegurira ubushake bwawe; hanyuma izaguhya gukunda no gukora ibyo yishimira. Bityo, impagarike yawe yose izaba munsu y'ubuyobozi bwa Mwuka wa Kristo; urukundo rwawe ruzashingira kuri we, ibitekerezo byawe bizahuza n'ibyo ashaka.⁶ Icyo ni igitangaza gikomeye cy'imbaraga z'Imana. Iyo tuyihaye uburenganzira, iduhindura ihereye imbere bikagaragarira inyuma! Iki ni ikintu cya ngombwa!

Nta yindi myaka igihumbi magana abiri itorero rigifite yo gukomeza kurindagira na wa murimo ukomeye twahawe. Birashoboka ko n'imyaka ijana nta yo dufite turamutse twitegereje ibimenyetso by'ibihe turimo. Igihe kiradushiranye. Yesu araje bidatinze. Kandi ubutumwa bwiza bugomba guhetura isi yose. Nyamara imbere yuko Kristo abasha kudukoresha, mbere yuko asubiza amasengesho yacu, tugomba kwitandukanya no kwishushanya kose. Buri wese agomba kwiyegegurira Imana ku giti cye. Igihe tuzaba tumaze kugenza dutyo, Mwuka We Wera azasukwa!

Umwami Imana ntiyafunze ububiko bwo mu ijuru nyuma yo gusuka Mwuka ku bigishwa ba mbere. Natwe dushobora guhabwa umugisha usendereye. Ijuru ryuzuye ubutunzi bw'ubuntu bwe, kandi abegera Imana bafite kwizera, bashobora gusaba gusohorezwa ibyo yasezeranye byose. Niba tudafite imbaraga ze, byatewe n'umwete muke, kuyagira icyo twitaho n'umwete muke byacu mu bya Mwuka. Mutyo tuve mu mihango [iyobokamana ryo kwishushanya] no mu rupfu.

Hari umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa muri iki gihe, kandi ntitugeza no ku cya kabiri cyo gusobanukirwa n'icyo Imana ishaka gukorera ubwoko bwayo.⁷

Ubutumwa bwiza buracyafite imbaraga bwari bufite mu gihe cy'intumwa. Amasezerano y'Imana ntabwo yahindutse—ubwoko bwayo nibwo bugomba guhinduka. Irashaka abigishwa—bitanze, abayikurikira bamaramaje. Yaduhaye ibintu byose Bizana ubugingo no kubaha Imana (2 Petero 1:3), ariko iradusaba kugenda mu nzira y'ahirengeye. Kuri iyi nshuro noneho, ni Yo idusaba ibirenze!

Igice cya 12

Akaga ko Kugoreka Ukuri

Ijambo ry'Imana: Igipimo nyakuri cy'imico

Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira.—Yesaya 8:20

Mu bihe bya Bibiliya, imbaraga z'igihome cyangwa umujyi (ndetse rimwe na rimwe z'ishyanga) zabaga zishingiye ku gukomera kw'inkuta [inkike] ziwuzengurutse. Inkuta zimwe zabaga zubatswe aho ari ho hose, zikagira umubyimba wenda kuba metero ndwi (m7) kandi zikaba zifite uburebure bw'umurambararo bubarirwa mu bilometero byinshi. Urugero rwiza twafata ni nk'Urukuta Rukomeye rwo mu gihugu cy'u Bushinwa rwubatswe ahagana mu mwaka wa 7 mbere ya Kristo (7 MK) kandi umubyimba warwo mu bice bimwe byawo wendaga kungana na metero 9 (m9). Uburebure bw'umurambararo bwawo wabarirwaga mu bilometero ibihumbi byinshi, kandi rwafashaga mu kurinda umutekano no gukomera k'u Bushinwa mu gihe cy'imyaka myinshi.

Igihe inkuta [inkike] zikomeye zabaga zifunze amayira y'ingabo zishaka kuwigarurira, byabaga bitagishobotse ko izo ngabo zigarurira uwo mujyi cyangwa se iryo shyamba. Kubw'iyi mpamvu, umugaba w'ingabo yabonaga neza ko bakeneye gukoresha ubucakura bukomereye bwo ku rugamba kugira ngo babashe kugera ku nsinzi. Bumwe muri ubwo bucakura bwari ukohereza bamwe mu ngabo bakajya gushaka icyuho, cyangwa se ahantu hari intege nke [hadakomeye] ho mu rukuta. Izo ngabo zoherejwe zabaga zishakisha amarembo afite urugi rudakinze neza cyangwa se rutarinze cyane.

Umwanzu akoresha uburyo nk'ubu igihe agabye igitero ku bakristo muri iki gihe. Ntashaka gupfusha ubusa igihe cye agerageza gusenya inkuta zikomeye, mu gihe ashobora kubona icyuho gito yanyuramo. Ubwo rero ashakisha ubudatuza uburyo yabona icyuho. Ahora anyeganyezwa

amatafari yubatse igihome cy'iby'umwuka kituzengurutse kugira ngo arebe ko hari ahantu horoshye cyangwa ahari ibuye ridafashe neza maze arikuremo abashe kubona aho yinjirira. Ahora agenzura ubudasiba kugira ngo arebe niba ku bw'impanuka twasize amarembo adakinze cyangwa twatakaje imfunguzo.

Umwanzi ntiyitaye ku kumenya izina ry'icyuho kiri mu rukuta rwacu cyangwa se ubunini bwacyo. Gishobora kuba cyitwa "kutihangana", "irari", "ubwirasi" cyangwa "kudatanga imbabazi". Gishobora yemwe no kwitwa "kutizera" cyangwa "kugoreka ukuri". Igihe icyo ari cyo cyose yabonera icyuho, ashobora guseseramo maze akangiza uko abishaka kose igihome cy'iby'Umwuka cyo mu mibereho yacu. Birababaje kuvuga ko yahiriwe birenze urugero aho ubukristo burangwa hose.

Abenshi mu bakristo iki gihe babayeho mu guhangayika, bagoswe n'umwanzi impande zose. Nta nkuta zitugose ngo ziturinde, kandi nta kirengera dufite ku bitero Satani agaba ku bugingo bwacu. Ikiva muri ibyo, ni uko tuzenguruka impande zose mu burakari bwotsa dufitiye Imana ko yemerera ibintu bibi kutubaho, maze ubwo tukaba twibagiwe ko dufite umwanzi wamaramaje kuturimbura, kandi azagera ku mugambi we igihe cyose intwari z'intambara zifashijwe hasi, n' inkike zigose umujyi wacu zikabamo zisenyutse henshi.²

Nubwo Imana yemera ko ibigerageze n'umubabaro bitugeraho kugira ngo bitunganye imico yacu kandi bitumen dukura (nzabivugaho birambuye imbere gato), uburyo bumwe bufasha Satani gusenya inkuta z'igihome cyacu cy'ibya Mwuka, ni ukudutera gushinja Imana ibintu Satani ubwe yakozwe. Kandi yagiye agera ku ntego ye akoresheje aya mayere y'urugamba rw'ibya Mwuka.

Ibyanditswe byera biduhamiriza yuko Imana idashobora kubeshya, ko ikiranuka, igira imbabazi nyinshi, kandi idukunda ikita ku bantu bayo. Nyamara Satani yagiye ashobora kwemeza benshi mu bakristo ikinyuranyo akababwira ko Imana izanwa no kwiba, kwica no kurimbura *abana bayo bwite*, ngo niko ibigisha amasomo y'ibya Mwuka. Ibi ntibihura n'ukuri.

Igihe dusuzuma ubu bucakura bukomeye umwanzi akoresha ku rugamba, reka twibukiranye kuri bimwe by'ibanze twigishwa n' Ibyanditswe ku byerekeye imico y'Imana, n'imico y'umurimbuzi. Gusobanukirwa n'uku kuri bizagira icyo bihindura ku *buryo dusengamo*.

Ijambo ry'Imana--Igipima nyakuri cy'imico

Urutonde rukurikira rwakozwe n'inshuti yanjye Leslie Ludy,³ rugaragaza itandukaniro ry'imico y'Umukiza wacu n'imico y'umurimbuzi wacu ari we Satani. Gusobanukirwa n'iri tandukaniro bizadufasha gusobanukirwa byihuse no gutahura rwose ahari intege nke cyangwa ibyuhohotse mu nkuta zacu z'ibya Mwuka—ibyuhohotse akenshi usanga ari ibinyoma bigoreka imico nyakuri y'Imana.

1. *Kugereranya umucyo n'umwijima.* Mu rwandiko rwa 1Petero 2:9 havugaga ko Imana yaduhamagaye ituvanye mu mwijima ikatugeza mu mucyo wayo w'itangaza. Mutekereze ku biranga umucyo: haba habona, nta rujijo, nta rwijiji, haba hatamanzuye, hashimishije, kandi hatanga ibyiringiro. Ikinyuranyo cy'umucyo, ni umwijima. Satani ni umutware w'umwijima, bisobanuye ko ari umwami w'ibintu byose biteye ubwoba, ibintu birimo urujijo, ibintu bitagaragara neza, byijimye, n'ibintu utatinyuka kwegera. *Ikintu cyose giteye urujijo, ubwoba, cyangwa umwijima, ntigituruka ku Mana.*

2. *Kugereranya Ubugingo n'urupfu.* Muri Yohana 10:10 haravugaga hati: "Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba no kwica no kurimbura, ariko jye weho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi." Hano turabona ko Kristo yazanywe no gutanga ubugingo bwinshi, ntabwo ari urupfu. Ibiranga ubugingo bwinshi ni ibyishimo, ubuzima, kuba mutaraga, imbaraga, kubonera, guhira mu bya Mwuka no kugira umugisha mwinshi. Ibyerekana urupfu ni indwara, kumererwa nabi, ubuhumyi, ubupfamatwi, uburagi, ubumuga, umuvurungano, intege nke, isuri yo mu bya Mwuka no mu by'imbaraga, isuri itwara imigisha, n'isuri itwara ubushobozi. *Ikintu cyose gishyigikira iyi mimerere y'urupfu yigaragariza mu mibereho yacu ya buri muni, ntigikomoka ku Mana.*

Ibyahumetswe bitumenyesha ko "uburwayi, umubabaro n'urupfu ari imirimo y'imbaraga y'umwanzi. Satani ni umurimbuzi; Imana igarura ubuzima."⁴ Mu gihe tukizirikana ibi, aho kwemera ko ikintu cyose cyambura abantu ubuzima cyangwa gitera kugira intege nke mu by'umwuka gikomoka mu bushake bw'Imana buri gihe, dukwiriye gusaba gusohorwa amasezerano aboneka muri Luka 10:19, aho Imana itubwira iti: "Dore mbahaye ubutware bwo kuja mukandagira inzoka na

sikorupiyo, n'imbaraga z'umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose."

Gusaba gusohorezwa isezerano nk'iri bishobora kugaragara nk'aho ari uburyo bwahuranyije, kandi dukunda kugira isoni zo gusaba ikintu gishobora kwerekana ko twashize amanga cyane cyangwa twakabije gutinyuka. Ikindi kandi, tuzi ko ubutumwa bwiza bwo "kuvuga ikintu mu izina ugahita usaba kugihabwa" burimo ifuti. Nyamara twebwe nk'abakristo, niba dushaka kwitandukanya n'ikibi cyose nta buryarya, kandi tugakurikira Umwami twitanze rwose—nka ba bakuru b'itorero 70 Kristo yohereje - dushobora no gusaba Imana gusohoreza iri sezerano mu bugingo bwacu uyu muni.

Ni byo rwose, tugomba kuzirikana ko Imana ititambika buri gihe hagati yo gusohozwa kw'itegeko rivuga ko buri gikorwa cyose kijyana n'ingaruka yacyo. Iyo duhisemo ibintu bituzanira kwangirika, kenshi na kenshi yemera ko ingaruka kimbuzi zikomoka kuri byo zitugeraho. Niba tubaho imibereho itita ku magara yacu, ntidukwiriye gutangara igihe dufashwe n'uburwayi. Niba tubaho imibereho yo kwiyyandarika, ntidukwiriye gutangazwa n'uko dusaruye ingaruka ziteye agahinda. Nyamara Imana ni Imana igira impuhwe, ishobora na none gusubiza ibintu mu buryo ikadusana.

Ikiyongereyeho kandi, ni ko umubabaro wose n'uburwayi bwose budaterwa n'uko twahisemo nabi. Bimwe muri byo bituruka ku murimo w'umwanzi wacu - umurimbuzi - uba agerageza guhagarika umurimo w'Imana ngo utuzurira mu bugingo bwacu.

Bibiliya itubwira kenshi ko Uwitwaga ari we ukiza indwara—zaba iz'umubiri n'izo mu buryo bwa Mwuka.⁵ Birumvikana ko tutazamenya igihe azahitiramo kudukiza indwara yo mu buryo bw'umubiri. Bishobora kubaho uwo mwanya, cyangwa bikagenda bibaho buhoro buhoro, cyangwa ntibibye ugategereza umuzuko. Ku bw'ibyo rero, tugomba kwiringira ubushake bwe buhebuje ubundi bwose. Nyamara kandi, tuzi neza nta gushidikanya ko ari ubushake bwe kudukiza mu bya Mwuka uyu muni, ndetse muri uwo mwanya. Kandi ashaka ko tugira ubugingo - ndetse tukagira bwinshi!

3. *Kugereranya Se w'umucyo na se w'ibinyoma.* Muri Yakobo 1:17 havuga ko Imana ari Se w'umucyo kandi ko muri we nta gicucu cyo guhinduka kirimo. Mu byanditswe byera hasobanura Se w'umucyo nk'Utanga ibyiza n'impano zitunganye, umunyambabazi, uwihangana, umugwaneza, uwihutira kubabarira, ubasha kurengera abantu, ufite ubushake kandi akaba abasha kudutabara, umurengezi w'umunyampuhwe uturokora mu mitego. Ku rundi ruhande, umwanzi ni se w'ibinyoma: umwanzi w'ubuzima n'ibyiringiro, umurezi, ukwirakwiza amafuti y'abandi, uhoza ku nkeke umutima, ushidikanya imbaraga z'Imana, utuma umutima udatuza, urengera kamere n'inarinjye kandi akaba ashishikazwa buri gihe no gupfobya kamere ya kibyezi y'Imana. Ikintu cyose kidutera gutakaza ibyiringiro kikagabanya icyizere tugirira Imana ntabwo gituruka ku Mana.

Mbese wigeze utekereza uti « Dore aya makosa yose nkomeza kugarukamo ! Mbese ni mu buhe buryo Imana yashobora kumpa agakiza kayo ? Nkwiriye kubishingukamo sinirwe nkomeza kugerageza ! Niba warigeze kugira ibitekerezo nk'ibi, umenye neza ko bidaturuka ku Mana. Ibitekerezo nk'ibi bikomoka ku mwanzi, kandi ni umushukanyi !

Ibyahumetswe bidutera umwete muri aya magambo : « Ntuzigere utegera amatwi ibyongorero by'umushukanyi bikubwira kuguma kure ya Kristo kugeza igihe uzaba washoboye kwihindura mwiza ; kugeza igihe uzaba uri mwiza bihagije ngo ubashe gusanga Imana. Nutegereza icyo gihe, ntuzigera uyisanga. Igihe Satani atunze urutoki ku myenda yawe iriho ibizinga, subira mu isezerano Yesu yatanze rivuga riti : « Uza aho ndi sinzawirukana na hato. » Yohana 6 :37 Bwira umwanzi ko amaraso ya Kristo yeza umuntu ho icyaha cyose. »⁶

Abaroma 5 :8 haratubwira hati : « Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. » Ni byo, n'igihe twari tukiri abanyabyaha, Kristo yari yarishyuye ikiguzi cyo gucungurwa kwacu.

Nyamara, inkuru nziza ni uko [Imana] itadusiga aho yadusanze. Nk'uko umwanditsi witwa Pawulo Washer yanditse agira ati : « Ukuri k'ubutumwa bwiza kurambye nk'igihamba gikomeye cyerekana yuko twatsindishirijwe, ni uko uyu muni wa none tuba turi kwezwa. Duhamirizwa mu mitima yacu ko Imana yadukijije gucicwaho iteka

ry'icyaha kubera ko uyu munsu idukiza imbaraga zacyo."⁷ Rimwe mu masezerano nkunda cyane ni iriboneka mu 2 Abakorinto 5:17 ahagira hati: "Umuntu wese iyo ari muri Kristo Yesu, aba ri icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya."

Mu gihe kiri imbere, niwumva rya jwi rikongorera ibyo gucika intege cyangwa gutentebuka, jya wibuka ko Imana atari yo ikuvugisha, ahubwo ari umurimbuzi wawe. Buri gihe Imana ivuga iby'ibyiringiro, ntabwo ivuga ibyo kubura ibyiringiro. Tubwirwa aya magambo ngo: "Yesu akunda ko tumusanga uko turi, turi abanyabyaha, abatagira gifasha ndetse batishoboye. Dushobora kumusanga dufite intege nke zacu zose, ubugoryi bwacu bwose, ubunyacyaha bwacu, tukikubita ku birenge bye dufite kwihana. Bimuhesha ikuzo kuduhobera n'amaboko ye y'urukundo rwe, maze akadupfuka inguma, akatwezaho gukiranirwa kose."

4. *Kugereranya gucyaha no kwangiza* Mu gitabo cy'Abaheburayo 12:5-7 hagereranya gucyaha (guhana) kuva ku Mana nk'uko umubyeyi Data wuje urukundo n'ubwitange. Ubu buryo bwo guhana bukava mu kwiyoroshya no mu urukundo. Bimanurwa ku rwego rwo hasi ku buryo uko guhana no gucyaha guhuzwa n'uburyo bikenewe, bigambiriye guhesha ugihawe imbaraga nyinshi n'amagara mazima, kandi buri gihe kiza mu buryo bwo kongera guduha n'umubyeyi [Data] ndetse tukarushaho kugirana urukundo rwimbitse. Umwanzi we akora agamiye kutwangiza. Ni umwicanyi, umunyamujinya, arahabura, umuhezanguni, agateza ibyaho byo kwiheba no kwigunga. Kwangiza kwa Satani gusiga ibikomere, guca intege ibya mwuka kandi kugacogoza urukundo. *Ikintu cyose gifite kamere yo kwangiza umuntu kitugeraho, ntigituruka ku Mana.*

Kenshi na kenshi mu buzima, niyumvamo uburibwe igihe cyose Imana igize ikintu ikata [incaho] kuri "kamere" yanjye. Byaba ari urukundo rutari urusanzwe nari nkunze umuntu cyangwa ikintu runaka, cyangwa akamenyero ko kwikunda, cyangwa ikintu cyo kwinezeza nari narashyize mu mwanya w'Imana, ntibyanshimishaga kukireka ngo kigende. Birakubabaza! Nyamara ubu buribwe butandukanye n'ubw'umwanzi ateza. Umwanzi we akata ashaka kwica; nyamara Imana Yo - ibikora nka muganga - ikata ishaka kugarura ubuzima mu buryo! Igihe Imana idutoza imico myiza binyuze mu kudasaba kugira ibyo tuyegurira, buri gihe iba ishaka ko dukura turushaho kuyegera. Bibiliya

itubwira ko gutoza imico kw'Imana kumeze nk'uk'umuntu wita ku muzabibu awanganyaho amahage ashaka ko warushaho kwera imbuto nyinshi (reba muri Yohana 15:1,2). Mu gitabo cyitwa Rengera Ubuzima, Ellen White adufasha gusobanukirwa biruseho uko gucyaha kw'Imana kuri:

Abegurira imibereho yabo mu murimo w'Imana bataryarya bajya batungurwa kandi bagatenguhwa no kwisanga uko batajyaga bibona mbere hose; bisanga bahanganye n'ingorane kandi bagoswe n'ibigeragezo no gushidikanya. Basengera guhabwa imico nk'iya Kristo kugira ngo babe bakwiriye gukora umurimo w'Umwami, maze bagashyirwa mu mwanya usa n'uhamagara ibibi byose bya kamere yabo. Bahishurirwa amafuti yabo batajyaga banakeka ko bafite. Kimwe n'Abisirayeli ba kera, baribaza bati: "Niba Uwiteka ari we utuyoboye, kuki ibi byose bitubaho?"

Ibyo bibabaho nyine kubera yuko Uwiteka ari we ubayoboye. Ibigeragezo n'ingorane ni uburyo Imana yahisemo kugira ngo itoze[abantu] imico myiza kandi bikaba n'inzira yo kubageza ku nsinzi. Uyobora imitima y'abantu azi neza imico yabo kurenza uko bo ubwabo bayizi. Ibona yuko bamwe muri bo bafite imbaraga n'ubushobozi bushobora gukoreshwa mu guteza umurimo wayo imbere buramutse buyobowe neza. Mu kugira neza kwayo, igenda ishyira aba bantu mu myanya itandukanye no mu bihe bitandukanye kugira ngo bashobore kuvumbura amakosa [ari mu mibereho yabo] yabihishe ntibayamenye. Ibaha amahirwe yo gukosora ayo makosa no kwibonereza gukora umurimo wayo. Kenshi na kenshi yemerera umuriro w'umubabaro kubatera kugira ngo batunganywe.

Kuba duhamagarirwa kwihanganira ibigeragezo byerekana ko Umwami Yesu hari ikintu cy'agaciro gakomeye abona muri twe, akaba ashaka ko gikura. Aramutse nta kintu abona muri twe cyatuma izina rye rihabwa icyubahiro, ntiyakwirirwa apfusha igihe ubusa adutunganya. Ntajya ashyira amabuye adafite umumaro mu itanura rye. Amabuye y'agaciro ni yo atunganya.⁹

Muri Malaki 3:3 tubona Uwiteka yerekanwa nk'umuntu utunganya ifeza - kandi iyo feza ni twe kubera ko agiye kugaruka. Yee, uyu murimo wo gutunganywa ntiworoshye, nyamara nitwemera gutunganyirizwa mu biganza bye, azaduhindura [amabuye] ntangarugero meza yo kumuhesha icyubahiro! Kandi nk'uko byagenze kuri Yobu, dushobora kuvuga tuti: "...nimara kungerageza, nzavamo meze nk'izahabu." (Yobu 23:10)

Niba uri gukurwaho amahage n'imibabaro, komera, kuko bigaragaza yuko Imana ibona ko hari ibigishoboka mu mibereho yawe, kandi ibyo ni inkuru nziza!

5. *Umukwe kumugereranya n'umugabo w'umunyabukana.* Mu byanditswe hose, Kristo agereranywa n'umukwe wacu ugira urukundo. Umukwe ufite urukundo yihanganira gutega amatwi, agaragaza urukundo, ni umurengezi kandi agakiza, ahora yiteguye gutanga ubugingo bwe kugira ngo akize, yihutira gushaka igisubizo cy'ibyo umugeni akeneye, ahora avuga amagambo y'urukundo n'ubugwaneza, ahora asaba kubona ibyagirira umumaro umukunzi we. Umwanzi ni nk'umugabo w'umunyabukana: ntiyihangana, ahora asuherewe kandi ni umwirasi, ntajya yishima, ntashyikirana, agira amategeko aremereye, ahorana ijisho rishakisha amakosa kuri twe, yandagaza umuntu mu magambo no mu nyifato, arikunda kandi agashaka kwerekana impuhwe kugira ngo yigerere ku cyo ashaka. *Ikintu cyose gifite kamere y'umugabo w'umunyabukana kiturwanya, ntigituruka ku Mana.*

6. *Kugereranya Umwungeri n'intare yivuga.* Muri Yohana 10:11-15 hasobanura Kristo nk'umwungeri mwiza upfira intama ze. Nk'Umwungeri wacu, ashishikajwe cyane n'utuntu, naho twaba ari duto dute, kandi ahora ari maso ndetse yiteguye gukemura iby'ubukene bw'abantu be; ntajya aruha cyangwa ngo asinzire. Ahora iteka yitegereza intama ze n' amaso y'urukundo, yiteguye kuzirwanirira no gutsinda umwanzi watinyuka kuzitera aho zibereye mu cyanya cye aho aziragiye. Satani agereranywa n'intare yivuga mu 1 Petero 5:8. Intare yivuga ni ikinyuranyo cy'umwungeri mwiza. Ashaka gutegekesha iterabwoba aho gutegekesha urukundo. Ayoboza igitugu, si uko abantu baba bamwubashye. Atanga amategeko kandi agakangisha abantu kubaha ibihano bikaze igihe baba batamwumviye. Atuma abantu bahagarika umutima bakiheba ubigereranyije n'amahoro ahebuje Umwungeri asezeranira abantu muri Zaburi ya 23. Umwanzi atontoma cyane avuga ko afite ububasha kandi ahora avuga nabi ati: "Muhore mubizi! Umwanzi afite imbaraga ziruta izanyu!" *Ikintu cyose gifite kamere y'intare itontoma kitwikubitaho, ntabwo gituruka ku Mana.*

7. Abantu bava mu bupfumu no mu bushitsi bahamya ko ibiranga "umugabo w'igitugu" n'ibiranga "intare yivuga" bibonekera mu

bucakura bwo guhinjarika abantu ukabavugisha ibyo batazi ko bavuze no kubakoresha ibyo batashakaga gukora. Igihe badakoze imigenzo iyi n'iyi neza cyangwa ngo bagaragaze ko bubashye imyuka mibi, hakurikiraho kurimbuka, imivumo ndetse rimwe na rimwe urupfu. Ndibuka igihe kimwe ubwo nari ndi umunyeshuri w'umuvugabutumwa mu misozi yo muri Amerika y'epfo, nahuye n'ikibazo nk'iki. Bamwe muri ba kavukire, ndetse rimwe na rimwe ari abakristo b'Abadiventisti, bari bakibaho imibereho yo gutinya gukora ibyarakaza imyuka.

Mu buryo bunyuranye n'intare yivuga ishaka kuduconcomera, dukorera Umwungeri wuje urukundo. Insanganyamatsiko nziza cyane iri mu byanditswe byera ni ivuga ku Gucungurwa. Mu cyimbo cyo kubona umukoresha urakaye ugerageza gufatira abantu be mu makosa, tubona Imana yuje urukundo, iyobora ubwoko bwayo ku gukiranuka. Gusa rero, iyo ubwoko bwayo buhisemo kugundira kuba mu cyaha, Imana nta mahitamo iba isigaranye usibye kubareka bakabona ibihembo by'ibyaha - ari byo rupfu (Abaroma 6:23). Nyamara ntabwo yishimira gusohoza amateka ku nkozi z'ibibi. Buri gihe yihutira kwakira ubwoko bwayo iyo buyihindukiriye (Ezekiyeli 33:11).

Ni ingenzi kwibuka ko ubwo tukiri aho urugamba rucyambikanye - tuzakomeza kubona inkomere z'intambara - rimwe na rimwe tudashobora kumva impamvu zabyo - kugeza igihe Kristo azagarukira akatujyana iwacu. Ariko mutyo twe kuzongera kujijwa ku bijyanye n'imico y'Imana yacu. Aho kuba umurimbuzi wacu, yazanywe no kudukiza, twebwe intama zazimiye. Ni Umwungeri wacu mwiza, wazanywe no kudukiza intare yivuga. Nidusobanukirwa n'ibi, tuzarushaho kumwegera, twice ibyaho biri mu bugingo bwacu, duhabwe imbaraga zo kutubashisha guhagarara dushikanye ndetse tuneshe ibitero umwanzi wacu gica atugabaho.

Mwibuke yuko ikigeragezo cy'imico Imana yacu ikoresha cyahishuriwe mu ijambo ryayo. Nitutamenya Ijambo ryayo, ntituzabasha kuyimenya na Yo. Kubw'iyi mpamvu rero, mureke twimenyereze Ijambo ryayo bikitwa none!

Gushakisha Ibyuho mu bya Mwuka

Gutakura Amayeri Umwanzi Akoresha

Ku Rugamba

Inkike zawe azazerekezaho imigogo y'urwicundo yo gusenya inkike z'amabuye, iminara yawe ayubikishe intorezo ze. Amafarashi ye azabyutsa umukungugu uguhumbikeho kuko ari menshi, inkike zawe zizanyeganyezwa n'umuriri w'abagendera ku mafarashi, n'icy'inziga, n'icy'amagare y'intambara, igihe azatunguka mu marembo yawe nk'uko abantu biroha mu mudugudu wacitsemo icyuho.—Ezekiyeli 26:9,10

Noneho ubwo tumaze kugaragaza itandukaniro rikomeye riri hagati y'imico y'Imana ishingiyeye ku rukundo kandi itanga ibyiringiro no guhabana kwayo n'imico y'ibinyoma no kubura ibyiringiro y'umushukanyi, mureke dufate akanya dusuzume ahantu hatandukanye akenshi Satani agaba ibitero anyuze agamije kudutsinda mu bya Mwuka.

Ibice bikurikira biragutse mu ntera (nk'indwara) nyamara akenshi usanga ari nk'ibimenyetso by'ibyuho bitoya (akamenyero kabi k'uburyo umuntu abaho) mu nkuta z'igihome cyakaturinze mu bya Mwuka: hari gutsindwa mu bya Mwuka no gucika intege; gushidikanya mu bya Mwuka n'urudubi rwo mu ntekerezo; ibihu byijimye byo mu bya Mwuka no kugira intege nke; kubura uburuhukiro mu bya Mwuka no kutanyurwa; gutentebuka mu bya Mwuka; guhagarikwa umutima cyane n'ibyo muri ubu buzima cyangwa iby'umurimo; gucika intege mu ntekerezo no kwiheba; kubaho wiyumvamo ipfunwe cyangwa uburakari; kugira igishinja ku mutima ku mpamvu nyazo cyangwa se zitarizo; no guhora uhangayitse cyangwa ufite umutima uhagaze.

Icyiyongera ku byo tumaze kuvuga, Satani na none adutera anyuze mu ntambara zishingiye ku masano, intambara zishingiye ku buzima, intambara zishingiye ku bukungu, intambara zishingiye ku murimo, urutonde rwazo rwaba rurerure.

Kuba twaba duhanganye na kimwe mu bitero bimeze bitya, ntabwo bisobanuye ko dufite icyuho byanze bikunze - bishobora no gusobanura gusa ko turi mu nzira nyayo, ahubwo Satani akaba ari gukora uko ashoboye kugira ngo adutambambire atubuze kujya mbere no kuba ingirakakamaro mu murimo w'Umwami Imana. Tugomba kwibuka ko tudakirana n'abafite umubiri n'amaraso, ahubwo ko "dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi, n'abatega iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru" (Abefeso 6:12).

Nubwo bimeze bityo, kwiheba, gushidikanya, cyangwa ibindi bitekerezo bitameze neza (nk'ibyo tuzuze aha cyangwa se ahabanza) ni umugabane w'ikibazo, cyangwa se niba dukura twivovotera Imana, aho gukura twegerezwa Imana ku bw'ibigeragezo tunyuramo, tuba dufite ikibazo cy'uko hari bumwe mu bwoko bw'icyuho cy'iby'Umwuka kiri mu mibereho yacu.

Abakristo benshi ntibasobanukirwa ko hari impamvu ikomeye y'intambara nyinshi batura na zo. Ntibabona neza ko Satani yabinjiranye aturutse mu rugi rw'inyuma, maze akaba ari kubabohesha iminyururu ye y'ibishuko. Dushimire Imana ko Kristo yaje kubohora imbohe, no kugorora inzira zacu zigoranye, no guca ingoyi zituboshye (reba Yesaya 58:6 no muri Yesaya 45:2)!

Igihe tubonye ko umwanzi ari kugerageza guca intege igihome kidukingira mu bya Mwuka kugira ngo adutsinde, dukwiriye gusenga dusaba Imana kurondora imitima yacu (Zaburi 139:23,24). Mbere yuko duhirwa mu ntambwe zacu zijya imbere mu gusana ibyaho byo mu nkuta zacu z'ibya Mwuka, tugomba kumenya neza aho imyenge iri n'inzira umwanzi anyuramo kugira ngo agere mu bugingo bwacu.

Nubwo tutabasha kubirondora ngo tubirangize, urutonde rukurikira rugizwe n'ibyaho rusange rw'ibya Mwuka¹, ushobora guheraho usengera. Byaba byiza wikoreye urwawe "rutonde rw'ibyaho" uko Imana igenda ibihishurira ibitekerezo byawe. Tuzavuga mu bice biri imbere icyo dukwiriye gukora kuri uru rutonde.

Ibyaha biticuujwe. Ibi bikubiyemo ikintu cyose kibi twakoreye Imana, amategako yayo, cyangwa twakoreye abandi kandi tukaba tutarikiranuye na Yo cyangwa se nabo. (Reba amatsinda akurikira).

Ibigirwamana. Muri uyu mwanya, ntabwo ndi kuvuga “ibishushanyo bibajwe”. Ndimu kuvuga ku kintu icyo ari cyo cyose kiza kikitambika hagati yacu n’Imana, cyangwa ikindi kintu duha agaciro kuruta Imana mu bugingo bwacu. Niba dufite ikigirwamana, buri gihe kizadutwara intekerezo, imbaraga z’ubwenge, kandi cyiharire ibitekerezo byacu ku buryo twirengagiza indi mirimo yose myiza, iby’umuryango ukeneye cyangwa inshingano z’umurimo. Ibigirwamana bishobora kuba imishyikirano idakwiriye tugirana n’abandi; ibikorwa runaka; uburyo bwo kubaho; imikino dukunda cyane; imyenda ihenze cyane; ibikinisho cyangwa udukoresho twifashisha mu gukora imirimo runaka; ibiryo; impano dukoresha nabi; ubukire bw’ibisanzwe cyangwa umwanya dufite mu bukungu—kandi icyo kigirwamana gishobora no kuba wowe ubwawe! Ikigirwamana cy’inarijye ni cyo cyaha kirusha ibindi kuba kibi kubera ko dushyira “inarijye” ku ntebe ya cyami hejuru y’Imana. Icyo ni cyo Satani yagerageje gukora mu ntangiriro, kandi ni yo mpamvu turi mu isi y’icyaha uyu muni wa none.

Akamenyero kabi [kabaye ikiyobyabwenge]. Ibi byuhaho bishobora kuba ari bimwe n’ibigirwamana byacu, cyangwa bikaba bitandukanye. Akamenyero kabi gashobora kuba ikintu cyangwa ibiryo bifatika, imikino yo kuri videwo, gusoma ibitabo by’inkuru ndende, amashusho y’ubusambanyi, ibitekerezo bitayobowe neza cyangwa amashyengo n’ibindi. Cyangwa gishobora no kuba igikorwa kijya gusa n’aho ntacyo gitwaye nko kwirebera interineti, kumara amasaha wirebera amakuru ku mbugankoranyambaga, cyangwa se gusoma buri makuru yose agaragaye kuri mudasobwa yawe. Gishobora no kuba uburyo dukoreshamo igihe cyacu cy’ikiruhuko, nko kureba inkuru z’amashusho, imikino ngororamubiri, cyangwa izindi gahunda za televiziyo dukunda cyane. Akamenyero kabi bishobora no kuba irari rikabiye ryo gushaka gukundwa n’abantu ku buryo dukora ibintu dushaka gushimwa n’abantu aho kubikorera gushimwa n’Imana. Bene icyo kiyobyabwenge gishobora kuba ikintu cyiza cyatwaye ibitekerezo byacu mu buzima bwacu nko kuba umuntu wo hejuru ahantu dukorera, gukorera amafaranga menshi, cyangwa gutwarwa ingamira no kugumana imbaraga za gisore bigatuma umara akanya kose ubonye mu myitozo ngororamubiri.

Kenshi na kenshi tugerageza gusobanura neza impamvu nziz z’ibiyobyabwenge kubera ko bigaragara nk’aho ari ibintu nkenerwa n’ubuzima bwacu. Nuko rero tukabyemerera gutwara igihe twakagomb’

kumarana n'Imana cyangwa tukakimarana n'abo dukunda. Ibiyobyabwenge ni ibintu tudapfa gutekereza ko twareka, nyamara niba Imana igomba gukomeza kuba Umwami w'ubugingo bwacu, igomba kuba umutware utwara ubugingo bwacu! Niyo igomba kudutwara umwanya wose n'ubwenge bwose. Nta kintu na kimwe kigomba kwitambika hagati yacu na Yo!

Ibitekerezo bitarimo kubaha Imana. Ibitekerezo bitarimo kubaha Imana ni byo byaha byiganje mu bukristo bwo muri iki gihe kubera ko byigaragaza nk'ibyubashywe. Nubwo turebana urwango ibikorwa by'ubusambanyi n'imyifatire mibi, ibyaha byo mu bitekerezo ntabwo bicyahwa. Kubera iki? Kubera ko bisa n'aho buri wese arwana na byo! Ni mu buhe buryo se umuntu yabibwirizaho kandi twese biduhama? Nyamara kandi, niba ibi biticujijwe ngo bizibukirwe, bishobora kutubera ibyuhoro bikomeye by'imibereho yacu y'ibya Mwuka.

Ibitekerezo bitarimo kubaha Imana bihuriweho na benshi, nubwo bitagarukira kuri ibi gusa, birimo ubwibone—mu byo twagezeho, ibyo twabashije gusohozza mu bya Mwuka, impano, ubuyobozi, n'urwego turimo; kwiyumvamo ko uri hejuru y'abandi; ubwirasi, kwitsindishiriza; kwikunda; kwishakira ibyaweho; kwishyira hejuru; ubugugu; irari ry'umubiri; ishyari; kurarikira iby'abandi; umururumba, kwiheba; kurakazwa n'ubusa; kutihanganira abandi; umujinya; gusharira; urwango; kutababarira; kutanyurwa; kubura umutima ushima; ubwoba; kwihumuriza; kutagira icyizere; gushidikanya Imana; kutishimira ibya Mwuka; kutizera; urwango; guherereza amakosa ku bandi; kwanga kwigishwa na Mwuka; kutubaha abafite ubutware; ibitekerezo n'ibyifuzo bidatunganye; kwishakira ibitunzezeza aho gushakira ibinezeza abandi.

Ntabwo dukeneye kurwanya ibyuhoro gusa (ibitekerezo birimo kutubaha Imana, ibiyobyabwenge, n'ibindi), ahubwo tunakeneye kumenya neza ko twabiteye ishoti duturutse mu mizi yabyo. Dufashe nk'urugero, niba dusoma ibinyamakuru cyangwa tugatwarwa igihe no kureba imbuga za interineti bigaburira kamere yacu yikunda iby'isi n'irari ryuzuye ubugugu, tuba dukinguriye urugi gukunda ibintu no gukunda iby'isi bigashora imizi mu mitima yacu. Muri ubwo buryo na none, iyo dusoma ibinyamakuru tukareba inkuru z'amashusho, inkuru z'amashusho zo ku mbuga nkoranyambaga, cyangwa inkuru zo kuri televiziyo zikangura

ibyumviro byacu, ntituba dukwiriye gutungurwa n'uko irari n'ubusambanyi biduhindukira zimwe mu ntambara zo mu mibereho yacu. Ni yo mpamvu ari ingenzi ko ishami, umuzi, ndetse igiti cyose uko cyakabaye kigomba kurandurwa igihe tugiye ku rugamba. Bityo umwanzi azaba afite intwari nkeya zo gukoresha aturwanya mu rugamba rw'ubutaha.

Ibiganiro bitarimo kubaha Imana. Ibyuho nk'ibi biramaganwa ibihe bitari byinshi, nyamara bikunda kwigaragaza bihagije, yemwe no mu mibereho y'abakristo batari indyarya. Nubwo urutonde rutagarukira kuri ibi gusa, ariko ibyo biganiro bibonekamo amazimwe - amazimwe yo mu by'umwuka bayashyigikira bavuga ko ari ugufasha ubwenge bwa bagenzi babo kwaguka; kuningura; kunegurana; kuvuga kuri bagenzi bawe; guca imanza; gushyushya inkuru ya mugenzi wawe; amagambo atubahisha mugenzi wawe; kugaya abandi; kuvuga amagambo atera gushidikanya Imana, itorero, cyangwa iterambere ry'umurimo. Imana iratubwira iti: "Umuntu utitangira mu mutima, ameze nk'umudugudu usenyutse utagira inkike (Imigani 25:28)

Imyitwarire itarimo kubaha Imana. Bimwe muri ibi byuho bishobora gufatwa nk'ibintu bizima bitewe n'aho tuba, nyamara Imana ntibyemera. Nubwo urutonde rutagarukira kuri ibi gusa, iyo myifatire ikubiyemo ibi bikurikira: kwishyira imbere; kwikuza; guhindura abandi ibikoreshe byawe; gushakira inyungu mu ntege nke z'abandi; kuriganya; kwiba imisoro; kunnyega kwizera kw'abandi; kunanirwa kubaha ijamba ryacu; kuba umunywera ku kazi; kuba umunyamururumba; kwiba; kuvuga nabi abo wita inshuti zawe; kutubaha abafite ubutware; gusenya imico y'abandi; gupfusha igihe ubusa, amafaranga cyangwa undi mutungo; kwambara mu buryo buhanitse cyangwa kwambika umubiri wawe ku buryo wikururiraho abantu aho kubakururira ku Mana; gukoresha abantu kugira ngo tugere ku byo dushaka; kwitega ko uribukorerwe ibintu byose; kugerageza buri gihe kwerekana ko uri mu kuri; gusuzugura gukosorwa; rwose ntidushobora kwibagirwa icyaha cyo kwica amategeko cumi y'Imana. Igihe cyose twishe itegeko iryo ari cyo ryose mu mategeko ye, nubwo byaba mu buryo bworoheje, bisa n'aho ntacyo bitwaye, tuba turema ikindi cyuho maze tugaha ikirenge cy'umwanzi gushikama. (Reba mu gitabo cyo Kuva 20 no mu Gutegeka kwa kabiri 8 kugira ngo usobanukirwe biruseho!)

Umubano n'abandi utarimo kubaha Imana. Umubano n'abandi utarimo kubaha Imana bishobora kugaragara nk'aho nta cyo bitwaye nk' "ubucuti bushingiye ku gufashanya" aho ibyishimo byacu biba gukunda uwo mugenzi wawe no gumuhugukira kuruta guhugukira Imana, kimwe n'indi mishyikirano / umubano idashyigikiwe na Bibiliya dushobora kwisangamo. Ibyuho bishingiye ku mushyikirano dufitanye n'abandi bikunze kuba rusange mu bantu bikomoka ku mushyikirano udakwiriye hagati y'abantu b'ibitsina bitandukanye (byaba mu mubano w'abashakanye cyangwa hanze yawo), isano ishingiyeye ku gitsina itemewe na Bibiliya hagati y'abantu bahuje igitsina, n'ubucuti hagati y'uwizera n'utizera. Imana iratubwira iti: "Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanyaga bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite?" (2 Abakorinto 6:14) Ubusambanyi bwo mu marangamutima na bwo bushobora kujya muri iri tsinda. Rwose niba wisanga muri uyu mugabane cyangwa se muri kimwe mu byuho twarangije kuvuga, ntucike intege! Haracyari ibyiringiro muri Kristo!

Guhugira mu by'isi. Intego ya Satani ni ukudutera gukunda iby'isi kuruta gukunda Imana. Kandi ibi yabashije kubigeraho ku rwego rukomeye. Benshi mu bwoko bw'Imana bazimiriyeye mu by'isi ku buryo batakiribasha no kumenya igihe icyuho cyo mu bya Mwuka cyaciye no guharanira kugera ku rwego rwo hejuru; gukunda amafaranga; guhaha; gushyira ibirango bihenze ku bicuruzwa byabo; kugura ibintu bihenze, nk'amazu manini cyane yo kwinezeza, ibikinisho binini, n'ibikoreshe by'ikoranabuhanga; ikoranabuhanga rihanitse; imiziki y'isi n'inkuru z'amashusho; indirimbo zo kuri televiziyo, gahunda zo kwereka abandi impano, n'ubundi bwoko bwa gahunda za televiziyo; icyubahiro gikomoka ku kumenywa n'abantu benshi cyangwa ibyamamare mu mikino, n'ibindi. Imana iratubwira iti: "Kuko aho ubutunze bwawe buri, ari ho n'umutima wawe uzaba." (Matayo 6:21)

Ellen White avugana umubabaro ati:

Mbese ni iyihe mpamvu ituma abantu bahagaze ku rugabano rw'isi ihoraho bafite ubuhumyi bwinshi?... Abadiventisiti benshi bananiwe gusobanukirwa inshingano bafite yo gufatanya n'Imana na Kristo gukiza imitima. Ntabwo bereka abatuye isi ko Imana ishishikajwe no gukiza abanyabyaha. Ntabwo bakoresha amahirwe akomeye bahawe. Ibibembe byo kwikunda byafashe itorero. Umwami Yesu Kristo azakiza itorero iyi

ndwara nirigira ubushake bwo gukizwa. Umuti uboneke mu gice cya 58 cy'igitabo cya Yesaya.²

Ibifashi bikomeye bya Satani. Nk'abakristo bizera Bibiliya, hari ibintu bimwe tutagombye kubonekamo! Ibiyobyabwenge bikabusha ibitekerezo, itabi, inzoga n'ibindi bintu biyobya ubwenge; kujya mu bapfumu; kuraguza; kuraguza inyenyeri n'ibicu; kuvugana n'imyuka y'abapfuye; kuraguza amagufwa n'amahembe, ubupfumu bushingiye ku makarita abantu bavuganiraho n'abapfuye; ubupfumu bumenyesha abantu ibizaba cyangwa bugakora ibitangaza bufatiye ku myenda,...cyangwa ibindi bikorwa byose bifitanye isano n'ubushitsi, ibyo byose ntaho bihuriye n'abavuga ko ari abigishwa ba Kristo. Bitye ubwoba kubona no mu ngo z'Abadiventisti Satani yarabashije kuhinjiza ku mugaragara imikino yo kwishimisha y'umwijima igaragara nk'aho nta cyo itwaye. Byaba ari gukunda inkuru z'amashusho, ibitabo bivuga iby'ubumaji, gukorana n'imyuka y'abapfuye, amayobera y'ibitangaza, inkuru-mbimbano z'ubuvumbuzi bwa siyansi, z'ubupfumu, iz'amayoberane y'ubwicanyi, inkuru z'abapfuye baza kunyonyuza amaraso y'abazima; n'ibindi, cyangwa se kujya mu munsu mukuru wo kuramya kw'abashitsi ku rwego rw'isi yose witwa Halloween. Ibyo nta cyo bitwaye Satani igihe cyose adufite mu maboko ye.

Tugomba kwibuka ko ikintu cyose cyubahisha icyaha cyangwa kigakinisha imbaraga y'umwuka idahura n'iy'Imana (tutitaye ku buryo bigaragara neza cyangwa uburyo bigaragara nk'aho ntacyo bitwaye nk'uko Hollywood yabikoze), bigomba kwirindwa uko byagenda kose. Ibi bishatse kuvuga yuko ibitabo, inkuru z'amashusho, inkuru zerekana na televiziyo nk'uruhererekane rw'inkuru yitwa Harry Potter: *Star Wars*, *Charmed*, *Buffy the Vampire Slayer*, *Angel*, n'izindi nk'izo ntizikwiriye kugera mu ngo zacu, cyangwa ngo zinafungurirwe ku mateleviziyo yacu. Nta nubwo imiziki ya "rock and roll", "heavy metal" cyangwa indi miziki ifitanye isano nayo y'ibihangano bya Satani ikwiriye gufungurwa ku maradiyo yacu, amateleviziyo yacu, kuko imiziki nk'iyi ifite ikimenyetso cy'ubucuruzi bw'ubwami bw'umwijima. Bibiliya itubwira ko nta huriho rigomba kuboneka hagati y'umucyo n'umwijima. Niba hari umwijima nk'uyu uri mu bugingo bwacu, ntabwo dufite icyuho gikomeye gusa, ahubwo n'inkuta zacu ziri kuriduka, kandi tugomba

kwihutira gusanga Kristo tukamusaba kuduhindura niba dufite ibyiringiro byo gukizwa.

Mu myaka mike ishize, inshuti yanjye yari mu rugendo nk'umuvugabutumwa muri Amerika y'epfo. Igihe yari mu modoka itwara abagenzi yagendaga yihuta mu mihanda yo muri icyo misozi, kugira ngo yimare ubute, yabajije umugenzi bataziranye wari umwicaye hirya ye icyo yakoraga kugira ngo abone ibimutunga.

Uwo muntu yaramusubije ati: "Ndi umupfumu w'umuvuzi. Mvugira imitongero ku bantu. Ntera abantu kurwara abandi nkabakiza indwara. Mpa abantu ubukire kandi nshobora no kubohereza umuvumo ubukire bwabo bwose bukayoyoka". Akomeza kuvuga yishongora ati: "Ubishatse nawe, nakuvugiraho imitongero umugore wawe akagenda, kandi nshobora kukuzanira umugore wifuza."

Maze icyo nshuti yanjye yitwa Dawidi imusubiza itangara iti: "Oya, rwose! Ntushobora kuvugira imitongero ku muryango wanjye!

- Umupfumu aravuga ati: "Ni byo, nabishobora!"
- Dawidi aguma mu birindiro bye ati: "Oya, ntiwabishobora!"
- Umupfumu arakutiriza ati: "Reka ngire utubazo nkubaza."
- Yee! Nibyo. Jya mbere.
- Hari ubwo ujya witegereza amashusho y'ubusambanyi?
- Oya.
- Hari ubwo ujya ureba ubumaji cyangwa inkuru z'amashusho zifite aho zihuriye n'ubushitsi?
- Oya.
- Hari ubwo ujya ureba inkuru z'abantu ziteye ubwoba zinyura kuri gahunda za televiziyo?
- Nta na rimwe.
- Mbese hari ibinyamakuru ujya usoma bivuga iby'isi nka...[maze avuga amazina ya bimwe byari bimenyerewe muri ako gace]?
- Nta na rimwe nigeze mbireba.
- Mbese hari ubwo ujya wumva imiziki ya "rock and roll" [maze avuga n'andi mazina y'imiziki y'isi imenyerewe muri ako gace]?
- Oya! Noneho Dawidi atangira kumwenyura cyane, kuko yari atangiye kubona aho icyo kiganiro cyerekeza.

Nyuma yuko uwo mupfumu arangiza urutonde rw'ibibazo bye, atangira kureba Dawidi amwubashye bidasanzwe, aravuga ati: "Ibyo uvuga ni

ukuri! Sinshobora kugukoraho cyangwa ngo nkore ku muryango wawe! Nyamara igihe cyose ugira uruhare muri kimwe muri ibi bikorwa, mba nshobora gukoresha ububasha bwose buri mu isi kuri wowe!”

Twaba turi mu mashyamba yo muri Amerika y’amajyepfo, twaba mu biturage byo muri Afrika, cyangwa mu mijyi ikomeye yo mu Burayi cyangwa Amerika y’amajyaruguru, imbaraga z’umwanzi no kubaho kwe birahaboneka. Kandi icyo aba ashaka ni ahantu hato ashinga ikirenge gusa ari cyo cyaha maze akabasha kutwinjirana maze akazana kurimbuka gukomeye mu mibereho yacu. Nubwo uburyo n’amacenga akoresha ashobora kugenda ahinduka uko uvuye mu gace kamwe ujya mu kandi, ubucakura akoresha ni bumwe: aba arimo gushakisha ibyaho mu nkuta zacu. Arashakisha uburyo yakwinjira maze akarindimura inkuta. Kandi ntabwo bimutwara igihe kugira ngo agere ku cyo ashaka! Ibyahumetswe bituburira biti: “Satani azatuma ubuzima bugora, ku buryo hatabayeho gutabarwa n’imbaraga z’Imana, [ibyo birushya] bizaca intege igihome gikingira ubugingo.”³ Niyo mpamvu tugomba kugundira imbaraga z’Imana kugira ngo zikomeze inkuta zacu kandi zibe zishikamye. Twebwe ubwacu ntitwabasha guhagarara tudatsinzwe n’ibitero by’umwanzi tubaye turi twenyine.

Mbere yuko dukomeza imbere, hari irindi tsinda ry’ibyaho kenshi na kenshi bikunda kwirengagizwa!

Ibyaha byo kwirengagiza icyo twakagombye gukora. Dukunda kwishimira ibintu tutari gukora nabi, nyamara tukananirwa kubona ibyo tutari gukora neza. Ibyaha byo kugira ibintu twirengagiza mu nyifato no mu mibereho Imana iduhamagarira kugira, ni byinshi cyane ku buryo tutabirondora ngo tubirangize. Nyamara kandi, bike muri ibyo byaho byo kwirengagiza kubabaje birimo ibi: kutagira umurava wo gushaka Imana by’ukuri n’umutima wacu wose; kuba nta kwiha Imana wese wese guhari; kuba tutazinukwa icyaha ngo tuzibukire n’ibindi bintu byose bisubira Kristo mu nkovu; kutagira umwete wo gutitiriza ngo duhabwe Mwuka Wera ku rugero rusumbyeho – dore ko ari nacyo kintu cyonyine cyaduha gutsinda icyaha; kubura ishyamba n’imibereho y’ibya Mwuka; kubura imbuto za Mwuka mu mibereho yacu (reba mu Bagalatiya 5:22,23); kutagira kwizera, kubura kwicisha bugufi, no kutiringira Ijambo ry’Imana; kutagira ubushake buvuye ku mutima bwo

kwiga Bibiliya no gusenga; kubura umwete n'uruti rw'umugongo mu bya Mwuka mu gihe intambara ikaza umurego ahatuzengurutse; kunanirwa kwirinda; kubura ubushyuhe n'urukundo tugaragariza benedata; kunanirwa kwereka urukundo abashyitsi n'abandi bantu batandukanye natwe; kubura ubugwaneza n'ubushake bwo kwitangira abakene n' "aba boroheje hanyuma y'abandi bose"; kubura ubushake bwo kugira ibyo twigomwa kugira ngo dufashe abafite ibyo bakeneye; kunanirwa kwikorera umusaraba wacu buri munsu no kwiyanga ku bw'ubutumwa bwiza; kutagira ubushake bwo gukirana no guhangayika dusengera abandi; kutagira icyifuzo n'imbaraga ngo duhagarare mu cyuho kugira ngo dusabire ibihugu birimo kurimbuka, urutonde rwaba rururure.

Nk'uko dushobora kubibona, gukomezwa mu bya Mwuka ntabwo bifite akamaro gusa, ahubwo *ni iby'agaciro gahanitse*. Kandi Satani na we ibi arabizi. Ni yo mpamvu akora ibishoboka byose kugira ngo abone aho ashinga ikirenge mu bugingo bwacu kugira ngo atobore inkuta zidukingira mu bya Mwuka. Iyo ashoboye kubigenza atyo, aba azi ko amasengesho yacu ntacyo yageraho.

Mu gice gikurikiraho, nzavuga ku buryo dushobora kwica ibyuhho biri mu nkuta zacu maze tugatsinda ibihome by'umwanzi mu mibereho yacu. Ariko mureke dusoreze iki gice ku magambo asubiza intege mu bugingo.

Igihe usuzumye neza imibereho yawe ndetse ugasuzuma ibyuhho biri mu nkuta zawe, ushobora kumva utakaje ibyiringiro. Ushobora kumva ijwi ry'umwanzi rikongorera riti: "Ufite imyenge myinshi mu rukuta, ntacyo bimaze kwirirwa utangira! Ntuzigera ushobora kubaka inkuta zawe ngo zikomere!" Nyamara ntuzigere wumvira iryo jwi. Buri gihe cyose Imana ivuga iby'ibyiringiro no gusubizwamo intege. Kuba ubasha kubona intege nke zawe n'ibyaha byawe byinshi, ni ikimenyetso cy'uko Imana yatangiye umurimo mu mibereho yawe.

Kwisuzuma mu by'ukuri bizana uburibwe mu gihe runaka, kandi iyi mpamvu ni yo ituma tubihunga. Nyamara kwisuzuma birakenewe cyane kugira ngo tubashe kubona nk'uko turi koko, bityo tumenye ko dukeneye Kristo cyane. Zirikana aya magambo:

Ariko tugomba kwimenya, uko kwimenya ni ko kuzatuma tugira agahinda ko mu mutima mbere yuko duhabwa imbabazi n'amahoro. Umufarisayo [yavugaga ku gitekerezo kiboneka muri Luka 18] ntiyiyumvagamo icyaha. Mwuka Wera ntiyashoboraga gukorana na we. Umutima we wari ufungiraniye mu mutamenwa wo kwihangira gukiranuka, uwo imyambi y'Imana itashoboraga guhinguranya nubwo yari irashwe kandi ikayoborwa na malayika. Umuntu wiyiziho ko ari umunyabyaha, ni we Kristo abasha gukiza....Dukwiriye kwimenya uko turi kose, kuko nibitagenda bityo, ntituzigera tumenya ko dukeneye gufashwa na Kristo. Tugomba gusobanukirwa n'akaga turimo, nibitaba ibyo, ntabwo tuzigera duhungira mu bwihisho. Tugomba kumva uburibwe bw'inguma zacu, nibitaba ibyo, ntabwo tuzifuza gukizwa.⁴

Mutyo rero tugire umwete! Kristo aradusaba gukora ibirenze, nyamara ni we gusa ubasha gukora umurimo w'ivugurura n'uwo guhindura [umutima]. Icyo adusaba gusa ni ukumwiyegurira maze tukamureka akawukora. Uyu mwanya bishobora kugaragara nk'ibitoroshye, nyamara twateye intambwe ya mbere y'ingenzi - kumenya neza icyo dukeneye cyane. Nitwambaza Imana, imbaraga zayo zose zizaba izacu, kandi tuzarushishwaho kunesha (Abaroma 8:37). Yarabisezeranye kandi ntashobora kubeshya! Mureke turusheho gutera intambwe twubake inkuta zacu zikomere! Mutyo kandi dukomeze *gutinyuka gusaba ibirenze!*

Kuzamura Inkuta

Intambwe Zifatika Zo Gukomeza Ibya Mwuka:

Umugabane wa 1

N'abazagukomokaho bazubaka mu matongo ya kera yasenytse, uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi, kandi uzitwa Uwica ibyuhoh kandi Usibura inzira zijya mu ngo. Yesaya 58:12

Kubera ko natembereye mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, niboneye n'amaso yanjye ingaruka z'imirire mibi. Abantu bafite imirire mibi bafatwa n'indwara iyo ari yo yose yadutse. Ntibiterwa n'iyo ari yo. Imibiri yabo ntishobora guhangana n'icyorezo cyadutse, kubera ko badafite imirire ikwiriye, bityo ikaba yaracitse intege. Rero abatuye mu turere tubonekamo indyo mbi bari kwicwa n'indwara izo ari zo zose.

Ibi ni byo umwanzi ari kugerageza gukora mu mibereho yacu muri iyi minsi. Ari kugerageza gushonjesha gushyikirana n'Imana kwacu. Aragerageza kutubuza kurya Ijambo ry'Imana no kunywa ku isoko y'Amazi y'Ubugingo iri mu masengesho. Naramuka ashoboye kuduheza ku ndyo mbi, azi neza ko indwara (icyaha) azana mu nzira ducamo zizatuma tugwa mu buryo bwa Mwuka. Intego ye ya mbere, iyo yagiye ageraho ku buryo buhagije, ni ukutubuza kurya ifunguro rya buri muni, akatugaburira ibyo kurya bifutanye mu mwanya w'ibyo kurya byiza, cyangwa se akatwicisha inzara kugeza ubwo tubura imbaraga zo guhagarara maze inkuta zacu zigasenyuka. Iyo ushonje maze ugatotezwa ndetse ukagabwaho ibitero n'umwanzi, kenshi na kenshi twishakamo igisubizo. Ntabwo dusenga cyangwa ngo dusange abandi kuko tuba dufite ibibazo byinshi byacu bwite. Kandi nyine ibyo ni byo Satani ashaka.

Imana ishimwe ariko, nidusanga Imana, tugahagarara ku ijamba ryayo, mu kwizera tukayisaba kudosohoreza amasezerano yayo, dushobora kubona ubutabazi kandi tugahabwa kunesha. Imana irakomeye kurusha imbaraga zose z'umwijima (reba mu 1 Yohana 4:4; Yohana 12:31). Nk'uko mu Abaroma 8:31 habivugaga hati: "Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu ni nde?"

Ibyahumetswe byongeraho aya magambo ngo: "Bagomba guhangana n'imbaraga ndengakamere, ariko rero basezeranirwa guhabwa ubufasha ndengakamere. Ubwenge butarondorwa bwo mu ijuru buri muri uyu mutwe w'ingabo. Abarenze abamalayika bari mu ruhande rwabo. Mwuka Wera, uhagarariye umugaba mukuru w'ingabo z'Uwiteka, aramanuka akaza kuyobora urugamba. Ubumuga bwacu bushobora kuba bwinshi, ibyaha byacu n'amafuti yacu biteye agahinda; nyamara ubuntu bw'Imana busezeranirwa ababushaka bose bafite umutima umenetse. Ububasha bwa Nyirubushobozi bwose buteguriwe abiringira Imana."¹ Urufunguzo rwo gutsinda ni ukwiga kwikomereza mu Mwami, kubera ko yasezeranye ko azaturwanirira.

1. **Gukora gahunda y'urugamba.** Mu bice duherutse kureba, navuze ku buryo inkuta zikomeye zikenewe, mvuga ku gaciro ko kugira igihome cyo mu buryo bwa Mwuka, kandi mvuga no ku byuho byinshi biha umwanzi inzira akabasha kwinjira mu bugingo bwacu. Ubu noneho ni igihe cyo gukora. Ubu ni igihe cyo gufata intwari zacu zo mu buryo bwa Mwuka tugatangira kwica ibyo byuho, tukabasha gukomeza inkuta zacu bundi bushya.

Urugendo rwo kongera kubaka inkuta zacu ntiruzarangira umunsi umwe. Ruzaba ari urugamba kandi bizasaba gushikama. Kandi mbisubiremo, iki si ikintu tubasha kugerageza kwikorera ubwacu, ahubwo ni ku bw'imbaraga z'Imana, kandi twifashishije uburyo yaduhaye, dushobora kugera ku ntego yo kubaka inkuta zo mu buryo bwa Mwuka z'igihome kandi tukazikomeza! Nimureke rero tubitangire!

2. **Hitamo intego yawe.** Mbere y'uko utangira gusenga, ukeneye kumenya intego yawe iyo ari yo - ni ukuvuga ko ukeneye kumenya mu buryo bufututse icyo uri kugerageza gutsinda! Ni yo mpamvu mu

2 Abakorinto 13:5 hatubwira ngo“twisuzume.” Gufata igihe ugasuzumana umutima ubwitonzi ntabwo bifite umumaro gusa, ahubwo ni ikintu cy'agaciro gakomeye kugira ngo ugere ku kunesha mu bya Mwuka.

Mu gihe ugitekereza ku ntego yawe y'urugamba, andika buri kintu cyose Imana ihishuriye ibitekerezo byawe. Gishobora kuba ari icyuho navuze mu bice bibanza, cyangwa ushobora gusenga usaba Imana kuguhishurira ahantu runaka ufite intege nke. Wibuke kandi ko rimwe na rimwe ibintu byiza bishobora guhinduka ibyaho igihe tubyemereye guhagarara hagati yacu n'Imana, ku bw'ibyo rero ikigaragara ko ntacyo gitwaye gishobora kuba icyuho mu mibereho yawe.

Uru rutonde ni urwawe n'Imana. Ushobora kurufatanya n'uwo mwashakanye cyangwa mugenzi wawe musangiye itsinda ryo gusenga, nyamara intego nyamukuru ni iyo kugufasha kumenya aho uhera mu kwiga Bibiliya no gusenga.

3. *Fata inkota yawe.* Guhagarara ku masezerano yo mu Ijambo ry'Imana mu kwizera binyuze mu masengesho bizakubera uburyo bw'ingirakamaro bukubashisha kugira igihomwe wihishamo mu bya Mwuka. Igihe umaze kumenya aho ibyaho biri mu nkuta zawe zo mu bya Mwuka, ni igihe cyo gufata inkota yawe ! « Ubugingo bugomba kurindirwa mu masengesho no kwiga Ibyanditswe Byera ! Yesu yahanganye n'umwanzi ku bwacu akoresheje izi ntwaro, kandi aramutsinda. »² Uzashobora gusenga ufite icyizere gikura no kwizera igihe uzaba ushobora gufata Bibiliya yawe mu biganza byawe ukayerekeza hejuru ku Mana uvuga uti : « Iri ni isezerano ryawe. Ndashaka ko urinsohoreza kubera iki cyuho kiri mu bugingo bwanjye ! Ntabwo ujya ubeshya kandi sindibukureke ngo ugende utansohoreje ijambo ryawe. »

Martyn Lloyd-Jones, umugabura w'Umuporotestanti wo mu Bwongereza wabayeho mu myaka ya 1940, igihe yavugaga ku kamaro ko kwishingikiriza ku Ijambo ry'Imana mu gihe usenga yaranditse ati : « Yisubiriremo kenshi amasezerano yatanze nk'uko ari. Yibwire ibyo yavuze ko izakora. Yisubiriremo ibyanditswe.... Birayishimisha....Imana ni Data kandi iradukunda, kandi yishimira

kudutega amatwi igihe tuyingingira gusohoza amasezerano yayo, dusubiramo amagambo yivugiye, maze tukavuga tuti : 'Mbese hejuru y'iri [sezerano] ushobora kwibuza kugira icyo ukora ?' Binezeza umutima w'Imana. »³

Ni byo ! Imana ikunda ko dusenga muri ubu buryo ! Ishaka yuko tuyisaba ibintu bikomeye. Kandi tubwirwa yuko igihe tuyisanze twatura ubunyacyaha bwacu no kuba imburamumaro kwacu, izadusubiza. icyubahiro cy'intebe yayo cyiteguye gusohoza ijamba ryayo kuko idashobora kubeshya.⁴

Akira aya amasezerano make afite imbaraga zo kukubashisha gutangira. Nyamara wibuke ko tudapfa gusenga dusaba gusohorezwa amasezerano gusa ; tugomba gukora ibijyanye n'amasengesho yacu. Imana izasubiza aya masengesho, kandi uzabona gutabarwa.

a) *Kunesha kw'abatura ibyaha byabo*—1 Yohana 1 :9 ; Abaheburayo 7 :25. Nta cyaha gikomeye cyane ku buryo cyananira Imana. Yohereje umwana wayo kugira ngo tubashe kubona gutabarwa no kunesha. Ibyo twakoze uko byaba bingana kose, impano ni iyacu niba dushaka kubabarirwa no kubaturwa. icyo dusabwa ni ugusaba kuyihabwa ! Igihe twatuye ibyaha byacu, ni ingenzi na none ko dutera umugongo ibyo byaha tugashaka kugenda mu'buryo bushya. Ibi ntidushobora kubikora mu mbaraga zacu bwite, ariko Imana izadufasha nituyishingikirizaho.

b) *Kunesha ibigirwamana*—Ezekiyeli 36 :25-27 ; Yerehiya 24 :7. Ni ingenzi cyane kwibuka ko niba dushaka kunesha « ibigirwamana » mu mibereho yacu, ntutugenda tubyivanaho buhorobuhoro uko iminsi igenda ihita. Tugomba kubirimbura rwose - *kubikura mu mibereho yacu burundu* ku buryo bitongera kugira urutabiri ku mitima yacu - mbese nk'uko umwami wari ukiri muto Yosiya yabikoze igihe yimaga ingoma mu bihe bya kera bya Isirayeli (reba mu 2 Ibyo ku Ngoma 34).

c) *Kunesha akamenyero kaduhindukiye ibiyobyabwenge*—Luka 18 :27 ; Zaburi 55 :16-18. Kwitandukanya na ben'ibi twamenyereye bikatubera ibiyobyabwenge biragoye, ariko ni byiza kubwitaza tukajya ku ntera runaka mu cyerekezo kinyuranye n'aho biri nubwo twaba twumva agatima karehareha !

Ni ba warabaswe n'imiziki y'isi, inkuru z'amashusho, ibinyamakuru, imikino, ibintu bifatanye isano n'ubupfumu, cyangwa se ubwoko runaka

rw'ibintu, cyangwa ibiryo byangiza ubuzima, icyo gishobora kuba ari igihe cyo gusukura inzu maze ugakora umunsi mukuru wo gutwika iyo myanda ufatanyije n'Imana. Uzatangazwa n'amahoro n'imbaraga uzumva ufite nyuma yaho igihe uzaba ufashe umwanzuro wo kugendera mu nzira nshya.

Mu Ibyakozwe n'Intumwa 19, igihe ubutumwa bwiza bwa Kristo bwabwirizwaga, abantu barazaga bakatura ibibi bakoze ku mugaragaro. Ababaga bakora umurimo w'ubupfumu bazanaga imizingo yabo bakayirunda hamwe bakayitwika. Kubera iyi mpamvu, Ijambo ry'Imana ryarushagaho kugwira rikamamara hose. Kandi abantu benshi barushagaho kwakira ubutumwa bwiza kuko babonaga ko buri guhindura imibereho y'abantu.

Hariho ibintu byinshi bishobora guhinduka akamenyero kabi bikaturiganya igihe cyiza cyo kubana n'Imana, nubwo ubwabyo bitagaragaza ko byifitemo ububi. Mu bihe nk'ibi, byatubera byiza twiyirije ubusa rwose cyangwa tukamara igihe twiyiriza ubusa kugeza igihe ibi bintu biba bitagishoboye gutegeka imitima yacu. Mu gukora gutya, ntabwo nshaka kuvuga ko kwibuza kurya ibiryo runaka (keretse gusa niba ibyo biryo na byo ari ikiyobyabwenge kuri wowe), ahubwo ndi kuvuga kwibuza *icyo kintu runaka* kigutera gutsindwa mu bya Mwuka.

Mu bihe byashize, nagize amahirwe akomeye mu gusubiza mu buryo buzima icyerekezo cyanyje mu bya Mwuka no kugira nyambere kwibuza ubwoko butandukanye bw'ibitangazamakuru n'imyidagaduro byampuzaga. Ibi bikubiyemo imbuga nkoranyambaga zikundwa na benshi. Nubwo buri gihe nitonderaga ibyo nsoma cyangwa nitegereza, natahuye ko izi mbuga nkoranyambaga zavangiraga iby'umwuka byanyje. Ntekereza yuko ibi bintu (kimwe n'ibindi bitangazamakuru byo kuri interineti) byahindutse inzitizi zikomeye zibuza abantu gushikamisha intekerezo zabo ku bya Mwuka no kwitanga gukenewe iyo bititondewe. Mbese ni ukubera iki? Biterwa n'uko bigusha ikinya ibyumviro byacu mu bya Mwuka bikoresheje uruzitiro rw'ibitekerezo bidafite umumaro birimo ubugoryi, kandi bikadutwara igihe cyiza cyagombye gukoreshwa twiga ibifite umumaro cyangwa dukora umurimo w'Imana.

Urufunguzo rukomeye kurusha izindi rwo gutsinda akamenyero kose kaduhindukiye ibigirwamana (cyangwa ikindi cyaha icyo ari cyo cyose) ni uguha Imana umutima wacu wose no kuyihugukira mu buryo bwuzuye. Niba ari Yo idutwaye intekerezo zacu zose, tukayimenya, tukiga Ijambo ryayo, tukayibwira abandi, ntituzigera dushukwa ngo dupfushye igihe ubusa cyangwa ngo duhange amaso yacu ku bintu by'iyi si.

d) *Kunesha ibitekerezo bitarimo kubaha Imana—Yesaya 26 :3 ; Zaburi 119 :165 ; Abafilipi 4 :8.* Usibye gusenga no gufata igihe mu Ijambo ry'Imana, uburyo bumwe bwo kugera ku kunesha ibitekerezo bitarimo kubaha Imana ni ukwiga gufata ibitekerezo bitarimo kubaha Imana ukabisimbuza ibitekerezo bizima birimo kubaha Imana. Niba ugirira umuntu runaka ishyari, tangira umusengere kandi umubwire amagambo y'ubugwaneza, ibitekerezo byawe bizahinduka kubwo gufashwa n'Imana. Niwisanga mu gishuko cyo kuvuga ibintu bibi, tangira usubire mu masezerano ari muri Bibiliya cyangwa uririmbe indirimbo yo guhimbaza, ibitekerezo bibi bizahunga. (Bamwe bashobora gutekereza ko ndi gushyenga ; nyamara ibi *bigira umumaro* !)

Ellen White atanga inama ikurikira : « Igihe umwanzi aguteranye umwijima we, ririmba ibyo kwizera kandi uvuge ibyo kwizera, ku iherezo uzasanga wiririmbye kandi ukivugaho maze bikakugeza mu mucyo. »⁵

e) *Kunesha ibiganiro bitarimo kubaha Imana—Yesaya 6 :5-7 ; Abefeso 4 :22,23,29.* Niba uhanganye n'ikintu runaka, gergeza kuvuga amagambo yo gushima buri gihe cyose ugeragejwe no kwivovota. Ihe intego y'ibyumweru bibiri uzamara ufata ijambo ribi cyangwa ritarimo kubaha Imana ugeragerejweho ukarisimbuza ijambo ryo gushima no guhimbaza Imana. Mbere y'uko ubimenya, uzasanga warateje imbere akamenyero gashya ko gukomeretsa ururimi rwawe aho kwivovota, cyangwa kuzimura, cyangwa gusenya abandi, kandi uzasobanukirwa neza impamvu yo guhimbaza Imana. Wibuke, igihe tuvuze ibintu bibi ku buzima cyangwa ku bindi, dutera abandi kubibona nabi, kandi Imana itubarahō urwo rubanza kubera ingaruka zimeze nk'umuraba amagambo yacu yateje.

f) *Kunesha imyitwarire itarimo kubaha Imana*—Abaroma 12:18-21; 1 Abakorinto 10:31. Na none fata imyitwarire itarimo kubaha Imana uyisimbuze akamenyero karimo kubaha Imana. Runda amakara yaka ku mutwe w'abakugirira nabi. Hejuru y'ibyo, saba Imana kuguha kubonera kw'impamvu zigutera gukora ibyo ukora iguhe n'imirimo iboneye, kubonera k'umutima, yemwe n'igihe nta muntu ukureba. *Burya kandi, Imana Yo iba ireba!* Niba tudashoboye kubeshwaho n'amahame yo kubaha Imana ngo tugendane ubunyangamugayo muri iki gihe kubwo guhesha Imana ikuzo, ntituzashobora kubikora ibihe bikomeye no kugeragezwa nyako nibitugeraho.

Iyi ni yo mpamvu Ibyahumetswe bitubwira biti: "Kwihana gukubiyemo kugira agahinda mu mutima k'icyaha no kugihungira kure. Ntituzareka icyaha, keretse gusa tubonye ububi bwacyo; ntihazabaho guhinduka nyakuri ko mu bugingo kugeza igihe tuzaba tumaze kugitera umugongo mu mutima."⁶

g) *Insinzi ku mishyikirano itarimo kubaha Imana*—1 Abakorinto 6:4; 1 Samweli 16:7. Niba hari abantu mufitanye umubano utarimo kubaha Imana, ukwiriye guca imirunga iguhuje nabo ukabahunga, nubwo bishobora kuba bikomeye. Nukomeza kugira ibyo uhuriraho nabo, uzaba uri gusaba icyorezo mu bya Mwuka. Igihe mvuga ku by'umushyikirano utarimo kubaha Imana, mba mvuga wa wundi wo hanze y'umubano w'abashakanye. Niba wararangije gushaka, bityo ukaba udafite umutwaro nk'uyu, noneho inshingano yawe ni ugukora uko ushoboye kose aho uri muri uwo mubano w'abashakanye ukiringira kandi ugasengera kugira ngo imibereho yawe ibashe guhindura uwo mwashakanye mutizera kimwe yemere ukuri. (Urwandiko rwa 1 Abakorinto 7 ruvuga kuri iyi nsanganyamatsiko mu buryo bwimbitse.)

Icyo ukora cyose, ntuzigere ukina n'umuriro! Uzashake inama z'Imana niwumva uzikeneye. Saba Imana guhindura umutima wawe iguhe kuyikunda urukundo rushya kandi ubone inshuti zizagutera umwete mu rugendo rwawe rwo mu bya Mwuka. Umubiri ushobora kugira intege nkeya, nyamara Imana idusezeranira imbaraga. Kandi igihe turushijeho kuyegera, tuzabona ko idusohoreza ibihebuje kure y'ibyo twabonera mu mubano twagirana n'abantu buntu.

h) *Insinzi ku gutwarwa mu by'isi*—Abakolosayi 3:1-3; Abaroma 12:1,2. Nibukijwe indirimbo ya kera yanditswe na Helen H. Lemmel ivuga iti: "Hindukiza amaso yawe urebe kuri Yesu. Hanga amaso Umukiza,

Ngwino arakureba neza, Uzumva uhumurijwe kandi ibintu byo mu isi bizata agaciro, imbere y'umucyo w'ubwiza n'ubuntu bye.”

Ubu ni bwo buryo bwiza bwo kunesha ugutwarwa n'iby'isi: reba kuri Yesu kandi umuhe imfunguzo zose z'umutima wawe. Kandi nubikora, uzafate igihe kirekire cyo kwiiriza ku bintu by'iyi si. Funga televiziyo kandi ujye kure y'imbuga nkoranyambaga, amasoko manini yo guhahiramo, cyangwa ikindi kintu cyose kigukururira mu by'isi kugeza igihe imirunga ikuboheye mu isi izaba imaze gucika. Ndagusaba gufata Bibiliya yawe n'agakayi wandikamo ibyawwe bya buri munsu maze ugende umare umunsu wose uri kumwe n'Imana mu byaremwe. Ni byiza cyane mu kugufasha kongera gushishikarira iby'ijuru ubigira nyambere.

i) *Kunesha ibifashi bya Satani*—2 Abakorinto 10:3,4; Zaburi 40:2,3. Na none, uburyo bwiza bwo gutabarwa ukava mu mwijima, ni uguhindukirira umucyo. Hitamo Kristo kandi umwegurire ubushake bwawe! Ntidushobora gukina n'umwijima ngo tube mu ikipe itsinda. Rimbura ikintu cyose cy'umwijima mu bugingo bwawe, cyangwa ikindi kintu cyose kibangamira isano ugirana n'Imana. Umubi ntabwo azishima kandi azatangira kukurwanya cyane, ariko Imana izagufasha. Ibuka aya magambo ngo “Mu mbaraga zose za Satani, nta bushobozi afite bwo kubasha gutsinda umutima, mu kwizera kwawo koroheje wisunga Kristo. Aha intege abarambiwe; kandi utibashije amwongerera imbaraga.” Yesaya 40:29”⁷

j) *Kubabarirwa ibyaha byo kwirengagiza*. Abefeso 2: 8,9. Ni ingenzi kwibuka ibi: nk'uko Imana itubabarira ibyaha byacu, nyuma ikaduha imbaraga zo kugenda mu nzira nshya, ibikora ititaye ku bwinshi bw'imirimo dukora, iyo mirimo ntidukiza kandi nta nubwo izigera idukiza. Kristo ni we musa ubasha kudukiza, kandi niwe ushobora kuduha imbaraga zo gukura tukagera ku kigero gishyitse. Twebwe ubwacu, ntitwashobora na rimwe gutsinda “ibyaha bishingiye ku kudaha agaciro ibyo twagombaga kwitaho” kubera ko tubwirwa ibi ngo: “Icyo Imana yifuriza abana bayo kirahanitse cyane kurusha icyo ibitekerezo bya muntu bibasha gushyikira.”⁸

Iyi ni yo mpamvu ituma ntekereza ko ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi dukwiriye gusaba no gusengera ari ukugira Mwuka Wera ku rugero rusumbyeho, kuko ari byo biha imbaraga ubuhamya bwacu, bigaha n'umusaruro imirimo dukora. icyaha cyacu gikomeye kurusha ibindi cyo

“kwirengagiza” kiri mu kwiruka tujya imbere mu murimo mbere yuko twerezwa iyo nshingano.

Kristo yavuze ko imbaraga y’Imana ya Mwuka yagombaga kubana n’abigishwa be kugeza ku mperuka. Nyamara iri sezerano ntirihabwa agaciro nk’uko bikwiriye; kandi ku bw’iyo mpamvu, gusohozwa kwaryo ntikugaragara nk’uko byari bikwiriye. Isezerano rya Mwuka ni ikintu gitekerezwaho gakeya; kandi ingaruka yabyo ni yo dukwiriye kwitega nyine - amapfa mu bya Mwuka, umwijima wo mu bya Mwuka, kudohoka no gupfa mu bya Mwuka. Ibintu bito ni byo bitwara intekerezo zacu, maze imbaraga z’Imana zikabura - nubwo zatanze mu kuzura kutarondoreka - kandi ari zo zari ngombwa kugira ngo umurimo utere imbere kandi n’itorero ‘rigubwe neza, ndetse ni na zo zajyaga kutuzanira imigisha yose igendana na zo.⁹

Twavuze ibijyanye no gufata inkota zacu - amasezerano aturuka mu Ijambo ry’Imana - no mu gice gikurikira, nzavuga ku byerekeye gutera intambwe tujya imbere no gusaba gusohorezwa aya masezerano mu masengesho. Uru rugamba rushobora gusa n’urukomeye, ariko ntucike intege. Dukorera Imana ikomeye, kandi nta kidashoboka kuri Yo! *Komeza utinyuke gusaba ibirenze!*

Kwambara Intwaro zose z'Imana

Intambuwe Zifatika zo Gukomeza ibya Mwuka: umugabane wa 2

Nuko rero mutware intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubashe gukomera ku munsu mubi, kandi murangije byose mubashe guhagarara mudatsinzwe—Abefeso 6:13

Hari imigabane myinshi y'ingenzi igize intwaro z'Imana: umukandara w'ukuri, icyuma gikingira igituza ari cyo gukiranuka, ingofero ari yo gakiza, intwaro ya nyuma—ariko bitavuze ko ari yo ntoya kurusha izindi ni inkota ya Mwuka. Nubwo buri intwaro yose muri izi ifite ubusobanuro bwimbitse, ziroroshye cyane ku buryo abana bacu bashobora kuzambara neza mu ishuri ryo ku Isabato. Nyamara iyo bigeze mu rugamba rw'ibya Mwuka rukomereye imitima yacu nyirizina, twebwe abakuze dusiga intwaro z'Imana inyuma! Hanyuma tugatangira kwibaza impamvu dutsindwa n'umwanzi buri gihe.

Dukunda kubona bidukomeyereye gutsinda ibishuko kubera ko, bitewe no kwirengagiza gusenga no kwiga Bibiliya, ugeragezwa ntashobora guhita yibuka amasezerano y'Imana no guhangana na Satani akoresheje intwaro zo mu Byanditswe.”¹

Kwambara intwaro zose z'Imana ni ikintu cy'ingenzi cyane kugira ngo dukomere mu bya Mwuka nk'Abakristo.

Hari umugabane umwe w'ingenzi w'intwaro z'Imana tutavuze. Ni rumwe mu mfunguzo zirengagizwa kurusha izindi mu gukomezwa kwacu mu bya Mwuka. Ntabwo ari ikintu twambara cyangwa ngo tugifate mu ntoki – wenda tubivuze mu mvugo y'ikigereranyo. Icyo kintu ibiri amambu turagikora. Ni ibiri mu bitekerezo byacu. Icyo kintu nkita “Kuba maso usenga.”

Mu Befeso 6:16 havuga mu buryo bworoheje ngo: “Musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi ku bw’ibyo mugumye kuba maso, musabire abera bese.”

Gusenga iteka bisobanuye gusenga ubudatuza (Reba 1 Abatesaloniki 5:17). Muri Luka 18:1 habivuga muri ubu buryo “Abantu bakwiriye gusenga ntibacogore.” Matayo 26:41 we atanga indi mpamvu uyu mugabane w’intwari ari ingenzi cyane. “Mube maso kandi musenge kugira ngo mutajya mu moshya: *umutima ni wo ukunze, ariko umubiri ufite intege nke.*”

Iki ni cyo kibazo dufite. Imitima yacu irakunze, nyamara imibiri yacu ifite intege nke cyane. Ni yo mpamvu rero, mu gihe tujya mbere dushaka guhagarara dushikamye tugahangana n’ibitero by’umwanzi, tugomba guhora turi maso dusenga. Tugomba kuba duhugutse, tukaba maso, twiteguye gukorana na Mwuka Wera, twiteze ko dushobora guhura n’akaga cyangwa igishuko mbere yuko katugeraho, ku buryo umwanzi atatwinjirana tutiteguye. Ibyahumetswe biratubwira bita: « Nta muntu n’umwe waba amahoro naho byaba umunsi umwe cyangwa isaha aramutse adasenga. »²

Kristo ubwe, igihe yari ahanganye n’ikigeragezo gikomeye kurusha ibindi byose mu buzima bwe ari i Getsemani, yasabye abigishwa be « kuba maso bagasenga » (Matayo 26 :41). Bananiwe kubikora kuko bari basinziriye. Ibyahumetswe biratubwira bita: « Mu gusinzira kwe igihe Yesu yababwiraga kuba maso bagasenga, ni ho Petero yateguriye inzira yo gukora icyaha gikomeye [kwihakana Kristo inshuro eshatu]. Abigishwa bese niba bateguye gutsindwa kwabo gikomeye igihe basinziraga muri ya saha ikomeye. »³ Mbese ni ukuhe gutsindwa twebwe, buri wese ku cye giti - cyangwa dufatanirije hamwe - turi gushyigikira muri iyi minsi kubera ko duhugiranye, cyangwa dusinziriye cyane, cyangwa turi abanebwe cyane ku buryo tudafata igihe ngo *tube maso kandi dusenga ?*

A.Kujya mbere turi ku mavi yacu.

Noneho ubwo twambaye intwari zacu za Mwuka, tukaba twahisemo intwari (amasezerano runaka akomoka mu ijamba ry’Imana), tukaba twiyemeje kugira impinduka zihuse tuzana mu mibereho yacu n’ibyo duhozaho intekerezo, ni igihe cyo gusenga.

Iki si ikintu dukorana umutima witanze igice, cyangwa ngo dusengane urutebwe. Ntabwo ari ugusengana ihubi twirukankira guhura n'abo dufitanye gahunda, cyangwa se igihe umwanzi adusakije - nubwo mu bihe nk'ibi nabwo dukwiriye gusenga ! Iki ni igihe dukwiriye gushyira ku ruhande ku bw'isengesho ry'umwihariko no gukirana. Turi guhangana n'umwanzi nyawe waduteye mu buryo bufatika kandi busobanutse. Nuko rero tugomba kumwivuna mu buryo nyabwo kandi busobanutse !

Nk'uko Yakobo yakiranye ijoro ryose, natwe ni uko, tugomba gukirana bukarinda bucya. Tugomba kugundira Imana, tukavuga tuti : « Sinkurekura utampaye umugisha ! Sinkurekura utampaye ubutabazi muri uru rwego rw'imibereho ! » Iri ntabwo ari isengesho ririmo ubwirasi. Ntituri gusaba kubw'ibyifuzo byacu bya kamere cyangwa byo kwikunda. Turi gusaba kunesha ibyaho biri mumibereho yacu. Turi gusaba igihomwe kidukingira mu bya Mwuka. Turasaba guhabwa umutima mushya n'umwuka mushya. Ibi ni ibintu Imana yasezeranye kuduha.

Niba tutarahabwa kunesha, byatewe ku rwego runini n'uko tutari twasaba by'ukuri uko kunesha, cyangwa se nta bushake twagize bwo kugundira igihe dukirana mu masengesho kugeza igihe kunesha kubonekeye. Mwibuke ko umuhanuzi Daniyeli yasenze kandi akiyiriza ubusa iminsi 21 mbere yuko Imana imuzanira gutabarwa (Daniyeli 10:12,13). Nubwo Imana yari yatangiye gukora igihe Daniyeli yari atangiye gusenga, hari imbaraga z'umwijima zari zabujije Marayika wari uzanye ubutabazi gutambuka. Nyamara igihe Daniyeli yashikamaga agasenga, Satani yaratsinzwe.

Ibyahumetswe bidusezeranira ngo : « Isengesho ryo kwizera gushikamye, rizatsinda imbaraga nyinshi [za Satani] »⁴

Ni ingenzi cyane ko dusenga dushishikaye kandi tudacogora. Nubwo turi abanyantega nke kandi tugafudika, nitugundira dufite kwizera, dushobora kwiringira rwose tudashidikanya yuko Imana izaduha kunesha dushaka. Gushobora kutaboneka uwo mwanya. Nyamara kuzaza.

Yakobo yaranesheje kubera ko yari ashikamye kandi afite intego. Uku kunesha ni igihomwe cy'imbaraga z'isengesho risenganywe kutarambirwa. Abazagundira amasezerano y'Imana bose, bazanesha

nk'uko [Yakobo] yanesheje. Abadafite ubushake bwo kwanga inarijye, ngo bakirane gugeza ku gupfa bari imbere y'Imana, ngo bafate igihe kirekire basengana umwete ngo bahabwe umugisha wayo, ntibazawubona. Gukirana n'Imana - mbega ukuntu ari abantu bake babizi! Mbega ukuntu ari bake bagize imitima ikururirwa gukurikira Imana bakagira icyifuzo gikomeye kugeza igihe bakoresha imbaraga zabo zose! Igihe imiraba yo gushidikanya itabasha gusobanurwa n'ururimi urwo ari rwo rwose yikubise ku mutima winginga, mbega ukuntu ari bake bagundira amasezerano y'Imana bafite kwizera kudacogora!⁵

Mutyo tugundire amasezerano y'Imana dufite kudacogora. Mureke tugundire [Imana] twe kureka ngo igende kugeza igihe buri tafari ryose rizaba rimaze gusubizwa mu mwanya waryo mu rukuta rwacu, kandi tugeze igihe igihome cy'umwanzi kizaba kimaze kuriduka. Igihe twumva tudashaka gusenga, *burya ni cyo gihe dukwiriye gusenga bidasanzwe*. Uko dukomeza kujya mbere dufite kwizera, tuzarushaho kubishaka, kandi bidatinze, kunesha na ko kuzakurikiraho.

B. Shaka kugira imibereho yumvira.

Noneho ubu, tugomba gukurikiza itegeko Mwuka Wera aduha. Tugomba gukomeza gutera umugongo akamenyero kacu k'imitekerereze n'imyitwarire y'icyaha, tukiga kugira imibereho yumvira ijambo ry'Imana. Igihe dukurikije itegeko rya Mwuka Wera, azatuyobora mu gukora mu buryo busobanutse. Dushobora kubona umurimo n'urugamba mu buryo butanduka kuri buri wese muri twe, kubera ko [Mwuka Wera] ari we wenyine uzi intege nke za buri wese muri twe n'icyo buri wese akeneye. Nyamara ingaruka z'umurimo zizaba zimwe - kumwegera biruseho tukagendana na we. « Niba umutima waragizwe mushya na Mwuka w'Imana, imibereho izabyerekana. Nubwo nta cyo twakora ngo duhindure imitima yacu cyangwa ngo twemerwe n'Imana; nubwo tutagomba na rimwe kwiyingira cyangwa ngo twiringire imirimo yacu, imibereho yacu izerekana yuko ubuntu bw'Imana buri muri twe. Hazabaho impinduka mu mico, mu myitwarire, mu byo tumenyereye gukora n'ibyo duharanira kugeraho. Itandukaniro hagati y'icyo twahoze turi cyo n'icyo twiyemeje kuba cyo kandi tukaba turi cyo ubu muri ibyo byose rizagaragara ndetse mu buryo budasubirwaho. »⁶

Kumvira gushobora kugaragarira buri wese muri twe ku buryo butandukanye. Kuri jyewe, kubaho imibereho yumvira binsobanukiye guhitamo kubaho nta televiziyo no gushyiraho imbibi ku mikoreshereze yanjye ya interineti no ku mikoreshereze y'ibitangazamakuru ruzange. Aho kugira ngo abe ari byo binyobora kandi binantwarire igihe cyange n'intekerezo, nemerera Imana ikabitegeka. Ibi bishomora kugaragarira bamwe nko gukabya, nyamara nubitekerezaho, mbese ni ki tubona kuri izo televiziyo no kuri mudasobwa muri iyi minsi kidukururira kwegera Imana ? Ni bike cyane ! Byinshi muri byo byica amahame y'Ibyanditswe byera mu buryo bwahuranyije (reba mu Abafilipi 4 :8 niba hari ikibazo ufite). Byose biba bijyanye n'ibinezeza bidafashije, iby'isi, amazimwe, ubugome bukomeye, irari, ubusambanyi, no kuvuga Izina ry'Imana mu busa. Dushobora kuba ku giti cyacu ibyo bintu tutabishyigikiye, nyamara mu by'ukuri tukemera ko byinjira mu miryango yacu binyuze mu buryo bwa televiziyo, interineti na za nkuru z'amashusho nyinshi tujya tureba. Bibiliya itubuza gushyira ikintu kibi imbere y'amaso yacu kubw'impamvu (Zaburi 101 :3). Iyo dukomeje kureba ibintu nk'ibi kenshi, tuba duca intege inkuta zacu mu by'umwuka z'igihome kidukingira, kandi bidatinze, dushobora no gutangira gushyira mu bikorwa bimwe muri byo.

Kumvira bishobora gusa n'ibikomeye mu ntangiriro, ndetse bigasa n'aho ari ugukabya. Nyamara nitwiyegurira Imana buri munsu tugahabwa ubwiza busaze yifuza kuducunshumuriraho, nta nubwo tuzumva hari icyo twahombye muri icyo myidagaduro idafashije, ibikorwa, n'ibyaha twajyaga twishimira kera. Impano zayo ni nziza cyane kubiruta ! Nshobora guhamya ibi nkabisubiramo inshuro igihumbi !

Bidufitiye akamaro kwirinda ntitwemerere Satani gukoresha ukumvira kwacu mu kuturwanya. Kenshi na kenshi icyo hari amavugurura atangiye kwinjira mu mibereho yacu, bidatinze ubwibone buza buyakurikiye. Tugomba kwibuka ko « tudakizwa n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo [dukizwa] kubw'imbabazi zayo » (Tito 3 :5). Kubera iyi mpamvu, tugomba guhora dusaba Imana kurondora imitima yacu (Yeremiya 17 :10) kandi tukirinda ko hari ukwihangira gukiranuka cyangwa andi makosa yo mu buryo bwa Mwuka yatwinjirana.

Ellen White yaranditse ati : « Igihe twarangije kwicuza ibyaha twiyiziho byose, dushobora kwizera yuko Imana izasubiza amasengesho yacu. Ibyiza dukora ntibishobora gutera Imana kutugirira neza ; kuba Kristo akwiriye ni byo bizadukiza ; amaraso ye ni yo azatweza ; nyamara hari umurimo dukwiriye gukora kugira ngo duhuze n'ibisabwa kugira ngo twemerwe. »⁷

Nako rero, icyo Imana igusaba gukora cyose, n'iyo byaba ari ukujugunya ibitabo, ibinyamakuru,, imiziki, amadividi (DVDs), cyangwa ikindi kintu cyose kitayubahisha, cyangwa se guhanagura ubutumwa bwose wakiriye kuri interineti, ibiri muri mudasobwa yawe, cyangwa akabati ubikamo ibyo kurya byawe, cyangwa kugira icyo wikiranuraho na mugenzi wawe muhuriye mu murimo waba warakomerekeje—icyo yaba agusabye cyose, gikore none ntutinde ! Kandi ntujugunye bya bindi bibi n'ubundi usanzwe wanga. Mu ngiro kandi ukomeje, iga gufata ibibi ubisimbuze ibyiza.

C. Rwanya ikintu cyose kibanganye umwanzi ashaka kwinjiza.

Igihe utangiye gutera intambwe ugana ku gihome kigukingira mu bya Mwuka nk'uko nabikuganiriye, ntuzibwire ko umwanzi aziryamira ku ruhande agasinzira kandi abona uri kwisubiza ahantu yari yarigaruriye. Wamutangarije ko ugiye kumurwanya, kandi ntabwo azasubira inyuma nta ntambara ibaye. Ugomba gukomeza kuba maso ugasenga, ugasaba Imana kuguha imbaraga zo kurwana ngo ubashe kwimira buri kosa ryose rishaka kugaruka mu mibereho yawe, yemwe ndetse wanga n'umwenda utewe ibizinga na kamere » (Yuda 23).

Nanga amavubi n'inzuki n'ibindi bintu byose bigira imbori, mbyanga cyane ku buryo iyo hari kimwe muri byo cyinjiye mu nzu yanjye, sinshobora kuruhuka ntacyishe. Umunsi umwe, ivubi ryinjiye mu cyumba ndaramo nijoro hagati, maze ubwo nagerageza kuryica, ku bw'impanuka, nararikubise ryinjira ahantu hari umwenge. (Naje kuvumbura nyuma ko hari mu mwenge w'igikoresho kizana amahumbezi mu nzu.) Nyamara kandi sinari namenye aho ryagiye, maze nkomeza kuba maso amasaha abiri nijoro ndi gushaka ahantu ryagiye mu cyumba cyanjye. Nari nkwiriye kurekeraho kurishaka nkigira kuryama, nyamara sinari gushobora gusinzira nzi yuko riri ahantu runaka mu cyumba cyanjye.

Nyuma yaho, abo mu muryango wanjye barasetse mbabwiye uko byangendekeye ndi guhiga ivubi ryanshitse nijoro, kandi nanjye ubu biransetsa. Nyamara ntekereza ko hari ikintu gikomeye byerekana mu bya Mwuka. Byagenda bite turamutse tugabye igitero ku rugero runaka ku cyaha cyangwa ikosa runaka rigerageza kwinjira mu mibereho yacu nk'uko nabigenje mpiga rya vubi ritoya? Mbese byagenda bite, igihe umwanzi abonye umwenge mu rukuta rw'igihome kidukingira mu buryo bwa Mwuka acengeramo, turamutse tudatuje ahubwo tugakurikirana icyo cyaho ubutaruhuka, tukivuna umwanzi dukoresheje amasengesho kugeza igihe aba atagishoboye kubona aho akandagiza ikirenge mu mibereho yacu?

Ikibazo gihari ni uko twarangije kumenyera ibyo byaho bitoya ku buryo tubona ntacyo bitwaye. Bisa n'aho atari ikintu gikomeye. Ikindi kandi, tugerageza gushyira mu gaciro, tukareba kuri bagenzi bacu batuzengurutse, tugatekereza tuti: « Ibyaho byabo ni binini kuruta ibyanjye. Ntabwo nkwiye kwigira cyane. » Nyamara nta kintu gito mu maso y'Imana. Kandi na Satani, ikimushishikaje si uburyo yabonyemo aho ashingira ikirenge, icyo apfa ni ukuhabona.

Mu byumweru bike bishize, nari mu ndege ngaruka imuhira mvuye mu nshingano y'ivugabutumwa mu gihugu cya Kanada. Kubera ko kwambuka umupaka uhuza Kanada na Leta Zunze Ubumwe za Amerika bitagoye, sinigeze natekereza igihe nafungaga ibiryo bya ku manywa byanjye ngo mfate indege ingarura imuhira. Nuko nifatira ubunyobwa, ibisuguti, amacunga make n'andi matunda yitwa pome.

Kubera ko nibwiraga ko ndibunyure ku bashinzwe kugenzura imipaka bitangoye, narimo nuzura urupapuro runyerekeza muri Leta zunze ubumwe za Amerika ubwo ikibazo gitunguranye cyiyandikaga kuri mudasobwa yanjye kibaza ngo: « Mbese hari imbuto z'ubwoko ubwo ari bwo bwose cyangwa imboga waba utwaye? Nashoboraga kubeshya, nyamara umutimanama wanjye wari ubizi neza, nuko ntangira kwisuzuma ndavugaga nti: « Yego », ariko nibwiraga ko bitaribunkereze mu kwinjira mu ndege. Igihe nari ngeze ku meza y'umuyobozi ushinze kugenzura, yakambije agahanga aravugaga ati: « Oya! Ntidushobora kwemera yuko ujyana uru rubuto muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Urabanza ujye kuvugana n'abayobozi bacu bari muri iki cyumba kiri muri runo ruhande. »

Mbyarangiye ngombye gutegereza iminota 45 kugira ngo mvugane n'abayobozi muri cya cyumba kiri ku ruhande, ndetse bisa n'aho nendaga kubura indege injyana iwacu—bitewe gusa n'izo mbuto enye zidafite n'icyo zitwaye !

Nyuma yaho igihe narimo mbitekerezaho, ubusobanuro bwabyo mu buryo bwa Mwuka numvise bunzibye amatwi. Byasaga n'aho ari ikintu gito, gito rwose, kimwe n'ibyaha bimwe na bimwe njya numva ntashaka kureka. Nyamara ibi byaha nitutabireka, bishobora kutubuza kujya mu ijuru. Nta cyaha kigaragara ko ari gito mu maso y'Imana. Ibyahumetswe biravuga bita : « Inenge imwe yo mu mico, icyifuzo kirimo icyaha, iyo bigundiriwe, bigusha ikinya imbaraga y'ubutumwa bwiza. »⁸

Gishobora kuba gutangana amabwiriza kutihangana, kureba umuntu ijisho ribi, gucikwa k'ururimi, gukora ibinyuranye n'umutimanama naho byaba mu kintu gito cyane, ndetse n'ikindi kintu gito cyangwa kidakanganye. Nyamara nitureka icyuho kimwe cyo mu mico kikinjira, kizaza gikurikiwe n'ibindi byinshi, kandi Satani yereka Yesu buri cyose muri byo. « Buri cyifuzo kibi cyose tugundiriye giha [umwanzi] aho ashinga ikirenge. Muri buri kintu cyose tunaniwe kugera ku rugero Imana igishakaho, ni urugi ruba rukinguriwe umwanzi abasha kunyuramo akatugerageza kandi akaturimbura. Buri gutsindwa kose cyangwa kuneshwa kubonetse ku ruhande rwacu biha umwanzi umwanya wo gukwena Kristo. »⁹

Umwanzi azakomeza kugerageza urukuta rwacu, areba ko hari amatafari adakomeye, agira ngo arebe ko hari aho yakandagiza ikirenge. Dushobora kwitega yuko ibi byabaho igihe cyose twaba turi mu byo avuga ko ari ibye. Nyamara dusezeranirwa ngo : « Turamutse tubaye maso kandi tugasenga, ahantu hari intege nke muri twe, hashobora kuba ariho hanyambaraga kandi tugashobora guhangana n'ibishuko ntidutsindwe. »¹⁰

Nta kintu na kimwe kibasha kunyura umutima nko kumenya ko wahanganye n'umutware w'umwijima imbona nkubone kandi ukanesha. Kunesha muri Kristo birashoboka ! Wowe mugundire gusa kugeza igihe uherewe kunesha. Nidushikama ku Ijambo ry'Imana, ntituzatsindwa. Mutyo dukurikire guhamagarwa n'Imana kwacu tutitaye ku nzitizi ziri

imbere yacu, twe kwita ku bunini bw'imisozi, yemwe n'ibyo dutekereza ko ari bitoya, maze twongere kubaka inkuta zacu mu bya Mwuka kandi twikomereze muri Yo. Kubera ko mu Abafilipi 1 :6 haduha isezerano ry'uko umurimo mwiza yatangiye muri twe, izawurangiza rwose kubw'ikuzo n'icyubahiro byayo.

Mutyo dushikame kuri Yo, dutinyuke gushikama mu gihe nk'iki abantu bari gutsindwa. Mutyo dutinyuke guhagarara twambaye twikwije intwari zose z'Imana, kandi igihe tuzaba dushikamye, mutyo dutinyuke gusaba ibirenze !

Kugereranya iby'Ukuri n'ibyo Umuntu Yiyumvamo

Urugamba Rushingiye ku Kwizera Nyako

Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri—Abaheburayo 11:1

Byatwaye imyaka myinshi, ndetse n'ibisekuruza birahita ibindi birataha, abana ba Isirayeli bategereje gutabarwa bakava mu bucakara bagasubira iwabo ho muri Kanani. Amaherezo, nyuma yo kubaturwa mu buryo bw'igitangaza bagakira Abanyegiputa babakoreshaga imirimo y'uburetwa, kandi nyuma yo kwambukiranya ubutayu bushyushye burimo n'umukungugu, bibonye bakambitse ku nkengero za Kanani. Umuntu ashobora gutekereza ukuntu imitima yabo yari itegerezanyije amatsiko igihe yabonaga ko «Tugiye kugera imuhira!». Nyamara mbere na mbere, Imana yari ifite ikindi kigeragezo cyo kwizera yendaga guha ubwoko bwayo.

Igihe bariho bitegura gufata igihugu cy'i Kanani, Imana yabwiye Mose kohereza abatasi (umwe umwe kuri buri muryango) kugira ngo bajye kureba uko abo bantu bameze, kandi ngo barebe n'uko ubutaka bw'i Kanani bumeze. Aba batasi barahagurutse baragenda, maze nyuma y'urugendo rurerure rw'iminsi 40 bagaruka bafite inkuru zitangaje n'imbuta zitangaje cyane.

Nyamara rero, abantu icumi bo mu batasi bazanye inkuru mbi mu buryo butangaje. «Abantu bagituye ni abanyamaboko, imidugudu yaho igoteshejwe inkike kandi abagabo bakomeye b'ibihanda batuye muri icyo gihugu. Ntitwabasha kuzamuka ngo turwanye abo bantu kuko baturusha amaboko. Twibonaga tubamezeho nk'inzige. Bazadutsinda!»¹

Igihe abantu batangiraga kuboroga bafite umubabaro, Kalebu na Yosua, babiri muri ba batasi cumi na babiri, barahaguruka kugira ngo bavuguruzwe abo bandi : « Ni byo koko abo bantu barakomeye, nyamara icyo gihugu ni cyiza gitemba amata n'ubuki, kandi niba Uwiteka atwishimira, azakiduha. Tuzamuke nonaha tuhahindure, kuko tubasha kuhatsinda rwose ! Mbese Uwiteka ntiyasezeranye kukiduha ? »²

Nyamara ubwo bari bamaze gucibwa intege n'inkurumbi z'abatasi icumi, imitima y'abantu yari yarangiye kwemera ko gutsinda [icyo gihugu] ari ibidashoboka. Kandi abatasi icumi bari bazanye inkuru z'inshamugongo na bo ntibavaga ku izima. Bibagiwe ko Uwiteka ari we wari wabavanye mu bubata, akabambutsa inyanja itukura, akabashoboza gutsinda Abamaleki, maze bakomeza guca intege Abisirayeli bababuza gukomeza ngo bagende.

Bibiriya ibivuga itya : « Abisirayeli bose bitotombera Mose na Aroni, iteraniro ryose rirababwira riti 'Iyaba twaraguye mu gihugu cya Egipta ! Cyangwa iyaba twaraguye muri ubu butayu !' » (Kubara 14 :2). « Mu kutizera kwabo, [Isirayeli] bakumiriye ububasha bw'Imana nuko ntibizera ukuboko kwari kwarabayoboye mu mahoro kugeza magingo ayo. »³ None se ubwo, ni iki Imana yari gukora ? Mbese yari kubahembera uko kutizera kwabo ? Byari bigoye!

Dushobora kwibaza ukumirwa n'uburakari bishobora kuba byaruzuye mu mutima w'Imana igihe yitegerezaga abana bayo bari banze kwizera mu gihe bari hafi cyane, nyamara kandi na kure, yo kugera mu gihugu cy'isezerano. Uwiteka yabajije Mose iti : « Ubu bwoko buzageza he kunsuzugura ? Buzageza he kutizera Ijambo ryanjye ? Mbese ni ibimenyetso n'ibitangaza bingana iki nzakorera hagati muri bo kugira ngo mbereke ko nshobora kubitaho nkabaha no gutsinda abanzi babo ? »⁴

Icyo gihe rwose, nyuma yo kuyigerageza inshuro icumi (reba Kubara 14 :22) no kutizera kwa Isirayeli, tubwirwa ko Imana yari igiye kunyaga Isirayeli umurage, ndetse yari no kubarimbura rwose igatangira bundi bushya iyaba Mose atarabasabiye ashishikaye. Ariko kubera ko Mose yahagaze mu cyuho akabasabira, Imana ntiyahise ibarimbura. Nyamara kubera ko bari babuze kwizera, nta yandi mahitamo yari ifite usibye

kubahana. Ni mu buhe buryo yari gusohozza iki gihano? Byari kunyura mu gushyira mu bikorwa *amagambo* bo ubwabo bari bivugiye.

Nuko ibwira Mose iti: « Babwire uti 'Sinzabura kubagirira ibyo mwavugiye mu matwi yanjye. Ntimushaka kuja i Kanani! Ni byo. Ntimuzajyayo. Intumbi zanyu zizagwa mu butayu. Ntabwo muzabona igihugu nasezeraniye ba so. Abana banyu gusa ni bo bazakijyamo. Muzamara imyaka mirongo ine muzerera mu butayu; nk'uko iminsi ingana mwatatiyemo icyo gihugu mu kutizera kwanyu, umunsi uzakwana n'umwaka. Abagaragu banjye b'abiringirwa Kalebu na Yosua ni bo bonyine bazinjira muri icyo gihugu. Kuberako bavuganye ukwizera, kubw'iyi mpamvu, nzubahiriza amagambo yabo. »⁵

Biratangaje cyane kubona ko nyuma y'aho Imana ibwiriye abana ba Isirayeli iti: « Ni uko, ntimutekereza yuko mushobora gutsinda iki gihugu. Ni ko biri rwose, ntimuzabishobora! » icyo gihe ni bwo bafashe umwanzuro wo guhindura icyo gihugu. Mu kugomera itegeko ry'Imana bagarageje kuja kurwana ngo bafate Kanani. Aha naho bongeye gukora iby'ubwenge buke. Mose ntiyari kumwe na bo, Kalebu na Yosua ntibari kumwe na bo, maze baratsindwa bikomeye. Kandi ibi ni ko bizagenda iteka igihe ubwoko bw'Imana buvuze ibyo kutizera maze bakagenda biyemeye mu mbaraga zabo, kubera ko Imana idashobora kubaha umugisha.

Iyo urebye ibyanditswe ku buryo Imana yagiye yitwara ku bwoko bwayo, dushobora kwibaza dutangaye ukuntu abana ba Isirayeli bashoboraga gukomeza gushidikanya igihe kirekire mu rugendo rwabo rwose kugeza basohoye mu gihugu cy'i Kanani. Nyamara se twebwe uyu munsi dutandukanye na bo?

Benshi basubiza amaso inyuma bakareba ku Bisirayeli, bagatangazwa no kutizera kwabo no kwivovota kwabo, bakibwira ko batari kuba indashima nka bo; nyamara iyo kwizera kwabo kugeragejwe, nubwo byaba ari ibigeregezo byoroheje, ntabwo bagaragaza kwizera no kwihangana birenze ibya Isirayeli ya kera. Igihe Imana yabanyuzaga mu nzira zigororotse, bivovoteye uburyo Imana yari yahisemo bwo kubeza. Nubwo Imana ikemura ibibazo by'ibyo abantu benshi bakeneye muri iki gihe, ntabwo bayiringira ngo bayiragize ahazaza habo, ndetse bakomeza guhangayikishwa n'uko ubukene bushobora kubageraho, maze abana babo bakahazaharira.⁶

Ndetse no muri iyi minsi, twegereje kugera iwacu i Kanani, ari ko se dufite kwizera gusumba uko Abisirayeli bari bafite ? Imana iraduha ikigeragezo cya nyuma. Irashaka kumenya niba tuzayizera nubwo ibyumviro byacu ndetse n'ibituzengurutse byose byaba bitubwira yuko kuneshya kudashoboka. Ishaka kumenya niba tuzizera Ijambo ryayo, bona n'igihe twaba tutarahabwa amasezerano ndetse n'isi yose ikaba ikwena uruhande duhagazemo. Yiteguye kutujyana iwacu, ariko iracyibaza iti : « Mbese igihe nzaba nje gutabara ubwoko bwanjye nzasanga kwizera kukiri mu isi ? »

Kwiga kubeshwaho no kwizera

George Müller, umubwiriza w'inkuru nziza akaba yari n'umuvugabutumwa mu gihugu cy'u Bwongereza ahagana mu myaka ya 1800, yamenyekanye kubera kwizera kwe kuboneka ahantu hake gusa, no kwiringira Imana kwe yuko ari yo yamukenuraga mu byo akeneye buri muni, mu gihe cyose yakoraga umurimo wo kwita ku mfubyi zirenga igihumbi.

Urugendo rwe mu kwizera rwabaye ikimenyabose, rwatangiye igihe yari umubwiriza ; yashoboraga kugendagenda mu byaro asura abayobozi b'amaparuwasi yari ashinzwe, akababaza uko bari babanye n'Imana. Ntabwo yishimaga kuko inshuro nyinshi bakundaga kumusubiza bamunonyeka bati : « Mbese igihe cyo kubana n'Imana twagikura he ? Ntabwo uzi yuko tugomba gukora amasaha cumi n'ane ku muni kugira ngo ku meza hahore hari ibiryo ngo imiryango yacu itazasonza ? »

Müller yaretse umurimo we wamuhembaga nk'umupasitoro, kuko yemezwaga n'umutima we ko Imana ari yo iduha ibyo dukeneye byose, maze asaba Imana kumukoresha nk'ubuhamba bwo kwereka abatuye isi ko nitugira Imana nyambere izatumara ubukene bwacu bwose. Yateye intambwe mu kwizera, agirana amasezerano n'Imana ko igihe cyose azaba ayikorera, nta wundi azigera abwira ubukene bwe, usibye Imana yonyine. icyavuye muri ibyo, ni uko Imana yatangiye gusubiza amasengesho ye yo kwizera ikanamuha ibyo akeneye. Ku bwo kwizera, Müller yatangiye ikigo cy'abana b'imfubyi ndetse atangiza n'ikindi. Byaje kurangira akoze umurimo wo kwita ku bana ibihumbi b'imfubyi kandi adategereje igihembo cy'ukwezi.

Rimwe na rimwe ntiyabaga azi aho igaburo ry'umunsi umwe riributuruke kugeza igihe abana bamariye kwicara iruhande rw'ameza maze hakumvikana gukomanga ku rugi kutaari kwitezwe, bagasanga ari umuntu uzanye ibyokurya. Nyamara buri gihe Imana yabahaga ibyo bakeneye. Imibereho ya Müller bwari ubuhamya bukomeye bw'imbaraga y'isengesho kandi mu myaka isoza yahamije ko yibuka ibisubizo ibihumbi mirongo itanu by'amasengesho ye yasubijwe.

Mu gihe cy'ubuzima bwe, amadolari arenga miliyoni ndwi (uyabariye mu gaciro k'amadolari akoreshwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika yo muri kino gihe angana n'amadolari ahwanye n'amadolari Miliyoni mirongo irindwi n'ebyiri) yanyuze mu biganza bye kugira ngo afashe imfubyi n'abandi babaga bafite ibyo bakeneye, kandi nta n'idorari rimwe yigeze asaba umuntu. Byazaga ari igisubizo cy'amasengesho.

Igihe yabazwaga ku ibanga rye ry'imbaraga z'isengesho, Müller yarasubije ati: « Hari umunsi napfuye rwose. » Nuko akivuga atyo, arunama cyane kugeza ubwo yendaga kugera hasi. « Napfuye kuri George Müller, ibitekerezo bye, ibyo akunda, ibimuryohera, ndetse n'imigambi ye - napfuye ku by'isi, gushimwa na yo cyangwa ihinyu ryayo - napfuye ku gushimwa cyangwa gushinjwa amakosa na benedata n'inshuti zanjye—kandi guhera ubwo, nize gusa kugaragara ko nemewe n'Imana. Igihe George Müller yapfaga mu buryo bw'umubiri mu 1898, umutungo we wo mu isi wabaruwe mu madolari magana inani. Mu by'ukuri byose yari yarabyeguriye mu murimo wa Kristo !

Kimwe na George Müller, dukeneye kugerageza Imana ubwacu ngo twimenyere uko ari inyakuri. Dukeneye kwizera kurushijeho gukomera mu mibereho yacu ya buri munsi. Aho guhanga amaso ubushobozi bwacu buke, dukeneye gutumbira imbaraga z'Imana zitarondoreka. Na none ibyo ntibisobanuye ko dukora nk'abasuzuma Imana twigerezaho, cyangwa ngo tugire ubusonga bupfuye, dukoresha ibirenze ubushobozi dufite, cyangwa ngo tugire imyenda [amadeni] myinshi. Ahubwo bisobanuye ko dukeneye gutera intambwe tujya mbere mu kwizera igihe Imana iduhaye icyerekezo, tuzi neza ko igihe ariyo itanze intumbero, izatanga n'ibikenewe ngo icyo cyerekezo kigerweho.

Aho gutera intambwe mu kwizera, ibihe byinshi tuganyishwa no kubura umutungo nk'uko byagenze ku Isirayeli ya kera. Nyamara Bibiliya imaze

igihe ifite igitabo cyitwa Amaganya. Mutyo twekwandika ikindi gitabo [cy'amaganya]. Ibiri amambu, mureke dukomeze igitabo cy'Ibyakozwe - ibyakozwe n'Imana!

Ellen White yaranditswe ati: "Mureke he kugira n'umwe upfusha igihe ubusa yitegereza uburyo umutungo ari muke. Ibigaragara inyuma bishobora kudatanga icyizere, ariko imbaraga no kwizera Imana bizatuma umutungo wiyongera!"⁷

Impamvu kwizera gukenewe

Kenshi na kenshi iyo tudafite amahirwe yo kugera ku byo dushaka mu buzima bwacu bwite cyangwa mu murimo dukora, aho gushaka inkomoko y'ikibazo, dushaka uburyo bwo kugera ku musaruro uruta uwa mbere. Nubwo uburyo bwo gukora ikintu bushobora iteka gutezwa imbere, mu bwami bw'Imana, uburyo bwo gukora ntabwo akenshi ari ikibazo - nta nubwo ikibazo ari umutungo cyangwa se impano. *Ikibazo ni uko nta kwizera kuba guhari*. Ibyahumetswe bitubwira bishize amanga bita: « Buri gutsindwa kose kuboneka ku ruhande rw'abana b'Imana guterwa n'uko nta kwizera bafite ! »⁸

Nk'uko duhita tubibona igihe twiga Bibiliya, kugira kwizera si iby'amahitamo ku umukristo mu rugendo rwe - ibyo ntibishoboka igihe cyose dufite umugambi wo kujya mu ijuru! (Reba mu Abaheburayo 11 :6) ; Iyahishuwe 21 :8.) None se niba turi abantu bugarijwe no gushidikanya, ni mu buhe buryo duteza imbere kwizera kwacu?

Uburyo bukomeye kurusha ubundi bwo kubaka kwizera kwacu ni ugukoresha Ijambo ry'Imana, kubera tubwirwa ngo: "Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo (Abaroma 10:17) Ellen White ashyigikira ibi mu buryo bufite imbaraga ati: "Kwizera kudushoboza kwakira impano z'Imana, na ko ubwako ni impano buri muntu wese ahabwa ku rugero runaka. Kugenda gukura igihe umuntu afata Ijambo ry'Imana akarigira irye. Kugira ngo kwizera kwacu gukomere, *tugomba iteka kuguhuza n'Ijambo ry'Imana*."⁹

Mu minsi ya mbere, Abadiventisti bari bazwi nk' « abantu b'Igitabo. » Bagendanaga Bibiliya zabo aho bagiye hose, kandi babaga biteguye iteka gusubiza impamvu zo kwizera kwabo. Igihe babaga basoma Bibiliya,

ntibayinyuzaga mu nyurabwenge zabo cyangwa ngo imigabane yayo imwe bayisobanure uko bishakiye. Ntibafataga ibyo Imana yavuze ngo babigoreke bashaka kubihuza n'ibitekerezo byabo cyangwa ibyifuzo byabo. Oya rwose, bayifataga nk'uko iri—ijambo ryahumetswe n'Imana (2 Timoteyo 3:16). Kandi buri gitekerezo cyose kiyibonekamo bagifataga nk'icyera. Uyu munsu wa none, dukeneye kugira imyifatire nk'iyi ku byerekeye Ijambo ry'Imana. Bibiliya ni ijwi ry'Imana rivugana natwe, nk'aho twakariyumviye n'amatwi yacu ubwacu. Mbega ukuntu twabumbura Ijambo ry'Imana turyubashye turamutse dusobanukiwe ibi, ndetse tugashakashaka mu byanditswe dufite umwete! Gusoma Ibyanditswe no kurondora muri byo byahinduka nko kuvugana n'Ifite kudapfa imbonankubone. »¹⁰

Muri Matayo 8:5-13 dusoma igitekerezo cy'umutware w'abasirikare wasanze Kristo akamusaba kumukiriza umugaragu. Yesu yaramusubije ati: «Ndaza [mu rugo rwawe] mukize.» Benshi bashoboraga kwishimira impano nk'iyi, nyamara uwo mutware w'abasirikare yarasubije ati: « Mwami, ntibinkwiriye yuko winjira mu nzu yanjye, *ahubwo tegeka gusa*, umugaragu wanjye arakira. »

Uyu munyamahanga yari afite kwizera ijambo rya Kristo gusa! Kwari ukwizera kutigeze kuboneka no mu Isirayeli. Ni cyo cyatumye Kristo yishima cyane. Isirayeli yari ifite ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera, bari bararifashe no mu mutwe, birataga ko ari “abantu b'Igitabo”, ubwoko bw'Imana. Basomaga ijambo ry'Imana, bararibwirizaga bakariyigisha, ariko ntibaryizeraga. Nyamara kandi, uyu mutware w'abasirikare, yizeraga ko hari imbaraga mu ijambo rivuzwe gusa, kandi icyabivuyemo, ni uko Kristo yakijije umugaragu we muri uwo mwanya. Uku ni ko kwizera dukeneye muri iki gihe—kwizera kwishingikiriza ku Ijambo ry'Imana ryonyine! Iyi ni yo mpamvu dukeneye kumara igihe kinini turi mu Ijambo, ikaba ari nayo mpamvu dukeneye gukuza umuco wo kuvuga ibyo kwizera. Niduhamya ibyo kwizera kenshi, mu by'ukuri tuzagira kwizera kwinshi. Ellen White ashimangira iyi ngingo inshuro nyinshi ati: “Muvuge kandi mukore nk'aho kwizera kwanyu kudashobora gutsindwa. Imana ni umutunzi ukomeye; isi ni iyayo. Muhange amaso mu ijuru mu kwizera.”¹¹ Hari n'ahandi hantu yongeyeho ati: “Ntimuzigere mubererekera na rimwe igitekerezo cyo gucika intege mu murimo w'Imana. Ntimuzigere muvuga ijambo ryo gushidikanya.”¹²

Mutekereze itandukaniro ryaboneka mu mibereho yacu turamutse turinze iminwa yacu, “kuvuga ibyo kwizera” bigahinduka umuco wacu mu mibereho ya buri munsu!

Kugereranya iby'ukuri n'ibyo umuntu yiyumvamo

Iyo twiga Bibiliya zacu, dusanga kwizera ari imwe mu mpano zishimangirwa cyane mu byanditswe byose. Ibi biterwa n'uko ari ryo rembo ryo kugira ngo duhabwe izindi mpano zose.

Abarwayi bakizwa no kwizera (Matayo 9:22); dukizwa n'ubuntu kubwo kwizera (Abefeso 2:8); dutsindishirizwa ku bwo kwizera (Abaroma 3:28); abigishwa bakoreshwaga no kwizera (Ibyakozwe n'intumwa 6:8); dutwara kwizera nk'ingabo (Abefeso 6:16); umukiranutsi abeshwaho no kwizera (Abaroma 1:17); umukiranutsi agenda mu kwizera (2 Abakorinto 5:7); turi abana b'Imana kubwo kwizera (Abagalatiya 3:26); kandi ku iherezo, ikigira agaciro kurusha ibindi byose, ni ukwizera gukorera mu rukundo (Abagalatiya 5:6). Urufatiro nyakuri rw'ubukristo ni ukwizera, kandi ubutumwa bwiza butakaza imbaraga mu bugingo bwacu iyo nta kwizera guhari. Iyi ni yo mpamvu umwanzi ahora ashaka kuzana gushidikanya no kutizera mu mibereho yacu muri iki gihe! Nitubura kwizera, ntabwo imirimo yacu izananiirwa kugira umusaruro gusa, ahubwo na twe ubwacu tuzaraba nk'ubwatsi mu bya Mwuka.

Nk'abakristo, turwana intambara buri munsu, intambara hagati y'ibintu by'ukuri n'uburyo umuntu yiyumvamo. Ibizava muri iyi ntambara ifite ubusobanuro bukomaye, bizagaragaza uko kwizera dufite kumeze. Reka mbisobanure.

Iby'ukuri bifatika ni ibyo tubona mu Ijambo ry'Imana. Nubwo byubakiye ku kuri kutaboneshwa amaso n'amasezerano atagaragarira amaso, ikintu cy'ukuri ntikinyeganyega, cyane ko kigaragaza imiterere y'Imana idahinduka: ntishobora kubeshya (Tito 1:2); ntizigera ihinduka (Yakobo 1:17); uko yari iri ejo ni ko iri n'uyu munsu, kandi ni ko izahora (Abaheburayo 13:8); kandi ishishikajwe kurushaho no kuduha impano nziza kurenza uko dushishikazwa no guha abana bacu impano

nziza (Luka 11 :13). Iyo dushingiye kwizera kwacu ku bintu by'ukuri, tuba dufite urufatiro rukomeye ku buryo tutahungabanywa n'umugaru nubwo waba umeze ute.

Ibyo umuntu yiyumvamo, ku rundi ruhande, byo bihora bihungabanywa n'umuyaga, cyane ko biba bishingiye ku byo tunyuramo, uko amarangamutima yacu ahindagurika, guhagarika umutima, gutentebuka mu bya Mwuka, n'amasengesho adasubizwa. Aho gushakashaka mu Ijambo ry'Imana kugira ngo umenye icyo rivuga, ibyo umuntu yiyumvamo bikoresha inama ivuye muri kamere, mu bwenge bw'isi, mu nshuti zishidikanya, no mu byigeze kubaho mu mibereho ya gikristo bitagenze neza. Igihe dushingiye *kwizera kwacu ku byo twiyumvamo*, biza bikongera bikagenda, bizaba bisa no kubaka inzu ku musenyi. Kandi umuraba wose uje, ushobora kuyisenya.

Igihe iby'umuntu yiyumvamo ari byo bimuyoboye—byaba bikugeza mu byishimo cyangwa mu burakari - kwizera kuba kwasigajwe inyuma. Bamwe babona amarangamutima y'ibyishimo nk'ikimenyetso cyo kwizera. Nyamara kwizera ntabwo ari ibyiyumvo ugira igihe utekereza ku kintu wiringiye kuzabona, cyangwa ikintu runaka Imana ishobora gukora. Kwizera kugomba kuba gushoye imizi mu bintu by'ukuri biboneka mu Ijambo ry'Imana—ntabwo ari ibiri mu marangamutima yacu ahindagurika.

Kwizera gufata Imana nk'uko ijamba ryayo riri, waba ufite uko wiyumva cyangwa se ntako. Ni « ukumenya ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri. » Dushobora kwizera abantu bagenzi bacu, kuki tudashobora kwizera ijamba ry'Imana? Igihe tuyisanze tuyisaba ubwenge no kutugirira ubuntu, ntidukwiriye kwirebaho ngo turebe niba hari ibyiyumvo bidasanzwe yaduhaye nk'igihamba cy'uko yasohoje ijamba ryayo. Ibyo umuntu yiyumvamo ntabwo ari ikintu ngenderwaho. Ibyaha bikomeye byagiye ku bakristo byagiye bikomoka mu gukurikira ibyo biyumvamo. Ni mu buhe buryo menyamo ko Kristo yumvise amasengesho yanjye? – Ni ku masezerano ye mbimenyera. Avuga ko azumva abafite ibyo bakennye nibamutakira, kandi nizera ijamba rye. Ntiyigeze na rimwe abwira ab' « umwandu wa Yakobo ati 'munshakire ubusa'. »

Niba tugendera mu mucyo, dushobora kuza ku ntebe y'ubuntu dufite gushira amanga. Dushobora kuvuga amasezerano y'Imana dufite kwizera kuzima, maze tukavuga ubukene bwacu. Nubwo turi abanyanteye nke,

tukaba turaragira, tukaba tudakwiriye, « Mwuka adufasha mu ntege nke zacu ». Nyamara ibihe byinshi amasengesho yacu arangwa n'ubukonje no gusubira inyuma. Abatiyanga bose ngo berereze umusaraba wa Kristo, ntibazagira umwete wo kwegera Imana ironдора imitima. Tugomba kuba maso tugasenga, kandi tugasaba ubutarambirwa. Tugomba kwimenyereza gushaka ubuyobozi bw'Imana binyuze mu masengesho ; tugomba kwiringira uwo ubutabazi bwacu buturukaho. Ibyifuzo byacu bikwiriye kwerekezwa ku Mana ; ubugingo bwacu bukwiriye kumushaka, kandi inyifato yabwo igahuzwa n'ibyo tuyisaba. Igihe tuvuze ibyo dukeneye ku nshuro ya mbere, ntitugomba kurekeraho, ahubwo nk'uko Yakobo yabigenje ubwo yakiranaga na malayika ijoro ryose, vuga uti : « Sinkurekura utampaye umugisha, » kandi nk'uko byagenze kuri we, natwe tuzanesha.¹³

LeRoy Froom, mu gitabo cyeye yise « *Kuza k'Umuhumuriza* » yaranditse ati : « Benshi barashaka ibyiyumviro bigaragarira amaso - ibyishimo bigaragara no gukorwaho na Mwuka mu buryo butangaje - kandi igihe bazaba bata kubonye bazababara »¹⁴ Mu yandi magambo, abantu bashingira ibyiringiro byabo, ibihamya by'uko bari hafi y'Imana no kwizera kwabo ku byo biyumvamo, *aho kubishingira ku bintu nyabyo byigishwa n'ukuri kwa Bibiliya*. Kandi iyo ni yo mpamvu nyayo ituma Satani agera ku migambi ye ahantu henshi mu ho ubukristo bwiganje muri iki gihe. Arimo gutegura igisekuru cy'abakristo bagomba kwishingikiriza gusa ku byo biyumvamo n'amarangamutima yabo bakabifata nko kwizera, aho gushingira ku bihamya biri mu ijambo ry'Imana. Nyamara ibyahumetswe biratubwira biti : « Amarangamutima meza ntabwo ari igihamya cy'uko uri umwana w'Imana ; nta n'ubwo kumva ubuze amahoro, guhagarika umutima no gushidikanya ari igihamya cy'uko utari umwana w'Imana. »¹⁵

Froom yarakomeje ati : « Urutonde rw'uburyo Imana ikurikiranya ibintu ni uru : habanza ukuri, hagakurikiraho kwizera, amarangamutima agaheruka. » Ikintu cy'ukuri ni cyo kibanza, duhitamo kwizera, hanyuma kwizera kugakura gushingiye ku Ijambo ry'Imana ; hanyuma hagaheruka amarangamutima. Iby'umuntu yiyumvamo biza ari ingaruka yo kwizera gutuje afite ! »¹⁶

Niba utegereje *kwiyumvamo* ko ushobora kwizera Imana rwose mbere y'uko uyizera umaramaje, birashoboka ko utazigera uyizera. Niba

utegereje kubanza kwiyumvamo ko usa n'usenga mbere yuko usenga, birashoboka ko utazigera usenga. Imana yaduhaye ubwenge, kandi yaduhaye Ijambo ryayo. Dukeneye kubikoresha byombi ntibisigane.

Ngaho gergeza gutekereza ukuntu amarangamutima ya Aburahamu agomba kuba yari ahabanye no kwizera kwe igihe we n'umuhungu we bazamukaga umusozi Imana yari yamusabye gutambiraho Isaka nk'igitambo. Nyamara yari ari mu izingiro ry'ubushake bw'Imana. Ngaho ongera utekereze uburyo Yohana umubatiza ashobora kuba yariyumvaga igihe yari akingiraniwe muri gereza mu gihe Yesu yarimo akorera ibitangaza iyo hanze. Nyamara Yesu yavuze ko nta muhanuzi umuruta[Yohana] mu babyawe n'abagore ! Na none gergeza gutekereza uburyo Abisirayeli bashobora kuba bariyumvaga igihe bari babujijwe n'inyanja itukura gutambuka, kandi bazi ko ingabo zikomeye cyane ku isi zije ziruka inyuma yabo zibateye ! Nyamara kandi Imana yari irimo gutegeza kimwe mu bitangaza bikomeye byigeze kubaho mu mateka.

Ibyahumetswe bigira icyo bivuga ku byiyumvo muri aya magambo: « Umwanzi abuza benshi muri mwe gusenga, akoresheje kubabwira yuko mutiyumvamo umurimo w'amasengesho yanyu, kandi ko byababera byiza mubanje gutegereza kugeza igihe mwiyumvisemo umwuka ubatera gusaba, ngo bitaba ibyo, amasengesho yanyu akaba ari nk'igitutsi. Ariko mugomba kubwira Satani muti : « Byanditswe ko 'abantu bakwiriye gusenga iteka, ntibacogore'. Dukwiriye gusenga kugeza igihe twumvise ko umutwaro w'ibyo dushaka uturi ku mutima ; kandi nitwihangana, tuzabibona. Imana izaduha Mwuka wayo Wera. »¹⁷ Ikindi kandi, igihe twumva tudashakaga gusenga, ni cyo gihe dukwiriye gusenga cyane. « Nidukora dutyo, tuzacagagura imitego ya Satani, ibicu by'umwijima bizatamuruka, kandi tuzajya twabona uburyohe buva mu kuba Yesu yahageze. »¹⁸

Amwe mu magambo nkunda yerekeye isengesho, ari mu gatabo gato kitwa Kugana Yesu. Muri ako gatabo Ellen White yaranditse ati : « Ni ukubera iki abahungu n'abakobwa b'Imana biganyiriza gusenga, kandi isengesho ari urufunguzo ruri mu kiganza cyo kwizera, rufungura ububiko bwo mu ijuru ahabitse ubutunzi budashira bw'Ufite ubushobozi bwose ? »¹⁹ Bibiliya iratubwira iti : « Bibabere uko mwizeye » (Matayo 9 :29). Iravuga kandi iti : « ...mwizere...kandi muzabihabwa (Mariko 11 :24).

Murabibona yuko isengesho ari urufunguzo, ariko kwizera ni ko gutuma bikoreka. Kwizera ni imbaraga ikaraga urufunguzo mu ngufuri maze urugi rugakinguka. Kandi gukora gutyo kuko kwiringira Imana, kwiringira yuko inyuma y'urwo ruji rukinze hari imigisha itangaje. Mbese dufite ubushake bwo kwiringira Imana muri iki gihe, tutitaye ku byo twiyumvamo, maze tugakaraga urufunguzo mu rugo rwinjira mu bubiko bwo mu ijuru ?

Mbese tuzageza ryari kubaho nk'aho Imana idashobora kwiringirwa? Mbese tuzageza he gukomeza gutegereza ko amarangamutima yacu (ibyo twiyumvamo) atubwira ko turi mu nzira nyayo ? Muri iyi minsi iheruka, Imana yifuza cyane gusuka Mwuka Wayo Wera ku bwoko bwayo, nyamara mbere yuko ibikora, irashaka kumenya niba turi abiringirwa bo kumuhabwa. Ishaka kumenya niba tuzamukurikira, *twaba tubyiyumvamo cyangwa tutabyiyumvamo*. Kubera ko iyo umwanzi arebye akabona ko hari abantu bazakurikira Yesu *baba babyiyumvamo cyangwa se batabyiyumvamo*, amenya yuko iminsi ye ibazwe. »²⁰

Kwizera gushobora gusobanurwa mu buryo bwinshi, nyamara kugira ngo tubivuge neza mu ncamake, mu buryo bworoshye kwizera ni : icyizere mu Mana gishikamye, gitinyuka, kidacogora, kitanyeganyezwa, kidasubira inyuma, mu Ijambo rya Yo no mu bushobozi bwayo ko izakora ibyo Yo yasezeranye—yemwe n'igihe tutari twabibone.

Bibiliya idutera umwete ngo: « Hahirwa abizeye batabonye (Yohana 20 :29). Igihe dutinyuka gusaba ibirenze, Imana idufashe tube muri iri tsinda ry'abizera mbere y'uko babona!

-----Uko turagikoresha mu minsi 40, reba urupapuro rwa gashunda ukwarwo-----

(Umugabane usigaye w'ibi byigisho ni ah'ubutaha, Umwami Imana nibishaka.)

**DUKORE TURI NO KU MAVI – NIHO HABA IMBARAGA N'INSINZI BIDASHIDIKANYWA
NITUMENYA IMANA IYO IRI YO – TUZATINYUKA KUYISABA IBIRENZE**

IBITABO BYAVUZWEHO (ENDNOTES in brief)

IRIBURIRO

1. Ellen White, Counsels for the Church (1991), 319
2. Ellen White, Ministry of Healing (1991), 509

IGICE CYA 1

1. How Many Stars (Internet)
2. How "Fast is the Speed of Light" (Internet)
3. "Observable Universe" (Internet)
4. Patriarche and Prophets (2005), 116
5. Gospel Workers 1915), 60
6. Gospel Workers, 52
7. Christian Service (1947), 261
8. Ellen White, The Upward Look , 195
9. Christian Service, 254
10. The Disire of Ages (2005), 672
11. The Review and Herald , May 19,1904

IGICE CYA 2

1. Steps to Christ (2002), 105
2. Francis D Nichol SDABC, 2: 1004
3. E. White , From Eternity Past, 361,362
4. E. White, Welfare Ministry 123,124.
5. Claude Chilton Jt
6. Bounds, The Complete Work of E.M on Prayer, 460

IGICE CYA 3

1. Steps to Christ, (1956), 93
2. Christ Object Lessons (1941), 129,130
3. Exodus 32: 11-13
4. Patriarch and Prophets, 318
5. Eric and Leslie Ludy, Wrestling Prayer, 18,19
6. "Indite" means God arrange everything in a way all brings to Yes (in brief)
7. E. G. White, General Conference Bulletin, April 2,1903, para 6
8. Pacific Union Recorder, February 16,1905 para 5
9. Ibid, 159,160.

IGICE CYA 4

1. Visit
2. Gred Budd, Kidnapped,
3. Gospel Workers, 161
4. Desire of Ages, 300
5. In V. Raymond Edman, They Found the Secret, 20,21
6. Ibid, 21
7. Ibid, 13,14

IGICE CYA 5

1. Captain E.G..., Praying Hyde, ... , 22
2. Ibid, 23
3. Christ Object Lesson, 69
4. Ibid, 145
5. Steps, 98
6. Great Controversy , 209
7. Ibid, 210
8. Ibid
9. In Heavenly Place, 82
10. White, Testimony to Southen Africa, 67
11. Jer 33:3; Is 55:8; Mat 7:7; James 4:2; Mat 6:33

IGICE CYA 6

1. Ron E. M. Clouzer, Adventism Great Need, 166
2. The Review and Herald, March 19,1895
3. Adventist Greatest Need, 168
4. Patriarche and Prophets, 203
5. White, Sermons and Talk,1:391
6. Jerry Page, Revival and Reformation website
7. J.Oswald Sanders, Prayer Power unlimited,120
8. Selected Message, 124
9. Counsels ofr the Church,185,186
10. Ibid, 185
11. Ricardo Abraham, Pray About It, 1740

IGICE CYA 7

1. Gospel Workers, 258
2. Wesley L. Duewel, Mighty Preveling Prayer, 157,158
3. Disire of Ages, 125
4. Manuscripts Release, 9:303
5. Evangelism, 414
6. Pseudonyme

7. Ibid
8. Ibid
9. Interview
10. www.armeministries.org
11. SRME stands for Adventist Revival Movement for the End Time?
12. Review and Herald, June 30, 1896

IGICE CYA 8

1. Pastor Jerry Page is now Ministerial Association Secretary in GC
2. The Great Controversy, 525
3. Christ'Object Lessons, 331
4. Acts of Apostles, 594
5. www.asapministries.org
6. Ibid
7. In "Quotes of Prayers", Internet UL
8. Norman, The Story of a Life Lived for God, 231
9. Ibid, 245
10. Ibid, 253
11. Ibid, 257
12. Patriarch and Prophets, 550
13. In Heavenly Places, 75
14. Bound, The Complete Work of E. M. Bounds in Prayers, 447

IGICE CYA 9

1. Author unknown,
2. Testimonies, 1: 158
3. Education, 260, 261
4. Greg Budd, One Miracle After Another,
5. "Prayers Quotes" , Internet UL
6. www.christian-prayer-quotes
7. Ibid
8. Desire of Ages, 362
9. UL
10. White, Our High Calling

IGICE CYA 10

1. White, Message to Young People, 96
2. Manuscript Release, 7:224
3. Bounds, 464
4. "M Cheyne Quotations", UL
5. In The Secret Place, UL
6. Steps, 70

7. Child Guidance, 523
8. www.revivedbyhisword.org
9. www.whiteestate.org/about/egwbio.asp
10. Steps, 90
11. Web revival and Reformation
12. Prayers, 292
13. Steps, 94
14. Prayers, 10
15. Manuscript Releases, 19:258

IGICE CYA 11

1. Christ's Object Lessons, 315,316
2. Christian Service, 41
3. Patriarch and Prophets, 497
4. Christian Service, 227
5. Gospel Workers, 272
6. Steps to Christ, 47
7. Review, June 4, 1889

IGICE CYA 12

1. "Great Walls of China", UL
2. Talk by Eric and Leslie, unkown date
3. Taken from the "Secret Shield"
4. The Ministry of Healing, 113
5. See Exodus 15:26; Ps 30:2; Jer 30:17; Ez 36:26; 2 Cor5:17; James 5:14; 3Jn1:2
6. Christ's Object Lessons, 205,206
7. Paul Washer, The Gospel Power and Message, 62
8. Steps, 52
9. The Ministry of Healing, 470,471

IGICE CYA 13

1. Inspired by "The Secret Shield"
2. Counsels on Stewardship, 85
3. White, Prayers, 276
4. Christ's Object Lesson, 158

IGICE CYA 14

1. The Disire of Ages, 352
2. Our High Calling, 330
3. Quoted in Clouzer, Adventist Greatest Need, 148
4. Christ's Object Lessons, 148
5. White, Mind, Character, and Personality, 2:650,651

6. Steps, 23
7. Christ' Object Lessons, 157
8. Counsels for the Church, 78
9. Testimonies for the Church 8:21

IGICE CYA 15

1. Great Controversy, 600
2. White, Darkness Before Dawn, 12
3. Disire of Ages, 713,714
4. Testimonies for the Church, 5:294
5. Great Controversy, 621
6. Steps, 57
7. Prayer, 101
8. Steps, 34
9. Desire of Ages, 125
10. Pastoral Ministry, 25

IGICE CYA 16

1. See Numbers 13:28,31
2. Numbers 14:7,8,13.30
3. Patriarch and Prophets, 388
4. Numbers 14:11
5. Numbers 14: 23,28,29,31,34
6. Patriarch and Prophets, 293
7. Prophets and Kings, 243
8. Patriarch and Prophets, 657
9. Education, 253,254
10. Testimonies, 6:393
11. Christ's Object Lessons, 147
12. Evangelism, 633
13. White, The Bible Echo, September 24, 1894
14. LeRoy Froom, The Coming of the Conforter, 157
15. Our High Calling, 119
16. Froom, 156
17. White, Prayer, 268
18. Lift Him Up, 372
19. Quote by George Bernard Shaw, cited in a sermon by Shane Anderson

MELODY MASON

